# INYIGISHO ZA OMEGA

**Abridged Edition**

Ibyigisho byifashishwa mu

## Ikigo Cy'amahugurwa Cy'abashinga Amatorero.

Byateguwe na Jerry C. Wofford, Ph.D.

# UBURYO BWO GUKORESHA IZI GAHUNDA Z'ABIGISHA.

Inyigisho za Omega zitanga ingingo nziza cyane zitoza abashinga amatorero ndetse zikanabayobora mu nzira yo gutangiza itorero rishya. Ku iherezo ry'igitabo cya gatatu, umwigishwa agomba kuba yaratangije nibura itorero rishya rimwe abishobojwe no kwiga amasomo yose ari muri icyo gitabo, kandi agakora ibikubiye mu gice cy'Iteganyamigambi kiri ku mpera ya buri somo. Iyo ukoresheje Umuteguro w'Umwigisha, inyigisho za Omega zihinduka nk'igitabo cy'amabwiriza cy'umutoza. Umuteguro w'umwigisha uteguwe ku buryo wibanda cyane ku kuzuzanya no gukorera hamwe, kugira ngo amabwiriza ya ngombwa arimo ashobore gushyirwa mu bikorwa neza. Inyigisho za Omega zigomba gukoreshwa. Zigomba gukoreshwa nk'igikoresho cyo gutoza abigishwa gushinga amatorero mashya, kugira ngo zigire umumaro mu gusohoza Inshingano Nkuru.

Isomo rihabwa abigishwa rigomba kuba rihuje n'inyigisho za Omega ku buryo bushoboka bwose. Umuteguro w'Umwigisha ziteganya ko umwigishwa adashobora kubona inyigisho za Omega ngo azisome. Ibyo bikunze kubaho iyo umwigishwa akoresha ururimi inyigisho za Omega zitarasobanurwamo. Icyakora, umwigisha agomba kuba ashobora gusoma inyigisho za Omega kugira ngo ategure amahugurwa. (Uyu muteguro ariko ushobora no gukoreshwa aho abigishwa bashobora kubona Inyigisho za Omega). Abigishwa bagomba kuba ari bake, batarenze mirongo itatu. Mu bigishwa 10 cyangwa barenzeho, hagomba gukoreshwa amatsinda mato kugira ngo abantu bungurane ibitekerezo. Nyuma y'impaka, usabe umuntu umwe muri buri tsinda kubwira abandi ibitekerezo bagezeho. Ku bindi bibazo biri muri uyu Muteguro, igisubizo kiba cyanditswemo. Mu gihe umwigishwa yaba afite igitabo kirimo ibisubizo, umusabe gusobanura igisubizo, kandi usuzume ibyo avuze uko bifite ishingiro.

Abigisha bagomba kwitegura basoma Umugambi w'Inyigisho, Ingingo z'ingenzi, Ibyifuzwa Kugerwaho, Ibitekerekerezo bihabwa Abigisha, ibyo byose bikaba biboneka mu ntangiriro ya buri somo mu gitabo cy'inyigisho za Omega. Buri gihe utange Iteganyabikorwa riri muri iyi Gahunda z'Umwigisha. Niba abigishwa badafite izi Gahunda, usome Iteganyabikorwa incuro nyinshi ku buryo buri mwigishwa ashobora kubyandika. Ubanze wige Isomo rya Omega witonze mbere yo kwigisha. Ushobora no gutanga Itenganyabikorwa riboneka mu gitabo cy'Inyigisho za Omega ariko ritari muri iki gitabo. Umwigisha wabyitoje neza ashobora gufasha n'abigishwa batazi ururimi izi nyigisho zateguwemo, cyangwa se abatazi gusoma. Icyo gihe, imirongo y'Ibyanditswe byera, kimwe n'ibibazo, bigomba gusomwa n'ijwi riranguruye.

Intumbero y'aya masomo n'ukwiga Bibilia ku buryo busangiwe. Ingingo zo muri Gahunda z'Umwigisha ziri mu tuzu, zatanzwe nk'amabwiriza ku mwigisha. Igihe bishoboka usabe abigishwa gusoma imirongo muri Bibilia zabo. Nubwo haba nta kibazo giteganijwe, usabe abigishwa kungurana ibitekerezo ku murongo basomye niba hari umwanya. Abigishwa bagomba kwandika neza ibyo biga mu ishuli. Amagambo yanditswe mu nyuguti zisize cyane, agomba kwandikwa ku kibaho, cyangwa ku gipapuro kinini, kugira ngo abigishwa babyandikure neza.

Izi Gahunda z'Umwigisha zigamije kwigisha mu buryo buhinduka, bushimishije kandi bunoze. Inyigisho zigomba gutangwa mu munezero, mu bwitange no mu bufatanye. Buri somo rimara isaha imwe. Umwigisha agomba kwihatira kutangira no kurangiza ku gihe.

IBIRIMO


## IGITABO CYA MBERE

Intumbero yo Kugwiza Amatorero
    Isomo rya 1: Imitekerereze ya "Z"
    Isomo rya 2: Inshingano Nkuru no Gushinga Amatorero
    Isomo rya 3: Uruziga rwo Gushinga Amatorero
    Isomo rya 4: Amahame y'Ubushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka)
Umugereka: Gusobanukirwa Agace Ukoreramo
Umugereka: Urugero rw'Urutonde rw'ibibazo.
Itorero
    Isomo rya 1: Urufatiro rwa Bibiliya ku byerekeye Itorero
    Isomo rya 2: Umugambi w'Itorero
    Isomo rya 3: Imiterere n'Imikorere
    Isomo rya 4: Ubusobanuro bw'Itorero ry'ahantu.
Imyifatire y'Umwuka
    Isomo rya 1: Gutsindishirizwa no Kwizera
    Isomo rya 2: Kubeshwaho n'Ubutumwa Bwiza
    Isomo rya 3: Gukura mu Bukristo
    Isomo rya 4: Imbaraga zihindura z'Ubutumwa bwiza
    Isomo rya 5: Guhorana ingengabihe mu Mwuka
Amasengesho
    Isomo rya 1,2: Amasengesho yo Guhuza Umutima
    Isomo rya 3: Uburyo bwo Kuyobora Amasengesho.
Uburyo bwo Kwiga Bibiliya
    Isomo rya 1: Intangiriro yo Kwiga Bibiliya Yisobanura
    Isomo rya 2: Kwitegereza Ijambo ry'Imana
    Isomo rya 3: Ibiganiro ku byerekeye Kwitegereza
    Isomo rya 4: Gusesengura Ijambo ry'Imana
    Isomo rya 5: Ibiganiro ku Gusesengura
    Isomo rya 6: Gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana
    Isomo rya 7: Ibiganiro ku Gushyira mu Bikorwa
Ivugabutumwa
    Isomo rya 1: Intangiriro ku Ivugabutumwa
        Amahugurwa y'inyongera n'asimbura ku Gasanduku k'Ubutumwa
    Isomo rya 2,3: Gutegura Ubuhamya bwawe bwite.

## IGITABO CYA KABIRI

Intumbero yo Kugwiza Amatorero
    Isomo rya 5: Ishingiro rya Bibiliya ku Gushinga Amatorero
    Isomo rya 6: IIganiro ku Bushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka)
    Isomo rya 7: Gushaka Umutungo Ukoresheje Ubushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka)

Itorero
    Isomo rya 5: Imiterere y'Itorero

Isomo rya 6: Imikorere Rusange y'Itorero
Isomo rya 7: Gutegura Indahiro y'Itorero Rifite Intego
Isomo rya 8: Ibitekerezo-shingiro by'umurimo wo Gushinga Amatorero
Imyitwarire y'Umwuka
Isomo rya 6: Kubaho nk'Abana aho kubaho nk'Impfubyi
Isomo rya 7: Kwiga kuba Abana
Amasengesho
Isomo rya 4: Amasengesho yo Guhuza Umutima
Ubuyobozi
Isomo rya 1: Amahame ya Bibiliya yerekeye Ubuyobozi
Isomo rya 2: Igishushanyo cy'Umuyobozi
Umugereka: Umuyobozi
Amatsinda
Isomo rya 1: Imikorere n'Inyungu z'Amatsinda
Isomo rya 2: Amahame y'Ubuyobozi bw'Amatsinda
Umugereka: Abarima umushike
Umugereka: Urugero rw'Ibikorwa by'Itsinda riteranye
Isomo rya 3: Gutangiza Itsinda
Isomo rya 4: Ivugabutumwa mu Itsinda
Umugereka: Ibyerekeye "Oikos"
Isomo rya 5: Imyitozo ku Matsinda
Isomo rya 6: Ibitekerezo-fatizo ku Murimo w'Amatsinda
Uburyo bwo Kwiga Bibiliya
Isomo rya 8: Uburyo Bunyuranye bwo Kwiga Bibiliya Yisobanura
Isomo rya 9: Kuyobora Inyigisho za Bibiliya Yisobanura
Umugereka: Inyigisho ya Bibiliya Yisobanura kuri Matayo 20:17-28
Isomo rya 10,11: Ibiganiro ku byerekeye Kuyobora Inyigisho za Bibiliya Yisobanura
Ivugabutumwa
Isomo rya 4: Ivugabutumwa no Gushinga Amatorero
Isomo rya 5: Inzitizi z'Ivugabutumwa Rinoze
Isomo rya 6: Urugendo rwo Guhinduka (Gukizwa)

## IGITABO CYA GATATU

Intumbero yo Kugwiza Amatorero
Isomo rya 8: Intambwe ya Mbere
Isomo rya 9: Ibigize Urunana rwo Gushinga Amatorero
Itorero
Isomo rya 9,10: Itorero n'Impano z'Umwuka
Isomo rya 11: Ibishyigikira Itorero mu Bantu
Imyifatire y'Umwuka
Isomo rya 8,9: Amategeko n'Ubutumwa Bwiza
Isomo rya 10: Kwihana mu buzima bwa buri munsi
Amasengesho
Isomo rya 5: Gusenga no Kwiyiriza Ubusa
Isomo rya 6,7: Amasengesho yo Guhuza Umutima
Ubuyobozi
Isomo rya 3: Imbibi z'Ubuyobozi

Isomo rya 4: Intangiriro ku gukorera mu Ikipe
Isomo rya 5: Kwubaka Ikipe
Amatsinda
Isomo rya 7: Imbaraga zo Kujya Impaka mu Matsinda
Amatsinda: Urugero rw'Ibibazo bigibwaho Impaka mu Matsinda
Isomo rya 8: Kwita ku Bantu mu Matsinda
Isomo rya 9 :Gutoza Abayobozi Bashya b'Amatsinda
Ivugabutumwa
Isomo rya 8 : Ivugabutumwa ry'Ubucuti
Guhindura Abantu Abigishwa
Isomo rya 1 : Intangiriro ku Guhindura Abantu Abigishwa
Isomo rya 2 : Uruhare rwawe mu Guhindura Abantu Abigishwa
Isomo rya 3 : Menya Intego Yawe, Menya Abantu Bawe
Isomo rya 4: Gufasha Abigishwa Gukura mu Mwuka
Umugereka: Isuzuma ry'Ubukene bwo Gukura mu Mwuka
Isomo rya 5: Impapuro zuzuzwa zo Guhindura Abantu Abigishwa
Umugereka: Gahunda yo Guhindura Abantu Abigishwa
Intambara y'Umwuka
Isomo rya 1: Gusobanukirwa Imitekerereze
Isomo rya 2: Ibishyigikira Intambara y'Umwuka
Isomo rya 3: Ibitero byo mu Mwuka

## IGITABO CYA KANE

Itorero
Isomo rya 12: Inishyigikira Itorero Rikivuka
Isomo rya 13: Ibiranga Itorero Rikura
Isomo rya 14: Ubuyobozi bw'Itorero n'Inzego Zaryo
Imyifatire y'Umwuka
Isomo rya 11: Urukundo nk'Urufatiro rw'Umurimo
Isomo rya 12: Gusobanukirwa Umutima wa Kibyeyi
Isomo rya 13: Ubuntu Buhabwa Abicisha Bugufi
Amasengesho
Isomo rya 8,9: Amasengesho yo Guhuza Umutima
Ubuyobozi
Isomo rya 6: Ubuyobozi bw'Ubugaragu
Isomo rya 7: Ibishyigikira Ubuyobozi
Isomo rya 8: Uburyo Butandukanye bwo Kuzuzanya
Isomo rya 9: Ibikenerwa mu Buyobozi
Isomo rya 10: Gutoza Abayobozi Bashya
Umugereka: Ibyangombwa Byifuzwa ku Muyobozi Mushya.
Amatsinda
Isomo rya 10: Ibiganiro ku Bibazo n'Ingorane Ziba mu Matsinda
Isomo rya 11: Kugwiza Amatsinda
Guhindura Abantu Abigishwa
Isomo rya 6: Ibiganiro ku Guhindura Abantu Abigishwa
Kuba Igisonga
Isomo rya 1: Intangiriro ku Kuba Igisonga

Isomo rya 2: Kuba Igisonga ku Mafaranga
Isomo rya 3: Gukoresha Igihe
Isomo rya 4: Gutegura Igenamigambi
Isomo rya 5: Ibiganiro ku Gutegura Igenamigambi
Umuryango
Isomo rya 1: Inshingano Zitangwa na Bibiliya mu Muryango
Isomo rya 2: Kurera

## IGITABO CYA GATANU

Intumbero yo Kugwiza Amatorero
Isomo rya 13: Intumbero no Kureba Kure
Isomo rya 14: Impuruza
Isomo rya 15: Intambwe Zikurikira
Itorero
Isomo rya 15: Gucyahwa mu Itorero
Isomo rya 16: Iteraniro Rikwiriye mu Itorero ry'Ahantu
Isomo rya 17: Uko Wayobora Iteraniro Rikwiriye
Imyifatire y'Umwuka
Isomo rya 14: Umurimo w'Ubwiyunge
Isomo rya 15: Ubunyangamugayo bw'Abashinga Amatorero
Amasengesho
Isomo rya 10: Kuyobora Amasengesho y'Urunana rwo Gushinga Amatorero
Isomo rya 11,12: Amasengesho yo Guhuza Umutima
Ubuyobozi
Isomo rya 11: Guhagurutsa Abayobozi
Isomo rya 12: Ubuyobozi bw'Urunana
Amatsinda
Isomo rya 12: Amatsinda Agwiriye Agize Itorero ry'Ahantu
Isomo rya 13: Ubugenzuzi bw'Amatsinda
Kubwiriza
Isomo rya 1: Kubwiriza muri Bibiliya I
Isomo rya 2: Kubwiriza muri Bibiliya II
Isomo rya 3 :Kubwiriza muri Bibiliya III
Umuryango
Isomo rya 3 : Gukora Umurimo mu Muryango

# Igitabo Cya Mbere Cya Gahunda y'Amahugurwa Ya Omega

## INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO --- GAHUNDA YA 1

### Imitekerereze ya "Z": Icyo Imana ishaka ni iki?

**I. IMITEKEREREZE YA "Z" NI IKi?** Somera abigishwa ibi bikurikira :

**"Z" – ni iherezo ry'ibyo Imana yifuriza igihugu, akarere, umujyi, umudugudu cyangwa abaturanyi.** Z yakoreshejwe kubera ko ari inyuguti iheruka izindi, nkuko Omega ari yo nyuguti iheruka izindi mu kigiriki.

| |
|---|
| Saba abatozwa batandukanye basome iyi mirongo baranguruye ijwi: Yohana 3:16, 1 Tim.2:3-4, 2Pet.3:9. Hanyuma ubaze ibibazo bukirikira ishuri ryose: (NIBA BARENZE 9 UBAGABANYE MU MATSINDA MATO) |

1. Buri murongo muri iyi uratubwira iki ku cyo Imana yifuza giheruka ibindi?
2. Ni ubuhe buryo bumwe Imana ikoresha kugira ngo igere ku cyo ishaka?
3. Ni ikihe gikoresho cy'ibanze Imana ikoresha kugira ngo igere ku cyo ishaka (igisubizo: "Itorero"
4. Ese haba hari ikindi kintu Imana irimo gukoresha kurushaho muri iki gihe?
5. Imana irashaka iki ku gihugu cyanjye, akarere, umujyi, umudugudu cg abaturanyi? Andika igisubizo mu nteruro imwe.
6. Ni buryo ki "Z" yagerwaho mu guhugu cyawe, mu karere, mu mujyi, mu mudugudu cg mu baturanyi?
7. Ese ibyo nkora ubu byaba bigaragaza bite ibyo nizera ko Imana ishaka?

**II. GUSHINGA AMATORERO AGWIRIYE**

Ni buryo ki twarangiza Inshingano Nkuru?

| |
|---|
| Shushanya cyangwa ushake ikarita y'umujyi cg umudugudu wanyu. Erekana ahari amatorero hose hashoboka mu mujyi cg umudugudu wanyu kandi uvuge uko angana. Andika umujyi cyangwa umudugudu wanyu ungana ku ikarita. Saba ishuri ryose rigufashe kuri iyo karita. |

Mwaba muzi itorero rivuga ubutumwa riri muri ______________ (iwanyu) naba nibagiwe?
Niba twemeranije ko hakwiriye itorero rimwe ku bantu 1,000, ubwo twaba dukeneye amatorero mashya anagahe muri ___________ (iwanyu)

| |
|---|
| Saba abanyeshuli batozwa gushinga amatorero basome buri murongo muri iyi. |

1. Iyi mirongo iratubwira iki ku mugambi w'Imana wo kugeza ahantu Ubutumwa bwiza? Yesaya 11:9, Mariko 13:10, Matayo 24:14, Luka 24:45-47
2. Iyi mirongo iratubwira iki ku murimo wacu wo gusohoza ibyo Imana yifuriza isi?
Matayo 28:18-20, Ibyak. 1:8

**III. INTAMBWE ZIMWE Z'INGENZI ZATUGEZA KURI "Z"**

| |
|---|
| Soma amagambo aciyeho akarongo hanyuma ubaze ibibazo byanditswe. (Niba ishuri ririmo abantu barenze 9 ubagabanyemo amatsinda mato) |

A. **Amasengesho.** Ni iki usengera mu nshingano yacu yo kugera kuri "Z"? **Guteg. 7 :14, Mat 9 :38**
B. **Urukundo n'Ubumwe** – Kuki urukundo n'ubumwe ari iby'ingenzi mu kugera kuri « Z » **Yoh.13 :35, Yoh. 17 :21 :23**
C. **Intumbero -** Intumbero ni ifoto y'uko bizaba bimeze mu gihe kizaza Imana ifite kuri buri muntu, buri tsinda cyangwa buri torero. **Yoh. 3 :16, 1 Yoh. 2 :2, Mat. 9 :37.**

D. **Ivugabutumwa – Abaroma 10 :14-15)** Ni iki cyaduha amahirwe yo kubwira ubutumwa abatarizera bo mu karere k'iwacu ? Abizera barenga bate abo basangiye kwizera kugira ngo babwira abatarizera ubutumwa bwiza.

E. **Gushinga Amatorero mashya – Abef. 3:8011, Abef.4:11-13.** Iyo itorero rishya rishinzwe ahantu, abantu bahaturiye batigeze bumva ubutumwa buba bubagezeho. Ibyo se biterwa n'izihe mpamvu? Niba hari aho uzi byabaye, bwira bagenzi bawe maze mubiganireho.

**IV. IMITEKEREREZE YA "Z" ITUGEZA KU BIKORWA BYA "Z"**

Ibikorwa bibiri bikomoka mu mitekerereze ya "Z" ni Ugutanga **(2Abakor. 8:7, 2 Abakor. 9:6-7)** n'Ingamba za "Z".

1. Twakwizezwa n'iki ko amafaranga akenewe mu gushinga amatorero mashya azatangwa?
2. Ni ibihe bibazo by'ingenzi bigomba gusubizwa kugira ngo hashingwe amatorero mashya?
3. Ni izihe gahunda zigomba gutegurwa kugira ngo itorero ritegurirwe gushinga irindi torero rishya?

| |
|---|
| Itegereze ibibazo biri ku mpera y'iri somo mu Gitabo cya Mbere cy'Inyigisho za Omega. Toranyamo ibyo ubona ko byafasha abantu kungurana ibitekerezo. Niba nta mwanya ufite wo gufasha ishuri kuganira ku bibazo byose, koresha ibyo ubona ko bifitiye abo wigisha akamaro. |

**Iteganyabikorwa** (Soma cyangwa wandike ku kibaho kugira ngo abanyeshuri babyandike nabo)

Tangira gutekereza ingamba zo kugwiza amatorero mashya zirimo Amasengesho, urukundo n'ubumwe, intumbero, ivugabutumwa, no gushinga amatorero. Andika ibitekerezo byawe by'ibanze maze ubiganireho n'umutoza wawe cyangwa umwigisha w'iri somo.

Tekereza ku baturanyi bawe, umudugudu wawe, umujyi, akarere, igihugu. Hitamo igisubizo watanga ubajijwe ngo: "Ni iki Imana yifuriza ____________? Andika ibintu bitatu wakora kugira ngo "Z" igerweho mu gace k'iwanyu.

# INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO–Gahunda y'Amahugurwa 2 Inshingano Nkuru no Gushinga Amatorero Mashya: Kugwiza Abigishwa.

**I. GUSOBANUKIRWA INSHINGANO NKURU**

**Matayo 28:18-20**

"Guhindura Abantu Abigishwa" ni ryo shingiro ry'Inshingano Nkuru. Kubatiza no kwigisha bwari uburyo bwo gusohoza iryo tegeko. Ushaka kuba umuyoboke wa Yesu agomba kwihana no kwizera **(Mariko 1:15)** Umubatizo ni ikimenyetso na kashe byo kuvuka ibwa kabiri **(Tito 3:5, Abar. 6:3-4)**

**A. Umukoro: Muhindure Abantu Abigishwa**

1. Umwigishwa ni iki?
2. Ni mu buhe buryo duhinduramo abantu abigishwa kandi ni gute twumva ko ari umurimo w'Imana?
3. Umubatizo ufite gaciro ki mu guhindura abantu abigishwa?
4. Ni ayahe masomo y'ingenzi tugomba kwigisha igihe duhindura abantu abigishwa?

**B. Aho tugarukira: Bose**

1. Mu magambo twasomye haruguru ijambo "Byose" rivugwa incuro enye. Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu Izina rya Data wa twese, n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. Mushake ahanditswe "byose" maze muganire ku busobanuro bwa buri ncuro iryo jambo rivuzwe.

2. Muganire ku buryo Yesu, Paulo, n'itorero ryatatanye bahinduye abantu abigishwa aho bagiye hose. Ese baricaye bahindura abantu abigishwa (1) babigambiriye **(Mat.24:14)** (2) bumviye **(2 Abakor. 5:18-19)** cyangwa (3) kubera akarengane **(Ibyak. 8:1)**. Sobanura.


3. Ni gute isezerano rya Yesu riduha icyizere ko tuzagera ku ntego yo guhindura abantu abigishwa **(Yohana 15:4-5)?**
4. NI gute amagambo Intumwa Paulo yandikiye Abafilipi agaragaza icyizere afitiye isezerano riri mu **Abafilipi 1:6**?
5. Ni ibihe bikorwa n'imirimo byo mu Itorero ryawe bifite uruhare runini mu guhindura abantu abigishwa? Ese bihuje n'ibyifuzwa byose mu Inshingano Nkuru? Ese byanonosorwa neza gute?
6. Ese kwigisha no kuvuga ubutumwa byaba bigoranye cyane mu itorero ryawe mu kuzuza Inshingano Nkuru?

**II. INSHINGANO NKURU NO KUGWIZA AMATORERO.**
1. Gushinga amatorero mashya bigomba guhabwa umwanya wa mbere, kuko ari byo biri ku isonga mu gusohoza Inshingano Nkuru yatanzwe n'Umwami wacu. Ese **Matayo 24:14** hatubwira ko Inshingano Nkuru izasohozwa ryari?
2. Ivugabutumwa rishobora gukorwa no gushinga amatorero, n'ibikorwa byo mu matorero asanzwe, cyangwa n'ivugabutumwa ridashingiye ku itorero. Ese muri ibyo byose ni iki kirusha ibindi umumaro mu guhindura abantu abigishwa?
3. Muri rusange, ni gute wasuzuma Itorero ryawe uko risohoza Inshingano Nkuru? Ni gute rigira uburyo bunoze bwo kwigisha, kuvuga ubutumwa no guhindura abantu abigishwa.
4. Mu **Ibyak.1:8** turategekwa "kugenda". Ni mu buhe buryo itorero ryawe ririmo kugenda? Ni gute gushinga amatorero mashya byitaweho byakongerera itorero ryawe umurava wo kugenda?
5. Ese hari inzitizi mu itorero ryawe ribuza gushinga amatorero mashya? Niba ari byo izo nzitizi ni izihe? Ese zakurwaho zite?

**Iteganyabikorwa** (Soma cg wandike ku kibaho kugira ngo abanyeshuri babyandike nabo)
Tegura kandi uhindure abigishwa basengere igihugu cyanyu, n'ibindi bihugu, batangire batange amafaranga ya Misiyo, kandi batangire gutera intambwe z'ibanze zo gushinga amatorero mashya,
Bafite intumbero yo kugera ku madini yose.

## INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO–Gahunda Y'amahugurwa3. Uruziga rwo Gushinga amatorero mashya: Kugira Igishushanyo Kinini.

Uruziga rwo Gushinga Amatorero (Igishushanyo cya 3:1) Niba bishoboka shaka kopi y'iyi karita iyereke ishuli.




**I. ICYICIRO CYA 1. Amasengesho (Luka 10:2, Abefeso 6:18-19, Abakol. 4:2-4)**
IBIKORWA:
Shyiraho intumbero mu masengesho
Toranya ahantu ukorera ivugabutumwa no gushinga itorero rishya
Sengera abazagufasha nawe ubwawe.
IBY'INGENZI (Ushobora kutabona igihe cyo kuganira ku by'ingenzi biri mu byiciro birindwi)

- NI izihe mbaraga zo gusarura mfite? Ni iki Imana ishaka ko nkura mu karere k'iwacu ?
- Ni ibiki byihariye Imana iguha mu muhamagaro wawe no mu ntumbero yawe?
- Ni nde uzagufasha?
- Ni nde ukeneye gusengera? Ni iki ukeneye gusengera
- Ni ibihe byifuzo ufite mu murimo wawe bwite ukorera Imana.

**II. ICYICIRO CYA II. Ivugabutumwa. 1 Abakor.9 :19 :19-23**
IBIKORWA :
Shaka abayobozi bazwi wubake ubucuti nabo.

Bwiriza abazimiye
Tangiza amatsinda yo kwiga Bibiliya
Tangira umurimo wo gufasha abihanye
IBY'INGENZI :

- Ni ubuhe buryo bw'ivugabutumwa bukwiriye bwatugeza ku ntego zacu ?
- Ese twabonana dute n'abayobozi bazwi ? Ni ba nde? Twababona dute?
- Ni gute dutoza abizera bashya mu guhamiriza incuti zabo n'imiryango yabo ?
- Ni gute wamenya abandi bakorana nabo kugira ngo ubabwire ubutumwa ?

**III. ICYICIRO CYA III. Guhindura Abantu Abigishwa. 1 Abates. 5 :11**
IBIKORWA :
Hindura abihannye abigishwa
Toza abayobozi bashya
Igisha kwitanga no kugandukira Imana
Batere umwete wo kumera nka Kristo
Hindura abizera bashya abigishwa kubwo kumvira Kristo.
IBY'INGENZI:

- Ni gute wategura kandi ugahindura abigishwa itsinda ry'abantu?
- Ni gute abayobozi bashya b'amatsinda bazatozwa kandi bagakoreshwa.
- Ni gute hazashyirwaho ubuyobozi bunoze?

**IV. ICYICIRO CYA IV: Guteraniriza Hamwe Abaheb. 10:24-25**
IBIKORWA:
Agura ivugabutumwa mu ncuti n'abandi bakorana
Gwiza amatsinda
Tangira amateraniro ahoraho
IBY'INGENZI:

- Ni gute abayobozi bashya b'amatsinda bazatozwa kandi bagakoreshwa?
- Ni gute tuzabatiza abizera bashya? Ni nde uzabategurira ameza y'Umwami kandi ryari?
- Ni gute uzatangiza ubugingo bw'umubiri ? Abizera bashya bazakirwa bate muri wo?
- Tuzaterana ryari? Tuzateranira he? Tuzatumira abantu dute?
- Ni ubuhe buryo tuzakoresha ngo tugere ku bo dushaka? Tuzagira amateraniro ameze ate?

**V. ICYICIRO CYA V. : Tegura Abayobozi 2 Tim. 2:2**
IBIKORWA:
Shyiraho ibyangombwa umuyobozi ukenewe muri buri murimo aba yujuje.
Genzura impano z'abizera bose
Toza abayobozi b'amatsinda
Tanga inshingano ubohereze mu murimo
Shyiraho inzego n'amashami uteganya mu murimo.
IBY'INGENZI:

- Ni gute tubona abizera bashya no kuvumbura impano zabo? Ni nde uzabatoza?
- Ni ibiki bakeneye guhugurwamo? Bazahugurirwa hehe kandi amahugurwa azakorwa ate?
- Abayobozi bigaragaza ni bande ? Ni ubuhe bushobozi n'impano bafite ? Ese ni abizerwa, bakora nk'abagaragu ?
- Ese abamaze guhugurwa bazakora he ? Aho hantu ni ibiki bikenewe by'ibanze? Imirimo yabo aho hantu izatangira ryari? Bazagenzurwa na nde? Inshingano zabo ni izihe?

**VI. ICYICIRO CYA VI: Gwiza Ibyak. 1:8**
IBIKORWA:
Toza abayobozi gushyiraho amakipe yo gushinga amatorero mashya
Hugura abakozi mu mirimo no mu nzego zinyuranye
Shaka ahantu hashya wumva uyoborwa gutangira umurimo mushya
Tegura kandi uyobore ibikorwa by'ivugabutumwa neza
Toranya kandi ushyireho abayobozi mu byiciro byose by'umurimo

IBY'INGENZI:

- Ni ubuhe bushakashatsi bukeneye gukorwa? Ni nde uzabukora? Ese hari amoko y'abantu bataragerwaho n'Ubutumwa? Ese muri bo harimo abashobora kuba abayobozi ngo batozwe?
- Ni izihe ntego zikwiriye gushyirwaho ngo zizagerweho? Ni nde uyobora amasengesho yo gushyigikira uyu murimo?
- Ni nde ushyiraho kandi ugenzura imirimo mishya yose? Ni nde uzakomeza kubahugura?
- Ese hari indi mirimo ishobora kuzuzanya n'iyi? Ni nde watumira abayikoramo ngo dufatanye? Ni iyihe nkunga bazaba bateye imirimo yacu muri rusange?
- Ese dukeneye inyigisho zihanitse mu gutoza inzego zitandukanye z'imirimo yacu? Ni nde waziduha? Zizaterwa inkunga na nde?

**VII. ICYICIRO CYA VII: URUNANA Yes. 11:9**

IBIKORWA:

Gera ku byiciro byose by'abaturage
Shyiraho amabwiriza yo kwagura urunana
Erekana imishinga mpuza-mico amatsinda ashobora gutera inkunga
Tegura imyiyerekano y'amasengesho no guhimbaza
Shyiraho inyigisho zisumbuye ku bayobozi bakuru b'urunana

IBY'INGENZI:

- Ese urunana rurimenyekanisha ubwarwo, rurihagije, ruriyobora? Niba atari byo, hakorwa iki ngo rubigereho?
- Ni utuhe turere cyanga amoko ataragerwaho n'Ubutumwa? Ni iyihe mishinga Imana yashyize ku mutima wacu ngo tuyitangize ?
- Ni ayahe mahugurwa akenewe mu runana? Ni nde uzayatera inkunga?
- Ni abahe bayobozi bakora nk'intumwa mu runana? Dukorana na bo dute? Ni gute twabatera umwete no kubashyigikira? Ibyo bakeneye ni ibiki?

**ITEGANYABIKORWA:**

Ganira n'abo mukorana mu gushinga amatorero mashya ibyerekeye ibi byiciro birindwi. Babaze ibibazo kuri buri cyiciro ababwire uko ubitekereza.

# INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO - Gahunda Y'Amahugurwa 4

Amahame y'Ubushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka): Amakuru Atuma Tugira Intego Zinoze.

**1. UBUSHAKASHATSI (IKARITA YO MU MWUKA) NI IKI?**

**A. Ubushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka) ni uburyo bwo kwegeranya amakuru, ariko kandi bufite n'akandi karusho:**

**(1) Umurima w'ibisarurwa**
**(2) Imbaraga z'abasaruzi**

**B. Ubushakashatsi (Ikarita yo mu Mwuka) bufite inkomoko muri Bibiliya**

- **Kubara 1:1-5** Imana itegeka kubara abagabo bashobora kurwana
- **Kubara 13:1-4** Abatasi batumwe kwitegereza igihugu
- **Nehemiya 1:1-4; 2:1-6** Nehemiya asesengura uko Yerusalemu imeze mbere yo gutangira imirimo yo gusana inkike z'umujyi, anareba imyifatire y'abantu bagombaga gukora umurimo.
- **Matayo 9:35-10:1** Yesu yagiye mu bantu areba ubukene bwabo mbere yo kohereza abigishwa be gukora imirimo muri abo bantu.

- **Yohana 4:35** Umwami Yesu yategetse abigishwa be kureba (*kwitegereza* mu kigiriki) ibisarurwa by'imitima y'abantu.
- **Ibyak. 2:41,47; 4:4; 5:14** Harimo amakuru y'imibare y'abantu.

## II. UBUSHAKASHATSI BWAKORERWA HE?

| |
|---|
| Umwigisha agomba gutanga urugero – shaka cyangwa ushushanye ikarita y'ahantu ushaka gukorera, ushake amakuru yerekeye ako karere utanzeho urugero. Werakane ku ikarita ahari amatorero n'imiterere yayo; ndetse werrekane n'ahantu hakenewe umurimo (indiri y'amadini, ahakorerwa politiki, amasoko, ahantu hari amateka, n'ibindi...) |

Shaka amakuru ahagije yerekeye umurima w'ibisarurwa n'imbaraga z'abasaruzi aho hantu.
Bishushanye ku ikarita.
Werakane ku ikarita ahari amatorero n'imiterere yayo; ndetse werrekane n'ahantu hakenewe umurimo (indiri y'amadini, ahakorerwa politiki, amasoko, ahantu hari amateka, n'ibindi...)

## III. NI NDE UKORA UBUSHAKASHATSI?

- Ni nde uzegeranya amakuru ?
- Ni nde uzatanga ayo makuru mu ncamake ? Amakuru atangwa ku buryo atera abantu umwete n'imbaraga ku byo Imana ishaka gukora.

## IV. UBUSHAKASHATSI BUKORWA RYARI ?

Hari ibihe bitatu mu ruhererekane rwo gushinga amatorero, aho ubushakashatsi bugomba gukorwa :
A. Mu cyiciro cy'amasengesho : Mu myiteguro yo gushinga itorero.
B. Mu cyiciro cyo guteraniriza hamwe: Mu gusuzuma uko Itorero rihagaze.
C. Mu byiciro byo kugwiza no kubaka urunana: Kugira ifoto nini.

## V. KUKI ABASHINGA AMATORERO BAKORA UBUSHAKASHATSI?

A. Ubushakashatsi bubyutsa impuhwe kubw'abantu batuye muri ako karere.
B. Amakuru atuma abantu bakangukira amasengesho
C. Amakuru atuma abantu bagira intumbero yo gushinga amatorero mashya
D. Amakuru atuma abasaruzi barushaho gukora neza.

## VI. UBUSHAKASHATSI BUKORWA BUTE?

A. Kwitegereza
B. Ibiganiro
C. Impapuro z'ibibazo
D. Imibare y'ibarura ry'abaturage
E. Gusoma inyandiko

IBIBAZO BYO KWITABWAHO, GUSUBIRAHO NO GUSHYIRA MU BIKORWA.
Uratekereza ko ubushakashatsi bwawe buzavumbura iki mu gace ushaka gukoreramo ?
Ni izihe nyungu zo gukora ubushakashatsi mu karere ugiye gukoreramo ? Ubushakashatsi buzafasha bute itorero ryawe gukora neza imirimo yo gushinga amatorero mashya ?
Ni ibihe bintu bitanu cyangwa bitandatu wifuza kumenya kandi bizaha izindi mbaraga ibikorwa byawe byo gushinga amatorero mashya?
Hari abantu uzi bashobora gukora ubushakashatsi neza baramutse babihuguriwe?
Ese abaturage bo mu karere ugiye gukoreramo biteguye kumva Ubutumwa? Ni ibiki waba warabonye bituma wemeza ko abo bantu biteguye cyangwa batiteguye kumva Ubutumwa?

| |
|---|
| Uzakenera guha buri munyeshuri kopi y'imigereka 4A na 4B. Uyu ni umwitozo wa ngombwa cyane. |

## ITEGANYABIKORWA

Umugereka wa 4A ukubiyemo imyitozo y'ingirakamaro mu gukora ubushakashatsi mugace ugiye gukoreramo. Subiramo uwo mwitozo kandi uwuzuze mbere y'isomo rikurikira. Saba Imana ikoreshe uwo mwitozo mu

kubyutsa muri wowe amatsiko n'umutwaro kubw'abantu bo muri ako karere. Saba Imana ikoreshe ubwo bushakashatsi mu kuguha ibitekerezo by'ahantu n'uburyo bwo gushinga itorero rishya muri ako karere. Ushobora no guhindura bimwe mu rutonde rw'ibibazo biri mu mugereka wa 4B kugira ngo ubikoreshe mu bushakashatsi bwawe.

***INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO UMUGEREKA WA 4A***

# Gusobanukirwa Akarere Ukoreramo UMWITOZO W'UBUSHAKASHATSI

*Intego y'uyu mwitozo ni ukuguha inararibonye ku gikorwa cy'ubushakashatsi nk'igikoresho cyo gushinga amatorero neza. Ugerageze gukora ibice byose by'uyu mwitozo. Ushobora gusanga bimwe mu bice byawo byoroshye kuruta ibindi. Byaba byoroshye cyangwa bikomeye, Imana izaba ifite icyo ishaka kubikwigishirizamo cyerekeye ahantu n'abantu ushaka gukoramo umurimo. Si ngombwa gukora umwitozo wenyine. Ushobora gukorana n'abandi. Ndetse ni n'akarusho gukorana n'abandi aho bishoboka. Witegure kuganira n'umutoza wawe, ndetse n'abandi bose ibyo wavumbuye mu bushakashatsi. Uyu mwitozo kandi uzakoreshwa no mu gitabo cya kabiri.*

**Intambwe ya 1. Toranya akarere ko gukoreramo.**

Shaka cyangwa ushushanye ikarita y'umudugudu, umujyi cyangwa akaree. Ushake iriho amakuru menshi yerekeye abantu, aho batuye, amazina y'imisozi, imihanda. Shyira uruziga ku karere watoranije. Aho niho uzakorera imirimo yawe, aho wizeye ko Imana ishaka kumenyekanisha Izina ryayo, kandi ishaka ko hashingwa itorero.

**Intambwe ya 2. Shaka amakuru y'Imbaraga z'Abasaruzi.**

Nkuko bisobanuwe mu isomo rya 4: "Amahame y'ubushakashatsi", imbaraga z'abasaruzi ni ubutunzi bwose Imana yashyize muri ako karere busanzwe bukoreramo. Ushobora kumenya ubutunzi buri mu karere wahisemo uramutse witegereje ibi bikurikira:

**1. Amatorero asanzwe aho hantu.**

a. Shyira buri torero riri muri ako karere ku ikarita. Vuga uko ryitwa.

b. Niba bishoboka, vuga umubare w'abantu bakuze bahateranira.

c. Vuga umwaka iryo torero ryatangiriyeho cyangwa ryabyukijwe.

d. Vuga ikigero cy'abantu iryo torero ryibandaho (abatwa, abasore, abana, abatagira indaro, abakuze, abanyamahanga, n'abandi…) Ese imirimo yaryo ihagaze ite?

e. Umubano hagati y'amatorero ahari wifashe ute? Bafite ubumwe cyangwa amacakuburi?

f. Ese abantu bajya bahura bagasengera abazimiye bo mu baturanyi babo n'imirimo yo kubagezaho ubutumwa?

**2. Imiryango idashingiye ku itorero.**

a. Kora urutonde rw'imiryango mpuzamatorero iri muri ako karere

b. Sobanura muri make icyo ikora (ubwanditsi, amagereza, abayisilamu, urubyiruko n'ibindi…)

c. Ese bafite ubushake bwo gukorana nawe mu ivugabutumwa no gushinga amatorero?

**3. Amateka y'Ubukristo.**

a. Ese ubukristo bwageze muri ako karere ryari kandi bwaje bute? Ese abantu bahatiwe idini cyangwa bakiriye Ubutumwa ku bushake bwabo?

b. Vuga muri make uko buri torero ryaje muri ako karere.

c. Ni ayahe madini yandi yaba yaragize icyo asiga mu mitima y'abaturage b'aho hantu? Ni ayahe madini ahari kandi ni izihe mbaraga afite mu gushaka abayoboke?

d. Ayo mateka yose afite uruhe ruhare mu bikorwa byawe byo gushinga amatorero mashya?

**Intambwe ya 3. Shaka amakuru yerekeye umurima w'ibisarurwa.**

**Umurima w'ibisarurwa** n'abantu batandukanye uzakoreramo, n'ahantu runaka uzashinga itorero. Ibi bikurikira bizagufasha kumenya umurima w'ibisarurwa mu karere ukoreramo:

**1. Amakuru y'ibarura ry'abaturage**

a. Abaturage bose
b. Ijanisha ry'abaturage b'abagabo, abagore, abasore, abana
c. Umubare w'abakuru bakora... n'ibyo bakora bibatunze
d. Umubare b'abasaza, abatishoboye, ibimuga
e. Ijanisha ry'amoko nyamuke n'aho batuye. Bavuga uruhe rurimi?

**2. Amakuru y'imiterere y'akarere.**

Imiterere y'akarere igira uruhare runini ku ngamba zo gushinga amatorero. Bituma hamenyekana uko abantu batuye n'uko bagenderana. Urugero, niba hari umuhanda wa gariya moshi inyura mu gace k'umujyi. Uruhande rumwe rw'umuhanda rukaba rutuwe n'abantu bakize kuruta abo ku rundi ruhande. Bityo abantu bakaba badakunda kwambukiranya uwo muhanda. Nukuvuga ko uwo muhanda uba wabaye umupaka utagaragara ku buryo abantu badashobora kujya guterana mu itorero riri hakurya y'umuhanda. Urundi rugero ni umujyi waba uzengurutswe n'imisozi myiza cyane, ku buryo abantu ku cyumweru bahitamo kujya gutembera aho kujya guterana mu nsengero.

Ni ibiki bugabanije ako karere (imigezi, imihanda, gari ya moshi ...) Ese ibyo bifite ruhare ki mu bukungu, ku ngendo, ....)

Ese umujyi waba ukikijwe n'imisozi? Hari ibiyaga, inkombe z'amazi, amapariki cyangwa ahandi hantu ho kuruhukira ?

Niba akarere watoranije ari umujyi munini, erekana ahari inganda n'aho abantu batuye. Ese hari ahiganje amaduka ? Ese abantu batuye hafi y'aho bakora cyangwa bagomba gukora ingendo ? Ese uburyo bwo kugenda buhari ni ubuhe ? Abantu bagenda mu mamodoka yabo, muri bisi ... ?

NI hehe abantu bajya kwidagadura no kwinezeza ? Ese baguma mu mujyi bakajya mu busitani rusange ? Ese baruhukira mu ngo zabo?

**3. Amakuru yerekeye imibereho n'Imico y'abantu.**

Mu kwiga uburyo abantu babona isi n'ibyo bakenera, dushobora kumenya neza uko twabereka urukundo rwa Yesu Kristo ku buryo bubanogeye. Uburyo bwiza bwo kumenya imiterere y'abantu ni ukubabaza ibibazo no kureba imyifatire yabo. Genda mu karere watoranije uvugane n'abantu nka 15 cg 20. Gerageza kwiga ibi bikurikira:

Uko babona Imana.

Ese abo bantu bizera Imana? Ni ibiki bizera ku Mana? Ese bumvise ibya Yesu ? Ibyo bamuziho ni ibiki ? Ese bizera ijuru na gehinomu ? Ese bizera abamalayika n'abadayimoni na Satani ? Iyo barwaye bashakira ubufasha hehe ? Ese bizera amahirwe ? Ese bizera ko bashobora gutunganya imibereho yabo n'iy'abana babo mu gihe kiri imbere ? Bazi ko icyaha ari iki ? Ese bajya mu rusengero buri gihe ? Niba ari yego, ni kangahe ? Niba ari oya, kuki batajya guterana ?

Ni iyihe minsi mikuru ikunda kwizihizwa muri ako karere ? Abantu bayizihiza bate ?

Ibyo bakunda mu buzima kuruta ibindi ni ibiki ? Ni iki baba bakeneye guhindura ?

Ni iki babona nk'ikibazo cy'ingutu cyane mu karere kabo (ubusinzi, ubupfubyi, kwivuza nabi, abasaza batitabwaho, ...)

Imigani itatu bakunda guca cyane ni iyihe ? Mu migani niho hagaragarira ibyo babona ko ari byiza ndetse n'ibyo baha agaciro mu buzima bwabo.

Ni ba nde bagaragara nk'abayobozi muri bo ? Kuki se ari bo bagaragara nk'abayobozi ?

Ni izihe ntwari zemerwa ?

Vuga ibintu bitanu abo bantu baha agaciro kuruta ibindi ? (kuba umunyakuri, kugira ubwenge, kugira ubuntu, ...)

**Intambwe ya 4. Gusesengura amakuru yerekeye Umurima w'Ibisarurwa n'Imbaraga z'Abasaruzi**
***Ni amatorero angahe akenewe kugira ngo buri mugabo, buri mugore na buri mwana ashobore kubona, kumva, no gusobanukirwa Ubutumwa mu buryo buhuje n'umuco we ?***
Mu gihe umaze kwegeranya amakuru yose, umaze kwandika incamake no gushyira ibimenyetso ku ikarita, fata umwanya wo gusesengura no gutekereza kuri ayo makuru. Saba Imana iguhe impuhwe zayo ifitiye abantu bo muri ako karere. Saba Imana iguhe ibitekerezo bishya by'uburyo ushobora gukwiza urukundo rwayo muri abo bantu. Kubera izo mpamvu, usesengure amakuru wibaza ibi bibazo bikurikira
Ni amatorero anagahe akenewe kugira ngo Inshingano Nkuru isohozwe muri aka karere ? Ni amatorero angahe akenewe kugira ngo buri mugabo, buri mugore na buri mwana ashobore kubona, kumva, no gusobanukirwa Ubutumwa mu buryo buhuje n'umuco we ? Tangira gusenga Imana ikuyobore mu gukora icyo ishaka ko gikorwa.
Erekana uruhare rwawe : Muri ayo matorero akenewe ni angahe ugiye kwizerera Imana ko uzayashinga mu mirimo yawe ?
Hitamo aho utangirira : Ni bande uzatangiriraho ? Ese ni hehe abantu bumva kuruta ahandi ? Paulo yakundaga gushakira abantu bumva vuba mu masinagogi. Ni ho yakundaga gutangirira maze agakurikizaho kujya mu ncuti n'abantu bafitanye amasano.
Hitamo uburyo ukoresha : Ni ikihe kintu kimwe cyangwa bibiri abo bantu bakeneye kuruta ibindi ? Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu yandi matorero kandi bugira umusaruro mwiza ? Ni ibiki wakwitabaza biboneka muri ako karere byagufasha mu mirimo yawe ? Ibyo ufitiye impano n'ubushobozi ni ibiki ?
Hitamo ibyo ukoresha : Ni bande baboneka aho hantu kandi musangiye intumbero ? Ese hari abandi mushobora kuganira kuri iyi ntumbero kandi mugafatanya kugera ku ntego zayo ? Ni abahe bakozi, amafaranga n'izindi mpano bikwegereye ? Ese amatorero asanzwe muri ako karere afite umutwaro wo kuvuga ubutumwa no gushinga amatorero mashya ? Ese bahambukiye gukorera hamwe no gufatanya nawe muri uyu murimo ? Ese bahambukiye gusengera ivugabutumwa no gushinga amatorero kugira ngo Imana yigaragaze mu baturanyi babo?
Ese abantu bafite imyizerere isobanutse yerekeye Imana na Yesu Kristo? Ni hehe watangirira ubabwira Ubutumwa bwiza? (urugero; watangira ubabwira Yesu Kristo, cyangwa watangira uvuga Imana isumba byose, Umuremyi)?
**Intambwe ya 5: Amasomo wigiye mu Bushakashatsi (ikarita yo mu mwuka)**
Suzuma inararibonye uvanye muri uyu mwitozo. Ni iki Imana yakwigishije cyerekeye wowe ubwawe, icyifuzo cyawe cyo kugira uruhare mu runana rwo gushinga amatorero mashya? Ni izihe ngorane wahuye na zo ukora ubushakashatsi? Wazifashemo ute? Ni ibiki byakoroheye mu bushakashatsi? Ese usubiyemo ni ibiki wumva wakora mu bundi buryo?
**Intambwe ya 6. Kubwira abandi abyavuye mu bushakashatsi**
Mu isomo rikurikiraho, witegure kuza kubwira abandi ibyo wagezeho mu bushakashatsi. Urahabwa iminota iri hagati ya 10 na 15 kandi ibyo uvuga bibe birimo ingingo zikurikira:

1. **Igice cya 1** – Amakuru ya rusange yakusanyijwe (iminota 5-7)
   Sobanura agace wahisemo.
   Wakoresheje ubuhe buryo bwo gushaka amakuru (kubaza abantu, ibiganiro, kwitegereza, gusoma ibitabo, etc...)
   Vuga niba hari ibibazo by'inzitane wahuye na byo n'ukuntu wabyivanyemo. Ibyo wakora mu bundi buryo ubutaha ni ibiki ?
2. **Igice cya 2** - Gusesengura Amakuru (Ikarita yo mu mwuka) (iminota 5-8)
   Ibivugwa byose bigomba kwibanda ku byavuye mu bushakashatsi. Mu kuvuga ugomba

gusubiza ibibazo bikurikira :

Ni ayahe makuru yagutangaje wakuye mu karere no mu bantu b'aho ?
Ese hari amakuru yaba yaragutangaje ?
Ni bintu ki waba waravunbuye bizagufasha gusyiraho ingamba zo gushinga amatorero muri ako karere ?
Ni kintu ki cyerekeye gushinga amatorero waba warasanze wari ariko kikaba gihamijwe n'ibyo wabonye mu bushalashatsi.
Ni ibiki bindi wavumbuye byerekeye umurima w'ibisarurwa utari uzi mbere ?
Ni ayahe mahirwe wasanze Imana yarayateguye ?
Ni izihe ngorane wahoye nazo kandi wazivanyemo ute?
Ni ubuhe bushakashatsi bundi bukenewe kugira ngo ushobore gushyiraho ingamba zuzuye z'ivugabutumwa no gushinga amatorero mu karere wahisemo.

***INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO UMUGEREKA WA 4B***

## Urutonde rw'ibibazo

*Uyu mugereka urimo ubwoko bubiri bw'ibibazo: ibyerekeye itorero ry'ahantu, n'ibyerekeye imiterere y'akarere katoranijwe. Izi ni ingero gusa, ushobora kubihindura kugira ngo ubihuze n'icyo ushaka kugeraho.*

*UBUSHAKASHATSI KW'ITORERO RY'AHANTU*

**A. UKO RITEYE:**

1. Izina ry'itorero ____________________
2. Umuryango ribarizwamo ________________________________
3. Aho ribarizwa ________________________________________
4. Aho riteranira: Mu nyubako yaryo __________ Rirakodesha ________
5. Igihe ryatangiriye _________________________________________

6. Amazina y'Umushumba/Umuyobozi______________________Imyaka ________
7. Ese Umushumba afite indi mirimo? Yego______ Oya_____
8. Ururimi rukoreshwa cyane mu itorero ________________________ Izindi _______
9. Umubare w'abagize itorero ________________
10. Umubare w'abakunda guterana ______________

**B. ABANTU**

*Gerageza kuzuza imibare ukurikije ibyiciro*

| | Abaterana | | Abizera | | Abayoboke | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Imyaka | Gabo | Gore | Gabo | Gore | Gabo | Gore |
| 0 – 10 | | | | | | |
| 11 – 17 | | | | | | |
| 18 – 24 | | | | | | |
| 25 – 30 | | | | | | |
| 31 - 55 | | | | | | |
| 55+ | | | | | | |

***Ibyo twibwira:***

Abaterana bose si ko ari abizera cyangwa abayoboke

Umubare w'abaterana ushobora kuruta cyane uw'abizera n'abayoboke

Umuntu ashobora guterana, ari n'umwizera ariko atari imiyoboke.

Buri muyoboke agomba kuba umwizera

Umubare w'bizera ugomba kuba hasi y'umubare w'abaterana kandi ukaba hejuru y'umubare w'abayoboke.

Umubare w'ababatijwe: 92 ___93 ___94___95___96___97___98___99___2000___

Umubare w'imiryago (umugabo/umugore) baba mu itorero ______________

## C. GAHUNDA

*Reba ibi bikorwa byo se byo mu itorero uvuge abantu babizamo*

| Igikorwa | Itorero riragikora | Abakizamo |
|---|---|---|
| Ishuri ry'Icyumweru (imyaka) | | |
| Guhimbaza | | |
| Amatsinda y'urubyiruko | | |
| Amatsinda y'abana | | |
| Amatsinda y'abagore | | |
| Amatsinda y'abagabo | | |
| Gutumwa | | |
| Ivugabutumwa | | |
| Guhindura abantu abigishwa | | |
| Inyigisho za Bibiliya mu ngo | | |
| Kwigisha abizera bashya | | |
| Guhugura abayobozi | | |
| Amahugurwa y'abigisha | | |
| Amateraniro yo gusenga | | |
| Korali | | |
| Imirimo mu basilikare | | |
| Imirimo y'itorero rishya | | |

| | | |
|---|---|---|
| Imirimo y'ubwanditsi | | |
| Imirimo kuri TV/Radiyo | | |
| Imirimo mu magereza | | |
| Imirimo mu basinzi | | |
| Imirimo mu bitaro | | |
| Imirimo mu bigo by'imfubyi | | |
| Imirimo mu bigo by'amasaziro | | |
| Imirimo yo gusenga | | |

**D. IBYO RITEGANYA**

1. Hari gahunda z'imirimo zihariye muri uyu mwaka? Yego______ Oya ______
2. Izo gahunda ni izihe?
   ______________________________________________________________________________
   ______________________________________________________________________________
   ______________________________________________________________
3. Ese hari gahunda zatangiye z'umwaka utaha? Yego __________ Oya __________
4. Izo gahunda ni izihe
   ______________________________________________________________________________
   ______________________________________________________________________________
   _______________________________________________________________
5. Ese hari ikipe y'ubuyobozi ukorera itorero gahunda? Yego _____ Oya _____
6. Ese itorero rifite inyandiko y'imigambi? Yego _____ Oya _____
7. Ese Itorero rifite ingengo y'imali? Yego _____ Oya ___
8. Ese itorero rifite gahunda yo gufasha abizera gukura mu Mwuka? Yego ____ Oya ____
9. Ese itorero rifatanya n'andi matorero? Yego_____ Oya _____
10. Ese itorero rifatanya n'andi mashyirahamwe? Yego _____ Oya_____

**AMAKURU Y'IMITERERE Y'AKARERE**

**A. NDE?**

1. Haba hari abantu bihariye mu itorero "bavuga rikijyana"
   _________________________________________________________________________
   __________________________________________________________________________
2. Ese haba hari abantu baganza abandi muri sosiyete aho hantu? Yego ____ Oya_____
3. Niba bahari ni bande ?
   _________________________________________________________________
   ____________________________________________________________

**B. IKI ?**

Ni ibiki by'ingenzi biranga aho itorero riri ?
______________________________________________________________
_______________________________________________________________

Ni iyihe minsi mikuru n'ibiruhuko abantu b'aho bakunda kwizihiza ?
______________________________________________________________
______________________________________________________________

Ni ibiki abantu b'aho bakeneye bibazonze kuruta ibindi ?
Iby'ubukungu ____ Iby'Umwuka_____ Iby'imyifatire____ Iby'imibereho____ Iby'uburezi____
Iby'umuco _____ Iby'umuryango ____ Iby'idini ______

Ni ayahe madini yiganje muri ako karere ? Ortodogisi #____ Ababatista #____ Abapentekoti # __ Abakatolika # ____ Abaluteri #____ Abaporotestanti bandi #____ Abigenga #____ Misiyo ziva mu mahanga # ____ (izo misiyo ni izihe ?)

Ese itorero rigerageza gukemura ibibazo by'abaturage ? Yego _____ Oya ____
Niba ari byo, ni iki gifatika itorero rikorera abaturage b'aho hantu?
_______________________________________________________________________
_______________________________________________________________________

Ese inyandiko y'Umugambi w'itorero irimo uko itorero rizakemura ibibazo by'abaturage? Yego___ Oya ____

Ese gahunda z'itorero zigaragaza ko ryitaye ku bice byose by'ubuzima bw'umuntu?Yego___ Oya__

**C. GUTE?**

1. Ese itorero ryibona mu baturage b'aho hantu? Yego _____ Oya _____
2. Niba ari Yego, ryibonamo rite?

______________________________________________________________________
______________________________________________________________________

3. Niba ari Oya, ni iki itorero ryakora ngo ritangire kwibona mu baturage?

____________________________________________________________________
____________________________________________________________________

4. Ese ibikorwa by'itorero biteguye ku buryo bigeza ubutumwa mu bantu? Yego___ Oya _____
5. Itorero ribana rite n'andi matorero ya giporotestanti muri ako karere?
   Ribana na yo yose ________
   Ribana neza n'amwe, ariko ntiribana neza n'ayandi _____
   Nta na rimwa ribana na ryo ______

**D. IBIKORESHO**

Ni ibihe bikoresho biboneka aho hantu itorero rikoresha?

TV/radiyo____Ibitabo____Inzu z'ibitabo____Ibiro bifasha gushaka ibyangombwa____Andi matsinda ya giporotestanti (amatorero/misiyoni/imiryango)___ ibigo____amashyirahamwe_____ amashuri____

Ni ayahe matsinda akorana n'itorero ubu mu mishinga y'imirimo yaryo ?

______________________________________________________________
______________________________________________________________

Ese itorero ryaba ryarageragejе kuvugana n'andi matorero y'aho hantu ngo bafatanye kugeza ubutumwa ku batarakizwa? Yego_____Oya________

Ese ubuyobozi bw'itorero bwaba bufite ubushake bwo gufatanya n'andi matorero n'imiryango mu kugarurira abantu bose bo muri ako gace kuri Kristo? Yego_______ Oya________

Niba ari Yego, ni ryari hateganijwe inama yo kuganira ibyo gusohoza Inshingano Nkuru aho hantu? ______________________________________________________--

Niba ari Oya, kuki bitabaho? ______________________________________________________
________________________________________________________________________________

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 1

## Urufatiro rwa Bibiliya kw' Itorero: Itorero muri Gahunda y'Imana mu bihe byose.

**1. GAHUNDA Y'IMANA MU BIHE BYOSE.**

**Imana ifite ubutware hejuru y'isi n'ijuru (Zab 29:10; Dan 2:20; 4:34-35; 5:21)**
**Satani yarigometse (Yes 14:3-21, Ez 28:11-17**
**Ubwigomeke ku isi (Itang 1:28; 2:7)**

| NIBA ABAHUGURWA BARENZE 9 UBAGABANYEMO AMATSINDA MATO |
|---|

Ni izihe ngaruka zazanywe n'icyaha cy'umuntu?
Wasubanura ute umugambi w'Imana wo gucungura abantu?
Imirongo yavuzwe haruguru iravuga iki ku mugambi Imana ifitiye umuntu?
Ese 1 Yohana 4:16 havuga iki ku kuba Imana ari urukundo?
Ni ibiki bindi biranga Imana bishobora kuboneka mu kurema kwayo, kurema umuntu mu ishusho yayo, kuboneka kw'icyaha, n'umugambo wayo uhanitse wo gucungura umuntu?

**II. GUSHYRWAHO KW'ITORERO**

**A. Guhanurwa kw'Itorero. Matayo 16:18-19**

1. Ni uruhe rufatiro imirimo y'itorero ryawe ihagazeho?
2. Bigenda bite iyo Yesu atari we rufatiro rw'imirimo y'itorero rishya?
3. Itorero ribereyeho ab'isi (Abef 3:10) Ibyo se biganisha ku ki?
4. Kristo ni umutwe w'Itorero. Ibyo biganisha ku ki mu buryo bufatika? Abef 1:23; Abakol 1:18
5. Ni gute tumwemerera akaba Umwami na Databuja mu buryo bufatika?

**III. URUHARE N'IMITERERE Y'ITORERO MURI IKI GIHE.**

**A. Itorero – Abantu bahamagawe bagaragara ahantu hamwe no ku isi yose (Abef 1:10)**

Urabona ko itorero ry'ahantu rishobora gusobanurwa mu buryo butandukanye:

- **Itorero ryo mu nzu: 1 Abakorinto 16:19**
- **Itorero ryo mu mujyi 1 Abates 1:1 ; 1 Abakor 1:2**
- **Amatorero yo mu turere Abagal 1:2 (**Amatorero yo muri Galatia)

**B. Itorero ni umubiri wa Kristo.**

**Abaroma 12 :4-5 ; 1 Abak 12 :12-13 ; Abef 1 :22-23 ; 4 :4-16**
**Umubiri urigenga ( Abar12 :3-8, 1 Abak 12 :12—31)**
**Umubiri ufite Umutwe umwe – Kristo (Abakol 1 :18})**
**C. Itorero ni cyo gikoresho cya mbere cy'Imana cyo Kwamamaza Ubutumwa (Mat 28 :19-20)**
- Ese umwizera ashobora kuba mu itorero ryo ku isi ntabe mu itorero ry'ahantu ?
- Ese bimariye itorero kuba irya kavukire?
- Sesengura bimwe mu bishushanyu byifashishwa mu gusobanura itoreo (Abef 2:15,19,21)

**ITEGANYABIKORWA**
Imana irimo gukora item u gihugu cyawe kugira ngo isohoze amasezerano yayo? Imana imaze gukora iki mu mwaka ushize, mu myaka 5 ishize, cyangwa mu myaka 50, kigaragaza gukiranuka kw'Imana ku kubaka Itorero? Andika nibura ibyo wabonye 10 byerekana Ukwizerwa kw'Imana mu guhugu cyawe.

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 2

## Umugambi w'Itorero: Ni iki gituma Itorero Ririho ?

Ni iki wumva ko ari umugambi w'Itorero ?

**I. UMUGAMBI W'ITORERO**

**A. Kwubahisha Uwiteka (Abar 15 :6,9 ; Abef 1 :5ff; 2 Abates 1:12; 1 Pet 4:11)**
- Guhesha Imana icyubahiro kuri wowe bisobanuye iki?
- Itorero rihesha Imana icyubahiro rite?
- Imana ihabwa icyubahiro item u bwenge bwacu?

**B. Kubwiriza Abazimiye – (Luka 19:10; Yoh 20:21)**

**C. Gukomeza Abakozi – (Abefeso 4:11-16)**
- Ubuyobozi bushyirirwaho (Abef 4:11) gutegura abera ngo bakore imirimo (Abef 4:12) ntabwo ari ukugira ngo bakore imirimo bonyine. Ese ibyo baganisha ku ki mu mirimo yawe yo gushinga amatorero? Ibyo se bizahindura iki mu buryo ukora ibyo ukora?
- Ni ibihe bisobanuro byawe uvana muri Abef 4:11 byerekeye gushinga amatorero?

**II. IBYIFASHISHWA MU GUSOBANUKIRWA UMUGAMBI W'ITORERO.**

A. Wagereranya ute itorero rishingiye kuri Gahunda n'itorero rishingiye ku Nshingano Nkuru?
B. Wagereranya ute Itorero nk' "intego y'Umurimo" n'Itorero nk' "igikoresho cyo Guhuruza"?

Matayo 28:18-20
1. Ni iki kiduhumuriza tubona mu kumenya ko "ubutware bwose" bwahawe Kristo?
2. Kubera ko ari Umwami utavugirwamo, yadusabye gukora iki?

Mariko 16:15-20
1. Ni ukuhe kuburirwa ubona ahangaha ku muntu utarizera?
2. Ni ibihe bihamya bizagendana n'abizera?
3. Umwami yigaragaje ate nyuma yo kuzamurwa mu ijuru?

Luka 24:45-53
1. Ni ibiki abigishwa bagombaga gutangaho ubuhamya?
2. Isezerano Kristo yari yabahaye ni irihe?

Yohana 20 :19-23
1. Yesu yashakaga kuvuga iki ubwo yavugaga ati : « Amahoro abe muri mwe » ?
2. Ibi se bihuriye he n'ibyo yavuze mu murongo wa 22-23 ?
3. Ese gutumwa bisobanura iki ?

Ibyak. 1 :1-11
1. Ni kintu ki gisanzwe kibaho iyo Umwuka Wera akorera muri twe ?
2. Ese ingaruka z'ubutumwa bwiza zizagarukira he ?

**IBIBAZO BYO GUSHYIRA MU BIKORWA** *Niba abahugurwa barenze 9 ubagabanyemo amatsinda mato*
Ni ibiki biguteye ubwoba bikeneye kuneshwa umaze kumenya ko Kristo afite Ubutware butavugirwamo ? Washobora ute « guhindura abantu abigishwa » neza kurutaho ? Ubutumwa bwabwirizwa « amahanga yose » mu gihugu cyanjye bute ?
Waba se ukora imirimo yawe ufite imbaraga z'Imana kuri wowe ? Wakwemerera ute imbaraga zayo kwiyongera kugira ngo urusheho mumuhesha icyubahiro ?
Ni buryo ki imibereho y'abazimiye iguteye inkeke ? Ibyo se bizahindura iki mu buryo uyobora itorero ushinze ? Bizazana iyihe mpinduka ?

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 3

## Ibikorwa n'Imikorere – Uko birebeka muri Bibiliya no mu Muco.

**Igikorwa = ni igikorwa gishingiye kuri Bibiliya gikeneye gukorwa**
**Imikorere = ni uburyo wahisemo bwo gukora icyo gikorwa.**

**I. Ibikorwa n'Imikorere y'Itorero**

- Tanga urugero rw'ibikorwa byo mu Itorero
- Tanga urugero rw'imikorere yo mu itorero

Mu gikorwa cyo **Gusenga,** imikorere ni (1) gupfukama cg guhagarara, (2) gutuza cg gusakuza, (3) itsinda rito cg umuntu umwe, (4) mbere yo gutangira cg mu gusoza iteraniro, na (5) kwatura cg kwinginga.
Mu gikorwa cyo **Kwigisha Ijambo,** imikorere imwe ni (1) Ishuri ry'Icyumwe, (2) kubwiriza, (3)itsinda rito ryo kwiga Bibiliya, na (4) gusenga kw'umuryango.
Mu gikorwa cyo Kuvuga Ubutumwa, imikorere imwe ni (1) ivugabutumwa ry'ubucuti (2) ibiterane, (3) gutumira abantu mu rusengero.

- ni iyihe mikorere yo mu gikorwa cyo gusenga ukunda gukoresha? Ni iyihe mikorere ukoresha mu kwigisha Ijambo? Ni iyihe mikorere ukoresha mu ivugabutumwa?
- Ese wavuga ko hari ubwoko bw'imikorere buruta ubundi mu gusenga, kwigisha Ijambo, n'ivugabutumwa?
- Ni iyihe mikorere ishobora gukoreshwa mu gikorwa cyo gutanga?
- Ni iyihe mikorere ishobora gukoreshwa mu gikorwa cyo kuramya?

Kuri buri mikorere ikurikira mbwira igikorwa kijyanye nayo: Isangano ry'Urubyiruko, Iteraniro ryo Gusenga ry'Itorero, Korali y'Itorero, Kuzana Icyibo cy'Amaturo, Inyubako y'Itorero, Indirimbo zidasanzwe mu iteraniro, Urusengero rw'Abana, Gahunda y'Amateraniro, Kuvuga Umuvugo mu iteraniro.

**II. Amahame yerekeye Ibikorwa n'Imikorere**
1. Reba **Matayo 9:14-17.** Ni buryo ki inyigisho ya Yesu ku mwenda n'impu za vino zigendanye n'ibikorwa n'imikorere?
Bisobanura iki gutangiza itorero rimeze nk'umufuka w'uruhu mushya?
Ni ibiki **Matayo 12:1-8** yongeraho bishya?
Ni iyihe mikorere ikoreshwa mu kuba ibisonga byiza mu itorero? Ibyo bigendanye bite na **1 Abakor 16:1-2?**
2. Ni ihame ko imikorere yose mu itorero **ihuzwa n'umuco w'ahantu.** Haba hari imikorere imwe yo mu itorero ryawe itagihuje n'umuco w'ahantu itorero riri? Haba hari imikorere mukoresha mu kuramya, kubatiza, ubuyobozi bw'itorero, itagikwiranye n'imico runaka?

3. Haba hari amatsinda y'abantu mu karere kanyu utekereza ko batakwakira neza imwe mu mikorere yanyu (kuramya, gusenga, kubwiriza, n'ibindi...) nkuko ikoreshwa mu itorero urimo? Muganire kuri iyo mikorere murebe icyo mwakora muramutse mugiye gushinga itorero muri abo bantu?

> "Ntabwo bitangaje ko umusore uvuye muri Kaminuza ya Teoloji ashbora kuza kuyobora itorero adafite inararibonye rikwiriye akibwira ko azi neza uko ibintu byose bigenda. Akaza atekereza ko azi imikorere ikwiriye kandi ko azahindura ibintu byose akabihuza n'ibyo atekereza. Akaba nta cyo azi ku miterere y'abantu, cyangwa se ngo amenye icyo bashaka gukora. Nta n'ubwo yirirwa abaza niba hari ikindi gihe byageragejwe n'icyavuyemo. Ibyo bituma abantu bibwira ko Umushumba wabo atabaha agaciro ahubwo ko abafata n'ibyo kwigiraho, maze bakamwanga. Ubwo kandi biyumvamo ko itorero ritakibanejeje, bityo Umushumba akaba agomba kugenda cyangwa bo bakagenda."

- Iki gikorwa cy'Umushumba w'umusore kitubwira iki ku miyoborere y'ubugaragu n'urukundo akunda umukumbi?

> "Imikorere igomba guhinduka kugira ngo ijyane n'igikorwa. Igihe kimwe, kubera ko yashakaga guha imbaraga igikorwa cyo kuramya, umushumba umwe yatangije iteraniro indirimbo, nkuko bisanzwe, hanyuma arabwiriza. Ubusanzwe kubwiriza byajyaga bikorwa mu mpera z'iteraniro nyuma y'indirimbo idasanzwe, indirimbo rusange, kwakirana n'amatangazo, ariko uwo mushumba ahitamo kuvuga ku Mana n'imirimo yayo ikomeye, hanyuma asaba iteraniro kuyishimira basenga, bayihimbaza mu ndirimbo, no gusangira Ameza y'Umwami. Iyo mpinduka yabaye nziza cyane. Ibyo ntabwo yabikoraga buri cyumweru. Ahubwo yabikoze igihe kimwe kuko yashakaga ko abantu batekereza bundi bushya uburyo kuramya Imana ari igice gikomeye mu iteraniro. Nyuma baje gukomeza imikorere isanzwe."

- Ese abantu bo mu itorero ryawe bakwishimira iryo hinduka ry'icyumweru kimwe mu iteraniro? Kuki? Kuki bidashoboka?

Ibibazo byo gusubiramo, gutekereza no gushyira mu bikorwa.

| NIBA ABAHUGURWA BARENZE 9 UBAGABANYEMO AMATSINDA MATO |
| --- |

Kuki ibikorwa n'imikorere ari ngomba cyane mu gushinga amatorero?
Ese imikorere yo mu itorero ryanyu yatangiye ite? Yakomejwe ite?
Ese imikorere yo mu itorero ryanyu ifite umugambi iganishaho? Igikorwa cya Bibiliya?
Wavugurura ute imikorere yo mu itorero ryanyu kugira ngo ihure n'umuco neza?
Ni iyihe mikorere yabangamira igikorwa cyo kubwira ubutumwa abazimiye? Kuzana umwizera mushya mu buzima bw'itorero?
Ni izihe mbaraga wahura nazo ushatse gushinga itorero rifite imikorere itandukanye n'iy'andi matorero asanzwe muri uwo muco?
Ese iyo mikorere yawe ibereye mishya abizera bashya mu buryo?

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 4.

## Gusobanura Itorero ry'Ahantu: "Icyo Dushinga ni Iki?

### I. Ingorane zo Gusobanura Itorero

1. Ni ryari itsinda ry'abantu rytwa Itorero?
2. Ni ibiki bya ngombwa byemeza ko ari itorero cyangwa atari ryo?
3. Reba izi ngero zikurikira. Ese buri ryose ni itorero? Kuki? Kuki atari ryo?

### II. Ingero z'Ubusobanuro bw'Itorero

A. Urugero rwa 1.

Ubu busobanuro ni ukugerageza kumva itorero ukoresheje imirongo imwe n'imwe yo mu Byanditswe ivuga uko abantu b'Imana bagomba kubana. Ubu busobanuro bwibanda ku mibanire igomba kuba hagati y'abizera.

"Itorero ni itsinda ry'abantu babyiyemeje kandi bahisemo kubana (Abar 12:10), bemerana (Abar 15:7), bitanaho (1 Abakor 12:25), bikorerana imitwaro (Abag 6:2), bababarirana (Abef 4:32), baterana umwete kandi bakubakana (1 Abat 5:11), bakangurirana gukundana n'imirimo myiza (Abaheb 10:24), baturirana ibyaha (Yak 5:16), basengerana (Yak 5:16), bakorerana (1 Pet 4:10), kandi bakundana (1 Yoh 4:11)"

Ni gute ubu busobanuro bwashyigikira cyangwa bukadindiza igikorwa cyo gushinga amatorero?

Ni torero bwoko ki ryabyarwa n'itsinda ry'abantu basa n'abavuzwe muri ubu busobanuro?

Ese ubu busobanuro burakwiriye? Kuki? Kuki budakwiriye?

B. Urugero rwa 2

"Itorero ry'ahantu ryo mu Isezerano Rishya ni iteraniro rifite gahunda ry'abizera babatijwe, aho kubaho kwa Yesu Kristo kuri; baterana kenshi bahimbaza, bigishwa, basabana, ku Meza y'Umwami, babatiza abizera bashya, bumvira Ijambo ry'Imana, bayobowe n'abakuru b'itorero bafatanije n'abadiyakoni kugira ngo bashyire mu bikorwa impano Imana yahaye buri mwizera igenewe kubaka iryo teraniro, ibyo bikazavamo guhamya Ubutumwa bwiza aho bari no mu isi yose."

Ni gute ubu busobanuro bwashyigikira cyangwa bukadindiza igikorwa cyo gushinga amatorero?

Ni torero bwoko ki ryabyarwa n'itsinda ry'abantu basa n'abavuzwe muri ubu busobanuro?

Ese ubu busobanuro burakwiriye? Kuki? Kuki budakwiriye?

C. Urugero rwa 3

Ubu busobanuro ni bwo bumenyerewe cyane, ndetse nibwo ushobora no kumva mu batizera wahura nabo mu nzira.

"Itorero ry'ahantu ni inyubako abantu bateraniramo kugira ngo bahabwe imihango y'idini n'abakozi babizobereyemo kandi batorejwe kuyobora amateraniro y'Icyumweru n'ibindi bikorwa bigenewe abantu, nko gushyingira no guhamba."

Ni gute ubu busobanuro bwashyigikira cyangwa bukadindiza igikorwa cyo gushinga amatorero?

Ni torero bwoko ki ryabyarwa n'itsinda ry'abantu basa n'abavuzwe muri ubu busobanuro?

Ese ubu busobanuro burakwiriye? Kuki? Kuki budakwiriye?

D. Urugero rwa 4.

"Itorero ry'ahantu ni ihuriro ry'abantu bishyize hamwe nk'abizera babatijwe, bayobowe n'umushumba wemewe muby'umwuka, bahamya isano bafitanye n'Umwami wabo no hagati yabo ubwabo, babihamishije Ameza y'Umwami n'ubutware bw'Ijambo ry'Imana, baterana kenshi kubwo kuramya no kwiga Ijambo ry'Imana, kandi bahindukira bagahamiriza ab'isi."

Ni gute ubu busobanuro bwashyigikira cyangwa bukadindiza igikorwa cyo gushinga amatorero?

Ni torero bwoko ki ryabyarwa n'itsinda ry'abantu basa n'abavuzwe muri ubu busobanuro?

Ese ubu busobanuro burakwiriye? Kuki? Kuki budakwiriye?

**III. Amabwiriza yo gusobanura Itorero.**

**A. Wirinde gusobanura imikorere**, inzego na gahunda.

**B. Ibande ku bikorwa bishingiye kuri Bibiliya** Itorero rigomba gukora.

**IV. Andika Ubusobanura Bwawe bw'Itorero**

Ni ayahe mahame ubona muri buri murongo muri iyi ikurikira?

Ibyak. 2:42-47
Ibyak. 14:23
Ibyak. 20:7
Ibyak. 20:28
1 Abakor. 12:28
1 Abakor. 14:33
Abefeso 1:22
Abefeso 4:11-16
Abefeso 5:27
Abaheb. 10:24-27

| |
|---|
| Saba abitoza gushinga amatorero gukora ibi bikurikira buri muntu wenyine. |

Andika ubusobanuro bw'Itorero

Witondere ibibazo bikurikira byerekeye ubusobanuro:

Ese ubusobanuro bwawe burumvikana?

Ese buhuje n'Ibyanditswe?
Ese ubusobanuro bwawe ni rusange ku buryo bwakoreshwa ku matorero yose n'igihe cyose?

Saba banwe mu bahugurwa babwire abandi ubusobanuro bwabo.

1. Ni ibiki bitari ngombwa biboneka mu busobanuro bw'Itorero abantu bakunda gutanga?
2. Ni ryari inyubako zikenerwa mu gushinga itorero? Ni gute inyubako ishobora gufasha cyangwa kubangamira gukura kw'itorero?
3. Kuki bidakwiriye kwibanda ku mikorere iyo dusobanura Itorero?

**Iteganyabikorwa**

Fatanya n'abo uhugura kwandika no kwemeranya ku busobanuro bw'Itorero muzakoresha mu gikorwa cyo gushinga amatorero. Bwira abandi bashinga amatorero ubusobanuro bwanyu, barimo umutoza wawe, n'umuhanuzi wawe.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA -- Gahunda y'Amahugurwa 1.

## **Gutsindishirizwa kubwo Kwizera:** Urufatiro rw'Ubusabane bwacu n'Imana

Ni buryo ki dushobora kumenya Imana nk'inkoramutima?
Ese Imana iratwemera by'ukuri?
Ese kwemerwa n'Imana kwacu guturuka hehe?
Ni buryo ki dushobora kubaho ubugingo bushimisha Imana?
Bigenda bite iyo dukoze icyaha

**I. Gutsindishirizwa si:**

**A. Kubw'imirimo**

**B. Imbabazi**

**II. Gutsindishirizwa ni :**

**A. Ugukiranuka kw'Imana : Abaroma 3 :21-24**

**B. Ukugurana gukomeye: 2Abakor. 5:21, Yes 61:10, Abar 4:3-5, Abef 4:22-24**

**III. Ingingo zikomeye zo Gutsindishirizwa kubwo Kwizera**

A. Ese dushobora kwitsindishiriza?

B. Ese dushobora kwiyitirira ibyo Imana yakoze?

Urugero: Tekereza umuntu wakoze ubwicanyi bukomeye, akaba ategereje urubanza rwo gupfa. Mu gihe agitegereje, umwe mu ncuti ze agadanga umucamanza kumusabira imbabazi. Umucamanza akamusubiza ati, "Ndamurekura agende niwemera kumpa umwana wawe ngo apfe mu cyimbo cye." Iyo ncuti ikamubwira iti, "Ibyo ni ubucucu. Ibyo urumva nabikora nte? Ariko umucamanza akavuga ati, "Ubwo ni bwo buryo bwonyine bwo kumufungura." Nyuma yo kwitoto mba kwinshi, umubyeyi akemera gutanga umwana we ngo ajye mu cyimbo cy'incuti ye...kuko azi ko ari yo nzira yonyine. Ku bwo kumvira umwana akajya ku mucamanza akemera gupfa mu cyimbo cy'incuti ya se. Ku munsi ukurikiraho umwana akicwa, naho wa mugabo akarekurwa. Nyuma y'ibyo gato, wa mubyeyi akumva ya ncuti ye iganira n'undi muntu. Yamubaza ati, "Warokotse uke igihano cy'urupfu?" wa mugabo wafunguwe agasubiza ati, "Igihe nari mu buroko nifashe neza, nditonda, nkora ibyo abarinzi bambwiye byose. Hanyuma barandekura kubera imyifatire yanjye myiza."

Uwo mubyeyi yakwifata ate imbere y'ibyo iyo ncuti ye ishubije? Ese yakwemera ko imyifatire myiza yaba yaratumye umuntu arekurwa kandi we yaratanze umwana we ngo yicwe?

C. Ese twakwiringira Imana yonyine burundu?

Andika ubusobanuro bwawe bwo "gutsindishirizwa ku bwo kwizera"
Ese biba bivuze iki iyo dusobanuye ko gutsindishirizwa ku bwo kwizera ari "gukiranuka kuryamye"
Mu kugendana n'Imana kwacu kwa buri munsi, kuki bikunda kutugora twebwe abatingirite mu buntu gukomereza mu buntu, tukuringira umurimo Yesu Kristo yarangirije ku musaraba?
Gutsindishirizwa kubwo kwizera bifite uruhe ruhare mu kubana n'Imana kwawe n'uko utekereza ko Ibana nawe?

**Itegenyabikorwa.**

Igisha undi muntu icyo gutsindishirizwa kubwo kwizera bivuga, hanyuma umusabe yandike ubusobanure mu magambo ye bwite. Bazazane ibyo banditse mu isomo ritaha ry'amahugurwa.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA -- Gahunda y'Amahugurwa 2.
## Kubaho mu Butumwa Bwiza: Kwanga kuba Nyamwigendaho.

Uratekereza ko ibyo wizera byerekeye Ubutumwa bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera gusa bifite uruhe ruhare mu gukura kwawe muri Kristo muri iki gihe?
Yesu avuga ibyo gukizwa kubwo kwizera muri Yohana 3:36. Mu Abaroma, Paulo atanga neza ubutumwa bwumvikana bwo gutsindishirizwa kubwo kwizera gusa: Dakurikije iyi mirongo itatu, ni iki cya ngombwa gisabwa ku bwo gutsindishirizwa?
**Abaroma 1:16, Abaroma 4:5, Abaroma 10:9-10**
Mu Abagalatiya, Paulo ashimangira agakiza kazanwa no kwizera. **Abagalatiya 3:2-5** Abagalatiya 3:2-5 Paulo avuga ibintu bibiri biva mu kwizera. Ni ibiki? Ni iyihe ntego abiganishaho?
Ni iki **Abagalatiya 4:15** hatubwira ko cyazimiye bitewe no gushaka gukurikiza amategeko kugira ngo dutsindishirizwe?
Ni akahe kaga gaterwa no kuba nyamwigendaho? Ni gute Abizera b'Abagalatiya bateshutse ku Butumwa bwiza?
Ese wemeranya n'aya magambo, "Kwiringira ubushobozi bwacu ni bwo busobanuro bufatika bwo kutizera?"

> Urugero, reka tugereranye iminsi ibiri yo mu buzima bwawe. Umunsi umwe kuwa gatandatu wabyutse ujya mu materaniro yo gusenga nkuko ubimenyereye. Mu nzira uhahurira n'umuturanyi wawe mugirana ikiganiro kigufi ariko cyiza. Urikomereza ujya muri gahunda yawe kandi ubona kubaho kw'Imana mu buryo bugaragara. Utashye uhura n'undi muntu umubwira Ubutumwa bwiza n'agakiza ka Yesu. Uwa gatandatu ukurikiraho uza utandukanyeho gato. Wabyutse utinze usiba amateraniro yo gusenga, kandi uhuye n'umuturanyi muvugana amagambo atari meza. Mu by'ukuri uwo munsi wiriwe utari mwiza kandi wumva Imana itari hafi yawe. Utangira kumva ufite ipfunwe ry'ibyo wakoze, ariko kubw'amahirwe, ushobora kubwira undi muntu ubutumwa bwiza.

Ese wakwitesha ayo mahirwe yo kuvuga ubutumwa kuko wiriwe mu bidakwiriye? Ese urubwira ko Imana ishobora kuguha umugisha ku munsi mubi? Niba bidashoboka, ni kuki?

> **Urugero**: Taliki 21 Kanama 1544, Martin Luther yandikiye umwe mu ncuti ze yizeraga, George Spalatin. Uwo Spalatin yari yarigeze kumuha inama ariko aza gusanga irimo ibyaha. Amaze kubibona atyo, yumva biramubabaje kandi bimucira urubanza. Uza kwiyumvamo ko yagombaga kuba yarabitekerejeho mbere, kandi akirinda gukora ikosa rimeze rityo. Abura umuhumuriza. Martin Luther abimenye, amwandikira urwandiko rwo kumuhumuriza agira ati: "...icyo ngusaba kandi nkwihanangiriza ni uko watwegera kandi ukifatanya natwe, kuko turi abanyabyaha nyabo, bakomeye kandi batabyinubira. Nta narimwe ukwiriye gufata Yesu nk'aho atadukomeyeho, yuko atubera Umufasha gusa iyo dushaka kwikuraho ibyaha byo mu ntekerezo, byo mu magambo, bya cyana. Oya! Oya! Ibyo ntabwo byatubera byiza. Ahubwo agomba kutubera Umucunguzi n'Umukiza wacu no mu byaha nyabyo, binini, bibabaje, kandi byaduciraho iteka, ndetse n'ibyaha binini bitera abantu impagarara; muri muke, ni ku byaha byose biteranirijwe hamwe....!
> Yari Martin Luther, Mugenzi wawe mufatanije Ubukristu muri iki Kinyejana.

Ese turi abanyabyaha boroheje bakeneye Umukiza woroheje, cyangwa turi abanyabyaha bakomeye bakeneye Umukiza ukomeye?
Bigenda bite iyo tugize icyo twongera ku cyo Kristo yakoze?
Ese urimo gutakaza umunezero wawe muri Kristo? Niba ari byo, ni kuki?
Ese ubutumwa bwiza butubonekaho bute nk'abizera?
Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kwigeragereza no kwizera?
Ese kubaho mu kwizera bigira ruhare ku bitekerezo n'ibikorwa byacu bya buri munsi?

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA -- Gahunda y'Amahugurwa 3.

## Gukura k'Umukristo: Kugira Kristo Uw'ibanze mu Buzima bwa Gikristo

Ni gute twakwirinda kurohama kubera icyaha? Ni gute twakura mu kwizera kwacu, kugira ngo tugire ubusabane bukwiriye kandi buzima na Yesu Kristo?

**I. Gukura mu Mwuka ni iki?** Ese **Abafilipi 2 :12-13** hatubwira iki ku bufatanye dufitanye n'Imana mu gukura kwacu?

**II. Uruhare rw'Umusaraba mu Gukura mu Mwuka.**

A. Iyi mirongo iratubwira iki ku byerekeye **Gukura mu Kumenya Ukwera kw'Imana –** Yer 9 :23,24 ; Yoh 17 :3 ; Abafil 3 :8

B. **Kwiga gutahura icyaha cyacu –** Abefeso 3 :8 ; 1 Tim 1 :15

1. Ni gute twarushaho kumenya ko turi abanyabyaha ?
2. Kwimenyaho icyaha bifitanye iyihe sano no guca bugufi?

**III. Inzitizi zo Gukura k'Umukristo**

A. Ubufarisayo ni ukubaho dukurikije amategeko, inshingano, no kwigeragereza (mu mbaraga zacu) – ni ikibazo cy'ubwibone. Ni iki **Luka 10:38-42** hatubwira nk'ibanga ryo gukura gitandukanye n'ubwibone?

Ubufarisayo buboneka bute iyo bwerekejwe ku Mana? Ubufarisayo buboneka bute iyo bwerekejwe ku wo Mwashakanye? Wifuza ko uwo mwashakanye abyifatamo ate? Tanga urugero.

B. Kwiheba – Kubura kwizera. **Abaheburayo 10:14** hatubwira ko tugomba kwizera iki kugira ngo tuzibe icyuho kiri hagati yo kwera kw'Imana n'icyaha cyacu?

Twakora iki ngo tuvaneho kwiheba?

C. Kugira ngo icyuho gisibe, tugomba gukura mu byo duhanga amaso – Abag 6:14a

Ni gute twakwirinda kurohama kubera icyaha? Ni gute twakura mu kwizera kwacu, kugira ngo tugire ubusabane bukwiriye kandi buzima na Yesu Kristo?

Niba hagisigaye iminota 15 yo kurangiza ibi bikurikira, bikorere mu ishuri. Nib anta gihe gihari, bazabikora mu Iteganyabikorwa ry'isomo. Gabanya abahugurwa babiri babiri ubasabe ko buri wese akora ibi bikurikira: Sobanurira mugenzi wawe icyo wize cyerekeye gukura mu kwera, kandi usobanure uko wakwifashisha ibyo Yesu yarangije mu buzima bwa buri munsi. Tanga ingero zifatika z'ibyahindutse mu buzima bwawe nk'umwizera bitewe no kongera gusobanurkirwa kwezwa.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA -- Gahunda y'Amahugurwa 4.
## Imbaraga Zihindura z'Ubutumwa bwiza: Kubaturwa mu Bwiru bw'Icyaha.

Kugira ngo dusobanukirwe imbaraga zihindura z'ubutumwa bwiza, tugomba kumenya imiterere n'icyerekezo y'ubuzima bw'umuntu. **Icya mbere, imiterere y'ubuzima butarimo Kristo, bugendera ku bwiru bw'icyaha.** Muri iyo miterere y'abazimiye, tuba turi imbata z'ibyaha kandi ntidushobora kwigobotora ubutware bwa "kamere". **Abaroma 3:11-12,13. Icya kabiri, icyerekezo Imana ifitiye ubuzima bw'umuntu ni uko urupfu rwo kwitanga kwa Yesu rwatwikiriye ibyaha byacu, none ntabwo tukiri mu "bwiru bw'icyaha", ahubwo turi "abera".** Twakijijwe gucirwaho iteka kw'icyaha n'imbaraga z'icyaha. Turiho mu mudendezo wuzuye wo kumukunda. Kamere y'icyaha yakuweho none ntabwo tukiri mu bwiru bwacyo, twafatanijwe na Kristo. **(2 Abakor 5:17-20). Icya gatatu, uko "tumerewe mu buzima" ntabwo biragaragaza neza ukuri kw'ibyo Imana iduteganyiriza muri Kristo.** Tugomba guhora tumenya icyaha cyabaye tukacyihana, tukaringaniza ibitekerezo byacu n'ubwinge bw'Imana. Kamere y'icyaha si yo Databuja, ariko irwanira kutugiraho ubutware **(1 Yoh. 1:9; Abar 7:19; 8:9-13).**

Toranya babiri mu bahugurwa bashize amanga. Bashyire imbere y'abandi. Umwe araba mu mwanya w'umuntu uri mu miterere ya mbere, undi abe mu mwanya w'umuntu uri mu miterere ya kabiri n'iya gatatu.

Reka tuvuge ko __________ (izina) amaze nk'umuntu wa mbere. Reka tuvuge uko ateye.

**IMITERERE YA MBERE:** Umunyabyaha utizera (Abef 4:17-19, Abar 8:5-8)

1. Nta byiringiro
2. Ntiyavutse ubwa kabiri
3. Ari mu bwiru bw'icyaha
4. Yarashaye
5. Umunyabyaha
6. Umwanzi w'Imana
7. Ari mu mubiri
8. Ntariyunga n'Imana
9. Ariho urubanza rw'icyaha
10. Yatandukanye n'Imana
11. Atwarwa n'amategeko.

**I. Ubuntu bw'Imana no Gukora Ibyaha**

Niba koko ubuntu bw'Imana bigwiriye bukarenga ibyaha byacu kandi tukaba twaratsindishirijwe ku bwo kwizera, atari kubwo kumvira, none se twakomeza gukora ibyaha? Niba ubuntu bw'Imana buhabwa n'abatabukwiriye ariko babwakira kubwo kwizera Yesu Kristo kwabo, ubanza byaba bikwiriye kwibaza iki kibazo, "Ese twakomeza gukora ibyaha twiringiye ko ubuntu bw'Imana buzabitwikira?" Abag. (5:13; Abar 6:1-2)

II. Twabatirijwe mu rupfu rwe – Twazukanye na we.

1. Twapfuye dute? (Abar 6:3-5)
2. Ni iki cyabayeho kubera gupfana na Kristo (Abar 6:6-10,22)
3. Ni iki kigomba kuguma mu bwenge bwacu cyerekeye icyaha (Abar 6:11)

Tuvuge ko ___________(izina) ari mu miterere ya 2. Reka turebe iyo miterere

**IMITERERE YA KABIRI – Uwera – Yimenyaho uko Imana imubona (Abef 4:22-23; Abar 6:18, 22, 18-22; Abar 8:9-11**

1. Yiyunze n'Imana
2. Yafatanijwe na Kristo
3. Yababariwe ibyaha
4. Yapfuye ku cyaha
5. Ari mu bwiru bw'Umwuka Wera
6. Ni icyaremwe gishya
7. Yabatuwe kuri kamere y'icyaha
8. Yazutse mu bapfuye
9. Si umunyabyaha ahubwo ni uwera
10. Ari mu buntu
11. Ni muzima muri Kristo
12. Arera kandi ntagira inenge
13. Umukirnanutse
14. Ubwenge bwibanda ku byo umwuka ashaka
15. Afite ubugingo n'amahoro

Tuvuge ko ___________(izina) ari mu miterere ya 2. Reka turebe iyo miterere

**IMITEREE YA GATATU – Uwera – Ubuzima bifute aho bugana kandi bunoze (Abef 4:25-28)** Yak 1:13-14) Ibyavuzwe haruguru byose ni ukuri. Ariko ibyo tunyuramo n'ibyo turangamiye birimo:

1. Aracumura akihana
3. Yerekana imbuto z'Umwuka Wera
4. Umwuka aramwemeza
5. Yababariwe ibyaha
6. Umwana w'Imana n'Umuragwa
2. Icyaha kirahatanira kumutegeka
7. Akurira muri Kristo
8. Yabatuwe ku bwiru bw'icyaha
9. Si umunyabyaha ni uwera
10. Arahindagurika mu by'Umwuka

**III. Imbaraga zo Kudakora icyaha n'Imbaraga zo Kugendera mu Bugingo bwa Kristo.**

Umuntu uri mu miterere ya gatatu yakora iki?

Buri murongo muri iyi utubwira iki ku bugingo bushya muri Kristo Yesu?

A. Gusobanukirwa Kamere Nshya **(Abar 6:6)**
B. Kubaho mu Mwuka **(Abar 8:5-7; Abagal 5:16)**
C. Kwimenyekanisha nk'Umwana w'Imana **(Abar 8:16-17)**
D. Kuvugurura ubwenge bwawe **(Abar 12:2; 2 Abakor 10:5)**

E. Kumenya ukuri **(Yoh 8:32; Abakol 1:5-6)**

1. Kuki habaho itandukaniro hagati y'imiterere yacu nkuko Imana iyibona n'ibyo twiyumvamo cyangwa dukora rimwe na rimwe?
2. Ese ibyo bivuga ko gukora icyaha byemewe?
3. Ni gute amarangamutima n'ibikorwa byacu byakwegera kurutaho imiterere yacu y'Umwuka?
4. Ni gute ushobora kwemerera ibyiyumviro byawe aho kwizera Ijambo ry'Imana, bigatuma bihindura uko ubona ubugingo bwa gikristo?
5. Iyo urwana n'icyaha, ni iki kizana imbaraga mu bugingo bwawe? Ni ukwihata cyane cyangwa ni ukurushaho kwizera?
6. Ijambo "Menya ko" riri mu Abar. 6:11 rihuruye he no kwizera?
7. Byagendekeye bite kamere yawe y'ibyaha dukurikije ibyo Paulo yandikiye Abaroma?
8. Ni gute wababo uyoborwa n'Umwuka?

| Bwira abahugurwa uti, "Mu isomo ritaha muzazane agakaye ko gukoresha nk'ingengabihe |
|---|

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA -- Gahunda y'Amahugurwa 5.

## Kugira ingengabihe y'Umwuka

**I. Kuki wagira ingengabihe y'Umwuka?**

A. Itwibutsa urukundo rw'Imana n'uburyo tuyikeneye igihe duhanganye n'ingorane no gucika integer. Ese Ingengabihe yaba ifitanye isano n'ibyo Yoshuwa yanditse byo kwibuka? (Yos 4:1-9)
B. Idufasha kwitoza gukorera mu mucyo mu gukura kwacu no mu murimo.
C. Ituma dutekereza cyane ku buzima bwacu no gutoranya iby'ibanze.
D. Ituma dukura mu kwizera kubwo kureba uko kumenya Imana kwacu kwiyongera.
E. Idufasha kureba uko Imana isubiza amasengesho
F. Ni igikoresho cyo kwagura imirimo yacu.

**II. Buri munsi hamwe n'Imana**

Ongera ibi mu ngengabihe yawe ya buri munsi.

**Umurongo w'uyu munsi:** Andika amagambo wasomye mu gihe cyawe cyo kwiherera.

**Ibyo navumbuye:** Soma uwo murongo, uwutekerezeho kandi usenge. Andika ikintu cyose Umwuka aguhishurira kuri wo. Uwo murongo uvuga iki? Urabonamo iki? Ni gute wakoresha aya magambo mu buzima bwawe uyu munsi?

**Amasezerano wakwishyuza:** Hari amasezerano wakwishyuza muri uyu murongo? Yandike kandi ushimire Imana ko ari ay'ukuri.

**Amategeko wakumvira:** Ese uyu murongo urimo amategeko ukwiriye kumvira?

**Isengesho:** Andika ibyifuzo byose wumva ufitiye umutwaro ndetse n'ibisubizo by'ibyo wasengeye mbere. Bivuge ku buryo busobanutse. Ibyo bizagufasha kubona Imana ikora mu masengesho yawe.

**III. Kwandika buri munsi.**

Gukora ingengabihe buri munsi bigufasha kugenzura iterambere ry'imirimo yo gushinga itorero.

**Iteganyabikorwa:** Andika umurimo wose wakoze mu iteganyabikorwa ryawe. Andika ibyarangiye cyangwa ibigikomeza.

**Abo ushaka:** Andika abantu ushaka kubwira ubutumwa uwo munsi. Andika ibyavuye mu guhura kwanyu. Ese wababwiye ubuhamya bwawe? Basubije iki? Ese bakira ubutumwa cyangwa ntibabwakira?

**Amateraniro:** Andika ikintu cyose cyerekeye itsinda, iteraniro ryo mu rugo, cyangwa ikindi gikorwa kidasanzwe. Mwateraniye he kandi ryari? Ni nde wayoboye? Mwakoze iki (kwiga Bibiliya, gusenga, sinema ya Yesu)? Ni bangahe baje? Ni bande baza buri gihe? Abashyitsi? Hari uwakiriye Yesu ? Andika ikindi kibazo cyangwa icyifuzo gikwiriye kwitabwaho.

**Ibitekerezo :** Fata akanya utekereze kuri uwo munsi. Ese hari igifatika cyavuyemo? Hari icyo wize cyangwa wavumbuye cyerekeye ubuzima bwawe cyangwa umurimo wawe? Ibyo bitekerezo ni ibyo wandika byerekeye ubuzima bwawe bwite. **Ntabwo ukeneye kubiganiraho n'abandi.** Bigufasha gushyira uwo munsi mu cyerekezo cyawe no kwandika ikintu cyose Umwuka arimo kukwigisha.

Mu mwanya usigaye, bwira abahugurwa amabwiriza akurikira: "Mukoresheje ya makaye mwazanye, mutekereze kandi mwandike ingengabihe yanyu y'uyu minsi." MWIGISHA, ugomba kuba ufite impapuro zo guha abibagiwe kuzana amakaye yabo.

**Iteganya bikorwa**

Mu gihe cyose cy'urhererekane rwo gushinga itorero, andika ingengabihe ya buri munsi y'ibihe byawe n'Imana no gutera imbere kw'imirimo. Ube witeguye kwereka umutoza cyangwa umwigisha wawe iyo ngengabihe.

# AMASENGESHO -- Gahunda y'Amahugurwa 1,2

## Impuruza y'Amasengesho : Gusengera Ububyutse

**I. Uburyo bwo gutegura no Kuyobora Impuruza y'Amasengesho**

Impuruza y'amasengesho yibanda ku mahame abiri ashingiye kuri Bibiliya:

Amasengesho agana imbere

Amasengesho agana inyuma

**A. Insanganyamatsiko:** Impuruza y'Amasengesho igira insanganyamatsuko yibandaho

**B. Ibyigwa**: Tanga icyanditswe gishyigikira iyo nsanganyamatsiko.

**C. Kwizihiza**: Guhimbaza Imana

**D. Kwihana no kwitegura**: Gusenga ducecetse twihana

**E. Gusengera mw'Itsinda Rito.**

Saba abahugurwa kwigabanyamo amatsinda mato y'abantu 2-6 maze basengere ibyerekeye itorero ry'ahantu, mu karere, mu gihugu no ku'isi yose. Nyuma y'igihe cyategnijwe cyo gusengera mu matsinda, yobora isengesho risaba urunana rw'amasengesho rukura, mu itorero cyangwa mu mujyi, no cyangwa agace utuyemo.

**F. Kumenyekanisha**: Amakuru yose n'ibikoresho nk'amategeko nk'ikarita, urutonde.)

**G. Guhimbaza no kuramya**

**II. Impuruza y'Amasengesho**

Umutoza agomba kuyobora abandi mu isengesho ingendanye n'insanganyamatsiko yo "Gusenga" ukoresheje inyandiko zikurikira:

A Isengesho ryo Kuramya no Kwibwira: (Umwigisha ayobore icyo gice cyo gusenga)

Muri iki gice turibanda ku buryo bwo gusenga Yesu yakoresheje nk'intangarugeo:

**Matayo 6:9-13**

"Dore uko mukwiriye gusenga:

Data wa twese uri mu ijuru, Kuramya no Kwibwira

Izina ryawe ryubahwe,

ubwami bwawe buze, Ubusabane

icyo ushaka gikorwe mw'isi Kumvira

nkuko gikorwa mu ijuru.

Duhe uyu munsi ibyo kurya byacu bya buri munsi. Kwinginga

Uduharire imyenda yacu nkuko Kwihana

natwe duharira abayiturimo.

Kandi ntuduhane mu bishuko, Kubaturwa mu bibi

Soma witonze kandi utekereza kuri aya magambo yo guhimbaza

Abef 1:6; 1 Pet 4:11; Zab 8:1; Zab 71:19

Kubera ko atari igihe cyo kwiga Bibiliya, ntimufate umwanya wo gutanga ibitekerezo kuri iyi mirongo mu bice bitandukanye by'impuruza y'amasengesho. Yobora itsinda mu masengesho magufi aho buri munti mu itsinda avuga ikirango cyangwa izina ry'Imana no kuyihimbaza.

B. Isengesho ryo Gusabana n'Imana (Umwe mu bahugurwa ayobore icyo gice cy'impuruza)
Yohana 15:7-10; Yak.4:4-8
C. Isengesho ryo Kumvira (Undi mu bahugurwa ayobore icyo gice cy'impuruza)
Soma witonze kandi utekereze kuri iyi mirongo: Yoh 14:23; Abar 6:12-13; Abar 8:5
D. Isengesho ryo Kwinginga (Undi mu bahugurwa ayobore icyo gice cy'impuruza)
Abafil 4:6-7; Yoh.15:5-7; Yoh 14:12-13
E. Isengesho ryo Kwihana no Kubaturwa (Undi mu bahugurwa ayobore icyo gice cy'impuruza)
2 Abakor 7:10; Yes 59:2; Zab 66:18-19

Saba abahugurwa bungurane ibitekerezo kuri buri gice cy'impuruza y'amasengesho, hanyuma basubize ibi bibazo:

1. Ni ibiki bisa n'ibigenda neza?
2. Ni ibiki bitagenda neza?
3. Hari igice cy'impuruza mwasanze kibangamye? Niba gihari, ni kuki ?
4. Ni ubuhe buryo buboneka ko ari bwiza bwo kuyobora impuruza y'amasengesho ?

# AMASENGESHO -- Gahunda y'Amahugurwa 3

## Uburyo bwo Kuyobora Amasengesho – Gukangurira Abantu Gusengera Itorero Rishingwa.

Iri somo uriteganyirize amasaha abiri

**I. Amasengesho** – Ikintu cya Ngombwa Cyane mu Ivugabutumwa no Gushinga Amatorero.
**Abar. 10:1; Abef. 6:18; Abef. 6:19-20; Abakol 4:2-4; 2 Abates 3:1-3**

**II. Uburyo bwo Kuboneara Umwanya Amasengesho mu Ivugabutumwa no Gushinga Amatorero**

Ni ubuhe buryo bufatika washobozamo abizera kugira uruhare mu gusengera ibikorwa byo gushinga amatorero?

**A. Mu itsinda rito**

1. Itsinda rito ryakwibanda ku ki mu masengesho yaryo?

**B. Mu masengesho ya batatu batatu**

1. Abantu batatu bakwibanda ku ki mu masengesho yabo ?

**C. Mu masengesho yo Kugenda**

Mwungurane ibitekerezo ku rugendo rwo gusenga. Ese ubwo buryo burakwiriye ? Bufite umumaro ?

Inyigo ya 1.

Agace kamwe k'umudugudu kari kazwiho ibibazo byo mu miryango katoranijwe gushingwamo itorero. Ibibazo byinshi by'imibereho nk'ubushomeri, gutandukana kw'abashakanye, ubusinzi, n'ubwicanyi byari bimenyerewe. Mu bihe bya mbere byo gushinga itorero, hateguwe urugendo rwo gusenga muri buri gahanda k'uwo mudugudu. Uko bagendaga basengaga, ni ko bavumburaga bimwe Umwuka Wera abahishuriye. Izindi ngendo nyinshi z'amasengesho zarakozwe nyuma y'urwa mbere. Zimwe mu ngendo zakorerwaga ku bigo by'amashuri, izindi zikabera ku masoko n'amaduka, izindi zikazenguruka umudugudu wose. Urugendo rumwe rwakorewe mu ishyamba ryari haruguru y'umudugudu. Muri iryo shyamba hari hazwi ko habera ubuvuzi bwa magendi no guterekera, kandi hari ibimenyetso by'ubupfumu ku biti. Itsinda ryasengaga ryamaze igihe risengera ibyo bimenyetso byose. Nyuma y'imyaka itatu hatangiye igikorwa cyo gushinga itorero aho hantu, ibibazo by'imibereho byaragabanutse, ubwicanyi bwagabanutseho 40 ku ijana, kandi itorero ryari rifite abizera bari hagati ya 70 na 80. Ubu rero hari imbarag z'Umwuka zihanganye n'imbaraga zo kuyobya, kandi Imana iracyakora imirimo mu bugingo bwa benshi (DAWN Europa Prayer Manual, Kanama 1994, pg 13)

Ibi bivuzwe wabisubizaho iki?
Ni izihe nyungu ziruta izindi muri ubu buryo bwo gusenga?
Ingorane zikomeye zabwo zaba ari izihe?

Inyigo ya 2.
Umuryango umwe witangiye gushinga amatorero wimukiye mu rusisiro rw'amazu aho bifuzaga gutangiza itorero. Rimwe mu mugoroba, umuryango ugendagenda muri urwo rusisiro basengera buri nzu yose ihari. Bagendaga bahagarara kuri buri rembo bagasengera abantu bahatuye. Umwana umwe w'umuhungu asengera ko buri wese yakwakira Yesu mu mutima we. Umwana w'umukobwa asengera ko ibibazo by'amafaranga byasubizwa. Undi mukobwa nawe asengera ko imiryango yabana neza. Umugore asengera ko abantu bose bagira ubuzima buzira umuze naho umugabo asengera ko imigisha y'Imana iba kuri buri rugo. Nyuma y'urwo rugendo rwo gusenga, abantu 14 bakiriye Yesu maze itorero rito ritangira aho hantu.

Ibi bivuzwe wabisubizaho iki?
Ni izihe nyungu ziruta izindi muri ubu buryo bwo gusenga?
Ingorane zikomeye zabwo zaba ari izihe?

**D. Ikipe y'Abanyamasengesho.**

1. Ese ufite ikipe y'abanyamasengesho? Ihagaze ite? Ibyo ubasaba gusengera ni ibiki?
2. Ni mu buhe buryo uhora umenyesha ikipe y'abanyamasengesho ibyifuzo byo gusengera n'ibisubizo byabonetse ?
3. Ni ayahe makuru ubona ko ari ngombwa kubwira abanyamasengesho, kandi n'ayahe makuru ubona ko bidakwiriye kuyababwira ?
4. Ni ibihe bitekerezo bindi ufite byagufasha kuyobora amasengesho mu mirimo yawe yo gushinga amatorero.

**III. Ubushakashatsi : Gutara Amakuru yo Gusengera**

NI ayahe makuru yaba akeneye kwegeranywa mu bushakashatsi kugira ngo afashe mu gusengera abantu ku giti cyabo, cyangwa abaturanyi bose?
Ese nk'amakuru yerekaye amatorero ahasanzwe, amatsinda y'ubupfumu n'imyuka mibi ihari, gukura kw'itorero n'ubumwe ba'abizera yaba akenewe mu masengesho yawe? Sobanura?

**Iteganyabikorwa**
Niba wari utarabikora, **tangira utegure ikipe y'abanyamasengesho.** Saba abandi bizera nibura batatu gusengera imirimo yawe buri cyumweru. Ni gute uzajya ubagezaho amakuru ku byo basengera no ku bisubizo byabonetse?
**Kora nibura urugendo rumwe rwo gusenga mug ace watoranije kamwe n'itsinda ryawe ryo gushinga** itorero cyangwa n'abandi bafite umutwaro wo kubona abatuye aho bakira Yesu. Ungurana ibitekerezo kuri ibi n'Umutoza wawe cyangwa umwigisha wawe.

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 1

## Ubusobanuro ku buryo bwa Bibiliya Yivugira: Kureka Bibiliya Ikatwigisha

**I. Bibiliya yivugira cg Kuvigira Bibiliya (2 Tim 2 :15)**

A. Uburyo bwo Kuvugira Bibiliya
1. Gutekereza macuri
   Ni uguhera ku bitekerezo bisanzwe bizwi, ukavanamo umwanzuro.
2. Kwiga Bibiliya macuri
   Mu mirongo igera ku 10 yo mu Isezerano Rishya, umusemburo uvuga icyaha. Ubwo twakwanzura ko no muri **Matayo 13 :33** havuga icyaha. Dusome uwo murongo. Ese aha umusemburo uravuga icyaha?
3. Uburyo bwa "Rusange"

Abigisha ba Bibiliya baba bazi icyo bashaka kuvuga, ariko bagashakisha muri Bibiliya umurongo ushyigikira ibyo biyumvamo. Kuki ibi byatera ingorane mu gusobanukirwa icyo Bibiliya ishaka kuvuga?

**B. Uburyo bwa Bibiliya yivugira.**

1. Gutekereza kuzima
   Twitegereza ibihamya twitonze kugira ngo tugerageze gusobanukirwa icyo bivuze.
2. Kwiga Bibiliya yivugira
   Dusesengura neza uko byanditswe tukavanamo ubusobanuro
3. Uburyo buruta Ubundi

**II. Intambwe zo Kwiga Bibiliya Yivugira**

**A. Kwitegereza –** Handitswe iki?
**B. Gusobanura –** Bivuga iki?
**C. Gushyira mu bikorwa –** Nakora iki?
Musome **Yohana 1:1-2** hanyuma mwungurane ibitekerezo kuri ibyo bibazo bitatu.

**III. Kubaka Umunara Ukomeye**

A. Kuvuduka – Ntiwihutire gutangirira ku mwanzuro wa hutihuti wibwira ko ubisobanukiwe. Ntuwihutire gushyira mu bikorwa ibyo utazi neza ko bishoboka.
B. Urufatiro Rukomeye – rutangirira ko kwitegereza neza (gugabanyamo uduce dutoya) Ducengera muri ibyo bayndimitswe kugira ngo tumenye neza icyo bivuga. Dushyira mu bikorwa ibifatika.

Dore ibibazo byo kwitegereza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa.

1. Ni irihe tandukaniro hagati yo kuvugira Bibiliya no Kuyireka ikivugira?
2. Kuki uburyo bwo kureka Bibiliya ikivugira buruta cyane ubwo kuyivugira?
3. Ni izihe ngorane ziterwa n'uburyo bwitwa "rusange" mu kwiga no kwigisha Bibiliya?
4. Ni bihe bibazo wakwibaza kugira ngo witegereze neza umurongo wo muri Bibiliya?
5. Ni bihe bibazo wakwibaza kugira ngo wisobanurire neza umurongo wo muri Bibiliya?
6. Ni bihe bibazo wakwibaza kugira ngo ushyire mu bikorwa neza umurongo wo muri Bibiliya?

**Iteganyabikorwa**

Ubutaha n'ujya kwiga Bibiliya, wandike igihe ukoresheje mu kwitegereza, mu kwisobanurira, mu gushyira mu bikorwa. Icyo guhe wakorersheje ni cyo kizakwereka niba wakoresheje uburyo bwo kuvugira Bibiliya, ubwo kuyireka ikivugira, cyangwa ubundi buryo buri hagati.

Mu kwitegura isomo ritaha ryerekeye Kwitegereza, fata umurongo woroshye wo mu Byanditswe ushaka kwiga (nturenze interuro imwe) Umare nibura amasaha abiri witegereza uwo murongo usenga kugira ngo Imana ifungure amaso yawe ubone ibyo utarabona. Andika ibyo ubona. Ni ibiki wize?

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 2

## Kwitegereza Ijambo ry'Imana

**1. Kwitegereza – Aya magambo avuga ngo iki?**

**A. Itegure kwitegereza**
Ni uruhe ruhare rw'Umwuka Wera **(1 Abakor. 2:14)**
Ni uruhe ruhare rw'amasengesho **(Abef. 1:18)**
Ni uruhe ruhare rwo kwitegura kumvira **(Yak 1:22-25)**
Ni uruhe ruhare rwo kwisuzuma ukoresheje ibyo usoma **(2 Abakor 13:5)**
Ni uruhe ruhare rw'ubushake bwo kwiga **(Ibyak. 17:11)**

**B. Fata igihe gihagije**

**C. Reba igihe bivugiwemo**
Kureba igihe amagambo avugiwemo bisaba kwibaza ibi bikurikira:
1. Ese imirongo ibanza n'ikurikira ivuga iki?

2. Ese insanganyamatsiko y'iki gika ni iyihe ?
3. Ese insanganyamatsiko y'iki gice ni iyihe ?
4. Ese intego n'insanganyamatsiko y'iki gitabo ni iyihe ?

**D. Reba imyandikire**

i. Amagambo y'ingenzi
ii. ibigereranyo n'ibitandukanyo
iii. uruhererekane rw'ibitekerezo
iv. inshinga
v. ibyungo
vi. ingero
vii. imvugo yakoreshejwe

**E. Ibaze ibi bibazo: Nde? Iki? Hehe? Ryari? Gute? Kuki?**

Kwiga Yeremiya 1 dukoresheje amahame tumaze kubona yerekeye Kwitegereza. Icya mbere, musome uwo murongo hamwe. Hanyuma mwungurane ibitekerezo ku bibazo biri munsi y'ingingo "URUGERO RWO KWITEGEREZA" Mukomeze mwungurane ibitekerezo kugeza ku isaha ibura iminota 10. Hanyuma murebe nk'ishuri ryose ibyo mwavanyemo.
Niba bishoboka ukore kopi za "urugero rwo kwitegereza" ku bahugurwa bose

**Urugero rwo Kwitegereza**

A. Nde?

Aya magambo yanditswe na nde? (1)
Ni ban de bavugwa muri aya magambo (1-2) ?
Ni abahe bami bavugwa muri iyi mirongo (2-3) ?
Ni bande Imana irega ko bazanye akaga mu gihugu (15)?
Imirongo ya 18-19 ivuga abarwanyaga Yeremiya. Ni bande?
Abandi?

B. Iki?

Ni iki cyabaye kivugwa mu ntangiriro z'umurongo wa 2 ?
Ese umurongo wa 2 watumenyesha icyo Yeremiya yari ashinzwe ?
Niba ari byo, yari ashinzwe iki?
Dukurikije umurongo wa 2 ni iki cyabaye mu mpera y'ingoma ya Zedekiya?
Ni iki cyabaye kuri Yeremiya mu murongo wa 3?
Ni irihe "Jambo ry'Uwiteka" ryaje kuri we (5)?
Ni bibihe bikorwa bine Imana yiyitirira mu murongo wa 5?
Inshingano za Yeremiya zagarukiraga he? Ese ni ku bwoko bwa Isiraeli cg zararengaga?
Igisubizo cya Yeremiya cyari ikihe mu murongo wa 6?
Igisubizo Imana yahaye Yeremiya mu murongo wa 7-8 ni ikihe?
Ni ayahe mahitamo Yeremiya yari afite dukurikije umurongo wa 7?
Ni ayahe marangamutima ya Yeremiya Imana yamukijije mu gace kabanza k'umurongo wa 8?
Ni izihe mpamvu ebyiri Yeremiya yahawe ngo areke gutinya (8)?
Uwiteka yakoreye iki Yeremiya mu murongo wa 9?
Umurongo wa 10 werekana umurimo wa Yeremiya. Ni ibiki bigize uwo murimo?
Ni ubuhe buryo bikurikirana mu murongo wa 10 ?
Ni bintu ki bibiri Imana yeretse Yeremiya mu murongo wa 11-16?
Umurongo wa 12 ugaraga Imana ikora iki?
Dukurikije umurongo wa 14-16 ni iki cyari kigiye kuba ku bwoko bw'Imana?
Ni izihe mpamvu zihariye zatumaga Imana iciraho iteka ubwoko bwayo?
Ni ayahe mabwiriza Imana yahaye Yeremiya mu murongo wa 17?
Ni ayahe amategeko yari yaravizwe kenshi kuva mbere?
Ni irihe sezerano rishya (17)?
Abantu bavugwa mu murongo wa 18 bakoreye Yeremiya iki (19)?

Ni irihe sezerano Imana yahaye Yeremiya kubw'intambara zari imbere ye (19)?
(Ibindi?)

C. Hehe?
Ibivugwa muri iyi mirongo byabereye hehe dukurikije umurongo wa 1?
Ni ahagana he?
Abantu bavugwa mu murongo wa 15 baturutse hehe?
(Ibindi?)

D. Ryari?
Igihe kivugwa muri iki gitabo cyose kingana n'imyaka ingahe?
Mu murongo wa 5, Imana yamenye (yatoranije) Yeremiya ryari?
Mu murongo wa 5, Imana yashyiriyeho Yeremiya gukora umurimo ryari?
Igikorwa kivugwa mu murongo wa 18 cyabaye ryari?
(Ibindi)

E. Kuki?
Kuki Imana "yarebaga" mu murongo wa 12?
Kuki Imana yatangazaga ibyago bizaba ku bwoko bwayo (16)?
(Ibindi)

F. Gute?
Yeremiya avugwaho ate mu murongo wa 1?
Se witwa Hilikiya we avugwaho ate?
Yeremiya avugana n'Imana ate mu murongo wa 6?
Yeremiya asubiza ate ku ijambo ry'Imana mu murongo wa 6?
Imana ivuga ite kuri Yeremiya mu murongo wa 18?

**Iteganyabikorwa**

Niba utabonye umwanya wo kurangiza kwitegereza Yeremiya 1, ubikore mbere y'isomo ritaha. Reba niba ushobora kubaza ibindi bibazo kuri iyo paji. Ibyo bibazo n'ibisubizo byabyo uzabizane mu isomo ritaha.

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 3

## Ikiganiro cyo Kwitegereza

Ni ngombwa kongera guhuza amatsinda yose nibura igihe kinga n'iminota 15 kugira ngo barebe ibyo bagezeho. Ibyo bituma haboneka ibindi bibazo bishobora gufasha abandi birenze ibitangwa n'umuntu umwe cyangwa itsinda rito. Ibyo kandi bishyigikira agaciro ko kwigira Bibiliya hamwe mu itsinda kuruta kubwirizwa n'umuntu umwe gusa ibyo yabonye mu byanditswe. Mwigabanyemo amatsinda y'abantu 3-4. Mufate iminota 35 yo gusoma amagambo, mutegure ibibazo byo **kwitegereza,** hanyuma mwandike ibisubizo.
Teganya impapuro n'amakaramu ahagije amatsinda akoresha. Uzakenera n'ikibaho, amacaki, cyangwa ikindi gisa nabyo cyo kwandikaho bibbazo n'ibisubizo mu gihe amatsinda agarutse hamwe nyuma y'isomo. Tanga kopi z'ibi bikurikira niba bishoboka.

**INTAMBWE**

Mukoreshe izi ntambwe zatanzwe mu ncamake y'isomo rya 2 ku Ibyak. 17:1-10a
Musenge kugira ngo mumurikirwe
Musome amagambo incuro nyinshi
Mwitegereze ibihe yandikiwemo mwandike ibyo mubona
Mwitegereze imyandikire maze mwandike ibyo mubona

Mubaze buri kibazo muri bya bindi bitandatu n'ibishamikiyeho byose mutekereza, kandi mwandike ibisubizo mubona. Ntabwo ibibazo byose bishobora gukoreshwa muri iyi mirongo, ariko mwandike ibijyanye nayo. Mutoranye ibyo mubona bikwiriye kuruta ibindi mwakoresha mugiye kwigisha kuri iyi mirongo.

**IBIHE:** Insanganyamatsiko y'umutwe w'aya magambo igaruka kenshi mu gice turimo kwiga.

| | | |
|---|---|---|
| Imirongo ibanza | Igika/igice | Igitabo (Ibyak.) |
| Imirongo ikurikira | Igice (17) | Isezerano Rishya |

**IMYANDIKIRE**: Imyandikire ishingiye ku mvugo ikoreshwa n'ururimi rwakoreshejwe.

| | | |
|---|---|---|
| Amagambo y'ingenzi | Inshinga | Ubwoko bw'imvugo |
| Ibihwanye n'ibitandukanye | Ibyungo | |
| Uruhererekane rw'ibitekerezo | Ingero | |

**IBIBAZO BYA NGOMBWA**: Mubaze kandi musubize ibibazo byose bishamikiye kuri ibi 6:
Nde? Iki? Hehe? Ryari? Gute? Kuki?

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 4

## Gusobanura Ijambo ry'Imana : Bisobanura Iki?

**I. Gusobanura: Intambwe ya Kabiri yo Kwiga Bibiliya yivugira.**
**II. Uburyo bwo Kureka Bibiliya ikavuga.**
- **A. Toranya mu bihamya mwavanye mu Kwitegereza Uvanemo iby'Ingenzi.**
- **B. Emeza ingingo nkuru y'Umwanditsi**
- **C. Emeza icyerekezo cy'igitekerezo kiri muri aya magambo**

**III. Amategeko y'Ibanze yo Gusobanura.**
- A. Amahame Rusange yo Gusobanura Bibiliya
  1. Bibiliya n'Ijambo ry'Imana rifite ubutware
  2. Bibiliya ni yo yisobanura neza, igaragaza uko Imana iteye.
  3. Kwizera gukiza n'Umwuka Wera ni ngombwa mu gusobanukirwa Ibyanditswe
  4. Ugomba gusobanura amateka, ibikorwa, imyitwarire, ibyabaye ku bantu ... ushingiye ku Byanditswe, ntabwo usobanura Ibyanditswe ushingiye kuri ibyo twavuze.
  5. Intego y'ibanze ya Bibiliya si iyo kuduha ubumenyi, ahubwo ni uguhindura ubugingo.
  6. Buri Mukristo wese afite uburenganzira, inshingano n'amahirwe yo gushakasha no gusobanura Bibiliya ayobowe n'Umwuka Wera.
- B. Amahame yo Gusobanura Bibiliya ashingiye ku Mateka, ku Myandikire no kuri Tewolojiya.
  1. Usobanura amagambo ukurikije uko yakoreshwaga mu bihe no mu muco umwanditsi yarimo. Buri gihe utekereze uko abamwumvaga baba barifashe imbere y'ayo magambo.
  2. Ni iby'ingenzi kumenya imvugo ikoreshwa mu magambo mbere yo gusobanura mu buryo bwa tewolojiya icyo ayo magambo yigisha.
  3. Ururimi rushushanya ikintu buri gihe rugira ingingo nkuru imwe. Ntugashake kuvumbura ibintu byinshi mu mirongo nk'iyo.
  4. Ntugashake kumvikanisha ingingo kuruta uko Ibyanditswe biyumvikanisha. Ntukongere ibitekerezo byawe cyangwa imigenzo y'itorero ryanyu ku byo Bibiliya ivuga.
- C. Amakosa Rusange yo Gusobanura Tugomba Kwirinda.
  - Gusimbagurika - kuva mu gice ujya mu kindi ugata ibyo yavugagaho.
  - Gushyoma – kwirengagiza ubusobanuro bwa Bibiliya ugashakisha ubundi buhishwemo.
  - Kwirengagiza Ihishurirwa Rikomeza – kwibagirwa ko Ibyanditswe ari uruhererekane.
- D. Koresha "Ibigufasha" ariko ubikoreshe witonze

Ongera urebe ibyanditswe ku Kwitegereza kuri Yeremiya 1, **maze ukurikize iyo nzira mu Gusobanura niba ugifite igihe. Kurikiza uko bimeze hepfo:**

IV. Urugero rwo Gusobanura

A. Toranya mu byo Witegereje uvanemo iby'ingenzi

B. Emeza Ingingo z'ingenzi

C. Erekana umuyoboro w'Igitekerezo

D. Bimwe mu bibazo "by'ubusobanuro"

Mu gihe usesengura ibyo tuvuze haruguru, byaba byiza kwibaza ibibazo bikurikira byerekeye ubusobanuro bw'ibyo wasomye. Ahari watekereza n'ibindi bibazo byiza cyangwa birutaho. Ibi ni ibigufasha gutangira urugendo rwawe.

Umurongo wa 5
Kuvuga ko Imana yari izi Yeremiya bisobanura iki?
"Gutoranywa" bisobanura iki?
Ni ibiki bifitanye isano n'imvugo ngo "...mbere y'uko uvuka naragutoranije?"
Umurongo wa 6
Kuki Yeremiya yibonaga nk'umwana?
Urakeka ko ari iki cyateraga Yeremiya gusubiza nkuko yasubije?
Umurongo wa 7
Ukurikije ibyo ubona muri uyu murongo, ni iki kiranga umuhamagaro uvuye ku Mana?
Igisubizo cyawe ku kibazo uvuyeho cyerekana iki ku Mana n'imiterere yayo?
Umurongo wa 8
Amagambo y'Uwiteka avuga iki ku buryo abantu bazakira imirimo ya Yeremiya iri imbere?
Ni iki kibonekamo cyatera Yeremiya umwete wo guhangana n'abamurwanya?
Umurongo wa 9
Uwiteka yashyize ate amagambo ye muri Yeremiya?
Umurongo wa 10
Uratekereza ko amagambo "urandure kandi urimbure, usenye kandi uhirike, wubake kandi utere" avuga iki?
Ni iki ubona mu miterere ya Yeremiya wumva ko byamufasha gukurikira gahunda z'Imana?
Umurongo wa 12
Ni ayahe mahame ubona muri uyu murongo yerekana uko Imana ikorana n'abo ihamagaye?
Umurongo wa 16
Uyu murongo ugaragaza iki ku miterere y'Imana, ndetse n'ibirabana no guciraho iteka ubwoko bwayo?
Ese ibyo Imana yagambiriye gukorera ubwoko bwe bifite ishingiro? Kuki?
Umurongo wa 17
Ni ikihe kintu kimwe mu byagombaga kugaragaza ko Yeremiya "yiteguye"?
Ni iyihe mpamvu utekereza yatumye Imana isubiramo ibyo yavuze mbere (umurongo wa 8)?
Umurongo wa 18
Aya magambo asobanura iki "umurwa w'igihome, inkingi y'icyuma, n'inkike y'umuringa?"
Kuki abantu bavugwa mu murongo wa 18 bagombaga kurwanya ubutumwa bwa Yeremiya?
Ni buryo ki Imana ikomeza Ubwoko bwayo ubu kugira ngo bushikame muri Yo?
Umurongo wa 19
Uyu murongo uratwereka iki ku miterere y'Imana n'uko yitangira abo yahamagaye?

Ihame rya Bibiliya

Nkurikije ibyo nize muri Yeremiya 1, ndabona aya mahame ahoraho ya Bibiliya:

**Itegenyabikorwa**

Rangiza ibibazo byo muri iri somo byose waba utararangije.
Tangira ukore ibijyanye no gusobanura ukurikije Ibyak 17:1-10

### Ikiganiro cyo Gusobanura

| |
|---|
| Mwigisha, kurikiza amabwiriza yatanzwe muri Uburyo Bwo Kwiga Bibiliya Gahunda ya 3, uyobore "Ikiganiro cyo Gusobanura" ukoresheje Ibyak.17:1-10a |

A. Toranya mu byo Witegereje uvanemo ibya Ngombwa
Iyo ndebye mu byo nitegereje kuri Ibyak. 17:1-10a, bisa n'aho ibyo nabonyemo by'ingenzi ari(urutondo):
- Ibihe amagambo yandikiwemo:
- Abamwumvaga ba mbere:
- Uko byari byifashe icyo gihe
- Ibindi bihamya n'ibyo wabonye

B. Erekana Ingingo Nkuru
- Umutwe w'aya magambo ni:
- Ibyo Luka avuga kuri uyu mutwe w'amagambo ni:
- Inyito nyayo y'Ingingo Nkuru, igaragaza ibitekerezo byombi bibanza ni:

C. Erekana umuyoboro w'Igitekerezo
- Luka agaragaza igitekerezo gikuru muri aya magambo akoresheje:

D. Ibibazo bya "Bisobanura iki"
Mu gihe mwiga aya magambo nk'itsinda, andika hepfo ibibazo by'ingenzi wabajije byerekeye ubusobanuro bw'amagambo byagufashije kurushaho gusobanukirwa iyi mirongo. [Ca uruziga ku bibazo bibiri byagufashije kurusha ibindi wakoresha uyobora itsinda]

E. Vuga Ihame rya Bibiliya
Ihame rya Bibiliya rihoraho ni:

## UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 6

### Gushyira mu Bikorwa Ijambo ry'Imana – Nakora iki ?

I. Gushyira mu Bikorwa – Intambwe ya Gatatu yo Kwiga Bibiliya Yivugira (Mat 28 :20 ; Yak 2 :17)
Gushyira mu bikorwa bisaba kwibaza iki kibazo, « Ni iki mu buzima bwanjye guhwanye n'ibivugwa muri aya magambo ? »

II. Urugendo rwo Gushyira mu Bikorwa
A. Ingingo zo Gushyira mu bikorwa

| | | |
|---|---|---|
| 1. Kwizera | 4. Ibyaha | 7. Imiterere |
| 2. Imyitwarire | 5. Ingorane | |
| 3. Ibikorwa | 6. Amasezerano | |

Mwungurane ibitekerezo ku « Bibazo Rusange » n' « Ibibazo Byihariye » bibayobore mu gushyira mu bikorwa Yeremiya 1 mu buzima bwanyu no mu mirimo yanyu. Muganire ku byo mwagezeho mwese hamwe.

Ibibazo Rusange
Hendricks atanga urutonde rw'ibibazo bishobora gufasha kuri buri gice cyose cy'Ibyanditswe. Ni ibi :

| | |
|---|---|
| Hari urugero nakurikiza ? | Hari ibya ngombwa nsabwa kuzuza ? |
| Hari icyaha nakwirinda ? | Hari umurongo nafata mu mutwe ? |
| Hari isezerano nakwishyuza ? | Hari ikosa nakwitondera ? |
| Hari isengesho nasubiramo ? | Nari ingorane nahangana nayo ? |
| Hari itegeko nakumvira ? | |

Ibibazo Byihariye
Ibi bibazo bifitanye isano n'icyo wakagombye gukora kubera ubutumwa wumvise. Hari umubare munini cyane w'ibyo bibazo byihariye, kuko bigiye bitandukana muri buri gice. Ushobora kubangamirwa no kuvumbura

kwawe gusa. Icya ngombwa ni ugukingurira Umwami umutima wawe, akakwereka ibyo yifuza ko byahinduka mu bugingo bwawe.
Bimwe muri ibyo bibazo ni ibi bikurikira. Ushobora kongeraho ibindi uko ugenda usoma aya magambo.
Umurongo wa 5
Ni iki uyu murongo ukwigisha wose ubwawe cyerekeye isano yawe n'Imana nk'Umuremyi wawe ?
Ni iki uyu murongo ukubwira ubwawe cyerekeye umuhamagaro wawe mu murimo ?
Niba utiyumvamo neza umuhamagaro, uyu murongo urakubwira iki ?
Ni iki uyu murongo ukubwira ubwawe ku byerekeye ubushake bw'Imana ku bugingo bwawe ?
Waba uzi ubushake bw'Imana ku bugingo bwawe kugeza ubu ?
Ni iki uyu murongo ukora ku bugingo bwawe kijyanye no kwizera Imana itavugirwamo ?
Irabyemera ? Wemera icyo gihamya utizigamye ?
Umurongo wa 6.
Ese umeze nka Yeremiya mu gushidikanya kwakira impuruza  y'Imana?
Ese inzitwazo zawe ni izihe?
Ese uracyatanga inzitwazo? None wazigenza ute?
Umurongo wa 7
Uratekereza iki ubwawe ku gisubiza Imana yahaye Yeremiya?
Wumva wakwifata ute ubwawe ku kugaragar nk'intagondwa kwa Yeremiya yanga guhamagara kw'Imana?
Biragaragar ko nta mwanya Yeremiya yari afite wo gufata icyemezo cye bwite. Wowe wumva ute kutagira uburenganzira bwo kwihitiramo mu byerekeye umuhamagaro w'Imana? Ese wakunda guhitamo?
Ese uyu murongo waba ugutera ikibazo kijyanye n'uburenganzira bwawe bugongana n'Imana itavugirwamo?
None niba bigutera ikibazo, wabyifatamo ute?
Umurongo wa 8
Uyu murongo usobanura iki kubwawe wenyine?
Wawushyira mu bikorwa ute mu buzima bwawe no mu mirimo yawe?
Umurongo wa 9.
Ese watubwira igihe wibuka Imana yaba yarahuye nawe ubwawe?
Umurongo wa 10
Uyu murongo uravuga iki ku byerekeye intego kaminuza y'Imana ku murimo wawe?
Hari ibyo ubona mu bikorwa bya Yeremiya bihwanye n'ibyawe nk'umuntu ushinga amatorero?
Hari inzitizi nyinshi Nehemiya yagombaga guhangana nazo akazinesha kugira ngo agere ku ntego yo kubaka no gutera bundi bushya. Ni izihe nzitizi nawe ubona mu gihe ushaka kugera ku ntego yo kubaka Ubwami bw'Imana no gushinga amatorero mashya?
Wumva wakwifata ute uramutse ugomba guhangana n'imigenzo ndetse n'abayobozi batumva umurimo wawe wo gushinga amatorero?
Wumva wakwifata ute imbere y'inzitizi n'abakurwanya?
Umurongo wa 12
Ni buryo ki amahame yo muri uyu murongo ashyirwa mu bikorwa muri wowe ubwawe?
Ni iki uyu murongo uzana muri wowe cyo kwiyizera nk'umuntu ushinga amatorero?
Umurongo wa 16
Ni gute ukemura ikibazo cy' "izindi mana" mu bugingo bwawe?
Ni iki ukora ngo werekane ko wumvira Imana yonyine atari izindi mana ( nko gukunda ibintu, kurwanira igihugu, n'ibindi...)
Umurongo wa 17
Ni uruhe rugero wiyumvamo rwo kuba witeguye guhagararana n'Imana imbere y'abakurwanya?
Ni iki ugiye gukora ubwawe kugira ngo witegurire imirimo iri imbere?
Ni ibihe bice byo mu bugingo bwawe bikeneye kongerwamo imbaraga mu Mwuka?
Umurongo wa 18
Imana yakomeje Yeremiya. Ni gute Imana yagukomeje kugira ngo uhagararane na Yo?
Ni iki Imana yaguhaye ngo kigumane nawe mu bukibaho byose?
Ibi bituma wumva Imana ute, hamwe n'uburyo iguha ibyo ukeneye mu murimo wawe?

**Incamake:**

Ibyo nashyira mu bikorwa mu bugingo no mu murimo wanjye mvanye muri Yeremiya 1 ni:

**Iteganyabikorwa:**

Niba mutabonye uburyo bwo kurangiza iri somo nk'itsinda, mubikore mbere y'ibiganiro bikurikira kugira ngo mube mumenyereye amahame yabyo.

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 7

## Ikiganiro cyo Gushyira mu Bikorwa

| Kurikiza amabwiriza yatanzwe muri Gahunda y'Amahugurwa 3 kuri iki "Kiganiro cyo Gushira mu Bikorwa" |
|---|

**A. Ibuka Ihame rya Bibiliya**

Ongera wandike ihame rya Bibiliya wavanye muri Ibyak. 17:1-10a mu isomo rya 5:

**B. Gereranya ibihe byandikiwemo**

Kugira ngo gushyira mu bikorwa kwawe kugire umumaro, ibihe ukoreramo bigomba kujyana n'ibihe bya mbere bya Bibiliya.

1. Sobanura muri make ibihe bya Bibiliya amagambo yo mu Ibyak 17:1-10a yandikiwemo
2. Sobanura muri make ibihe byawe (ibyo ukora, uwo uri we, etc…)
3. Andika muri make nibura uburyo bumwe bugaragaza ko ibihe urimo bihuje n'ibihe bivugwa mu Ibyak. 17 (Icyitonderwa: Ibi bizaba bitandukanye kuri buri muntu mu itsinda, ariko hazaba hari byinshi abantu bahuriyeho ku buryo bafashanya.

**C. Tekereza ku ngingo zo Gushyira mu Bikorwa.**

Soma ayo magambo urebe ko hari zimwe muri izi ngingo zaba zifitanye isano n'ibyo urimo. Niba ari byo, wandike aho bihuriye. Birashoboka ko hari indi ngingo ikwiriye; nayo uyandike.

| | | |
|---|---|---|
| Kwizera | Ibyaha | Imiterere |
| Imyifatire | Ingorane | (ibindi) |
| Igikorwa | Isezerano | (ibindi) |

**D. Ibibazo Rusange**

Baza ibibazo rusange byo gushyira mu bikorwa biri hepfo. Andika ibisubizo aho ubona ko bikwiriye.

| | |
|---|---|
| Hari urugero nakurikiza? | Hari ibya ngombwa nsabwa kuzuza? |
| Hari icyaha nakwirinda? | Hari umurongo nafata mu mutwe? |
| Hari isezerano nakwishyuza? | Hari ikosa nakwitaho? |
| Hari isengesho nasubiramo? | Hari ikibazo nahangana nacyo? |
| Hari itegeko nakumvira? | |

**E. Baza ibibazo byihariye**

Noneho mu gihe muganira ku bibazo nk'itsinda, mutekereze ku bibazo byihariye kuri buri murongo biganisha kuri "Ni iki nakora?" Andika ibyo bibazo n'ibisubizo.

[Ca uruziga ku bibazo bibiri biruta ibindi ushobora gukoresha uyobora itsinda mu kwiga Bibiliya yivugira kuri aya magambo.]

Incamake:

Nimugaruka hamwe mwese, muganire kandi mugereranye ibyo Gushyira mu Bikorwa mwabonye muri aya magambo. Hanyuma mugereranye ibibazo mwatoranije muri buri tsinda bishobora kubafasha kuyobora itsinda ryo kwiga Bibiliya. Mubyandike.

**Iteganyabikorwa**

Ubu mumaze gutera intambwe zo Kwitegereza, Gusobanura, no Gushyira mu Bikorwa. Mbere y'isomo rikurikira, muzabanza gutegura inyigisho za Bibiliya yivugira mukoresheje amahame mwize. Muzahabwa iminota 20 yo kwerekana ubwo buryo bwo Kwiga Bibiliya mu biganiro bizaba mbere y'isomo. Isomo ritaha rizaba ryerekeye amahame yo kuyobora Kwiga Bibiliya yivugira.

Aho tugeze, umukoro wawe ni ukwiga igice ukoresheje uburyo bwa Bibiliya yivugira, no gutegura ibibazo byinshi bishoka byo Kwitegereza, Gusobanura, no Gushyira mu Bikorwa. Usabwe kwerekana icyo igice gisobanura, n'uko gishyirwa mu bikorwa muri iki gihe cyo kwitegura. Maze muri bya bibazo byawe utoranyemo 5-6 byo kwitegereza, 2-3 byo gusobanura, 1-2 byo gushyira mu bikorwa byafasha abandi bahugurwa kuvumbura no gushyira mu bikorwa inyigisho ziri muri aya magambo.

Ushobora guhitamo kimwe mu bice bikurikira kugira ngo icyige. Mubwirane ibice mwahisemo kugira ngo hatagira ufata igisa n'icy'undi. Mwafata nk'urugero ku mugereka wa 7A; Kwiga Bibiliya yivugira ku gushingwa kw'itorero ryo mu Efeso mu Ibyak.19:1-10. Uko wiga kugomba kumera gutyo, ariko ushobora kugira ibibazo, ingingo z'ingenzi no gushyira mu bikorwa bitandukanye.

**Ibice ushobora gutoranyamo ibyo kwiga:**

| | | |
|---|---|---|
| **Ibyak. 13:4-12 (Pafo)** | **Ibyak. 14:8-20 (Lusitira n' Derube)** | **Ibyak. 17:10-15 (Beroya)** |
| **Ibyak. 13 :13-51(Antiokiya)** | | **Ibyak. 17 :16-34(Atenayi)** |
| **Ibyak.14 :1-7 (Ikoniyo)** | **Ibyak. 16 :11-40(Filipi)** | **Ibyak. 18 :1-17 (Korinto)** |

# IVUGABUTUMWA - Gahunda y'Amahugurwa 1

## Iby'ibanze mu Ivugabutumwa : Imana ikunda abari mu isi cyane

Iri somo ntabwo rikurikiza Inyigisho za Omega. Ahubwo ryibanda ku kwiga uburyo bwo kuvuga ubutumwa ukoresheje Agasanduku k'Ubutumwa. Niba udashoboye kubona udusanduku tw'ubutumwa kuri buri wese mu batozwa gushinga amatorero, ukore kopi y'urupapuro rukurikira urwereke uwo ubwira ubutumwa.

1. Imiterere y'Ivugabutumwa.
   A. Uko bikurikirana
      Bisobanura iki gukurikiza urugero rwa Paulo asenga mu Abefeso 6 :19-20 ; Abakolosayi 4 :2-6 ?
   **B. Gutangiz ikiganiro ku Gasanduku k'Ubutumwa.**
   **C. Gukoresha Agasanduku k'Ubutumwa**

Biba byiza iyo ukoresheje Bibiliya y'uwo ubwira Ubutumwa. Gusoma Ibyanditswe muri Bibiliya ye bishobora kugira imbaraga cyane mu kwizera kwe. Abagaragaje ko bashaka kwakira Kristo, ushobora kubasaba gusubiramo isengesho riri hepfo. Agenda uvuga ibice bito maze ukabaha umwanya wo gusubiramo baranguruye.

a. Ifoto ya 1 – Imana ni urukundo **(1 Yoh 4:8,16.)** Icyaha gitandukanya umuntu n'Imana **(Abar. 3:23)**
b. Ifoto ya 2 – Kristo yapfiriye ku musaraba **(Abaroma 5:8, Yoh. 3:16)**
c. Ifoto ya 3 – Kristo yahambwe mu mva **(1 Abakor 15:3)**
d. Ifoto ya 4 – Imana yazuye Yesu ku munsi wa gatatu **(1 Abakor. 15:4)**
e. Ifoto ya 5 – Kristo ni we rutindo rwonyine rutugeza ku Mana **(Yoh. 14:6)**
f. Ifoto ya 6 – Tugomba kwkira impano y'Ubugingo Buhoraho mu kwizera **(Abef 2:8,9)**

**Isengesho ryo kwizera (hagarara ahari /)**
**"Mana, ndagushimiye ko unkunda. / Ndemera ko nagucumuyeho. / Nizeye ko Umwana wawe Yesu, / yapfiriye ku musaraba / kandi ko wazuye Yesu mu bapfuye. / None ubu kwizera kwanjye ngushyize muri Yesu gusa / ngo ambabarire / ankize ibyaha byanjye. / Ndatura ko Yesu ari Umwami! / Urakoze kubw'impano yawe y'Ubugingo Buhoraho. / Mbisenze mu Izina rya Yesu, / Amen.**

| Gabanya abahugurwa mo babiri babiri maze buri wese abwire mugenzi we akoresheje agasanduku k'Ubutumwa. Bombi baze kuganira uko bibamereye. |
|---|

| Guhindura abantu abigishwa: Nk'umwizera wa Yesu Kristo, ugomba – Gusenga ubudasiba (Abafilipi 4:6,7), guterana n'abandi bizera (Abah. 10:25), kwiga Bibiliya (1 Pet 2:2) kubwira abandi ubutumwa (Mariko 16:15), Gukunda Imana n'abandi n'umutima wawe wose Mat 22:36-40) |
|---|

**Iteganyabikorwa**
Genda urugo ku rundi mu gace watoranije gutangizamo itorero maze ubwire nibura abantu batanu ubutumwa ukoresheje agasanduku k'ubutumwa. Jyana n'umwizera umwe akubere nk'umutoza cyangwa uwo utoza.

| | |
|---|---|
| | IMANA<br>IMANA iragukunda! Yohana 3:16<br>1 Yoh 4:8<br><br>WOWE<br>Wowe uri umunyabyaha. Abar 3:23, Abar 6:23 |
| | YESU<br><br>Yesu yapfiriye ku musara kubera ibyaha byacu 1 Pet 2:24; Yoh 3:16 |
| | YARAHAMBWE<br>Yesu yarahambwe (1 Abakor. 15:4) |
| | YARAZUTSE<br><br>Imana yazuye Yesu 1 Abak.15:4 |
| | INZIRA IMWE<br><br><br>Yesu ni we nzira Yonyine igera ku Mana Yoh 14:6 |
| | KWIZERA<br>Ugomba gushyira kwizera kwawe muri Yesu. Abef 2:8-9, Yoh 1:12, 3:16-18, Abagal 2:16 |

# IVUGABUTUMWA – Gahunda y'Amahugurwa 2 & 3

## **Gutegura Ubuhamya Bwawe Bwite:** Dore Icyo Imana Yankoreye

ISOMO RYA 2

**I. Imiterere y'Ubuhamya**

A. Twahamagariwe Kuba Abahamya **(Ibyak. 1:8)**

B. Twahamagariwe Gutanga Ubuhamya (**Ibyak.10:42)**

**II. Agaciro k'Ubuhamya**

A. Kugamburuza abatakira Ubutumwa Bwiza (Ubuhamya bwite Ibyak. 26:12-18)
B. Kugamburuza Satani mu ntambara y'Umwuka (Ibyah. 12:10-12)

**III. Ingero z'Ubuhamya**

A. Umugore wo kw'iriba (Yoh. 4:28-29)
B. Umugabo wavutse ari impumyi (Yoh. 9:13-34)
C. Kwihana kwa Paulo (Ibyak. 9:22,26)
D. Ubuhamya bwa Paulo ku byabereye I Yerusalemu (Ibyak. 24:10-21)

**IV. Gutegura Ubuhamya: Ingingo z'Ingenzi**

Ubuzima bwawe bwari bumeze bute mbere yo guhura na Kristo?
Wamenye Kristo ute?
Kumenya Kristo byahinduye iki mu buzima bwawe?

ISOMO RYA 3

**V. Gutanga Ubuhamya Bwawe Bwite**

Ubuhamya bugomba kuba bwuzuye, bwumvikana, ari ubutumwa, kandi buhinye.

Mwigabanyemo amatsinda ya batatu. Buri tsinda risubiremo ingingo zigize ubuhamya bwuzuye, bwumvikana, bw'ubutumwa, kandi buhinye. Maze buri wese mu itsinda ahe bagenzi be ubuhamya bwe. Abahugurwa bose baze guhuza ibyo babonye, maze niba igihe kibakundiye, bamwe mu bahugurwa batange ubuhamya bwabo imbere y'ishuri ryose (ibi byatwara nk'iminota 60)

**Iteganyabikorwa**

Bwira ubuhamya bwawe abakristo nka batatu bagufashe kureba ko bwumvikana neza.
Witegure kuza kubutanga mu isomo rikurikira cyangwa ikindi gihe mu mahugurwa.
Tanga ubuhamya bwawe cyangwa werekane agasanduku k'Ubutumwa ku Bantu batanu batari abakristo, cyangwa se abo musanzwe mufitanye gahunda mu batuye aho ushinga itorero urugo ku rundi mu byumweru bibiri bitaha.
Saba Imana igutegurire abo ishaka ari bo ubwira ubuhamya bwawe (ahari ubateguze) mu byumweru bine bitaha.
**Jyana n'umwizera umwe mu bo utoza mu gihe ugenda urugo ku rundi.**

# Igitabo Cya Kabiri Cya Gahunda Y'Amahugurwa ya Omega

# INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO – Gahunda y'Amahugurwa 5

## Urufatiro rwa Bibiliya ku Kugwiza Amatorero

**Kuzuza isi ubumenyi bw'Ubwiza bw'Imana**

**I. Kugwiza Amatorero mu Isezerano rya Kera**

1. Ni iki cyagombaga kuzuzwa mw'isi muri iyi mirongo y'Isezerano Rikuru? Zab 72:19; Yes. 11:9; Yes 66:18. Ese ibyo bafite agaciro muri iki gihe? Ese ukuri kwabyo kuracyemerwa cyangwa ntikwemerwa?

**II. Imirimo ya Yesu**

1. Mat 4:23 na Luka 10:1 hatubwira iki kuri Yesu "agwiza muri Galilaya"? Kuki yibanze kuri Galilaye aho kujya muri Isirayeli hose? Ibi hari icyo bitwigisha uyu munsi?
2. Mu mugani w'Akabuto ka Sinapi (Mat 13:31-32) Yesu atubwira ko Ubwami bw'Imana bwaguka buhereye ku itangiriro rito. Mu mugani w'umusemburo (Mat. 13:33) agace gato k'umusemburo gatubura irobe ryose; uko niko n'Ubwami bw'Imana bukura. Ese ibi hari icyo bitubwira ku mugambi n'ubushake bw'Imana mu Butumwa no kw'itorero?

**III. Ishingiro rya Bibiliya ku Kugwiza Amatorero Mashya.**

NIBA ABAHUGURWA BARENZE 9 KORESHA AMATSINDA MATO MU KUGANIRA KU BIBAZO BIKURIKIRA.

1. Ni iki Abef. 3:10 hatubwira ko cyabaye igikoresho cyo kwamamaza ubutumwa?
2. Ni iki Ibyak. 1:8 na Mat. 28:18-20 hatubwira ko ari itegeko rya Yesu mu kwamamaza ubutumwa?
3. Aburahamu yatubera urugero ate muri iki gihe? (Itang. 12:1-3)
4. Hari ukugwiza kwabaye kuri Paulo arenze imbibe za Samariya? (Ibyak 19:9-10)
5. Iyi mirongo iratubwira iki ku byo Imana igambirira gukora n'uburyo izabikora? (Hab. 2:14; Mat. 16:18; Yoh 20:21; Ibyak. 13:1-3; 19:9-10)

USHOBORA GUKORESHA AMATSINDA MATO KURI IBI BIBAZO NABYO NIBA HARI UMWANYA

Byashoboka kurangiza Inshingano Nkuru mu karere runaka nta gushinga amatorero?
Ese itorero ryawe rifite intego yo kugwiza no kongera amatorero mashya?
Ufite gahunda yo gushinga amatorero mu yindi mihana y'igihugu cyawe?
Ni amatorero angahe akarere k'iwanyu gakeneye ngo kabe kagwiriyemo amatorero?
Urizera ko Imana ishaka gushyira igihugu cyawe ku rutonde rw'abahinduye amateka? Niba ari byo, ni gute?

Bwira ishuri uti: "Muzazane ibyo mwabonye mu itegenyabikorwa y'igitabo cya mbere, isomo rya 4, mu isomo ritaha.

# INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO – Gahunda y'Amahugurwa 6

## Ikiganiro ku Bushashakashatsi: Gutangaza Ibyavuye mu bushakashatsi bw'Akarere Katoranijwe.

Iri somo rishingiye ku Iteganyabikorwa y'isomo rya 4 ry'Intumbero yo Kugwiza Amatorero, Igitabo cya mbere. Abahugurirwa Gushinga Amatorero bagomba kuzana ibyavuye mu iteganyabikorwa muri iri somo. Emerera abahugurwa bose gutanga amakuru y'ubushakashatsi bwabo ku mukorer wo mu Gitabo cya Mbere (Intumbero yo Kugwiza Amatorero) Umugereka wa 4A. "Gusobanukirwa Akarere Watoranije") Niba bafite amakarita, ibishushanyo, n'ibindi... babimanike kugira ngo abandi babirebe mu gihe cy'ikiruhuko.

Niba hari abarenze bane bagomba gutanga amakuru yabo muri iyo saha, byaba byiza bigabanijemo amatsinda mato. Bitabaye ibyo watoranya bake muri bo bafite amakuru aruta ay'abandi kugira ngo bayumve kandi bayaganireho.

Buri mwigishwa cyangwa itsinda ry'abahugurwa rikoresha iminota 10-15 yo kwerekana amakuru yabo bakoresheje amabwiriza akurikira:
Igice cya mbere – Amakuru Rusange Yakusanyijwe (Iminota 5-7)
Vuga imiterere y'akarere watoranije. Muri make ibyo wize mu ntambwe ya 2 na 3 za Intumbero yo Kugwiza Amatorero, Umugereka wa 4A "Gusobanukirwa Akarere Katoranijwe"
Ayo makuru wayakusanyije ute? (kuzuza impapuro, ibiganiro, kwitegereza, amakarita, gusoma ibitabo, n'ibindi...)
Muganire ku bibazo cyangwa ingorane zikomeye bahuye nazo n'uburyo babyivanyemo. Ni iki wakora ubutaha mu bundi buryo?
Igice cya kabiri – Gusesengura Amakuru (Ikarita y'Umwuka) (Iminota 5-8)
Ibyo abahugurwa berekana byose bigomba kwibanda ku byo bavanye mu bushakashatsi. Gusubiza ibibazi bikurikira bishobora kubafasha.
Ni iki gishimishije waba waramenye ku karere watoranije n'abantu bahatuye?
Haba hari amakuru yagutangaje?
Ni ibiki waba arize bizagufasha gufata ingamba zo gushinga itorero muri ako karere?
Ni iki waba warabonye gihamya ibyo wari usanzwe uzi cyerekeye ibisarurwa byaho?
Ni iki wavumbuye cy'ingenzi cyane mu gushinga itorero utari uzi cyerekeye ibisarurwa?
Ni ayahe mahirwe wabonye yakingura inzugi ku Butumwa bwiza?
Ni izihe nzitizi wabonye kandi ni gute wazirenga?
Ni ubuhe bushakashatsi bundi bukenewe gukorwa kugira ngo hategurwe ivugabutumwa rikwiriye n'ingamba zo gushinga amatorero muri ako karere?

# INTUMBERO YO KUGWIZA AMATORERO – Gahunda y'Amahugurwa 7

## Gushaka Ibikenewe Ukoresheje Ubushakashatsi (Ikarita y'Umwuka)

Mu kwigisha iri somo, gerageza gutanga ingero zifatika z'ibihe amakuru y'ubushakashatsi yagize uruhare mu kubona abantu, amasengesho n'ibikoresho byo gushinga itorero. Ugerageze no gutanga urugero rw'aho amakuru yatanzwe nabi yazanye ingaruka mbi. Ufashe abahugurwa kubona uko ibyo byashoboraga kutabaho, no kwigira ku makosa yakozwe.

### I. Guhamagarirwa Igikorwa

Ukurikije ubushakashatsi bwawe, subiza ibibazo ngo "Ni iki Imana ishaka muri kariya karere nahisemo? Ni buryo ki buri mugabo, buri mugore na buri mwana batuye hariya hantu bakumva kandi bakabona ubutumwa mu buryo bubanogeye?"
Gereranya abantu bo mu karere watoranije n'abavugwa muri Mat. 9:35-38. Abantu batuye mu karere watoranije bamerewe bate? Bamerewe bate mu Mwuka? Ese hari amatorero ahasanzwe? Ni bangahe muri bo bajya gusenga cyangwa biyita ko ari abayoboke ba Kristo? Ese bakira Ubutumwa? Ni ayahe madini yandi ahakorera? Ni amatorero angahe akenewe muri ako karere kugira ngo buri muntu agire amahirwe yo kureba no kumva Ubutumwa mu buryo bumunogeye?
Ni iki cy'umwihariko Imana iguhamagarira gukora hamwe n'ikipe yawe kugira ngo mugeze ubutumwa muri ako karere?
Ni buryo ki mugiye kwitangira gusengera abantu batuye muri ako karere watoranije?

Ni ibihe bikenerwa (abantu, amatorero n'imiryango) ushobora kwegeranya ngo bigufashe kugeza ubutumwa ku bantu bo mu karere watoranije?
Ni uruhe ruhare wowe n'ikipe yawe muzagira mu gushaka abandi babafasha gusenga no gukora kubwo kugeza Ubutumwa ku batuye akarere watoranije?

**II. Amabwiriza yo Gutanga Amakuru.**

Ni ba nde ukwiriye kubwira amakuru y'ubushakashatsi?
Ni iyihe migambi ufite yo kubwira abandi ibyavuye mu bushakashatsi bwawe?

**III. Hitamo Uburyo bwo Gushaka Imbaraga z'Abasaruzi.**

Ubushakashatsi buruta cyane gutara amakuru gusa. Ni inzira yo gukangurira abandi gukurikiza ibyifuzo n'intego z'Imana. Ariko amakuru atanzwe mu buryo budakwiriye ashobora kubangamira abantu, akabatera uburakari no kwihagararaho, bigatuma badashaka guhinduka. Amakuru y'ubushakashatsi bwawe ashobora kuba igikoresho cyiza Imana yakoresha mu gushyira umutwaro mu bandi wo kumara ubukene bw'abatuye akarere watoraije, no kwifuza ko abo bantu bahinduka abayoboke ba Yesu Kristo.
Ni izihe ngamba wakoresha mu gushaka imbaraga z'abasaruzi?
Ni gute amakuru y'ubushakashatsi yagufasha mu gikorwa cyo gushinga itorero?

## Iteganyabikorwa

Hamwe n'ikipe yawe yo gushinga matorero, musubiremo amakuru y'ubushakashatsi bwanyu maze mwandike ibyo Imana ibereka byerekeye gutangiza itorero. Ganira n'umutoza cyangwa umwigisha wawe cyangwa undi muntu ubona ko akwiriye ku muhamagaro wawe wo gukora.
Andika ingamba zawe zo gukangura abandi bo kugufasha mu gikorwa cyo gushinga itorero. Ushyiremo n'abo uzabwira amakuru y'ubushakashatsi, uburyo uzayababwira, n'uburyo utekereza bagira uruhare mu gikorwa cyawe (gusenga, gutanga, gukorana n'ikipe, n'ibindi...) Ganira n'umutoza wawe cyangwa umwigisha wawe kuri izo ngamba.
Shyira mu bikorwa ingamba zawe kandi ubwire umutoza/umwigisha wawe ibyavuyemo mu isomo ritaha.

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 5

## Imiterere y'Itorero: Itorero ni Umubiri Muzima

**I. Ubusobanuro n'Ikoreshwa ry'Ijambo "Itorero"**

**A. Ikoreshwa ry'Ijambo Ekklesia (Itorero) mw'Isezerano Rishya**

Ni ubuhe busobanuro bw'ijambo "itorero" buboneka muri iyi mirongo? **(Abakol.4:5, Ibyak. 15:4,22,30; 1 Tim 5:17, Abaheb. 10:25)**

Ni ayahe matandukaniro ashingiye ku turere agaraga mu ikoreshwa ry'ijambo itorero muri iyi mirongo? **(Abag.1:22, Ibyak. 9:31)**

Ijambo itorero rikoreshwa rite muri iki gihe?

**II. Imyumvire mibi y'itorero: Itorero Ntabwo Ari Urusengero**

Kuki urusengero rwo mw'Isezerano rya Kera Atari uburyo bukwiriye bwo gusobanura Itorero ryo mw'Isezerano Rishya? **(1 Abakor. 6:19, Ibyak. 17:24)**

**III. Ibishushanyo Bigaragaza Itorero nk'Umubiri Muzima**

Ni umuryango **(1 Tito 3:14-16; Abef. 3:15; 2 Abates. 3 :15 ; 1Pet.2 :17)**
Ni umubiri **(1Abakor.12 :12-17)**
Ni umukumbi **(Ibyak. 20 :28-29)**

Ni ubwoko **(1Pet.2 :9-10)**
Ni umugeni **(Ibyah. 12 :2)**
Ni inyubako (urusengero ruzima **(Abef.2 :20-22)**
Ni ubutambyi **(Ibyah.1 :5-6)**
Ni ishami **(Yoh. 15 :1-16)**

Buri gishushanyo muri ibi kitubwira iki ku muterere y'itorero ?
Ni ikihe kibazo cyaterwa no kubona itorero nk'umubiri n'ubutambyi ariko ntituribone nk'umuryango cyangwa umukumbi ?

**IV. Gushinga Itorero Rizima**

Kumenya ko Itorero ari umubiri muzima bidufasha iki mu mikorere yacu yo gushinga itorero ry'ahantu ?

A. **Abagize Itorero** ry'ahantu bagomba kuba ari **Abizera.**
   Ni iki umuntu yakora ngo abe urugingo rw'Itorero rya Yesu Kristo (Umubiri wa Kristo). Shakira igizubizo cyawe mu Byanditswe.
   Ni iki umuntu yakora ngo abe urugingo rw'Itorero ry'ahantu?
   Ni buryo ki itorero ryawe ryerekana ibyigishwa mw'Isezerano Rishya byerekeye imiterere y'Itorero?
   Ese birahagije ko yakora imirimo mu miryango mpuzamatorero ariko ntagire itorero abamo? Kuki?
B. Kuki inyubako zidakwiriye kuba **iza mbere mu bitekerezo**?
C. Ese wemeranya n'abavuga ko **ubusabane ari bwo bw'ibanze**?
D. Wemeranya n'abavuga ko itorero ry'ahantu rigomba **kujyana n'umuco waho?**
E. Ni iyihe mikorere ya ngombwa ikenewe mw'itorero? **(Ibyak. 20:7; 14:23, 1Abakor. 5:1-5, 2Abakor. 8:1-5)**
F. Ese **amatsinda mato** ashobora kugira uruhare rukomeye? **(Ibyak. 2:42-460**

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 6

## Imirimo Yuzuzanya y'Itorero: Bigenda Bite Iyo Muteraniye Hamwe

I. Kuzuzanya cg Inshingano y'Umuntu ubwe mw'Itorero

Imikorere yuzuzanya mu Itorero ry'ahantu igomba kugaragara no mu matsinda mato y'abizera.
Ni iyihe mirimo ya ngombwa itorero rigomba gukora?
Ni abizera bangahe basabwa kugira ngo itorero rikore imirimo yuzuzanya?
Ni gute dusohoza itegeko ryo mu Abaheb.10:25 niba nta torero ry'ahantu ririho?

II. Imirimo yuzuzanya y'Itorero

A. Ese kuramya bikorwa n'itorero rinini gusa cyangwa abantu 6 – 8 bashobora guhuriza hamwe bakaramya Imana?
B. Imihango
   1. Ese umubatizo ni umuhango wo mw'Isezerano Rishya? Iyi mirongo utubwira iki ku mubatizo; ukorwa ryari (Ibyak. 8:36; 16:33), na nde (1Abakol.1:14-17)?
      a. Umubatizo ni ikimenyetso cy'iki? (Ibyak. 2:41) Kwizera Kristo k'umuntu bwite
      b. Umubatizo ni ikimenyetso cy'iki kandi? Isezerano hagati y'Imana n'Umuntu (Abar.11:27, 2Abakor.3:6, Abaheb.12:24)

2. Ameza y'Umwami (1 Abakor.11:23-34). Intego yayo ni iyihee kandi ni nde ukwiriye gusangira ku meza?

C. Kwigisha Ijambo (1 Tim 4:13)

D. Gukomezanya: Iyi mirongo itubwira iki cyerekana gukomezanya
Mukundane (Yoh. 13:34, 15:12,17)
Mugandukurane (Abar. 12:10)
Mwakirane (Abar. 15:7)
Muhugurane (Abar. 15:14)

E. Ni uwuhe murimo Yoh.15:26-27 hatubwira gukora? Ivugabutumwa

F. Gutanga (Abaf. 4:19) – Itsinda rito rishobora gutanga kuri nde?

III. Imirimo Yuzuzanya Ikorwa Ryari

Mukore umwitozo mu ishuri mukurikije urutonde ruri hepfo aha. Shyira urwo rutonde aho abantu babona.

Reba niba wemeranya n'imirimo yanditse. Niba hari uwibagiranye wa ngombwa uwongereho. Shyira "Yego" cyangwa "Oya" mu kazu ko kamwe werekana niba ibi byemewe mu itsinda, mw'itorero cyangwa hombi. Muganire ku bisubizo byanyu

Imirimo Yuzuzanya

| Umurimo wemewe na Bibiliya | Itsinda Rito | Itorero ry'ahantu |
|---|---|---|
| Ivugabutumwa ryUbuvandimwe | | |
| Gutanga kubw'abashinga amatorero | | |
| Gucyaha/Guhana | | |
| Kuramya kwa benshi | | |
| Kubwiriza | | |
| Ubuhamya bwawe bwite | | |
| Umubatizo | | |
| Ameza y'Umwami | | |
| Gufasha abakene | | |
| Kuririmba nk'itsinda | | |
| Kwita ku bayobozi b'itorero | | |

Ibindi bibazo byo kuganirwaho (mu matsinda niba abahugurwa ari benshi)
Ni iyihe mirimo yuzuzanya y'itorero?
Ni gute imirimo yuzuzanya yaboneka mu itsinda Rito ry'abizera?
Ni uwuhe mumaro wo kubwiriza mu gihe duteranye? Ni uwuhe murimo ujyana no Kwiga Bibiliya mu itsinda?
Wumva ko umubatizo wo mu mazi menshi usobanura iki?
Kuki gutanga ari umurimo wa ngombwa mu itorero?

## Iteganyabikorwa

Hamwe n'abizera bo mw'ikipe yawe yo gushinga amatorero, mwumvukane igihe muzatangirira guteranira hamwe. Ayo materaniro azaba ateye ate?

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 7

## **Gutegura Inyandiko y'Intego y'Itorero**: Kuki Itorero Ryawe Ririho

Iki ni ikiganiro. Abahugurwa bagomba kwandika Inyandiko y'Intego y'amatorero yabo bakaziganiraho n'abandi bari mu mahugurwa.

Mu gitabo cya mbere ku Isomo rya 4 ryerekeye Itorero, mwatanze ubusobanuro ku Itorero. Ibyo bisubiza ikibazo "Iki?" Inyandiko y'Intego isubiza ikibazo "Kuki". Kuki itorero runaka rigomba kubaho? Andika ibyo iyi mirongo yose ikubwira ku kibazo "Kuki"

| | | |
|---|---|---|
| **Mat. 16:18** | **Ibyak. 2:41-47** | **Abakol 3:12-17** |
| **Mat.28:18-20** | **Abef.3:10-11** | **Abaheb 10:22-25** |
| **Ibyak. 1:6-8** | **Abef. 4:11-16** | **1 Pet. 2:1-5,9,12** |

**III. Andika Inyandiko y'Intego**

Ibaze ibibazo bikurikira:

**Kuki itorero uhamagarirwa gushinga rigomba kubaho?**

**Ni uwuhe mwanya w'umwihariko rukumbi rifite mu kubaka Ubwami bw'Imana?**

**Nk'abahagarariye Imana mu karere mwatoranije, muhari kugira ngo mukore iki?**

Andika impamvu icumi zizatuma abantu baza mu itorero ryawe rishya:

Urugero #1: Good News Church ribereyeho guhimbaza Imana, gukomeza abizera no kwamamaza Ubutumwa Bwiza ku bazimiye muri Smithville.

Urugero #2: Gospel Fellowship Church ibereyeho kwamamaza Ubutumwa muri Grant city, Brown County, mu gihugu cyacu no mw'isi.

Urugero #3: Resurection Church ibereyeho gufasha ingo mu mujyi wa Riverbend.

Ibibazo byo kwitabwaho, gusubiramo no gushyira mu bikorwa:

Ese ubusobanuro bwawe ku itorero n'inyandiko yawe y'intego y'Itorero bishingiye ku inararibonye ryawe cyangwa ku Byanditswe?

Ese inyandiko y'intego yawe ujyanye n'intego z'itorero twaganiriyeho mu isomo rya 2 kw'itorero" Niba atari byo, ni iki kiburamo?

Kuki inyandiko y'intego y'itorero ari ngombwa?

Ni iki kizatandukanya itorero ryawe n'andi matorero?

Iteganyabikorwa

Subiramo umwitozo wo gutegura no kwandika intego y'itorero hamwe n'abayobozi bawe b'amatorero mashya. Bashobora kuba bakijijwe vuba, abayobozi bashya, cyangwa abandi bantu mufatanya mu gushinga itorero. Niba ari itorero ryabayawe n'irindi, abo bashobora kuba baraturutse mu itorero ryababyaye; abayobozi bafite umurava wo kubyara andi matorero mashya.

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 8

**Ibitekerezo-fatizo by'Umurimo wo Gushinga Amatorero**: Itorero Ryita Ku Bazimiye bo mw'Isi Rite?

**I. Ibitekerezo-fatizo ku Murimo wo Gushinga Amatorero ni iki?**

Igis. **Ni uburyo dusobanukirwa "uko bigenda" cyangwa ingamba dufata mu gukora umurimo.**

II. Uko Ibitekerezo-fatizo by'Umurimo wo Gushinga Amatorero **bikenewe**

A. Bibiliya yigisha gutegura dutekereza neza **(Imig. 14:15; Imig. 15:22)**
Ese Yesu yari afite ibitekerezo by'uko bizagenda?**(Mat.16:21-23, Mar 1:45, Yoh 6:5**
Ese Pawulo yari afite ibitekerezo by'uko bizagenda? **(Abar.15:20, 1Abakor.2:1-2)**
B. Igitekerezo-fatizo cy'umurimo wo gushinga amatorero ni icy'ibikorwa.**(Abef 2:10)**
C. Igitekerezo-fatizo gisobanutse giha ibikorwa byacu icyerekezo.
D. Igitekerezo-fatizo cy'umurimo wo gushinga amatorero kigomba kuba cyihariye; Gikurikiza:
Imbaraga n'intege nke z'ushinga itorero
Gukoresha ikipe y'abashinga amatorero aho bishoboka
Ari umwimerere ku itorero rishya.

III. **Ibikubiye** mu gitekerezo-fatizo kinoze cy'umurimo wo Gushinga Amatorero
A. Cyubakiye ku busobanuro n'intego
B. Gishingiye ku bihe itorero ririmo. Itorero rimerewe rite?
C. Gishingiye ku bantu. Ni ba nde itorero ryawe rikorera?
D. Rifite umumaro **nk'igikoresho cyo kwisuzuma.**

## Iteganyabikorwa

| |
|---|
| Koresha inyandiko ziri hepfo usaba buri mwigishwa gutegura igitekerezo-fatizo cy'umurimo we wo gushinga amatorero. Niba bishoboka buri mwigishwa abone ayo magambo mu rurimi rwe. Niba bidashoboka wandiko ibibazo byose ku kibaho. |

**GUTEGURA IGITEKEREZO-FATIZO CY'UMURIMO WO GUSHINGA AMATORERO**

Kugira ngo utegure igitekerezo-fatizo gisobanutse cy'umurimo wo gushinga amatorero ugomba kwita kuri ibi bikurikira:
Ugomba kuba usobanukiwe neza icyo Imana yahamagariye ryo torero kuba no gukora (Inyandiko y'intego) n'icyo Imana ihamagarira itorero rishya kuba no gukora. Ni iki Imana ishaka ko mugeraho mu myaka 3-5 nk'itorero rishya?
Ugomba kuba uzi neza abatuye mu karere watoranije. Ni bantu ki ushaka kugezaho ubutumwa?
Ni iyihe mikorere ishoboka wakoresha kugira ngo utangize itorero ryawe (guhimbaza, amatsinda, ishuri rya Bibiliya, amasengesho ya batatu, n'ibindi...)
Ni izihe mpano, imbaraga n'intege nke zawe ubwawe n'iz'ikipe yawe?

I. Ibibazo Wakwibaza Igihe Utegura Igitekerezo-Fatizo Cy'umurimo.
Subiza ibi bibazo ufatanije n'abandi mu ikipe yawe yo gushinga amatorero:
A. Ni ayahe magambo atatu wifuza ko yaranga itorero rishya ugiye gushinga?
B. Ni bande batuye ahantu ushaka kujyana ubutumwa? Ni bantu ki bazaba bagize itorero ryawe ?
C. Ni kizaba umwihariko muri iryo torero?
D. Ni iki kizaba gikurura abantu muri iryo torero?
E. Ni iki cyerekeye itorero ryawe rizitabazamo abantu bo mu mujyi ushaka gukoramo?
F. Ni bande itorero ryawe rizitabaza kuruta abandi?
G. Ni bande wifuza ko itorero ryakwitabaza?
H. Ni izihe gahunda n'ibikorwa bishobora kugerwaho neza mw'itorero? Ni iki uzasuzumiraho ko byagezweho?

II. Umwihariko w'Itorero Rwawe.

Ni iki cy'umwihariko kigaragara mu buryo itorero ryawe rikora ibi bikurikira: guhimbaza, kwigisha Ibyanditswe, ivugabutumwa, gusabana, ubuyobozi, urubyiruko n'abana, kubana n'abaturanyi, ibikorwa by'imibereho myiza, ubutumwa, imyizerere, imari, ibikoresho, inyubako, n'ibindi.

III. Ubwoko bw'Umurimo

Mu nteruro imwe cyangwa ebyiri, erekana ubwoko bw'umurimo uteganya mu itorero ryawe. Ni iki kizaranga imimerere y'itorero ryawe cyihariye?

IV. Ibinyagaciro

Ni ibihe binyagaciro biyobora itorero ryawe rishya? Ni ibiki wizera bizayobora ibikorwa byawe mu mezi n'imyaka itaha. Andika nibura icumi muri byo.

V. Vuga igitekerezo-fatizo cyawe cy'Umurimo

Mu nteruro ebyiri, gerageza kwandika igitekerezo-fatizo cy'umurimo wawe gikubiyemo ibice byose twavuze haruguru. Ushobora kuvanamo icyitiriro kiranga igitekerezo-fatizo cyawe mu magambo make?

Igitekerezo-fatizo cy'Umurimo wanjye wo Gushinga Amatorero:

Icyitiriro cy'Itorero Ryanjye:

VI. Muganire kandi Mugereranye Ibitekerezo-fatizo byanyu n'Iby'abandi.

Muzirikana ko nta bihe bibiri bishobora guhwana, bityo ko nta n'ibitekerezo-fatizo bibiri bishobora guhwana, muganire kandi megereranye ibyo mwanditse n'ibyo abandi bahugurwa banditse. Hanyuma mubiganireho n'abayobozi b'amatorero yanyu ndetse n'abagize ikipe yanyu yo gushinga itorero. Musubiremo kenshi iyo nyandiko, kandi muyikoreshe mu gihe cyo gushinga itorero nk'igikoresho cyo kwisuzuma niba murimo gukora ibikwiriye mu gihe gikwiriye.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Guhunda y'Amahugurwa 6

## Kubaho nk'Abana Aho Kubaho nk'Imfubyi: Abagalatiya 4:1-7

**I. Kubaho nk'Imfubyi**

Uremeza ko ibi bintu bitatu biranga imfubyi muri rusange?

A. Imfubyi zihorana ubwoba no kubura umutekano
B. Imfubyi zihorana kwihugiraho kudasanzwe
C. Imfubyi zihorana ubwihebe n'irungu ryinshi

**II. Abakristo Batekereza Kandi Bakora nk'Imfubyi**

Ese ibi byavuzwe ku mfubyi hari aho bihuriye n'ibyo mu bugingo bwawe? Ni ryari wifata nk'imfubyi mu mwuka? Twifata dute mu ngorane zacu? Dutekereza iki? Ese ntitwiheba tukagira ubwoba bwinshi? Nta gihe twibwira ko impamvu byatugendekeye nabi ari uko Imana yabaye muri byinshi ikatwibagirwa?

Soma **Abagalatiya 4:1-7.** Isano yacu n'Imana isobanurwa ite muri iyi mirongo? Ni ibiki bijyana no kuba Umwana?

**III. Kuba Umwana ku Mana**

Yohana 14:8 havuze iki ku bugingo bwawe muri Kristo?

Mu kigereranyo cya Paulo mu **Abag. 4:1-7,** kuba umwana bivuga iki?

Dukurikije uko Imana iteye, kuba abana b'Imana bivuze iki?

**Mbere yo guhinduka abana b'Imana,** Abaroma 2:14-15 **havuga ko umutimanama wacu wakoraga iki muri twe?** Abaroma 8:1 **havuga ko tumerewe dute muri Kristo? Abaroma 8:15-17 havuga ko isano yacu na Data imeze ite?**

Kuki Imana yaduhaye amahirwe yo kuba abana?

Imana ntikiri Umucamanza wacu ahubwo ni Data wa twese udukunda.

**IV. Uko Tunanirwa Gusobanukirwa ko Turi Abana.**

<u>Biterwa n'iki kuba twebwe abagizwe abahungu n'abakobwa, akenshi twifata nk'imfubyi? Kuki</u>

<u>twumva twigunze, dufite ubwoba, twihugiyeho?</u>

**A. Dutuma Ubutumwa buboneka nk'ubudafite umumaro kubera ubwibone**
Ni gute watumye icyaha cyawe kiboneka nk'aho kidakomeye?
Ni gute kumenya ko turi abana bituma tudahisha ibyaha byacu?
**B. Dutuma Ubutumwa buboneka nk'ubudafite umumaro kubera kutizera.**
**Ni gute watumye Ubutumwa busa n'ubudafite umumaro kubwo kutizera?**
Ese Imana icirahо abana bayo iteka nkuko ibikorera abatayizi?

## Iteganyabikorwa

"Umukoro w'ururimi"
Mu minsi ibiri iri imbere, ntuzanegure, ntuzagire uwo uvuga nabi, ntukivovote, ntukiregure nihagira ukwereka ikosa, kandi ntukirate kubera ibyo wagezeho. Azavuge ibyiza ku bandi gusa, ushime Imana muri byose, wemere utagoranye igihe wakoze ikosa, kandi wishimire gusa integer nke zawe. Uyu mwitozo w'ururimi uzagufasha kubona uburyo icyaha kigifite imbaraga mu buzima bwacu, n'uburyo duhora dukeneye ubuntu bw'Imana. Nyuma y'uyu mukoro uzashimira Imana cyane ubonye ko kuba warahinduwe umwana bitatewe n'uko wumvira cyane, ahubwo byatewe no gucungurwa kwawe kwavuye kuri Kristo. Uyu ni umikoro w'ubuzima bwawe bwose, ariko gerageza kuwukora muri iyi minsi ibiri iri imbere.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Guhunda y'Amahugurwa 7

## Kwiga Kuba Abana

**I. Umutima Uremerewe cyangwa Umutima Uhambutse**
A. Kugira umutima uremerewe biterwa no guhora twicira urubanza no kumva ko tudakwiriye. **(Zab. 51:3)**
Umutima w'imfubyi mu mwuka uteye ute? Wusobanure.
B. **Abaroma 8:31-35** – Muri iyi mirongo harimo ibibazo bitandatu. Ni ikihe gisubizo kimwe kuri ibyo bibazo byose? Abaroma 8:39
C. **Abag. 5:1; Mat. 11:30** Ese iyi mirongo iraduhumuriza? Ibaze niba twebwe abizera duhorana ubuzima bwo kwicira urubanza, n'ubwoba no kumva ko Data yadutaye, ubwo buzima bwaba bumeze bute?
**II. Umutima w'Ubwibone cyangwa Umutima Ufatanya na Data.**
Ese umwana abona se ate?
**Yohana 6:6** hatwereka ko Imana igerageza ite isano yacu na Yo?
Imyifatire yacu muri iryo geragezwa noyo igaragaza uko tubona Imana. Ese uhorana ubwoba cyangwa uzi Imana nka Data ugukunda kandi wo kwizerwa? Hari ubwo ujya wiyongeramo imbaraga – ndetse ukaba wahutaza undi muntu – kubwo gushaka uko wakwivana mu bibazo bigoranye? Ni ikihe gisubizo Imana idutegerejeho?
**III. Umutima Wikubira cyangwa Umutima Uhambukiye Gukunda Abandi**
Tubwirwa n'iki ko Imana ikidukunda?
Twifata dute iyo dutekereza ko Data wo mw'ijuru atatwitayeho by'ukuri?
Ese ibi byaba byarakubayeho bikaguhishurira uko umeze kuri Data? Kwiyumva nk'imfubyi kwaba kwaraguteye kwibwira ko udakunzwe? Cyangwa se wumva ugoma kugundira icyo Imana yaguhaye

kubera kugira ubwoba ko ushobora kugitakaza?  Ese wumva uhambukiye gutanga, kubera kwizera ko Imana yaguhaye ibihagije?

| |
|---|
| Rangiza iri somo ukora umwitozo wo mu mugereka wa 7A hepfo. Ushobora kubwira abahugurirwa gushinga amatorero uti, "Ngiye gusoma uko imfubyi n'umwana bateye incuro ebyiri. Nawe utoranye ibintu bitatu ukunda kurwana nabyo cyane. Ni ntangira gusoma ubwa kabiri, wandike inomero n'ibiranga imfubyi cyangwa umwana muri bya bindi bitatu." (Niba abahugurwa bafite ibitabo bya Omega byuzuye bashobora gusoma ibi ubwabo.) |

**Umugereka wa 7A**. Tekereza urugero kuri buri kintu muri bya bindi bitatu bikugora cyane. Kuri buri kimwe, ni iki ushaka ko Imana ihindura muri wowe? Hanyuma ukibwire Data wo mw'ijuru usenga.

| IMFUBYI | | UMWANA |
|---|---|---|
| KUBESHWAHO NO "KWIHATA" YESU AKABA "UMUFASHA" WA KAMERE<br>Yoh. 14:18 "Sinzabasiga nk'imfubyi" | | KUBAHO MU KWIZERA. KRISTO NI UBUGINGO BWACU! Abag.2:20<br>Abar.8:15 "Yaduhaye umwuka wo kuba abana" |
| Yumva ari wenyine; nta bucuti magara n'Imana "hari icyuho no kwihugiraho" | 1. | Afite icyizere gihora gikura ko Imana ari Data wo mw'ijuru umukunda (1 Yoh 4:16 |
| Ahora yiganyira iyo hari "icyo akeneye", incuti, amafaranga, ... "Ndi njyenyine ntawe unyitayeho" | 2 | Yiringira Data kandi ntashidikanya ko amwitayeho; ntabwo yiganyira. |
| Ahora yiteze gupfa no gukira; agomba kuboneka neza uko bimeze kose. Ashakisha icyo yageraho. | 3 | Yiga guhora yumva ko akorana n'Imana. Nta bwoba afite. |
| Yumva aciriweho iteka, ariho urubanza, kandi adakwiriye imbere y'Imana n'abantu. | 4 | Yumva akunzwe, yarababariwe kandi yemewe rwose kuko yambaya kwemerwa kwa Kristo. |
| Afite "kwizera guke" ntashobora kwiringira Imana burundu. "Ngomba kwivugurura" | 5 | Ahora yizeye ko Imana itavugirwamo ifite umugambi mwiza, wuzuye ubwenge,  ku bugingo bwe. |
| Akora cyane kugira ngo arangize inshingano kandi ashimishe abantu, araruha. | 6 | Gusenga nibyo yitabaza mbere y'ibindi "Ngiye kubanza kubaza Data". (Abba) |
| Yivumburira Imana n'abantu; akenshi arakonja mu mwuka, akinangira umutima. | 7 | Agira imbaraga zo kuganduka, agira umutima woroshye (umenetse) Zab 51:17 |
| Ariregura; ntabwo yumva, arahangana iyo abwiwe ko adakiranuka (ashaka kwiregura) | 8 | Nemera kunengwa kuko ndi muri Kristo, si ku bwanjye, nshobora gusuzuma ikintera gukora ibyo ndimo. |
| Ashaka guhora ari mu kuri, atekanye, arinzwe; adashaka gutsindwa; yirwanaho; ntiyemera abamunenga; ashaka abamwogeza. | 9 | Ashobora kugerageza ibintu bikamunanira. Kuko akiranuka muri Kristo, ntakenera ibyo yirata, ibimurengerra cg ibimurinda. |
| Yirwanaho ariko agacika intege, nta mbaraga z' Umwuka; araneshwa. | 10 | Yiringiye kandi aterwa umwete na Kristo kubera umwuka ukorera muri we. |

| | | |
|---|---|---|
| "Ndabiberaka – mundebe gusa" "Aho abandi bananiwe" (imbaraga z'ubushake) | 11. | "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" (Abaf. 4:13) |
| Arirwariza; ashingira ku mpano n'ubushobozi bwe kugira ngo agire icyo akora. | 12. | Yiyizera gake ariko akizera cyane Umwuka Wera (kwemera ko amukeneye kenshi) |
| Ntabwo ashima Imana, arivovota; anegura abandi, agaragaza umwuka ushaririye, w'impaka. | 13. | Yemerera Umwuka kuyobora ururimi rwe gushima, kuzamura abandi no kubatera umwete (Abef. 4:29) |
| Amenya cyane gutunga agatoki ibitagenda neza, buri gihe aba afite ibyo anenga. | 14. | Ntiyirengagiza amakosa, ariko ahitamo kwibanda kubyiza (Abaf. 4:8) |
| Aranegurana (avuga ibyaha by'abandi) ashaka kunenga abandi ngo yumve atekanye; azi kureba intege nke z'abandi; afite impano yo "kugenzura" | 15. | Ahambukira kwaturira abandi amakosa ye kandi arata imbaraga zabo. Si ngombwa guhora ari mu kuri. Ashaka gukura. |
| Buri gihe yigereranya n'abandi, bituma yirata cg akisuzugura (bitewe n'uko abandi bameze) | 16. | Ahagaze neza muri Kristo; agaciro ke kava mu gukiranuka kwa Yesu n'amaraso ye; si ku kwemerwa n'abantu (Abaf. 3:9) |
| Ntashobora kunesha kamere; nta mutima unesha ibyaha bito, ariko ntiyumva ko ari "umunyabyaha nyawe" | 17. | Aturije muri Kristo, arushaho kunesha kamere (Abar 8:1-9) kandi yibona nk' "umunyabyaha nyawe" |
| Ntabwo akunda gusenga; gusenga ni amirukiro ya nyuma; asenga mu ruhame; gake cyane wenyine. | 18. | Gusenga ni byo bimuranga mu munsi, si cya gihe cyo kwiherera gusa. Kuvugana na Data biramunezeza (1 Abates. 5 :16-18) |
| Amasezerano ya Bibiliya y'imbaraga n'umunezero ntabyitaho : « Umunezero wawe wose wagiye he ? » (Abag. 4 :15) | 19. | Amasezerano y'Imana y'imbaraga n'umunezero ni byo bimuranga (Abar. 15:13) |
| Ashaka kwihimbaza, ariko agatinya kwerekana ibyo yakoze kugira ngo hatagira ubinenga (Abag.6 :14) | 20. | Asanga Yesu arushaho kuba mu biganiro bye. Yirata Uwiteka n'intege nke ze (2 Abakor. 12:9-10) |
| Yihutira kwiyitirira ibikorwa biboneka kandi bimuha ijambo. | 21. | Gukiranika kwa Kristo ni ko yiyitirira, kuba guhagije muri we (1 Abakol. 1 :28ff) |
| Yirebaho : « Iyaba babonaga ibintu nkuko mbibona » Ashaka cyane kuba hejuru y'ibibazo n'abandi | 22. | Areba kuri Kristo ; akorera abandi mu mbaraga z'umwuka wera, atari muri «kamere ye yacunguwe » |
| Hari ibindi biruta Yesu bimunezeza ; « ibigirwa mana » (ubutunzi, umurimo, ibyifuzo) nibyo bimuha agaciro no kuba uwo ari we. | 23. | Kristo amubereye icyo kurya n'icyo kunywa ; Imana ihagije umutima we « ...isi ntacyo ifite nakwifuza kukuruta » Zab 73 :25) |
| Ubushake buke bwo kuvuga Ubutumwa (kuko ubugingo bwe ari ntabwo) iyo abikoze, aba ameze nk'urangiza inshingano gusa, ntabikorana urukundo. | 24. | Yifuza ko abazimiye bamenya Yesu, abwira abandi ubutumwa niyo yaba ntawe ubimuha tiye cyangwa atari gahunda y'itorero « ...urukundo rwa Kristo ruraduhata » (2Abakor.5 :14) |

# AMASENGESHO – Gahunda y'Amahugurwa 4

## Impuruza y'Amasengesho: Kuramya no Getekereza

Iyi mpuruza y'Amasengesho ntabwo ari igihe cyo kwigisha, ahubwo ni ukuyobora abahugurwa mu mwanya wo gusenga. Uragomba kwiga Zaburi 95 mbere y'igihe no kumenya ibice bitangwa muri iri somo. Iki gihe cyo gusenga no kuramya kigomba guha buri wese mu bahugurwa amahirwe yo gutekereza ku byo yiga mu mahugurwa no gushaka ubuyobozi bw'Imana bushobora guhindura ubuzima bwe n'umurimo we.

Iyi Zaburi ituyobora mu ntambwe eshatu, nkuko bigaragara muri iyi nkubirahamwe :

| Zaburi 95 | |
|---|---|
| **1. Muririmbire Uwiteka** | **Umurongo wa 1-5** |
| **2. Mwuname Imbere y'Uwiteka** | **Umurongo wa 6-7** |
| **3. Mutege amatwi Uwiteka** | **Umurongo wa 8-11** |

I. Muririmbire Uwiteka **(Zab 95 :1-5)**

Nimuze turirimbire Uwiteka Tunezerewe

- Turirimbe indirimbo z'umunezero

Murangirire Igitare cy'Agakiza Kacu.

- Musome n'ijwi riranguruye Zaburi yo kubaturwa : **Zab. 18 :1-3, 30-36**

Nimuze Imbere y'Uwiteka Mufite Amashimwe

- Mugire igihe cy'ubuhamya, cyane cyane mushima Imana kubw'ibyo ukora mu gusenga kwa batatu no mu bindi bikorwa byo gushinga amatorero.

Muhimbarishe Uwiteka Imbyino n'Indirimbo

- Mugire undi mwanya wo kuririmba no gumbaza Uwiteka.
- Musomere hamwe **Zab 95:3-5**, mushimire Imana ubutware bwayo butavugirwano mw'isi no mu ijuru.

II. Muramye Uwiteka **(Zab. 95:6-7)**

Mwubame ... mupfukame imbere y'Uwiteka Umuremyi Wacu

- Saba abahugurwa gusenga n'umwuka wo guca bugufi. Niba babishoboye bapfukame.

Ni We Mana Yacu ...Turi Abantu bo mu Rwuri Rwe.

- Mumwemere nk'Umwungeri wanyu bwite. Mumuhimbarize ko abitaho.

III. Mwumve ijwi rye **(Zab. 95:8-11)**

Ntimwinangire Imitima

- Mwihane ibyaha byose muzi mu mitima yanyu. Soma 1 Yoh 1:9
- Mufate umwanya wo gutaga amatwi Imana. Mumusabe abereke aho mwaba mukeneye guhindura imikorere ya kera, ingeso, cyangwa uburyo bwo gushinga amatorero butagihuje na Bibiliya, kubera ibyo mwize muri aya mahugurwa. Mwumvikane n'Imana ku byo mukwiriye kugumana n'ibyo mukwiriye kurekamu buzima bwanyu no mu mirimo yanyu.

- Soma **Abaheb. 3:7-19.** Umurongo wa 13 avuga guterana umwete buri munsi. Mwigabanye babiri babiri. Musenge amasengesho yo guterana umwete.

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 1

## Amahame ya Bibiliya ku Buyobozi.

**I. Ubusobanuro bw'Ubuyobozi**

BURI MUNTU UKWE : Fata umunota umwe usobanure "ubuyobozi" mu magambo make cyane. Bwira abandi ubusobanuro bwawe.

"Ubuyobozi ni ubushobozi umuntu agira ubushobozi bwo guhindura ibitekerezo by'abandi" (Sanders)

"Ubuyobozi ni inzira rusange ituma umugabo cyangwa umugore wahawe ubushobozi n'Imana ashobora guhindura ibitekerezo by'abandi abiganisha ku migambi ifitiye abo bantu." (Clinton)

Gereranya ubusobanuro bwawe n'ubwatanzwe n'aba bagabo bombi, Sanders na Clinton.

Ijambo rimwe risobanura ubuyobozi ni "Guhindura"

Gusobanura ubuyobozi nko "Guhindura" bijyana n'ibihe bintu bindi? Ni bande mu bayobozi bo mu itorero uzi bahuje n'ubu busobanuro?

**II. Amahame ya Bibiliya y'Ubuyobozi**

Mu mikorere y'isi bemeza ko "abayobozi badashobora kwizera ko abayoborwa bashobora gukora ibyo bagomba gukora", kandi ko "kwizera abantu cyane bituma bagusuzugura" Ubuyobozi bw'isi kandi bwemeza ko abantu bashobora gukora ibyo bashinzwe basunitswe n'ibihembo byiza cyangwa batinyishijwe n'ibihano. Kubera ibyo bitekerezo, abayobozi bo mw'isi bibwira ko ububasha bushingiye ku mwanya umuntu afite cyangwa ku miterere ye bwite.

Ku byerekeye isano iri hagati y'umugaragu na shebuja mu gihe cya Paulo, Abef 6:9 havuga iki ku gutera ubwoba? Ni gute wumva utewe impungenge n'umuyobozi witwara nkuko twavuze haruguru?

A. **Ububasha bwo Kuyobora Buva ku Mana** – Iyi mirongo itwigisha iki ku byerekeye ubutware?
   Ubutware bw'Imana yihariye – ubutegetsi busanzwe **(Abar. 13:1-7, 1 Pet, 2:13)** umuryango **(Abef. 5:22-23, 6:1-4)** n'itorero **(Abah. 13:17)**
   Icyitegererezo cya Yesu **(Yoh.8:28-29)**
   Abayobozi b'Abakristo batoranywa n'Imana **(Yoh. 15:16)**

B. Abayobozi ba Gikristo Bugomba Kurangwa n'Ubugaragu
   Iyi mirongo ivuga iki gitandukanye n'ubugaragu? Igis. Ubwibone. Uwiteka yanga ubwibone **(Imig.6:16-17)** Icyitegererezo cya Yesu **(Abaf. 2:1-8; Yoh. 13:15)**

C. Ubuyobozi bwa Gikristo Bugomba Gutegurwa mu Buryo Bwizwe Neza

Igishushanyo 1:1 Itandukaniro ry'Ubutegetsi bw'isi n'Ubutegetsi bwa Gikristo

| Ubutegetsi bw'Isi | Ubutegetsi bwa Gikristo |
|---|---|
| Buriyizera | Bwizera Imana |
| Busobanukirwa umuntu | Busobanukirwa umuntu n'Imana |
| Bufata ibyemezo byabwo bwite | Bushaka kumenya ubushake bw'Imana |
| Burahatana | Ni ubugaragu |
| Bwihimbira uburyo bwabwo | Bushaka kandi bukurikiza uburyo bw'Imana |
| Bwishimira gutegeka abandi | Bwishimira kumvira Imana |
| Buyoborwa n'ibitekerezo by'abantu | Buyoborwa no gukunda Imana n'abantu |

| | |
|---|---|
| Burigenga | Bugengwa n'Imana |

Iyo abantu bavuga umuyobozi usanzwe, baba bahereye ku biranga umuyobozi w'isi cyangwa ibiranga umuyobozi w'umukristo?

**D. Bibiliya ivuga Ubwoko Butandukanye bw'Ubuyobozi**

**Abef. 4:11-12** havuga inshingano zitandukanye z'ubuyobozi zariho mw'Itorero ry'Isezerano Rishya. Nubwo zitandukanye, buri rwego rugira uruhare mu "gutegurira abantu b'Imana gukora umurimo" cg mu yandi magambo, kubayobora mu murimo.

Igishushanyo 1:2 Inzego z'Ubuyobozi bw'Isezerano Rishya,

| Umuhamagaro | Ikigenderewe | Umurimo |
|---|---|---|
| Intumwa | Intumbero | Gutangiza |
| Umuhanuzi | Icyaha | Kubwiriza |
| Umuvugabutumwa | Agakiza | Kujyana Ubutumwa |
| Umushumba | Kurera | Kubaka itorero |
| Umwigisha | Ukuri | Guhugura |

| |
|---|
| Shyira urutonde rw'imirimo ikorwa mu "Ruziga rwo Gushinga Itorero" (Igitabo cya 1, isomo rya 3) ku kibaho cyangwa ahandi hagaragara. Saba buri wese mu bahugurwa gufata iminota mike yo kureba urwo rutonde. Hanyuma baganire mu matsinda mato (niba ari benshi) ubwoko bw'ubuyobozi bukenewe kuri buri cyiciro cy'uruziga. |

E. Inshingano ya mbere y'**Ubuyobozi** bw'Itorero **ni Ugutegura.**

**Abef. 4:11-12** herekana ko inshingano ya mbere y'umuyobozi w'itorero ari iyihe?

Igishushanyo cya 1.3 Abayobozi Bakora n'Abayobozi Bakoresha.

| UMUYOBOZI UKORA | UMUYOBOZI UKORESHA |
|---|---|
| Areba umurimo "Bigomba gukorwa" | Areba abantu "Reka abantu babikore" |
| Umukozi | Utanga imirimo |
| Umugambi – "Gukora umurimo neza" | Umugambi – "Gutegurira abandi gukora umurimo" |
| Ushyira mu bikorwa | Utegura, Ushoboza, Utoza |

Ese « ubuyobozi bukora » cyangwa « ubuyobozi bukoresha » burakwiriye mu Bakristo ?
Mu muco w'iwanyu abantu bahinduka abayobozi bate ?
Ni mpamvu ki abayobozi beza bagomba kubanza kuba abayoboke beza?
Ni buryo ki gusobanukirwa ko "ubuyobozi bwoze buva ku Mana" byahindura uko ubona ubuyobozi bwawe?
Ni ayahe mahirwe aba atanzwe iyo umwizera ufite ubushobozi bwa kavukire bwo kuyobora ahawe ubuyobozi mu itorero?
Ni ubuhe mu bwoko butanu bw'ubuyobozi bwerekanywe mu gishushanyo cya 1.2 busanzwe kuri wowe?
Ni mu buhe buryo aya mahame ya Bibiliya y'ubuyobozi atandukanye n'amahame y'ubuyobozi bw'isi?

**ITEGENYABIKORWA**
Muganire ku rupapuro 1A, "Inyigo z'Ubuyobozi". Kuri buri nyigo, murebe amahame ya Bibiliya akoreshwa cyangwa adakoreshwa. Kuri buri rugero, ni iyihe nama wagira uwo muyobozi aramutse ayigusabye?

| |
|---|
| ***UMUGEREKA W'UBUYOBOZI*** |
| 1A |

# Inyigo y'ingero z'Ubuyobozi
# AMAHAME AKORESHWA

***Urupapuro rw'umukoro: subiza ibibazo birebana n'inyigo ikurikira.***

1. Yuri yayoboraga umushinga wo gutangiza itorero I Yekatarinburg. Misha na Marina bari bamaze amezi atatu bari mw'ikipe ye. Vuba aha Misha na Marima batangiye kumva batanezerewe mu murimo. Bari bafite ibitekerezo byiza by'ivugabutumwa ariko bakumva badafite umudendezo wo kubivuga. Umuyobozi wabo Yuri asa n'aho adashaka kumva ibitekerezo byabo. Ahubwo ababwira ibyo bagomba gukora n'uko bagomba kubikora. Ingaruka zabyo, ni uko MIsha na Marina batekereza kuva mu murimo bagatangira uwabo bwite. **Ese ubuyobozi bwa Yuri wabuha mahirwe ki?**

2. Gennadi ni umwarimu uzwi cyane muri Kaminuza wakiriye Kristo kubera umuturanyi we Nic wamuhaye Bibiliya. Yatangiye kujyana na Nic mu rusengero kandi akunda cyane inyigisho za Bibiliya ziba buri wa Gatatu nimugoroba. Mu byumweru bike, umuntu umwe asaba ko Gennadi, nk'umwarimu mwiza yayobora inyigisho za Bibiliya. Ubuyobozi bwa Gennadi bushobora kuzana abashyitsi benshi mu itsinda ryabo kuko azwi cyane kandi akaba yigisha neza cyane. **Ese Gennadi ashobora kuyobora itsinda?**

3. Slava ayobora ikipe y'imiryango itatu itangiza itorero I Rostov. Slava abwiriza neza cyane buri cyumweru mu gitondo kandi ayobora itsinda hagati mu cyumweru, rimaze gukura kugeza ku bantu hafi 20 b'abizerwa. Buri wese akunda ubushobozi bwa Slava bwo kwigisha no kubwiriza, ndetse n'ubushobozi bwa kuyobora ibikorwa. Ariko Slava atangiye kunanizwa n'imirimo myinshi. Slava yasabye mugenzi we Anatoli gutangiza irindi tsinda rishya afatanije na bamwe mu bagize itsinda rya Slava. Ariko ntabwo abantu baryitabira cyane, bityo Anatoli agacika integer. **Suzuma uko Slava yaba yareguriye Anatoli inshingano.**

4. Itorero rishya rya Smolensk rirakura vuba cyane. Bamwe bavuga ko biterwa n'ubuyobozi bwiza bwa Victor na Luba. Batangiye itorero nyuma y'uko Victor avuye kwiga I Moscow akaza impamyabumenyi ya Seminari. Abenshi mu bagize itorero ni abizera bashya batigeze baba mu rindi torero. Victor ni we ubwiriza buri gihe, naho Luba akayobora inyigisho z'icyumweru. Uko itorero rikura, Victor agerageza kureba abandi baba bafite ubushobozi bwo kuyobora kugira ngo bamufashe mu mirimo y'itorero. Ariko ntawe uraboneka ubishoboye. Yagize amahirwe yo kubona abasore batatu bashobora gutozwa kuyobora itorero. Victor yaboneye babiri muri bo amafaranga y'ishuri yo kujya kwiga I Moscow. Bazagenda mu minsi mike gutangira gahunda y'imyaka itatu. **Ese ubwo buryo bwo gutegura abayobozi wabuha ayahe mahirwe?**

5. Boris atuye mu mujyi muto mu majyepfo ya Russia hatagira itorero ry'ivugabutumwa. Boris yabonye ko hari abakristo bamwe bagenda ibilometero byinshi bajya guterana – bamwe bagenda ibilometero 30. Bayobowe na Boris, abo bakristo bishyize hamwe batangiza itorero rishya. Uko abo bakristo bateranye, usanga bose bishimiye itorero rishya kandi buri wese atanga ibitekerezo by'ukuntu ryayoborwa akurikije ibyo yabonye mw'itorero yahozemo. Ariko Boris we akababwira ko ari we mushumba kandi ko bagomba kwibagira imigenzo n'imikorere y'amatorero bavuyemo kuko ari we ugomba kuyobora iryo torero rishya. **Ese uratekereza ko iyo mikorere ya Boris izabyara ngaruka ki?**

6. Keril yashinze amatorero atatu mu mijyi itandukanye yo mu burengerazuba bwa Russia. Keril ni inararibonye mu gushinga amatorero. Agira umuhati kandi aritanga, afite impano y'umuvugabu-tumwa. Acuranga gitari kandi akaririmba ku buryo ashobora gushimisha abantu amasaha menshi. Akunda gutangiza ibintu akabivaho agatangiza ibindi. Amatorero yatangije agaragaza imiterere ye. Agaragara cyane agitangira ariko akagenda acika intege iyo haje ikindi kintu kigezweho. Keril ahamya ko ari ko ateye kandi ko ntacyo yakora ngo ahinduke. Azi ko Imana imukoresha nubwo bimeze bityo. **Ese ubuyobozi bwa Keril wabusuzuma ute?**

7. Zhenya amaze imyaka myinshi akora cyane mu gushinga itorero. Itorero riragenda neza. Rimaze gukura kugeza ku bantu hafi 200 mu myaka itatu. Umugore we n'abana be bane bajya bamara igihe batamubona kuko agenda mu gitondo kare agataha bwije cyane. Zhenya ntabwo akunda ubwo buzima ariko abantu akoreramo baramukeneye cyane. Benshi bararwaye bakeneye ubasura, n'abandi bashonje bakeneye kugaburirwa. Zhenya azi ko aramutse ahagaze gukora ibyo byose bimurimo, umurimo wadindira, abantu ntibakizwe kandi itorero ntiryongere gukura. **Ese uratekereza ko Zhenya ari umuyobozi mwiza? Kuki? Kuki atari we?**

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 2
## Ikigero cy'Umuyobozi

**I. Akomeza Imiterere nk'iya Kristo**

Ni ibiki mu by'ingenzi biranga imiterere isa na Kristo?

**II. Akorana Neza n'Ikipe**

Ufite ikipe ukorana na yo ? Kuki ? Kuki utayifite ?

Wowe cyangwa ikipe yawe mufite imigambi y'umurima wanyu ?

**III. Akuza Impano n'Ubushobozi bw'Abandi**

Niba icyo twitaho cyane ari ugukoresha impano zacu, ni uwuhe muhamagaro w'Imana dushobora gutakaza ? (2 Tim 2 :2)

**IV. Azi Uburyo bwa Gutanga Inshingano**

Kuki umuyobozi agomba guha abandi inshingano ?

Ni izihe nshingano urimo gukora wagombaga guha undi muntu ?

**V. Kwiha Imigambi, Gahunda n'Intego Kandi Agakora Kugira Ngo Azigereho.**

Umuyobozi yafatanya n'abandi ate kwiha imigambi ? (Imig.20 :18, Luka 14 :31)

Mu rutonde rw'ibiranga umuyobozi w'Umukristo rukurikira, ni ibihe bintu bibiri ufitemo imbaraga

cyane, kandi ni ibihe bibiri ufitemo intege nke cyane ? Sobanura.
Gusa na Kristo, Gukoresha abandi, Gutoza, Gutanga inshingano, Gukora gahunda, Kubaka intumbero, Kudatezuka, Umuvugabutumwa.

**VI.** Ni gute **« watunganya intumbero ku buryo abandi bayigiraho »**

**VII. Kudatezuka no Kunesha Ibidindiza**

Kuba urangwa n'ibikorwa bisobanura iki kandi ni kuki iki kigomba kuranga ushinga amatorero?

**VIII. Aba Ku Isonga mu Ivugabutumwa.**

Ni iki cy'ingenzi cyane, gutoza abayobozi cyangwa gukora ivugabutumwa?
Ni ibihe mu biranga umuyobozi twavuze mu ngingo ya V ufitemo impano nk'umuntu ushinga amatorero? Ni hehe wumva udakora neza, ukurikije uko wibona?

## ITEGANYABIKORWA

Reba Umugereka wa 2A: "Umuyobozi" Ni ibiki biranga Ubuyobozi bwa Gikristo ubona muri iyi nkuru y'ubuzima bwa Kristo? Byandike ku rupapuro, hanyuma ubigereranye n'ibyo twaganiriyeho muri iri somo. Birahuje? Uratekereza ko bifite umumaro ungana ute? Ubuzima bwawe wabugereranya ute n'ubuyobozi?

**Umuigereka wa 2A Umuyobozi**

Uyu muyobozi yari afite icyo gukora. Ubutumwa bwe bwari ubwo guhindura isi. Uko guhindura uyu muyobozi yashakaga ntabwo kwari ukw'ikirere cyangwa ukw'igihe gito gusa. Byarimo no guhindura imitekerereze y'ubuzima yose, bikazavamo umuco mushya ukwira mu moko yose n'amahanga yose. Muri make uyu muyobozi yari afite inshingano ikomeye cyane. Abandi bayobozi bakomeye bari baragerageje abiri hasi y'ibyo barananirwa. Mu buryo bwa kimuntu, uyu muyobozi yari wenyine muri uyu murimo. Yagombaga gutanga ubutumwa bwe ate? Ni gute yagombaga kwemeza abantu ko babukurikiza? Usuzumye imitorere y'uwo muyobozi wasangamo byinshi bitunguranye. Ntabwo yakoze byinshi mu byo twategerreza ku muyobozi. Ntabwo yashatse ibiro bikuru cyangwa ngo ateranye ingabo. Ntabwo yigeze ashinga ishuri, cyangwa ategure amahugurwa yo kwigisha abantu ibitekerezo-fatizo bye; ntabwo yigeze ajyana abantu be mu muhezo ngo atyaze ubwenge bwabo. Ntabwo yigeze ajyana inyandiko mu icapiro ngo bamwandikire ibitabo cyangwa ibinyamakuru bigaragaza gahunda ye. Ahubwo, uyu muyobozi yabanje kwiyegereza itsinda rito ry'abamukurikira (Mat. 10:204). Aho gushyira imbaraga nyinshi muri rubanda, yamaze imyaka itatu yigishiriza abo bantu ku mibereho ye bwite, yizeye ko ari bo bazamufasha guhindura rubanda nyamwinshi.
Gutangirana n'abagabo 12 byasaga n'aho ari bito cyane. Nyamara yaberetse ibyo yizera byose kandi arabakunda cyane ku buryo abo 12 ari bo bari nk'umuryango we. Babanaga na we, bakarya, bakaruhuka, bagakora, bagatuza badafite ibisitaza cyangwa imipaka. Muri ibyo byose, uyu muyobozi yashyiraga mu bikorwa ibitekerezo bye mu buzima bwe hamwe n'abayoboke be. Yagendanaga na bo bava mu mudugudu bajya mu wundi aho yahuraga n'abaturage, agakemura ibibazo byabo bitandukanye. Hari ubwo yabwirizaga inteko y'abantu benshi (Mar.4:1). Kubwiriza kwe ntabwo byababaga biteguye; takoreshaga ingero nyinshi z'ubuzima abantu babagamo muri icyo gihe. Hari n'ubwo yihereranaga n'abayoboke be ahitaruye akabasobanurira ibyo yigishije kurushaho mu biganiro byimbitse (Mar. 4:34) Abayoboke be bari bafite kwitanga kandi bafite inyota yo kwiga, ariko nta cyizere batangaga. Abenshi muri bo bari abanyamisozi, batarize; umwe muri bo yari umukoresha w'ikoro, umwuga wasuzugurwana

n'abantu bose, abandi bari abarobyi. Mu by'ukuri bari abantu basanzwe, ntabwo bari inkerebutsi ku buryo umuntu yabategereza ibintu bikomeye. Nta n'umwe wari ufite ubushobozi bugaragara bwifuzwa ku muyobozi w'igikorwa kinini. Kandi n'ubwo uyu muyobozi yari azanye ubutumwa bw'umwuka, nta n'umwe muri abo bayoboke be wigeze kuba umukuru w'idini. Hejuru y'ibyo byose bibagaragaza nk' abadakwiriye, abo bayoboke ni bo yagize inkomarume zo gutangiza urunana runini cyane. Uyu muyobozi yatekereje ko ikizatuma abo bagabo baba abakwiriye ari kuba baragendanye na We.

Uyu muyobozi yicishaga bugufi bidasanzwe. Ntabwo yitaga ku bamunegura kubera aho avuka. Ntiyanze ko bamwita agahungu ko mu cyaro n'umwana w'umubaji. Ntiyashakaga ko abantu bamwitaho cyangwa ngo yunguke ibye, ahubwo yashakaga guha imbaraga abandi we ntagaragare. Bamwe batekereje ko ubuyobozi bwe bwari kurushaho kugira imbaraga iyo akora uko abandi bose bakora, kandi agakorera mu nzego zari ziriho. Ariko uyu muyobozi byose yarabyanze. Yanze imitegekere y'abami bo mw'isi ndetse n'igihe bashatse kubimuha (Mat. 4:8-10). Aho gushaka kuvugurura imikorere yari isanzweho, umuyobozi yatangije urunana rushya burundu.

Dusubije amaso inyuma, twatangazwa n'ububasha yari afite. Yari incuti y'abanyabyaha (Mar.2:15-17) Inyigisho ze no kubwiriza kwe byahutazaga bamwe mu bibwiraga ko bamugirira akamaro. Uretse kuri bake gusa, uyu muyobozi ntabwo yigeze agirira icyizere abakuru b'idini bariho icyo gihe. Ibya ngombwa yasabaga byari bihanitse – yasabaga byose cyangwa nta na kimwe ku bashaka kumukurikira kandi benshi bakananirwa kubyiyemeza (Mat. 10:37-39). Umuyobozi yasuzumaga imigenzo n'imikorere akurikije ingaruka zabyo. Urugero, ku muyobozi, "gukora cyane" bishobora kuba umutego wabuza umuntu kwita ku bifite akamaro cyane (Luka 10:41-42) Ku byerekeye amategeko y'idini, Umuyobozi yarayubahirizaga ariko akayashyira mu bikorwa, ntabwo yazitirwaga n'inyuguti y'amategeko gusa. Yerekanye aho umujinya we ugera asanze Urusengero rudakoreshwa ibyo rwagombaga gukora. Umuyobozi yanenze imihango n'imigenzo yaremereraga abantu aho kubaha umudendezo. Yari yitaye ku guhindaka ko mutima kuzanwa n'itegeko ry'umwuka aho kwita ku mategeko n'amabwiriza (Mat. 15:7-9)

Umuyobozi yakundaga abantu cyane. Imirimo ye yarimo no gukorera abandi nk'umugaragu. Ubanza ari yo mpamvu abantu benshi batamubonaga mbere na mbere nk'Umuyobozi. Kwitiranya ubuyobozi n'umwanya byatumaga abantu batamutekereza nk'umuyobozi. Ahubwo benshi bamwibuka nk'umugaragu, umwigisha, ukiza indwara, umujyanama, n'andi mazina yerekana ko uwo muntu yafashaga abantu kandi akabereka inzira. Ibyo yari amenyereye gukora akenshi byarangwaga no kwita ku bibazo by'abandi. Yakundaga kuvugana n'abantu boroheje, agasubiza ibibazo byabo abakiza indwara cyangwa ababohora ku kintu cyose. Iyo abantu benshi bamusangaga, yabasubirizaga ibibazo atitaye kuri gahunda yari afite cyangwa ku bibazo bye bwite. Nta nubwo yinubaga kuvunda kw'abana (Mat. 19:13-15). Yagiriraga ubuntu abantu baje bamutunguye, kugeza ubwo bamwe bamusamburiragaho inzu. Nta na rimwe yabangamirwaga n'amacakubiri y'abantu. Kuri we abantu nib o bari bafite agaciro ku buryo amategeko yose yayakubiye hamwe mu gukundana.

Ntabwo yakangwaga cyane n'ubuhanga, ubukire, cyangwa kwihambira ku mategeko, nkuko yibandaga ku kwizera. Ni koko, iyo washakaga kugira ijombo kuri we, kugendera mu kwizera byasaga n'aho ari byo bimukora ku mutima. Kwizera ni nako yapimiragaho ibindi byose. Yahoraga akangurira abantu kwizera, kandi iyo yabonaga umuntu ufite kwizera yagiraga umunezero mwinshi ku buryo byashoboraga kubangamira abandi. Iyo umuntu w'igicibwa yagaragazaga kwizera, niyo byababaga mu buryo butunguranye yaramwakiraga (Luka 7:36-38). Nubwo we yari afite ubushobozi bw'indengakamere, hari ubwo yavugaga ko abangamiwe no kwizera guke kw'abandi.

Mu mpera z'umurimo we hamwe n'abayoboke be, habonetse byinshi byagiye bibananira. Ntabwo bashoboraga gusobanukirwa ibyo abigisha byose. Abantu basanzwe ntibari bakimenya uwo ari we. Abayoboke be bamwitagaho igihe yabaga yakoze ibikomeye ariko yagera aho abakeneye cyane bakamwitaza. Ndetse umwe muri bo yahakanye ko atamuzi mu gihe bamuciraga urubanza (Mat. 26:69-74. Undi mu bayoboke be yamugambaniye kubera abantu bamwemereye amafaranga, ariko hanyuma

ariyahura. Ngira ngo byose byagiye ku mutwe w'umuyobozi. Yarafashwe, acirwa urubanza, ahamwa n'icyaha maze yicwa nk'umwanzi w'abantu. Ibyo byose kugira ngo ahindure isi.

Ntagushidikanya ko abayoboke be batunguwe kandi bakababazwa no kugenda kwe kudasanzwe kandi gutunguranye. Ntabwo bari biteguye ko abasiga. Byasaga n'aho ari bwo agitangira. Yari yagize impinduka nini cyane muri bo, ariko ab'isi kuko batamwemeye, bari batarahinduka. Kubera ko umurimo wari utararangira, uyu muyobozi yasigiye abayoboke be inshingano yo gukomeza gukora nkuko yakoraga (Mat.28:18-20). Yari yarabateguye bihagije ku buryo nibaramuka bashyize mu bikorwa ibyo bamwigiyeho bazabona umusaruro munini kuruta uwo yabonye. Kandi koko abayoboke be barabikoze. Bakomeje ubutumwa bwe bafite umurava n'umwete mwinshi. Gukora kwabo kwagaragaje ikintu kimwe – umuyobozi ntabwo yabasize. Byabonetse bityo igihe gito gusa. Mu by'ukuri kubana nabo mu mwuka niko kwazanye uguhinduka kw'isi yashakaga. Uyu muyobozi, yari kumwe nabo ubwo bagendaga hose bamamaza ubutumwa mu moko n'amahanga yose. Kubaho kwe nibwo bwari ubutumwa bwabo no guhishuriwa kwabo.

Abo bayoboke, bagaragaje ko ari abayoboke beza, ntabwo bigeze bateshuka ku cyitegererezo umuyobozi wabo yari yarashyizeho. Bakomeje kugira ibiganiro n'abaturage basanzwe mu ruhame, ndetse no mu nsengero n'amasinagogi (nubwo amateraniro yabo menshi yaberaga mu ngo). Babagaho nkuko bigisha kandi bagakunda abantu cyane, kandi bagatoza n'abandi kubikora nkabo. Uko abantu bagendaga bakira ubwo butumwa, niko amateraniro yo kwizihiza kubaho k'umuyobozi yagendaga ashingwa. Nkuko umuyobozi wabo yabigenje, abo bayoboke n'amateraniro yabo bahinduye byinshi ku buryo ubuyobozi n'uutegetsi bwariho bwatangiye kubikanga – ndetse bagera aho babarwanya. Mu binyejana bike byakurikiyeho, abayoboke batangiye kwihangira imikorere igoranye yo gukurikira umuyobozi. Akenshi wasangaga bibanda ku "gukora nk'uko Abaroma bakora" kuruta gukora nkuko umuyobozi yakoraga, bakurikiza uburyo bw'imikorere yo mw'isi. Imikorere idakurikije gahunda yarangwaga no kubaho k'umuyobozi isimburwa n'inzego z'ubuyobozi na gahunda zidahinduka. Imiryango itangaje, inyubako nini, na gahunda zigezweho bisimbura amateraniro yoroheje yo kubahiriza no kuramya umuyobozi. Uwo muyoboro watumye barushaho gutekana no kugenzura byose, ariko kubaho k'umuyobozi kurakingirizwa kandi ibyinshi mubyo yaharaniye nabyo bikurwaho. Mu guharanira imikorere kuruta ibikorwa, imbaraga z'ubutumwa zakomeje gutakara.

Guhindura k'umuyobozi kuracyakomeza. Abakurikira umuyobozi bategekwa gukora nkuko yakoraga. Uko gahunda zateguwe zo guhindura isi binyuze mu miryango minini n'inzego zihambaye bigenda bigaragaza icyizere gike, abayoboke be bagomba kwibutswa imikorere rukumbi y'umuyobozi. Igitekerezo cy'urufatiro kiroroshye cyane; umuyobozi, ubaho nkuko yizera, ukunda abayoboke be ku buryo asangira nabo ubuzima – ubwo nibwo buyobozi nyabwo. Uyu ni we Muyobozi Mukuru ukora ku bugingo agahindura isi.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 1.

## Imikorere n'Inyungu z'Amatsinda Mato

**I. Urufatiro rw'Amatsinda Mato.**

Ese amatsinda mato nk'ayo tuvuga yahozeho mw'itorero ry'Isezerano Rishya?

Ni bintu ki bitandukanya amatsinda y'abakristo n'andi matsinda?

Ni iki cyambere gitandukanya itsinda risanzwe n'itsinda rito?

**II. Imikorere y'itsinda rito**

Ni ibihe bikorwa bimwe byakorerwaga mu materaniro y'amatsinda mato y'Isezerano Rishya? **(Ibyak. 2:24,**

**Abah. 10:25, Ibyak. 20:7,11)**

Ni ibihe bikorwa bishoboka mu itsinda rito byazana **guterana umwete, kuganira n'ubucuti muri Kristo**?

Ni ibihe bikorwa byo kuramya byakorerwaga mu matsinda mato y'Isezerano Rishya? **(Ibyak. 2:47, 1:14, 6:4, Abakol. 4:2)**

Ni ibihe bikorwa bishoboka mu matsinda mato bizana **gutungarira Imana**?

Ni ibihe bikorwa byo **guhindura abantu abigishwa** byakorerwaga mu matsinda mato y'Isezerano Rishya? **(Ibyak. 6:4, Abakol. 4:17)**

Ni ibihe bikorwa bishoboka mw'itsinda rito byazana **gufasha, kwigisha no gutoza?**

Ni ibihe bikorwa by'ivugabutumwa byakorerwaga mu matsinda mato y'Isezerano Rishya **(Ibyak 5:42, 4:20, 20:20)**

Ni ibihe bikorwa bishoboka mw'itsinda rito byazana **kugeza ku bandi** inkuru nziza ya Kristo?

**III. Inyungu z'Amatsinda Mato**

Ni izihe nyungu z'amatsinda mato muri iki gihe?

A. Ni izihe nyungu mw'**ivugabutumwa** ryacu?

B. Ni izihe nyungu z'amatsinda mato ku **isano yacu n'Imana?**

Ni izihe nyungu mu **busabane bwacu umuntu n'undi?**

Ni izihe mbaraga ivugabutumwa "umuntu ku wundi" ryagira rikozwe mu iteraniro risanzwe ku Cyumweru?

Byagira ngaruka ki ku Mukristo ubu bukene bubakemuwe? Ese umukristo mushya yakura adakemuriwe ibi bibazo?

**C. Inyungu zo Guhindura abantu Abigishwa.**

Uratekereza ko hari izihe nyungu zo "Guhindurana Abigishwa" mu bagize itsinda rishya kuruta ibikorwa n'umuntu umwe?

D. Ni izihe nyungu z'amatsinda mato mu **Gutegura Abayobozi**?

E. Inyungu zo **Gushinga Amatorero.**

1. <u>Ese hari inzitizi mw'itorero zaba zibuza abatizera batarigera bajya mu rusengero kuza mu materaniro yanyu? Ni gute amatsinda mato ashobora kuba nk'ikiraro ku batizera?</u>
2. Muri rusange ni gute amatsinda mato yaba igice cya ngombwa mu ngamba zo kugwiza amatorero?

## ITEGANYABIKORWA

Shaka incuti y'Umukristo cyangwa uwo muziranye utazi ibyerekeye amatsinda mato. Musobanurire inyungu zo gukoresha amatsinda mato nk'ingamba z'umurimo, maze umubaze impamvu ituma yemerenya cyangwa atemeranya nawe. Niba bishoboka, uganire n'abandi bahugurwa mufatanije kwiga ibi bitabo.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 2.

### Amahame y'Ubuyobozi bw'Amatsinda Mato

**I. Amahame Rusange y'Ubuyobozi**

A. **Kubaka Icyitegererezo cy'Ubuzima bwa Gikristo – Ni uruhe ruhare rwo kubaka Icyitegererezo tubona mu buyobozi bw'Isezerano Rishya?** (1 Abates.1:6-7; 1 Abakor. 11:1)

**B. Gutegura Abayobozi Bashya**

Ese umuyobozi w'itsinda rito ashobora guha inshingano n'ibikorwa abgize itsinda bose, aho kuziha uwo atoza ubuyobozi gusa? Kuki? Kuki atari byo?

Ni nyuma y'igihe kingana iki umuyobozi w'itsinda rito ashobora gutoranya uwo atoza kuba umuyobozi?

Ni ibihe bikorwa umuyobozi w'itsinda ashobora gukorana n'uwo atoza kugira ngo amutegurire kuyobora itsinda rye bwite?

**C. Gutegura no Gushyira mu Murimo**

Amatsinda mato afasha kwigisha abayobozi kuko abaha amahirwe. Ni ibihe bintu umuyobozi mushya ashobora kwigira mu nshingano akorera mu itsinda arimo? Tanga ingero.

**II. Kuyobora Amateraniro y'Itsinda Rito.**

Gahunda ntangarugero y'iteraniro ry'itsinda rito

- gusabana no kuganira mu bagize itsinda
- kuramya no gusenga, kuririmba no guhimbaza Imana
- kuganira no kwiga Ijambo ry'Imana
- Nyuma itsinda ritangira kureba intumbero y'umurimo, abarigize bakigira hamwe uko bageza ubutumwa ku ncuti n'abaturanyi babo cyangwa andi matsinda manini. Habaho no gusengera abantu mu mazina bataraza mu itsinda.

Ni iyihe myiteguro ikenewe kuri buri cyiciro cy'ibikorerwa mw'itsinda rito bikurikira:

| | | |
|---|---|---|
| A. Ahantu | D. Amasengesho | G. Ivugabutumwa |
| B. Gusabana | E. Kwiga Bibiliya | |
| C. Kuramya | F. Guhindura Abigishwa | |

Kuki ari ngombwa guha buri muntu uje mw'itsinda ubwa mbere "umubyeyi" umuhindura umwigishwa?

**III. Imicungire y'Itsinda Rito**

Kuki umuyobozi w'itsinda rito agomba gutegura gahunda y'itsinda muri rusange na gahunda ya buri teraniro?

Kuki atareka itsinda ngo rikore uko ribyumva mu cyerekezo rishaka?

Ni izihe mpamvu zituma itsinda rito ritegura gahunda ifite imigambi n'intego? Igis. Kubwo Gukorera mu Mucyo no Gukura.

Niba abahugurwa ari benshi, bagabanyemo amatsinda y'abantu batanu. Usabe umwe muri bo afate umwanya w'umuyobozi w'itsinda. Undi afate umwanya w'utorezwa ubuyobozi. Abandi bafate umwanya w'abagize itsinda. Itsinda rishobora gukoresha umukino witwa "xxxxxxxxxxx" mu gusabana nkuko biri mu mugereka wa 2A. Somera abahugurwa amabwiriza ari hepfo. Hanyuma ukoreshe bimwe mu bibazo byo kuganira, "Ni iki cyagushimishije kuruta ibindi mu buzima?" Nyuma itsinda rijye mu mwanya wo gusenga. Itsinda rigomba gusuzuma no kuganira uko iteraniro ryagenze. Niba abahugurwa ari bake, mushobora kubikorera hamwe mwese.

## ITEGANYABIKORWA

Subiramo Umugereka wa 2B "Urugero rw'Ibikorwa Byo Mw'itsinda Rito." Uyu mugereka urimo ibitekerezo by'ibishobora gukorerwa muri buri materaniro uko ari ane. Umuyobozi w'itsinda ashobora gukoresha ibyo bitekerezo, cyangwa akabihidura akurikije ibihe arimo uko bimeze.

***AMATSINDA MATO UMUGEREKA***

**2A**

# KWIBWIRANA KW'ITSINDA RITO

Kwibwirana ni uburyo bwo kwidagadura, budatinyisha bwo gufasha abantu kumenyana neza. Ibyo bikorwa kenshi mu iteraniro ryo gusabana kw'itsinda rishya. Bimwe byo kwitondera:

- Uburyo bwo kwibwirana bugomba kuba buberanye n'itsinda rito. Niba bibaye iby'ubwana cyane, abantu bazabyinuba. Niba bikanganye cyane, abantu bazabihunga.
- Sobanura neza ko buri wese agomba kubikora.
- Hari ubwo uburyo bwo kwibwirana bushobora gukoreshwa kenshi.
- Ntiwirengagize abantu bashobora kutanezezwa n'imikino cyangwa igikorwa.

- Ibihe byo kwibwirana bigenda bita agaciro uko itsinda rigenda rirushaho guhuriza hamwe mu gukura kwaryo. Ushobora gukoresha kimwe cya kabiri cy'igihe mu kwibwirana mu materaniro abiri abanza, ariko nturenze iminota 10 cyangwa 15 nyuma y'amezi make.

Ibibazo byo gutangira
Ugifite hagati y'imyaka 7 -12....
1. Wari utuye he ? Wari ufite bene so na bashiki bawe bangahe?
2. Iwanyu mwakoreshaga ubuhe buryo bwo kugenda?
3. Ni nde muntu wisangagaho kuruta abandi?
4. Ni ryari Imana yabaye nzima kuruta amagambo kuri wowe ?

## Ndi nde ?

Andika amazina y'abantu bazwi cyane muri Bibiliya ku duce tw'udupapuro. Utubandike ku mugongo wa buri muntu. Nta muntu ushobora gusoma agapapuro kamuriho. Agomba kuzunguruka mu cyumba abaza ikibazo kimwe kimwe kugeza ubwo afundura uwo ari we.

Nzi Neza Ko Ntawe Ubizi
Buri muntu mw'itsinda yandika ku gace k'urupapuro ikintu atekereza ko nta muntu n'umwe mu itsinda ikimuziho. Twa dupapuro bakatuzinga, bakatuvanga, bakaduha inomero zikurikirana. Umuntu runaka agatangira gusoma utwo dupapuro, abanje kuvuga inomero. Buri wese mu bagize itsinda agatangira gukora urutonde rw'abantu atekereza ko bahuje n'iyo nomero. Nyuma yo gusoma agapapuro ka nyuma, uwanditse ibihuje n'ibyasomwe niwe uba atsinze.

## Kwibwirana

Buri muntu ahabwa iminota mike yo gutekereza ikibazo aza kubaza abandi mu itsinda. Nyuma yo gutekereza ikibazo, buri wese ahawa uburenganzira bwo kubaza undi muntu ikibazo cye. Wandika izina ry'umuntu n'igisubizo cye. Nyuma y'iminota icumi, abagize itsinda bose umwe umwe bagenda bavuga ibisubizo babonye ku bantu. Uko ubaza ibibazo byiza, niko ubona ibisubizo bifite akamaro.
Iby'ukuri Bibiri n'Ikinyoma Kimwe
Buri wese yandike ibintu bibiri by'ukuri kuri we na kimwe cy'ikinyoma. Abantu bakabanza kwemeza umuntu buri gapapuro kitirirwa, n'icyo yanditse cy'ikinyoma. Ushobora kureka igice cya mbere (buri muntu akamanika agapapuro ke abantu bagashaka icyo yanditse ari ikinyoma.) Ntabwo bikwiriye kugira ikinyoma kijya gusa n'ukuri.

## Itegenyagihe

Muvuge umuntu umwe umwe, uhereye ku muyobozi, uko wumva umeze ako kanya ukurikije uko igihe kimeze – hari igihu, izuba rirava, n'ibindi.... Abagize itsinda bashobora kuvuga impamvu bahize icyo gihe. Umuyobozi atanga urugero rwiza.

## Urugendo rwo kwiringira

Abantu bajye mu matsinda ya babiri. Umwe muri bo umupfuke amaso. Udapfutse amaso ayobore undi mu tuyira tugoye turi hafi y'aho muteraniye. Ugerageze kunyuza abantu ahantu hatandukanye, haba mu cyumba cyo hejuru, hanze no mu nzu, ubareke bakore ku bintu bitandukanye, bakandagire ahantu hatandukanye, mu byatsi, ku bitaka, ariko ntugire icyo ubabwira batangiye kugenda. Abayobora abandi ubavugishe n'amarenga. Nyuma y'iminota itanu, uhinduranye abapfutse amaso n'abareba. Nyuma y'indi minota itanu abantu bose baterane. Mubwirane uko mwiyumvaga igihe mwari mupfutse amaso, mukora .... Ese mugenzi wawe wamutekerezaga ute? Ese wumvaga umeze ute kuba utazi ibirimo gukorwa? Ni iki byakwigishije kuri wowe ubwawe? Ibi bujyanye bite n'isano yawe n'Imana? Isano yawe n'abandi?

## Umukino w'igiceri

Niba hari abantu bashya mw'itsinda, mushobora gukoresha umukino w'igiceri mu kwibwirana. Buri wese umuhe ibiceri icumi. Buri muntu akavuga ikintu kimwe mimwerekeyeho gitandukanye n'icy'abandi bose. (Urugero: "Nazamutse umusozi wa Karongi" ) Umaze kuvuga agashyira igiceri hagati. Niba hari undi wazamutse umusozi wa Karongi, nawe agashyira igiceri hagati. Utanga abandi kumara ibiceri bye byose ni we uba atsinze.

### Amakipe abiri

Iki gikorwa gikeneye amakipe abiri n'ibyumba bibiri. Ikipe A itekereza umurimo Ikipe B igomba gukora (urugero kunywa icyayi) badakoresheje amagambo. Ikipe A igafata umuntu umwe (Laura) mu ikipe B ikamubwira icyo gukora. Nyuma Laura akajya kuzana undi muntu umwe (Michel) mu ikipe B akamukorera wa murimo atamubwiye amagambo, abo mu ikipe A bareba. Hanyuma Laura agasubira mu kindi cyumba akohereza undi muntu wo mu ikipe B, Michel akamukorera wa murimo atamubwiye amagambo. Michel yarangiza akajya kuzana undi muntu akamusigira mugenzi we kugira ngo amukorere cya kindi. Ibyo birakomeza kugeza ku muntu wa nyuma mu ikipe B yeretswe uwo murimo. Hanyuma amakipe agahinduranya; ikipe B igatekereza umurimo ukorwa n'ikipe A.

### Ibisubizo n'Abanditsi

Andika ibibazo bine cyangwa bitanu bidakanganye ku dupapuro bishobora kugira icyo bivuga ku muntu (urug. Ni iki utunze ukunda cyane? Ni iki wifuza gukora udashobora gukora ubu? Ni hehe wakwifuza kuruhukira?) Abantu bagomba gusubiza ibibazo byose cyangwa nibura bitatu muri byo, ariko ntihagire uwandika izina rye. Umuyobozi agafata udupapuro agasoma ibisubizo, maze buri wese akagerageza kuvumbura uwanditse ibyo bisubizo.

### Abaturanyi Banjye Bose

Abantu bose bicare mu ruziga hasigare umuntu umwe uhagaze hagati. Uwo muntu uhagaze akeneye kubona umuturanyi. Kugira ngo amubone agomba kuvuga ikintu kimwerkeyeho kijya guhura n'ikiri ku muturanyi ashaka (urugero "Abaturanyi banjye bose bacuranga piano"). Buri muntu wese wumva ikivuzwe kimuriho arahaguruka agashaka ahandi yicara hatari aho yahoze. Wa wundi wari hagati nawe agashaka aho yicara, ku buryo buri gihe haba hari umuntu uri hagati. Uwo usigaye avuga ikindi kintu kimwerekeyeho ashaka umuturanyi uhuje nawe icyo avuze.

### Ibiganiro mu Matsinda

Dore ibibazo bimwe bishobora gukoreshwa igihe cyo gusabana. Umenye ko bimwe muri ibi bibazo biberanye n'itsinda rishya, naho ibindi bikwiranye n'itsinda rimaze kumenyana buhoro. Ubusanzwe ikibazo kimwe ni cyo gikoreshwa muri buri teraniro ry'itsinda.

1. Ni ki cyagushimishije kuruta ibindi mu buzima?
2. Watubwira iki ku nshuro yawe ya mbere yo gusohokana n'incuti yawe?
3. Ni iki wicuza cyane mu buzima bwawe?
4. Ni ikihe kintu wakoze kikakugora cyane ?
5. Ni ukuhe gushimwa gukomeye cyane wigeze guhabwa ?
6. Ni nde ncuti yawe ya mbere ku'isi ? Yidusobanurire.
7. Ni ikihe cyumba cyo mu nzu yawe ukunda kuruta ibindi ?
8. Ni ikihe kintu kimwe wifuza kugeraho mu ccyumweru gitaha ?
9. Ni hehe wumvaga wishimiye kandi utekanye kuruta ahandi mu bwana bwawe ?
10. Uramutse ufite imashini ibara igihe rimwe gusa, ni ikihe gihe wareba cy'imbere cyangwa cyo mu mateka ?
11. Ni ryari uheruka gukora ikintu ku ncuro ya mbere ?
12. Iyo muri ku meza abantu bagatangira gukerensa incuti yawe. Ubigenza ute ?
13. Uramutse ubonye ikinini cyatuma ubaho imyaka 1,000 wakinywa ? Kuki ?
14. Iyo wakoze ikintu kigayitse, ni kangahe ujya ubabazwa n'uko abandi babibonye bakabiseka ?
15. Ujya wifuza kumenya italiki nyakuri uzapfiraho ?
16. Iyo uba washoboraga guhindura ibintu bibiri mu buryo warezwemo, ni ibihe wahundira ? Niba uvuka mu muryango w'abashakanye bagatandukana, byakugizeho ngaruka ki ?

17. Umuvandimwe wawe ukunda cyane ni nde ? Kuki ?
18. Ni ibihe bihe wibuka byakunejeje cyane wamaranye na So ? na Nyoko ?
19. Ni iki Imana yakoresheje kugira ngo ikugeze aho wumva ukeneye Yesu ?
20. Uramutse uhitishijwemo kugurana umwanya n'umuntu umwe wo muri Bibiliya, wahitamo nde ? Kuki ?
21. Ni ikihe gitabo ukunda kuruta ibindi muri Bibiliya ? Kuki ?
22. Ushoboye kujya ahantu hose ku isi, aho wajya ni hehe?
23. Tekereza inzu yawe ihiye, ukaba wemerewe gusohokana ikintu kimwe gusa (ariko umuryango wawe ntacyo ubaye) wasohokana iki ?
24. Ni iyihe Sinema ukunda cyangwa ikiganire cya TV ukunda kuruta ibindi ?
25. Ni nde waba ryaragize icyo ahindura mu buzima bwawe kuva ubwo duherukana ?
26. Ni ikihe kintu cyiza cyaba cyarakubayeho mu cyumweru gishize ?
27. Ibuka ikintu cyaba cyarakunaniye vuba aha.
28. Vuga umuntu wemera cyane waba yaranyuze mu bihe bikomeye kugira ngo agere aho ageze ubu ?
29. Ni iki ushyira imbere cyane mu mibanire yawe n'abantu ? Mu mibanire na Kristo ? n'Ababyeyi ?
30. Wumva umeze ute iyo udashimiwe ko waretse ibyawe kubwa mugenzi wawe ?
31. Ni ikihe gihe cy'umunsi ukunda kuruta ibindi ?
32. (Ingaragu)Umukobwa/Umuhungu nashakana nawe. (Abashakanye) Impamvu yanteye gushaka uwo tubana.
33. Ni iki cyaguhemukiye kuruta ibindi mu buzima?
34. Ni iyihe mpano (uretse iyo gukizwa) utazibagirwa mu buzima?
35. Ni iki cyakubayeho cyiza cyane mu buzima bwawe mu cyumweru gishize?
36. Uramutse ushobora kujya ahantu hose wamara iminsi itatu, nihehe wajya, kandi kuki?
37. Ushobora guhitamo guhura n'umuntu wabaye mu gihugu cyawe, yaba ari nde, kandi kuki wahitamo guhura nawe?
38. Ushoboye guhitamo aho watura ku isi, wahitamo hehe kandi kuki?
39. Ni iyihe mpano (y'umwuka, y'amarangamutima, y'ubwenge) wizera ko uzanye muri iri teraniro? Mu yandi magambo, ni iki utekereza ko uzanye cyakubaka ubugingo bw'abandi?
40. Ni iki cyakubayeho mu buzima bwawe cyahinduye ibyo uha agaciro byose?
41. Ni iyihe migambi waba ufite mu mwaka utaha?
42. Ababyeyi bawe ni ba nde, bakora iki kandi ni iki wifuza ko cyahinduka muri bo ?
43. Ushoboye guhitamo undi mwuga ubu, wahitamo gukora iki ?
44. Ushoboye kuba umukuru w'igihugu kw'isi, wahitamo ikihe ? Kuki ?
45. Ni ibiki byakubayeho byiza cyane n'ibibi cyane muri iki cyumweru ?
46. Ushoboye gufata urugendo rw'ibyumweru bibiri ahantu ushaka ku'isi, wajya he kandi kuki ?
47. Ushoboye kuvugana n'umuntu umwe gusa kw'isi, yaba nde kandi kuki ?
48. Buri wese ashushanye ku rupapuro igishushanyo cy'akazi ke cyangwa icyo akora buri munsi. Sobanura igishushanyo cyawe.
49. Kuki wishimiye kuba muri iri tsinda uyu mugoroba ?
50. Ni ibiki ufitemo imbaraga n'ibyo ufitemo intege nke mu mibanire yawe n'umwana wawe w'imfura cyangwa n'uwo mwashakanye, cyangwa n'ababyeyi be?
51. Bwira buri wese ko ahawe impano ya miliyoni y'amadolari. Buri wese avuge uko yakoresha uwo mutungo abinye mushya.
52. Ufite izina ry'irihimbano? Ni irihe? Ni ayahe mazina y'amahimbano wahaye uwo mwashakanye n'abana bawe ?
53. Hari ibihe byo mu mateka wifuza kuba warabayemo ? Niba biriho ni kuki?
54. Ese hari icyo iri tsinda rito ryagufashije? Mufate umwanya mubiganireho kandi mushimane.
55. Bwira iri tsinda ibintu bitatu ushimira abo mu muryango wawe n'ibintu bitatu bajya bakugiraho rimwe na rimwe.
56. Ni ikihe kintu kimwe ujya wifuza cyane ko cyabaho muri iki gihe mu muryango wawe? Mu itorero ryawe? Mu itsinda rito ryawe? Mu isi?
57. Ni iyihe ncuti ya mbere ufite ya mbere muri iki gihe?

58. Haba hari icyifuzo wasengeye cyashubijwe vuba aha? Tubwire iyo nkuru.
59. Umurimo wawe ni uwuhe? Ni iki kikunezeza muri wo?
60. Ni nde wagize uruhare runini mu buzima bwawe bwa gikristo ? Kuki ?
61. Ni ikihe gitabo wasomye, sinema/video warebye wakangurira abandi gushaka? Kuki?
62. Ni iki wibwira ko gishimisha Imana hejuru y'ibindi byose mu buzima bwawe?
63. Ni ayahe magambo wabwiwe yaguteye umwete kuruta ayandi muri iki cyumweru?
64. Ni ikihe gikorwa gitera abandi umwete waba warakoreye umuntu muri iki cyumweru?
65. Ni iki cyagusunitse kuba muri iri torero?
66. Ni iki waba ucyifuza kugeraho mu buzima?
67. Ni iki cyakubayeho kikubuza amahoro kuruta ibindi?
68. Ni iki ushimira?
69. Ni iki wibuka mu buzima bwawe kuruta ibindi kandi kuki?
70. Vuga umurongo ufite icyo ukubwira kuruta iyindi utubwire n'impamvu ufite icyo uvuga cyane?
71. Wowe n'uwo mubana mwahuye mute kandi ni iki cyabateye gutangira kugendana, cyangwa ni muntu ki wifuza kugira uwo mubana?
72. Ese ubuzima bwawe bwahindukaho iki uramutse umenye ko Yesu azagaruka mu cyumweru gitaha?
73. Ni nde muntu wakunejeje cyane mu bo mwahuye?
74. Ni uwuhe mukino ukunda cyane mu biruhuko kandi ni iki kikunezeza muri wo ?
75. Tubwire ibyakubaye by'umwuka.
76. Ni iki kikubangamira kuwo mwashakanye/ku ncuti yawe ?
77. Uruhuka ute ?
78. Ni ubuhe bwako bwa muzika/indirimbo ukunda cyane ?
79. Ni iki cyakubayeho muri iki cyumweru ushaka kubwira abandi bagize itsinda ?
80. Ni ryari uheruka kurakara by'ukuri ?
81. Ni iki wumva wakora, wizeye ko udashobora kukinanirwa ?
82. Ushoboye kurama mu buzima ni iki wahindura ?
83. Ni iki ushaka ko kizandikwa ku mva yawe ?
84. Ni iki ushaka ko kizavugwa mu gushyingurwa kwawe ?
85. Ni iki adashaka ko kizavugwa mu gushyingurwa kwawe ?
86. Ushoboye kujya gutura ku kwezi kandi ugomba gutwara ikintu kimwe gusa, watwara iki ?
87. Wakora iki uramutse ubonye (1) umuntu bamwiba (2) umuntu arohama (3) inzu ihiye ?
88. Ni ikihe kintu cyaguteye umunaniro cyane muri iki cyumweru ?
89. Ni ikihe kintu kimwe kijya gituma wicira urubanza ?
90. Ni ikihe kintu utajya usobanukirwa cyerekeye abo mudahuje igitsina ?
91. Uhawe amahirwe yo kugira ibyo usubiramo muri iki cyumweru, ni ibiki wakora mu bundi buryo ?
92. Tubwire irindi tsinda waba warabayemo hanze y'itorero. Kuki wumva ryaragendaga neza (cyangwa ritagendaga neza)? Si ngombwa kwibanda ku matsinda ya kidini gusa. Abenshi muri twe tugira n'amatsinda dukoreramo ku kazi.
93. Ni iyihe Bibiliya wahawe wibuka cyane? (ubatizwa, ushyingirwa, wihana, ...) Tubwire impamvu ifite icyo ivuga cyane kuri wawe.
94. Ni iki cya mbere kiza mu bwenge bwawe iyo utekereje Imana?
95. Ni ibihe bibazo bikomeye wibaza ku mibanire yawe n'Imana?
96. Ni ibihe bihe ujya wumva uri wenyine cyane? Wenyine buhoro? Kuki?
97. Ni hehe mu buzima bwawe wumva bikugoye kwiringira Imana? Abandi bantu? Wowe ubwawe?

***AMATSINDA MATO UMUGEREKA WA***
# 2B

# Urugero rw’Ibikorwa mu Materaniro y’Itsinda Rito

| Gusabana | Kuramya | Kubakana | Ivugabutumwa |
|---|---|---|---|
| Umuntu ku muntu | Umuntu ku Mana | Imana ku muntu | Umubiri wa Kristo ku isi |
| Imbere | Hejuru | Hasi | Hanze |
| Iminota 20 | Iminota 20 | Iminota 30 | Iminota 20 |
| Kwidagadura hamwe<br>Gusangira ibyo kurya<br>Kurushaho kumenyana<br>Guterana umwete<br>Kubwirana ibinejeje<br>Kubwirana ibibazo<br>Gusengerana | Indirimbo zo guhimbaza<br>Gushimira Imana imbaraga zayo<br>Gushimira Imana ibyo yakoze<br>Gusenga bucece cg baranguruye<br>Gusoma amagambo yo kuramya (urugero Zaburi)<br>Gusoma ibihimbano bya Gikristo | Kwigira hamwe Ibyanditswe<br>Gushyira mu bikorwa ukuri mu buzima bwa buri munsi<br>Gukora umurimo nk’itsinda<br>Kuvumbura no gukoresha impano<br>Gufata imirongo mu mutwe | Gusenga kwa batatu dusengera incuti<br>Gutumira abatizera mi itsinda<br>Gukemura ibibazo by’abaturi hafi<br>Kubaka ubucuti n’abatizera<br>Kubwira abandi Inkuru Nziza ya Kristo |

# AMATSINDA MATO – Gahunda y’Amahugurwa 3.
## Gutangiza Itsinda Rito

**I. Kwitegura Itsinda Rito Rishya –** Kuki ibi bikurikira byose ari ngombwa?
- **A. Kugira ikipe y’Amasengesho (Abef.6:19, 1 Abates. 5:25)**
- **B. Kugira Ikipe y’Ubuyobozi (Luka 10:1)**
- **C. Ubushakashatsi ku Karere Katoranijwe**

**II. Kuvugana n’Abantu**
- Abo ugamije kubwiriza ni ba nde?
- Ni gute wakubaka ubucuti na bo?

**III. Hitamo ahantu**

Ni hehe habereye itsinda rishobora guteranira?

**IV. Gutegura iteraniro rya mbere**

Ni ibihe bibazo bimwe ushobora guhura na byo iyo ugiye gutangiza itorero ahantu hatigeze havugwa ubutumwa bwa Gikristo?

Ni iki cyakorwa kugira ngo urenge izo nzitizi?

Wabwira iki umuntu uri mw'itsinda ryawe ariko akaba afite ubwoba bwo kwemerera abashyitsw atazi kuza mu rugo rwe?

Niba igihe kikwemereye, kora itegenyabikorwa muri iri somo. Saba abahugurwa kwandika ibiri mu mugereka wa 3A mu gihe ubisoma. Bashyire mu matsinda mato baganire kuri gahunda z'abagize itsinda.

## Iteganyabikorwa

- Tuvuge ko mushaka guterana ubwa mbere mu itsinda mu cyumweru gitaha. Koresha Umugereka wa 3A "Urupapuro rwo Gutegura, Iteraniro ry'Itsinda Rito" mu gushyiraho gahunda y'iryo teraniro. Reba akantu kose gahoboka. Hari ikindi cyaba gikenewe gushyurwa kuri gahunda y'iteraniro? Nurangiza, uganire gahunda yawe n'undi umwe mu bahugurwa maze asuzume ibyo wakoze. Nawe usuzume ibye.
- Niba utararangiza ubushakashatsi ku karere watoranije, ugomba kubikora ubu. Numara gukora ubushaka-shatsi mu karere katoranujwe, ukurikize amahame n'intambwe ziri muri iri somo kugira ngo utegure gahunda y'itsinda rishya. Ushyiremo amazina y'abazayobora itsinda, amazina y'abasenga, uko uzavugana n'abantu, ibikenewe itsinda rizashaka, ni ryari ni hehe itsinda rizateranira, n'ikindi cyose utekereza ko cyaba muri gahunda.

### UMUGEREKA WA 3A – URUPAPURO RW'UMUTEGURO – Iteraniro ry'Itsinda

Italiki n'isaha yo guterana:

Ahantu na Nyiri urugo:

**Gusabana**

Ibyo kwica akanyota

Ibikorwa, imikino

**Kuramya**

Umuyobozi w'indirimbo

**Amasengesho**

Ibikorwa byo gusenga

**Kwiga Bibiliya**

Umuyobozi w'ibiganiro

Igice kizigwaho

**Kureba imirimo iri imbere**

Igihe cyo kuganira

Ibikorwa by'itsinda

Ibikorwa bya buri muntu

Ibyo gutekerezwaho:

- Ni nde watoje kuba umuyobozi?
- Ni nde ukurikirana buri muntu mu itsinda ryawe? (Uwo akurikirana ni nde)
- Ni iki ukora ngo ufashe uwo utoza ubuyobozi kongera ubuhanga bwe bwo kuyobora? Ni gute umurekurira inshingano? Ni gute wubaka icyitegererezo mu murima hamwe na we?
- Ese usengera buri muntu wese mw'itsinda?

Ibiganiro mu matsinda:

1. Ni ibiki byo mu myiteguro bikoroheye kuruta ibindi? Kuki?
2. Ni ibiki bikomeye kuruta ibindi? Kuki ?
3. Uzabigenza ute niba nta muyobozi w'indirimbo wizeye ?
4. Ni ibihe bice by'iteraniro ry'itsinda wizeye ko bizagenda neza kurutaho ? Sobanura.
5. Ni ibiki utekereza ko bizagenda nabi cyane ? Sobanura.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 4.

## Ivugabutumwa mu Matsinda Mato

**I. Ubwoko Bubiri bw'Abatizera**

**A. Abatizera A : Abafite Amatsiko**

**B. Abatizera B : Abadashaka Kumenya (Abef.2 :17**

**II. Gusobanukirwa Oikos – abo mu rugo**

Umwitozo: Kora urutonde rwa Oikos y'amasano yawe. Soma kandi utange amabwiriza y'uyu mwitozo:

Fata urupapuro, wandike urutonde rw'abantu bose ukunda kuvugana nabo kenshi mu gihe cy'icyumwere cyangwa ukwezi. Wandike izina rimwe kuri buri murongo. Urutonde rwawe ntirurenze abantu 20 (niba barenze utoranyemo 20 bakwegereya cyane)

Noneho itegereze ayo mazina ari ku rutonde. Buri muntu uzi ko ari umwizera, ushyire ikimenyetso cy'umusaraba imbere y'izina rye. Nyuma utekereze abantu batari abizera. Abari mu "bwoko bwa A" Ushyira ikimenyetso A imbere y'amazina yabo. Abo nibo bantu utekereza ko bakira neza amagambo y'umwuka, kwiga Bibiliya, cyangwa kwiga neza imigambi y'Imana ku bugingo bwabo.

Hanyumwa urebe amazina asigaye. Niba hari abo uzi batitaye kuby'Imana cyangwa iby'umwuka, badashobora kuza kwiga Bibiliya, cyangwa batabona Imana ko ifite agaciro mu buzima bwa buri munsi, ushyre ikimenyetso **B** imbere y'amazina yabo. Abo ni abatizera b'"Ubwoko **B**"

Urwo rutonde ujye urugendana muri Bibiliya yawe. Abantu bafite ikimenyetso cy'umusaraba bashobora kugufasha gutangiza itsinds rito rishya. Abafite ikimenyetso cya **A** imbere y'amazina yabo nibo ushobora gusengera no gutumira mu itsinda ryawe. Abafite ikimenyetso cya **B** nibo ukomeza gusengera ndetse no kubaha igihe kinini cyo kuganira nabo.

Ushobora gutangazwa no kubona hari abatizera bake (niba bahari) muri oikos yawe. Abakristo benshi nta busabane bagirana n'abatizera. Nyamara iyo Abakristo batangiye gusabana n'abandi Bakristo, usanga bafite igihe gito cyane, cyangwa ntacyo cyo gusabana n'abatari Abakristo.

**III. Itsinda ryo kuganira –** abantu babiri cyangwa batatu bagirana igihe n'abatizera b'ubwoko B bazi. Wakora iki kugira ngo abatizera b'ubwoko B bemere kandi babinezerwe?

**IV. Inzira yo Kuvuga Ubutumwa mw'Itsinda Rito**

A. Ivugabutumwa muri Oikos – Sengera kandi utumire ba A mu itsinda ryawe.

Uvugabutumwa Ritumbereye – Itsinda rigamije ivugabutumwa muri Oikos rishobora kugera no ku bashyitsi.

Ibyo bishobora kugusaba gukora ibikorwa bibakurura, ibyo bakunda cyangwa ibikorwa by'abantu benshi.

Uko itsinda ringana – Umubare ntarngwa ni 15. Niba barenze ubagabanye.

Ibibazo byo kwitabwaho, gusubiramo no gushyira mu bikorwa

Muri **Luka 5:32**, Yesu yaravuze ati, “Ntabwo naje gushaka abakiranutsi, ahubwo ni abanyabyaha ngo bihane” Yesu yamaranye igihe kingana iki “n’abanyabyaha” mu murimo kw’isi? Tanga ingero ebyiri cyangwa eshatu z’abantu wagereranya n’ubwoko A cyangwa ubwoko B.

Ni ibihe bikorwa wakora kugira ngo wubake ubucuti n’abantu b’ubwoko B bari ku rutonde rwa oikos yawe? Abandi Bakristo bashobora kujyana nawe mu gihe wubaka ubwo bucuti ni bande?

Ni igihe kinagana iki utekereza ko wamara wubaka ubucuti bufatika n’abatizera? Ni ibiki byihutirwa, niba biriho, bigomba guhinduka mu bugingo bwawe kugira ngo ubone uko umarana igihe n’abatizera?

## Iteganyabikorwa

Mu itsinda ryawe, tegura ingamba zo kugera ku bantu unyuze ku bucuti bwa buri umwe mubagize itsinda. Niba abandi muri hamwe mu itsinda batarakora urutonde rwa oikos yabo, ubasabe bazabe babikoze mu iteraniro ritaha. Saba abagize itsinda bemeze abantu b’ubwoko A mugomba gusengera no gusanga, n’abo mu bwoko B mugomba busengera no gutangira kubaha igihe. Umuyobozi w’itsinda agomba kugumana ayo mazina kugira ngo itsinda rijye ryiyibutsa inshingano yo kubagezaho ubutumwa.

***AMATSINDA MATO UMUGEREKA***

***4A***

# Ibyerekeye “Oikos”

Kugira ngo dusobanukirwe neza umumaro w’amatsinda mato mu ngamba zo gushinga amatorero, tugomba kumva neza ijambo *oikos,* imvugo ya Bibiliya isobanura urwego rw’ifatizo muri sosiyete iyo ari yo yose. Riboneka henshi muri Bibiliya kandi ryerekeza ku bantu batwegereye nkuko twese tubagira. Mu kinyarwanda risobanurwa ngo “urugo” cyangwa “abo mu rugo”. Urugero, muri Ibyak.16:31, Pawulo na Sila bararikoresheje bavuga bati, “*Izere Umwami Yesu, urakira ubwawe n’abo mu rugo rwawe*”

### *OIKOS*: UBURYO BW’ISI BWO GUKORA AMATSINDA MATO

Za *oikos* twese tubamo ntabwo ari ngari cyane. Dushobora kumenyana n’abantu mirongo, cyangwa magana, ariko bamwe tukamarana igihe gito cyane – abo tumarana igihe gihagike kandi gikomeye nibo bari muri oikos yacu, abaturanyi ba hafi. Buri wese muri twe afite itsinda rya hafi ririmo abavandimwe na bamwe mu ncuti duhurira mu kazi, mu mikino, mu byo dukunda, n’abaturanyi. Abo nibo bantu dukunda kuvugana, gusabana, kuganira nibura isaha imwe buri cyumweru.

Ntabwo bikunze kubaho ko umuntu agira abantu barenze 20 muri oikos ye. Maze imyaka myinshi ngenzura za *oikos* z’abantu baza mu mahugurwa nyobora. Abenshi mu bakristo usanga bageza ku bantu icyenda, kandi ugasanga nta wundi mushya wiyongereyemo mu gihe cy’amezi atandatu.

Ubuzima bugizwe n’urunana rutagira iherezo rwa za oikos. Buri muntu rero usanga hari aho acometse muri urwo runana. Iyo abantu binjiye muri oikos biyumvamo umutekano kuruta iyo bari hamwe n’abanyamahanga.

Mu mico yose yo kw’isi, usanga ubucuti buba muri oikos buba bumeze nk’igihango. Abashinwa bafite ijambo bakoresha ku ncuti ya hafi, kandi uwo murunga w’isano uba wubashywe cyane. Muri Argentina, banyeretse igicuma gifite umuheha w’icyuma ufite utwenge ku mpera yawo, akaba ari cyo banyweramo “icyayi cy’ubumwe”. Umugenzo ukomeye cyane wa *oikos* mu muco wabo ni ukunywera ku muheha umwe. Ubusanzwe ibyo bikorerwa mu bavandimwe gusa.

### ZA *OIKOS* ZIRAHINDUKA BITEWE N’IMBARAGA Z’AMARANGAMUTIMA

Kuva isi yaremwa, abantu babayeho muri za *oikos.* Buri muco wose, urazigira. Umutekano w'umuntu awuhabwa no kwemerwa n'abamwegereye muri oikos. Mu bihe bya mbere by'ubwana, nyina w'umuntu ni we ubanza kumuha agaciro kuko amuguma hafi kandi akamwitaho. Uko umwana agenda akura, ako gaciro agahabwa, cyangwa ntagahabwe, n'abandi babana mu rugo. Nyuma mwarimu nawe akaza kwinjira muri oikos, byatunda atangiye kuba umusore akinjira mu rungano narwe rukaba oikos igomba kumwemera. Mu kazi, kwemerwa bijyana n'uko igihembo kigenda kizamuka.
Buri oikos igenda iba agace k'umugabane mugari wa sosiyete. Ikintu cy'ingenzi tugomba kumenya ni uko buri muntu wese abaho mu isi ye ntoya, yihariye, akenshi imuhatira kugirana amasano n'abantu bahurira muri oikos. Muri iki gihe, ibikomere by'abantu bakuriye mu miryango irimo umugore w'umusinzi cyangwa umugabo w'umunyarukoni, ni byo bisigaye bitwara umwanya munini mu bikorwa by'matsinda mato.
Mu gihe usoma ibi, utekereze uruhare bifite mu bugingo bwawe. Fata umwanya wandike amazina y'abantu mujya mumarana nibura isaha imwe buri cyumweru muganira imbona-nkubone. (Iyo saha ishobora kuba ari igiteranyo cy'ibihe byinshi bitoya byagiye bibaho mu minsi irindwi yose, ariko bikaba bibaho kenshi – kandi ari amaso ku yandi). Tugomba no kumenya bake muri bo bafite ububasha kuruta abandi ku buzima bwacu. Urugero, Ni bande bagaragara cyane mu buzima bwawe? Ni ba nde ubona ko kwemerwa cyangwa kutemerwa na bo biremereye kuri wowe? (Nagiye ngira inama bamwe bakirwana no gushimisha ababyeyi b'indashima bapfuye kera). Ni bande utinya ko bakwihakana, kandi wifuza kwemerwa nabo? Gutekereza kuri oikos ya buri muntu bizana ubwenge bwinshi!

## ABAKOZI B'ABAKRISTO BAGIRA ZA OIKOS ZIBUZEMO ABATIZERA.

Ubushakashatsi nakoze kuri iki kibazo bwanyeretse ibintu bitangaje. Nzi neza ko nakoze ku bashumba barenga 5.000, abagore b'abashumba, abakozi b'amatorero, abamisiyoneri mu bihugu birenga mirongo itatu. Ni gake cyane usanga abitwa ko bakora buri gihe mu bikorwa bya gikristo, bagira abatizera muri oikos zabo za hafi. Uretse uwaba akora mu mirimo isanzwe, umugore w'umukozi wa Gikristo ntakunze kugira aho ahurira n'abadafite amatorero babamo. Oikos ye ibamo gusa abari mu itorero. Igihe kimwe umukozi ushinzwe uburezi mu itorero rinini yariyunamiriye ararira cyane yibutse ko yamaze igihe cye cyose mu kazitiro k'akazi ke. Nta muntu n'umwe mu batizera yibukaga muri oikos ye kuva yarangiza kwiga mu ishuri rikuru risanzwe.

## YESU YAKUNDAGA KWINJIRA MURI ZA OIKOS Z'ABAPAGANI

Mu gihe itorero rivana abantu muri za oikos zabo rikabashyira mu muryango mugari ukabamira, imikorere y'Isezerano Rishya igaragaza itandukaniro mu mubanire y'abantu. Yesu yakoraga imirimo yo acengera muri za oikos z'abantu. Yari azi ko nta bundi buryo yageza ubutumwa ku bantu atabasanze muri ayo mahuriro yabo. Kandi ikiboneka ni uko buri oikos usanga ishingiye ku rugo, ntabwo igira icyicaro cyayo. Bityo, Umwami Yesu yahoraga agenda ava mu rugo ajya mu rundi.
Muri Luka 19:2-5, tubona Yesu ahura na Zakayo. Aramubwira ati, *"Zakayo ...uyu munsi ndarara mu rugo rwawe."* Muri Luka 7:36-38 tumubona yagiye mu rugo rw'Umufarisayo wari wamutumiye kujya gusangira nawe. Yicaye ku meza, umugore w'indaya amusukaho amavuta ahumura cyane ku birenge. Mbega gucengera muri *oikos* gutangaje! Muri Matayo 8:14 yinjiye mu nzu ya Petero akiza umwe mu bagize *oikos* ye wabaga aho. Muri Matayo 9:10, yasangiye n'abigishwa be ariko hazamo n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha bari muri oikos ya Matayo. Arongera acengera muri oikos muri Matayo 9:23 aho yagiye mu rugo rw'umutware agasanga abantu bacuranga imyironge n'abandi basakuza. Muri Matayo 17:25 Petero yamusanze mu rugo rw'I Kaperinawumu, aje kumubwira ibyo kwishyura imisoro. Dusoma muri Mariko 3:20 ko Yesu yinjiye mu nzu, abantu benshi barahateranira, "*ku buryo we n'abigishwa be babuze uko barya*" Muri Mariko 7:24, yinjiye mu rugo, aho abigishwa be bamubajije ibyerekeye umugani. Muri Mariko 7:24, yinjira mu nzu ngo yiherere, ariko abantu benshi bari bazi aho yagiye bamusangayo.

## ITORERO RYA MBERE NARYO RYACENGERAGA MURI *OIKOS*

Mu Ibyak. 5:42, dusoma ko Itorero rya mbere ryavaga mu rugo rijya mu rundi. Mu Ibyak. 8:3 igihe Sawuli yashakaga kurimbura itorero, yari azi aho ashobora gusanga abantu b'Imana. Hatubwira ko "*yagendaga inzu ku yindi agakurubana abagabo n'abagore abashyira mu nzu y'imbohe"*

Biratangaje kubona mu Ibyak. 10 uburyo Umwuka Wera yateguriye Petero akava mu rugo rwa Simoni w'Umukannyi w'impu akajya mu rugo rwa Koluneriyo, ariho uwo Koluneriyo yakijijwe. Gucengera muri *oikos* ni bwo buryo bw'ivugabutumwa bwakoreshejwe mu kinyejana cya mbere.
Dusanga ahenshi havugwa ko abantu bose bo muri *oikos* bakijijwe bakinjira mu Bwami bw'Imana. Mu Ibyak. 16 Lidiya n'umukuru wa Gereza barakijijwe hamwe n'abo muri *oikos* yabo bose. Igikorwa cya mbere Lidiya yakoze amaze gukizwa ni ugutumira Pawulo ngo agume mu rugo rwe.

**KWANGWA NA OIKOS YAWE KUBERA GUHINDUKA UMUKRISTO BIRABABAZA.**
Yesu aratwibutsa muri Matayo 10:36 yuko kumukurikira bisaba icyemezo gihenze: *"abanzi b'umuntu bazaba abo muri oikos ye."* Gufata icyemezo cyo kumukurikira bishobora guteza imbogamizi mu mibanire yacu n'abantu batwegereye. Niyo mpamvu yavuze muri Matayo 10:35 *"Kuko naje guteranya umwana na se, umukobwa na nyina, umukazana na nyirabukwe …"* Mu murongo wa 37, adusaba guhitamo Ubwami bw'Imana cyangwa *oikos* yacu: "Umuntu wese ukunda se na nyina kumundutisha ntakwiriye kuba uwanjye; umuntu wese ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kumundutisha ntakwiriye kuba uwanjye…"
Muri Singapore hari Umushumba w'akarere mubo dukorana ukomoka mu muryango w'abahindu. Amaze kwakira Yesu, abo muri oikos ye baramuhagurukiye n'umujinya mwinshi. Se wabo umwe yamusanze mu rugo abwira se ati "Kuki wemereye uyu mwana wawe akadukoza isoni twese atyo?" Mu majyepfo ya Aziya hari umuganga wakiriye Yesu bituma abo mu muryango we w'Abayisilamu batangaza ko yapfuye kandi bamuhambye. Za oikos zishobora kuba igishakwe igihe umuntu ahisemo indi nzira y'ubuzima.

**UMUBIRI W'UMWAMI WACU WITWA "*OIKOS*"**
Nyamara, hari oikos idasanzwe kuri babandi bose batereranywe burundu. Abah.3:6 haravuga ngo *"Ariko Kristo akiranuka nk'umwana utwara oikos y'Imana. Natwe turi oikos yayo niba tugumana ubushizi bw'amanga n'ibyiringiro twiratana."* Reba n'iyi mirongo yindi ivuga kuri ibyo iboneka muri 1 Pet 4:17, 1Tim 3:15, Abef 2:19 na 1 Pet 2:5.
Mu by'ukuri itorero rya mbere ryatekerezaga ko amasano yo muri *oikos* za mbere yarangiye, ariko ibyo bikajyana no kuba Imana yarabaremeye indi mubanire ya Gikristo. Byari mu mugambi w'Imana ko itorero ribaho nka *oikos.* Ipfundo ry'ubuzima bwa Gikristo ntabwo rishingiye ku ijambo "urusengero" cyangwa "isinagogi" cyangwa "inyubako y'itorero." Kubera ko umwenda w'umwemerere ubuzima budozwemo ari *oikos*, niyo mpamvu no mu Mubiri wa Kristo abantu babayeho nka *oikos.*

*Byanditswe na R.W. Neighbour, byatangajwe na J. Geske*
*Muri "Where Do We Go From Here?"*

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 5.

## Kwerekana Itsinda Rito

Iri somo risaba imyiteguro myinshi kugira ngo rigire umumaro. Umwigisha agomba gutekereza mbere ibikorwa azafatanya n'itsinda ry'abahugurwa, akabitegura. Niba hari ibihe byo kwiga Bibiliya biza kubaho mw'ishuri, abahugurwa bagomba guhabwa umunsi umwe cyangwa ibiri yo kwitegura.
Habaho ubwoko bune bw'ibikorwa bagomba gutoranyamo, bikaba bihuje n'ibice bine biboneka mu iteraniro ry'itsinda rito: gusabana, kuramya, kubakana, no kuvuga ubutumwa. Uretse igihe haba hari igihe kirenze isaha kigenewe iri somo, ntawakwizera ko umwigisha ashobora gikora umwitozo ku bice bine byose. Icyashoboka ni ugutoranya ibice bibiri cyangwa kimwe mu mwitozo. Gutoranya bizaterwa n'umubare, ikigero, inararibonye n'ubukene by'abahugurwa.
Ingero n'ibitekerezo bitangwa muri iri somo ni ibibafasha gusa. Niba umwigisha azi ko hari ibice bimwe bitera ingorane ahantu runaka, agomba kwihatira guhuza ibikorwa by'isomo n'ibihe arimo kugira ngo ashobore gusubiza ibibazo byavuka.

Ni abahugurwa ari benshi, bagomba kugabanywamo amatsinda mato atarengeje abantu 8 – 10 mu mwitozo. Umwigisha agomba gushyiraho “umuyobozi” muri buri tsinda rikora umwitozo. Bitewe n'igikorwa, umwigisha ashobora gukenera abantu benshi bahabwa inshingano mu buyobozi igihe cy'umwitozo.
Gumana mu mutwe yuko umugambi mukuru muri iri somo ari ugutanga ubumenyi bw'ibikorwa mu bice bitandukanye by'ubuzima bw'itsinda rito. Bigomba kandi kuba bishamaje!

**Ibice bine by'Iteraniro ry'Itsinda Rito** (Reba umugereka wa 2B)

- **A. Gusabana –** Umuntu ku muntu – Imbere
- **B. Kuramya –** Umuntu ku Mana – Hejuru
- **C. Gukomezanya –** Imana ku muntu – Hasi: guhindura abigishwa, kwiga Bibiliya, kwigisha mu butware
- **D. Ivugaburtumwa –** Umubiri wa Kristo mw'isi – Hanze: ubuhamya, umuteguro w'imirimo iri imbere, kubwira abandi.

Suzuma ibikorwa by'Itsinda Rito: Ni hehe bagaragaje imbaraga n'intege nke? Umuyobozi w'itsinda yakemuye ate ibibazo n'ingorane byavutse? Ni ibiki bashibiraga gukora mu bundi buryo?

Ibibazo byo kwitabwaho, gusubiramo no gushyira mu bikorwa.
Kuki ari ngombwa kugira gahunda ya buri teraniro ry'itsinda?
Ni hehe abayobozi b'amatsinda bagiye bagira ibibazo mu nshingano bahawe?
Ese ibyo bibazo bikunze kubaho mu matsinda yanyu akora?

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 6.

Ibitekerezo-fatizo by'Imirimo y'Itsinda Rito
I. Imitekerereze y'Itsinda
A. Uruhererekane rw'Ubuzima bw'Itsinda

| **Icyiciro** | **Igihe bimara** | **Ibikorwa** |
|---|---|---|
| **Icyerekezo** | Icyumweru 1-4 | Abantu baribwirana, baganira bagitinyana |
| **Inzibacyuho** | Icyumweru 5-10 | Abantu batangira kumenyana, kwakirana no kwizerana. |
| **Ubuvandimwe** | Icyumweru 11-15 | Batera intambwe yo kwitanga, guhambuka no kwizerana |
| **Ibikorwa** | Icyumweru 16-36 | Batangira gukora buzuzanya bashyira mu bikorwa ukuri kwa Bibiliya |
| **Kugwiza/Kwikuba** | Icyumweru 36-40 | Abatojwe kuba abayobozi batangira amatsinda mashya. Kugwiza |

B. Amatsinda Yose Aganisha Ku Ntego Imwe
C. Amatsinda ni Igice cya Ngombwa cy'Ingamba yo Kugwiza Amatorero.

II. Ingeri z'imirimo y'Amatsinda
A. Ingeri ya 1: Amatsinda **Atangira Itorero Risanzwe**
B. Ingeri ya 2: Itorero Risanzwe **Ritangira Gushinga Amatsinda Mato**
C. Ingeri ya 3: Amatsinda Mato **Atangira Itorero**
D. Ingeri ya 4: Amatsinda **Menshi Akura, Akagwira, “Agakuza” Amatorero Asanzwe**

Umwitozo mu matsinda mato: Nyuma yo gusoma buri nyigo, amatsinda aganire (1) ingeri icyo gikorwa gishingiyeho (niba iriho), na (2) inyungu cyangwa imbogamizi z'icyo gikorwa mu ngamba zo gushinga amatorero.

Inyigo ya 1.
Umuntu ushinga matorero yimukiye mu mujyi utagira itorero atangiza amatsinda atandukanye. Amatsinda akora neza cyane ku buryo yatangiye kubyara ayandi. Abagize amatsinda bumva bafitanye ubucuti bukomeye hagati yabo, bafata icyemezo cyo gutangiza itorero rihuje ayo matsinda. Buri tsinda rishya ritangiye rizakomeza kuba urugingo rw'iryo torero rigari.

Inyigo ya 2
Abashinga amatorero batandukanye batangiye kurema amatsinda. Ayo matsinda afite intumbero yo kugwira no kuvuga ubutumwa, ariko ntabwo ashaka gushinga amatorero mashya. Ahubwo bayobora abizera bashya mu ytandi matorero asanzwe ariho mu mujyi. Bamwe mu bagize amatsinda bakomeza kuyateraniramo kandi bakaba no mu matorero atandukanye muri uwo mujyi.

Inyigo ya 3
Mu myaka mike ishize umuryango umwe wazanye abamisiyoneri batangiza amatsinda adashingiye ku matorero asanzwe mu mujyi. Ayo matsinda ahura rimwe mu cyumweru akigira hamwe Bibiliya.

Inyigo ya 4.
Itorero rimwe ry'ivugabutumwa rifite amatsinda menshi ahuzwa no kwiga Bibiliya. Abagize amatsinda ni abantu bamwe bamaze imyaka myinshi bahura, kandi amatsinda ntiyiyongera. Amenshi muri ayo matsinda agizwe n'abantu baturanye ariko batuye kure y'itorero. Ayo matsinda yahisemo gutangiza itorero rishya hafi y'aho batuye.

Inyigo ya 5.
Umuntu ushinga amatorero yimukiye mu mujyi umwe atangira kuvuga ubutumwa. Abantu baritabira cyane, maze mu gihe gito atangiza amatsinda atandukanye, kandi nay o afite intumbero yo kuvuga ubutumwa no kugwira. Amatsinda ahura ku Cyumweru akagira igihe cya kuramya no kwigishwa, naho ku wa gatatu mu mugoroba batumira abatizera bakagirana igihe cyo gusabana no gukina. Nta mugambi bafite wo kubaka, ahubwo nyuma y'ibyumweru bitandatu, bakodesha icyumba kinini bagateraniramo mu bihe byo kuramya no kwigishwa bya rusange.

**Kubaka Igamba y'Itsinda Rito : ibice by'ingenzi**

1. Hitamo intego rusange z'imirimo yawe. Urashaka gutangiza urunana rwo kugwiza amatorero? Itorero rimwe? Amatorero menshi agwiriye mu mujyi, cyangwa akarere?
2. Amatsinda akeneye ate gukorera hamwe cyangwa atandukanye kugira ngo agere kuri izo ntego?
3. Ni akahe karere watoranije, kandi ni abahe bantu ugamije? Hari ubushakashatsi bukenewe ?
4. Ni ubuhe buryo bw'ivugabutumwa amatsinda yakoresha bukwiranye n'abtuye aho hantu ?
5. Ni abahe bayobozi b'imbere bari muri ako karere watoranije ?
6. Ni izihe ngeri z'amatsinda akenewe kugira ngo ugere ko ntego zawe ?

## Ibibazo byo kwitabwaho, gusubiramo no gushyira mu bikorwa.

Itsinda ryawe buri gihe rizaba riri muri kimwe mu byiciro by'ubuzima bw'itsinda (icyerekezo, inzibacyuho, ubuvandimwe, ibikorwa, kugwiza) Kuki ibi ari ngombwa mu gihe utegura ibikorwa by'amateraniro ? Kuki ari ngombwa mu kwiha icyerekezo cy'ingamba rusange y'itsinda ?
Kuki amatsinda mato ari igice cy'ingenzi muri gahunda yo Kugwiza Amatorero ?
Ni iyihe ngeri mu Ngeri z'Imirimo y'Itsinda Rito yakora neza mu karere watoranije ?

## Iteganyabikorwa

- Mu magambo arambuye, andika ubusobanuro bwumvikana bw'itsinda rito. Bihe umutoza wawe.
- Ukurikije ibyo uzi ku karere watoranije n'intego rusange wihaye muri ako karere, andika ingamba zawe z'uburyo uteganya gukoresha amatsinda mato kugira ngo ugere ku ntego zawe. Ushyiremo n'ingingo uvana

muri « Ibyitabwaho mu Ngamba z'Itsinda Rito ». Ganira ibya wanditse n'undi mu bahugurwa, kandi buri wese asuzume ibyo mugenzi we yateguye. Kubera impamvu z'umwitozo, gahunda yawe ntabwo igomba kurenza amapaje make gusa.

## UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 8
### Inzira Zitandukanye zo Kwiga Bibiliya Yivugira

I. Kwiyibutsa **Amahame yo Kwiga Bibiliya Yivugira**

A. Impamvu yo Gukoresha Uburyo Bwa Bibiliya Yivugira – Ni ibiki twize mu gitabo cya mbere nk'inyungu zo gukoresha uburyo bwa Bibiliya yivugira ?

B. Intambwe zo Kwiga Bibiliya Yivugira – Ni izihe ntambwe eshatu z'uburyo bwo Kwiga Bibiliya Yivugira ?

C. Ishingiro ry'Uburyo bwa Bibiliya Yivugira – Ni ayahe mahame y'ishingiro y'uburyo bwo kwiga Bibiliya yivugira ?

Kubaza ibibazo byinshi nka Ni nde ? Iki ? Ryari ? Gute ? Kuki ?
Kureba ingingo Nkuru
Gusobanukirwa Umugambi w'Umwanditsi
Kwemera Gukomeza Guhishurirwa
Kumenya uko ibintu byari bimeze
Kwita ku mahame ya Bibiliya
Kugereranya ibihe bya Bibiliya n'ibihe turimo
Gusenga

**II. Amateka y'Abantu – ubuzima bw'abantu bavugwa muri Bibiliya**

**A. Kuki Twiga Amateka y'Abantu?**

Ni izihe ngero z'amateka y'abantu uretse urwa Mose muri 1 Abakor. 10:11 ziza mu mutwe wawe?

**B. Uburyo bwo Kwiga Amateka y'Abantu**

1. Ni gute wakwitegereza mu kwiga amateka y'umuntu?
2. Ni gute wasesengura mu kwiga amateka y'umuntu igihe ufite ibice bitandukanye bya Bibiliya?

**C. Ibibazo byo Gushyira mu Bikorwa**

Ni gute ibyo nanyuzemo bihuye n'ibye?
Ese mfite imbaraga nk'ize? Intege nke nk'ize?
Kuki Imana yashyize uyu muntu mu Byanditswe Byera?
Ni iki cyihariye Imana ishaka kunyigishiriza mu buzima bwe?

**III. Kwiga Igitabo**

Buri Butumwa bwanditswe bukurikije icyerekezo cyihariye.

Matayo – yerekana Kristo nka Mesiya w'Abayuda (Umwami)
Mariko – yerekana Kristo nk'Umugaragu (yoroheje)
Luka – yerekana Kristo nk'Umwana w'Umuntu (ubumuntu)
Yohana – yerekana Kristo nk'Umwana w'Imana (ubumana)

A. **Kuki tugomba Kwiga Igitab**o?

**B. Kwiga Igitabo Bikorwa Bite ?**

1. Soma Igitabo Incuro Nyinshi
2. Ni ibiki bikubiye mu bice by'igitabo?

   **Igis: Umwanditsi,**
   Abandikiwe,
   Igihe,
   Imyandikire
3. Ni ibiki bikubiye mu "Bivugwa mu Gitabo"

   a. Insanganyamatsiko y'Igitabo

b. Ibisobanuro by'insanganyamatsiko

4. Kora inkubirahamwe y'insanganyamatsiko (tableau)
   Mu mugabane wa mbere, imirongo uyishyiremo Ibice, Ahantu, Abo yakoreye, Abantu b'ingenzi, Ibyizihijwe by'ingezi, n'Amahame, Indi migabane ishobora kubamo imirongo bivugwamo.
5. Shyira Insangenyamatsiko y'Igitabo mu bikorwa Mu Gihe cyawe.
   Ni iki mu buzima bwanjye gisa n'ibivugwa muri iki gitabo?
   Ni ibiki mu buzima bwanjye bisa n'iby'Umwanditsi w'iki gitabo?
   Ibi nabyifatamo n te?
   Ni iki kidasanzwe cyavuganye n'umutima wanjye nsoma iki gitabo?

**IV. Kwiga Insanganyamatsiko: Kwitegereza Ingingo Nkuru**

A. Kuki Twiga Insanganyamatsiko?
B. Uburyo bwo Kwiga Insanganyamatsiko?
   Intambwe zo Kwiga:
   Shaka imirongo iyivugaho
   Tondeka imirongo uko ikurikirana
   Andika incamake ya buri murongo mu bihe byawo
   Andika muri make icyo insanganyamatsiko yigisha
   Shyira mu bikorwa **(Yakobo 1:22-25)**

## Iteganyabikorwa

- Iga amateka y'ubuzima bwa Barinaba mu Mugereka wa 8A. Tekereza ku ruhare rwe mu bikorwa byo gushinga amatorero mu Ibyakozwe n'Intumwa. Ni iki ubona washyira mu bikorwa mu bugingo bwawe?
- Fata igihe cyo kwiga igitabo cyangwa insanganyamatsiko ukoresheje uburyo bwa Bibiliya Yivugira. Niba ari ubwa mbere, fata igitabo kigufi cyangwa insanganyamatsiko itaruhanije. Suzuma ubushobozi bw'uburyo bwo kwiga uko bugufasha kuvumbura ibyo utigeze ubona mbere mu Byanditswe Byera.

**UMUGEREKA WA 8A: IGA KU BUZIMA BWA BARINABA**

Soma buri murongo muri iyi ikurikira, wandike ibyo witekereje n'ibyo wasesenguye kuri wo. Hanyuma ukore uncamake y'igice cyose.

A. Ibyak. 4:36,37
   1. Kwitegereza:
   2. Gusesengera/ Incamake: (Komeza ukore Kwitegereza no Gusesengura ku mirongo yo muri B-J)

**B. Ibyak.11:19-24. C. Ibyak. 11:25-26, D. Ibyak. 11:27-30, E. Ibyak. 12:25, F. Ibyak 13:1-13;42-34, Ibyak. 14:1-23, H. Ibyak 15:2-4,12,22,25,35-39, I. Abakol.4:10, J.Abag. 2:11-13**

Kora incamake y'inyigisho

Noneho ubwo umaze kureba buri murongo wose ukwawo, ni igihe cyo kureba umusaruro no gukora incamake z'ibyo Bibiliya yigisha byerekeye Barinaba. Mu gukora ibyo, wibaze ibibazo bikurikira:

Ese ibyo Barinaba yakuriyemo bimeze bite?
Kuki intumwa zaba zarahaye Yozefu izina rya "Barinaba?"
Ni ibihe bimenyetso biri muri iyi mirongo bikwereka ko Barinaba yari afite imbano yo "gutera umwete"?
Ni iki gisobanura ukuntu amazi na ya Pawulo na Barinaba ( cyangwa Barinaba na Pawulo) akurikiranywa?
Barinaba yifashe ate abonye Pawulo ahawe ubuyobozi?
Ese yifashe ate mu makimbirane? (Ibyak.15:1-4 na Ibyak 15:36-40)
Uratekereza ko yabitewe n'iki, nkuko yabigenje mu Abagal. 2:11-13?
Noneho andi imvugo ikubiyemo ibyo wize mu buzima bwa Barinaba. Urebe neza ko harimo ibitekerezo byose by'ingenzi wakuye mu mirongo yose wasomye.

# UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y'Amahugurwa 9

# **Kuyobora Abiga Bibiliya Yivugira:** Gufasha Abandi Kuvumbura

**I. Ibiranga Itsinda ryo Kwiga Bibiliya Yicugira**

**Itsinda Ryiga Bibiliya Yivugira ni itsinda rito ry'abantu baterana bafite intego yo kwiga Bibiliya. Kwiga Bibiliya yivugira bitandukanye bite no kubwiriza?**

Igisubizo: A. Ubwiriza ashobora kurebwa nk'umutware – mu itsinda Ibyanditswe ni byo Mutware
B. Itsinda ryo Kwiga Bibiliya ryibanda ku ntego yo kuvumbura.
C. Umuyobozi ni uwo gufasha abandi

**II. Kwitegura Kwiga** – Ni ibiki umuyobozi ashobora gukora mu gutegura kwiga ?

Igisubizo : A. Kwiga Igice Ubwawe
B. Kwandika Intego yo Kwiga
C. Gutegura Ibibazo bikubiyemo intambwe eshatu zo kwiga Bibiliya yivugira
D. Gusubiramo ibibazo kugira ngo bibe: byumvikana, bigufi, bisaba gushaka mu byanditswe, bisaba Kwitegereza neza, n'ibiganisha ku gushyira mu bikorwa.
E. Gutegura Ikibazo cyo Gutangira gituma Abiga babikora babyishimiye.

**III. Kuyobora Kwig**a – Ni ibiki byitabwaho mu kuyobora igihe cyo kwiga Bibiliya?

Ibisubizo:
A. Kwiga bigomba gutangizwa kandi bigasozwa n'isengesho
B. Umuyobozi agomba kuba yiteguye kwigira ku bagize itsinda
C. Umuyobozi ntagomba gusubiza ibibazo bye cyangwa ibibazo bibajijwe mu itsinda
D. Ntuzaterwe ubwoba no guceceka
E.. Umuyobozi ntagomba kunyurwa n'igisubizo cya mbere gitanzwe
F. Ibisubizo bidashubijwe mu itsinda bishobora kuguma aho nta gisubizo
G. Ibitashubijwe neza bigomba gukosorwa n'Ibyanditswe cyangwa Itsinda, ntabwo ari Umuyobozi.
H. Fasha ibiganiro kuguma mu nsanganyamatsiko y'igice cyigwaho.
I. Ntiwibagirwe kubaza ibibazo byo gushyira mu bikorwa
J. Genzura uruhare rw'abavuga cyane n'abavuga make, bose bavuge?
K. Mu gusoza, Umuyobozi ashobora kuvuga muri make ibyo itsinda ryize n'ibyo ryavuze.

- Kuki kuvumbura ari ngombwa ku gukura k'Umukristo? Kuki kubwiriza byonyine bidahagije?
- Ikibazo cyiza mu biganiro kiba kigizwe n'iki?

## Itegenyabikorwa

Mu isomo rikurikira (10,11) uzayobora bamwe mu bahugurwa muri hamwe mu kwiga Bibiliya mukoresheje amahame mwize muri iri somo. Fata umwanya wo gusubira ibyo wize, utekereze uko uzayobora ibiganiro. Umutoza wawe cyangwa Umwigisha wawe ashobora kugufasha kwitegura muri Ibyak 17 1-10 (igitabo cya Mbere) cyangwa Matayo 20:17-28.

***KWIGA BIBILIYA UMUGEREKA WA***

***9B***

# Kwiga Bibiliya Yivugira kuri Matayo 20:17-28

*Iyi nyigisho yatanzwe nk'icyitegererezo cy'uburyo bwo Kwiga Bibiliya yivugira. Bibaye ngombwa yakoreshwa mu biganiro by'isomo rya 10,11. Ariko, ni ngombwa kwibutswa ko ikoreshwa yifashishwa gusa, ahubwo ko mwiga ubwanyu kimwe mu bindi bice byatanzwe mu gitabo cya mbere.*

**INTANGIRIRO**

Amasomo yerekeye ubuyobozi muri izi nyigisho azareba ku mirimo ya Yesu nk'icyitegererezo cyacu mu buyobozi. Hari ubwoko bwinshi bw'ubuyobozi mu isi, ariko Yesu yatanze ubusobanuro bwihariye bw'icyo twumva ku kuyobora abandi. Nkuko tuzabibona muri Matayo 20:17-28, n'abigishwa be ubwabo bagiraga ikibazo cyo kwakira ibijyanye n'ubwo bushya bwo kuyobora. Dushaka gusubiza ikibazo ngo "Ubuyobozi bwa Gikristo ni Iki?"

**I. MUSENGE**

Tangira igihe cyo kwiga usenga Imana ngo ivaneho ibirangaza byose mu bwenge bwawe, igufashe kwibanda ku byo wiga muri iki gice bizagufasha kuba Umuyobozi w'Umukristo.

**II. MUSOME MATAYO 20:17-28**

Soma iki gice witonze kandi utekereza. Umuntu umwe ashobora gusoma cyose, cyangwa ukagabanya ibice bito mu bandi bagize itsinda ryo kwiga.

**III. KWITEGEREZA**

Inshingano yacu ya mbere ni ukuvumbura icyo igice kivuga. Reba neza imirongo maze usubize ibibazo bikurikira:

*Ukurikije uko ibihe byari bimeze (Mat 19:27-20:16)*

- Ni mu buhe buryo inyigisho za Yesu muri Matayo 19:27-28 zabyukije icyifuzo cya Yakobo na Yohana cyo kuzategeka mu bwami?
- Ni iyihe ngingo ikomeye mu mugani wo muri Matayo 20:1-15 nkuko Yesu yawuhiniye mu murongo wa 16?

*Ukurikije igice cyasomwe (Mat 20:17-28)*

- Abigishwa na Yesu bari bagiye hehe, kandi ni iki cyagombaga kumubaho aho ngaho?
- Ni izihe nyungu umugore wa Zebedayo yasabye Yesu?
- Abandi bigishwa babyifashemo bate bumvise ibyo asabye, kandi kuki?
- Ni nde ufata icyemezo cy'abafata ibyicaro mu bwami, kandi ni ibihe bya ngombwa byuzuzwa ku byicaro?
- Ibyo bya ngombwa bitandukanye bite n'ibyo mw'isi? (Mu bapagani)?

**IV. GUSESENGURA**

Noneho twiteguye kureba ubusobanuro bw'iki gice. Tekereza neza kuri ibi bibazo bigusubiza ku byo wabonye mu kwitegereza:

- Wavuga ute muri make imyitwarire ya Madamu Zebedayo n'abigishwa ubwo bajyaga I Yerusalemu? Ni iki bari bategereje ko kibayo (tekereza amagambo "iburyo n'ibumoso" icyo asobanura"). Ibyo byerekana iki ku mpamvu zabo zo gukurikira Yesu?
- Ni iki Yesu yashakaga kuvuga ku "gikombe"? (dufite amhirwe yo kureba ibyabye!) Ibyo byari bivuze iki mu buzima bwa Yesu, kandi byaje gusohozwa bite mu buzima bw'abigishwa be? Ese ni umurimo wihariye, igikorwa, imyitwarire, cyangwa ikindi kintu?
- Ese birakwiriye ko nifuza guhabwa icyubahiro mu bwami bw'Imana? Ese ikibazo cyabaye ko abigishwa bashakaga kubahwa, cyangwa ni uko bashakaga kubahwa ako kanya aho gutegereza Yesu agarutse?

Vuga muri make mu murongo umwe cyangwa ibiri *ingingo y'ingenzi* muri iyi mirongo. Byandike mu mvugo *y'ihame rya Bibiliya* niba bishoboka. Byandike hepfo aha.

*Ihame ry'iki gice:*

**V. GUSHYIRA MU BIKORWA**

Noneho ugomba getekereza uko iri hame ryashyirwa mu bikorwa mu buzima bwawe no mu mirimo yawe muri iki gihe. Tekereza witonze ibibazo bikurikira:

- Ni iki kinsunika gukorera Kristo nk'umuntu ushinga amaterero? Ni iki niringiye kuzabonamo? Ryari?
- Niba icyifuzo cyanjye ari ugushimisha Kristo, ubuyobozi bwanjye bwatandukana bute n'ubw'abandi banzengurutse? Ni iki cy'umwihariko ngomba gukora kugira ngo nyobore nk'umugaragu kandi ntange ubugingo bwanjye kubw'abandi Kristo yacunguye?

**INCAMAKE**

Ubwo umaze kwiga iki gice, wagombye kuba washubije ikibazo ngo “Ubuyobozi bwa Gikristo ni Iki?”. Waba kandi watekereje icyo ibyo bivuga kuri wowe ubwawe ku buzima bwawe no ku murimo wawe. Ubu ni igihe cyo gutangira gusenga Imana kugira ngo igufashe kubaho ubuzima nk’ubwo. By’umwihariko usabe Imana kugufasha muri bya bindi wumva ufitemo integer nke cyangwa impamvu zigusunika zitari zo.

## UBURYO BWO KWIGA BIBILIYA – Gahunda y’Amahugurwa 10,11
## Ibiganiro ku Kuyobora Kwiga Bibiliya Yivugira

(Tegura irisomo ku buryo rimara amasaha abiri yo kwiga kuri **Ibyak.17:1-10 na Matayo 20:17-28**)

Iri somo ry’amasaha abiri rigamije gusa gushoboza abahugurwa kwitoza uko bayobora inyigisho za Bibiliya ku buryo yivugira ubwayo, no kugenzurana igihe babikora. Umurimo wawe nk’umutoza ni ukuringaniza amatsinda, no kuzenguruka muri bo utega amatwi ibyo bavuga, no kumenya neza ko abahugurwa bakoze inshingano yabo yo kugenzura bakoresheje urupapuro rwabigenewe nyuma ya buri nyigisho. Shishikariza abahugurwa kuvugisha ukuri kandi biyizera. Saba abahugurwa kwandika ibi bibazo by’igenzura bikurikira kandi baze kubikoresha bagenzurana, basubiza yego cyangwa oya.

**Igenzura: Izina ry’Uhugurwa _________________________**

| Ibibazo by’igenzura |
|---|
| 1. Kwiga byakurikije uburyo bwa Bibiliya yivugira – kwitegereza, gusesengura & gushyira mu bikorwa? |
| 2. Ibibazo byari bisobanutse kandi byumvikana? |
| 3. Ibibazo byabafashije kurushaho kumva igice cyigwaho? |
| 4. Umuyobozi yaretse abagize itsinda ngo basubize ibibazo, aho kubisubiza ubwe? |
| 5. Umuyobozi yagaruye ibibazo byababajijwe ku bagize itsinda? |
| 6. Umuyobozi yagoroye ibibazo byari bigoye kumvikana? |
| 7. Umuyobozi yafashije abagize itsinda bose kugira uruhare mu biganiro? |
| 8. Umuyobozi yashoboye kubuza abantu bamwe kwiharira ijambo mu biganiro? |
| 9. Umuyobozi yakoze incamake y’ |
| 10. Umuyobozi yemereye abagize itsinda hamwe n’ibyanditswe gukosora ibisubizo bitari byo? |
| 11. Umuyobozi yashoboye kurangiza inyigisho mu gihe giteganijwe? |
| 12. Umuyobozi yatangije kandi arangiza n’isengesho? |

Ubu buryo bwo kwiga butandukanye bute n’ubundi waba warabayemo?
Ese ubu buryo bwagufashije kwiga wowe ubwawe? Ese urumva bukwiriye ku bantu wigisha cyangwa uyobora? Kuki? Kuki budakwiriye?

**ITEGANYABIKORWA**
Ni uguhitamo kwawe gufata ibi bikoresho uhawe, hamwe n’igenzura wakorewe n’abandi bahugurwa ku bushobozi bwawe bwo kuyobora inyigisho, ukabikoresha mu gukura kwawe ubwawe mu mwuka, no mu murimo wawe.

# IVUGABUTUMWA – Gahunda y’Amahugurwa 4
## Ivugabutumwa no Gushinga Amatorero: Kurangiza Urugendo

**I. Ubukene bw’Imikorere Mishya –** Kuki imikorere mishya y’ivugabutumwa ikenewe?
**II. Urugendo rwo Gusimburana:** Kuki Ivugabutumwa no Guhindura Abigishwa ari nk’Urugendo Rusimburana?
**III. Amahame y’Ivugabutumwa:**
A. Koresha Amasano Asanzwe: Ni ayahe masano Yesu yakoresheje mu guhamagara abayoboke be? (Yoh

1:40-41, 4:28-30. Luka 8:38-39)

B. Kuki **Abizera Bashya bakwiriye Guhamya ako Kanya?**
Kuki abizera bashya ari abavugabutumwa bakwiriye?
Ibisubizo:
1. Kwizera kwabo kuba "kugitoshye"
2. Abizera bashya baba bagifite incuti z'Abatizera bashobora kubona ibyahindutse.

C. **Shaka "Abarinzi b'Irembo"**. Abarinzi b'irembo ni bande? Kuki tugomba kubashaka ?
Igisubizo : Abantu bafite ijambo kuruta abandi bashobora gutinda gusanga Kristo, ariko impinduka yabo igira uruhare rukomeye mw'ivugabutumwa hanyuma.
Muri iyi mirongo, vuga ingero zimwe z'abarinzi b'irembo (Ibyak. 16 :11-15, 17 :1-9, 18 :7)

D. **Menya Imipaka y'Umuco** – Ese abantu batandukana mu mico ? Kuki bibaho ?
Ni buryo ki wategura itorero rihuje n'abantu ushaka kubwira ubutumwa ? (1 Abakor 9 :20-23)

E. Shaka 'Isangano' **Ni ibihe bikorwa bimwe bihuriweho n'abizera n'abatizera ?**

Mu gihe kinini cy'isomo, koresha Umugereka wa 4A nk'umwitozo. Soma buri nyigo maze ubaze abahugurwa kuyisuzuma bashakamo (1) umubare w'ababwiwe ku giti cyabo (2) uko ubukene bw'abazimiye bwakemuwe (3) uko hakoreshejwe amasano asanzwe (4) uko bibanze ku bakira ubutumwa vuba, na (5) no gukurikirana abahindurwa abigishwa.

**Umugereka wa 4A – Isuzuma ry'Ingamba z'Ivugabutumwa**

Ingamba ya 1 : David na Lydia batuye mu mujyi w'abantu 100.000 udafite itorero ry'ivugabutumwa. Kubera icyifuzo cyo gutangiza itorero, batangije itsinda ryo kwiga Bibiliya mu rugo rwabo. Nyuma y'umwaka, abantu 15 barazaga buri gihe kandi 9 muri bo bamaze kwemeza ko ari abakristo. Bamaze kubona ko abantu 15 ari benshi kubwo gusabana, batangira irindi tsinda riterana ku wundi munsi mu rundi rugo. David yari yiringiye ko nibamara kugira abantu bahagije muri ayo matsinda, bazakodesha icyumba bagatangira guterana buri cyumweru nk'itorero.

Ingamba ya 2 : Moses afite umugambi wo gutangiza itorero mu mujyi munini. Moses arangije kwiga vuba mu ishuri rya Bibiliya. Akiri mu ishuri, Moses yaganiriye n'ishyirahamwe ry'abamisiyoneri b'Abanyamerika bakora cyane bamwemerera ko bazamuyobora muri icyo gikorwa. Moses n'Abanyamerika bagambirira gutangira mu kwezi kwa Kamena, ubwo abanyeshuri b'Abanyamerika 20 bagombaga kuza gufasha mu ivugabutumwa. Gahunda yari iyo kumara icyumweru cyo gukora cyane hamwe n'Abanyamerika. Hakodeshejwe icyumba cyo guteraniramo, gucuranga, gutanga ubuhamya, no kuvuga ubutumwa buri mugoroba. Ku manywa buri Munyamerika yagombaga kujyana n'Umunyafurika n'umusobanuzi bakazenguruka umujyi, bagatanga amatangazo, bagenda urugo ku rundi, batumira abantu mi biterane bya nimugoroba. Moses yari yizeye ko nyuma y'icyumweru cy'ivugabutumwa hazakizwa abantu benshi ku buryo ahita atangira itorero.

# IVUGABUTUMWA – Gahunda y'Amahugurwa 5

## Imipaka y'Ivugabutumwa Rikwiriye : Amateme mu cyimbo cy'Imipaka

Reba imipaka kw'ivigabutumwa rikwiriye ikurikira. Ni buryo ki Yesu yarenze imipaka ikurikira ahuye n'umugore kw'iriba muri Yohana 4 ? (Mushobora kuganira kuri iki kibazo mu matsinda mato)
**Imipaka yo hanze : A. Imipaka y'umuco, B. Imipaka y'ururimi, C. Imipaka y'idini, D. Imipaka y'umwuka.**
**Imipaka y'imbere : A. Imigenzo, B. Ibyo abantu baregana, C. Ubwoba, D. n'Ibinyagaciro.**
Ni buryo ki twarenga buri mupaka wo hanze ? Ni buryo ki twarenga buri mupaka mu y'imbere?
Ni buryo ki twagabanya urujijo no kutisanzura abatizera bashobora kugira baje gusura amateraniro yacu cyangwa ingo zacu?
Ni bintu ki bituma wumva utisanzuye cyangwa uremerewe iyo ugeze ahantu utamenyereye?
Ni iyihe mipaka waba warahuye nayo ubwawe ushaka kubwira abantu Ubutumwa? Warayirenze? Niba ari byo, wayirenze mu buryo ki?

Ni ayahe matsinda y'abantu babangamirwa n'ibyo babavugaho mu muco wanyu? Ni iki Imana ishaka ko ukora ngo ubirwanye?
Ni ibiki bifatika ukeneye guhindura mu byumweru biri imbere kugira ngo urenge imipaka kandi wongere imbaraga zawe z'ivugabutumwa?

# IVUGABUTUMWA – Gahunda y'Amahugurwa 6,7

## **Inzira yo Guhindukira:** Gufaha Abantu Gutera Intambwe yo Kwizera Kristo

Mbere yo gutangira gutanga amabwiriza, saba abahugurwa biyibutse ibyo bize mu mugani w'umubibyi, Mat 13:3-9, 18-23

**I. Gusuzuma Uko Abantu Bahagaze Mu Gusobanukirwa Ubutumwa Kwabo.**

**Abatizera b'ubwoko A** bagira amatsiko make ku Mana, kuri Bibiliya, kandi bemera kuyoborwa n'Imana mu bugingo bwabo. **Abatizera b'ubwoko B** ni babandi batitaye kuri Bibiliya, batajya mu rusengero, yenda batizera Imana, ndetse bashobora kubangamira cyangwa kurwanya ubutumwa ku mugaragaro. Bamwe mu batizera ba B bashobora kuba batari mu nkubirahamwe iri hepfo, mu gihe abandi baba bari mu gice cyo "Guhinga". Nyamara Abatizera ba A, bo bashobora kuba ku rwego urwo ari rwo rwose mu cyiciro kibanziriza "Gusarura"
Tekereza abantu urimo gusengera, umarana igihe nabo, abo ubwira ubutumwa. Wabashyira hehe muri iyi nkubirahamwe.

Igishushanyo cya 6.1. Intambwe Zigana ku Kwizera

| | INTAMBWE Z'IGISUBIZO |
|---|---|
| GUHINGA | -12 AGENDA UKO YISHAKIYE<br>-11 AZI KO HARI UMUNTU UFITE UBUTUMWA<br>-10 YIFATA NEZA IMBERE Y'UZANYE UBUTUMWA<br>-9 ABONA ITANDUKANIRO MU BUZIMA BW'UZANYE UBUTUMWA<br>-8 ATANGIRA KUBONA AGACIRO KA BIBILIYA MU BUZIMA |
| KUBIBA | -7 YAKIRA NEZA BIBILIYA<br>-6 YITA KU NGINGO ZIMWE Z'UBUTUMWA<br>-5 ASOBANUKIWE N'ICYO UBUTUMWA BUVUGA N'ICYO BUMAZE<br>-4 YAKIRA NEZA UBUTUMWA |
| GUSARURA | -3 KUMENYA ICYO AKENEYE UBWE<br>-2 GUFATA ICYEMEZO CYO GUKORA |

Tanga kopi y'iyi nkubirahamwe niba bishoboka. Baza ibibazo bikurikira:

- Abantu nkorana nabo bari hehe muri iki gishushanyo?
- Ni hehe ibikoresho mfite by' ivugabutumwa byakora neza?
- Ni ku yihe ntambwe habuze ibikoresho byafasha abantu nkorana nabo?

| | |
|---|---|
| | -1 KWIHANA NO KWIZERA<br>0 ICYAREMWE GISHYA MURI KRISTO |
| GUHUNIKA | +1 GUHAMYA NO KURINDA KWIZERA<br>+2 KUBA URUGINGO W'ITSINDA RY' ABAKRISTO<br>+3 GUKURA MU GUSA NA KRISTO<br>+4 KUGENDA! GUKANGURIRWA KUBA IGIHAMYA KIZIMA KU BANDI |

III. Gusobanukirwa Ibyiciro Bine By'ibikorwa Byo Kuzana Abantu Kuri Kristo

Igishushanyo cya 6.2 Ibyiciro Bine By'ibikorwa Byo Kuzana Abantu Kuri Kristo

| Igikorwa | Guhinga | Kubiba | Gusarura | Guhunika |
|---|---|---|---|---|
| Ubusobanuro | Kugera ku mutima kubera ubucuti no kwitaho | Kugera ku bwenge kubera kuvugana no kumvikanisha. | Kugera ku bushake, gusaba igisubizo cyo kwizera no kwihana | Kugera ku muntu wuzuye kubwo gukurira muri Kristo |
| Ibyo wibandaho | Kuhaba kw'ujyanye ubutumwa | Gutangaza ukuri kw'Ubutumwa | Kwemeza umuntu gufata icyemezo | Kugira uruhare no kuba umwe mu iteraniro ry'ahantu |
| Ingero za Bibiliya | Yoh 3 na Yoh 4 | Yoh 4 na Ibyak 8 | Yoh 4 na Ibyak 16 | Ibyak 2:40-47 na 8 |
| Intambwe zigana ku kwizera | -12 kugeza -8 | -7 kugeza -4 | -3 kugeza 0 | +1 kugeza +4 |

IV. Guhitamo Ingamba z'Ivugabutumwa

Dore urugero rwo guhitamo ingamba z'ivugabutumwa ukurikije amakuru wabonye haruguru.

**A. Ibikenewe by'Ibanze –** by'umubiri, umutekano, urukundo/kwitabwaho, ibyo ugeraho/agaciro, kwihesha ijambo

Mary ni umukobwa wavutse ku babyeyi batandukanye. Nk'umwana w'ikinege, se yaramutereranye. Nyina yahoraga ashakisha icyabatunga ku buryo nta mwanya yari afite wo kubana na we. We na nyina bari batuye kure cyane y'abandi bavandimwe. None amaze gukura yiyumvamo ko adakunzwe. Urumva ukuntu akeneye gukundwa /kwitabwaho. Ibi byagira ruhare ki mu buryo bw'ivugabutumwa ukoresha?

**B. Uko Ubutumwa Bwakirwa**

Mu ntambwe zigana ku kwizera, Mary ari kuri -12. Mary ntiyigeze akurira mu idini, ntabwo yigeze ahura n'Abakristo. Afite ibitekerezo bivangavanze by'icyo Itorero rishobora kumumarira, nubwo nta na kimwe azi ku byo Yesu Kristo yamara. Ibi byagira ruhare ki mu buryo bw'ivugabutumwa ukoresha?

**C. Gusuzuma Ingamba Zawe z'Ivugabutumwa**

Mary ntabwo yiteguye kubibwamo imbuto. Kumuha agapapuro k'ubutumwa cyangwa Bibiliya bishobora kutagira icyo bimara. Icyo akeneye ni ukumwereka urukundo rwa Kristo mu buryo busesurutse kandi bumwakira, nk'intambwe yo guhinga mu gishushanyo cya 6.2. Wahitamo kumutumira mu itsinda rito ubona ko ririmo kwitabwaho guhagije. Hanyuma ukamushyira mu itsinda ryo kwiga Bibiliya.

Uko uhitamo ingamba zo kugera ku bo Imana yashyize ku mutima wawe, ni nako utangira gusengera abantu bashobora kugufasha kugeza ubutumwa mu karere watoranije, baramutse ubwabo bakiriye Ubutumwa.

Waba ukunda gukoresha uburyo bumwe cyangwa ibikoresho bimwe mu kubwira buri muntu wese ubutumwa? Ni gute wakwagura guhinduranya kwawe?

Waba uzi uko abantu ushaka kubwira batekereza gutandukanye n'uko utekereza?

Waba uzi umuco wabo? Waba ufite ikibazo cyo kubategurira ahantu bakwisanzura bahageze?

Waba uzi umuntu wanze kwakira ubutumwa ariko ubu akaba ari mu gihe kimugoye ku buryo ashobora kumva?

**Incamake**

Ivugabutumwa rikwiriye ribamo

- gufata umwanya wo gufasha umuntu, mu mbaraga no mu rukundo by'Umwuka Wera, gutera intambwe ntoya zikurikirana zigana ku kwakira Kristo.
- Kumuba hafi kugira ngo umuyobore mu kumenya uko yafata icyemezo.
- Kumusengera kugira ngo agere ku rwego rwuzuye rwo kwihana no kwizera Kristo no kwakira agakiza gatangwa no kwizera gusa
- Kumwinjiza burundu mu busabane no mu murimo w'itorero ry'ahantu.

## Yesu nk'icyitegererezo cyacu

Uhereye kuri buri murongo muri iyi ikurikira, subiza ibi bibazo: **Yoh 3:1-21, Yoh 4:5-26, Yoh 9:5-7,35-39, Mar 10:17-22**

Yesu yavuganaga na nde?
Ni iki tuzi kuri uwo muntu uvugwa muri iki gice?
Guhinduka kwe kwatangiye gute?
Ni mu wuhe murongo icyerekezo cyo guhinduka kwe gihinduka?
Icyo Yesu amusaba ni iki?
Icyo Yesu amuha mi iki ?
Uwo muntu abyifatamo ate ?

# Igitabo cya Gatatu cya Gahunda y'Amahugurwa ya Omega Intumbero yo Kugwiza Amatorero – Gahunda ya 8

## Umuvuduko wa Mbere : Urunana rwo Gushinga Amatorero mu Ibyakozwe n'Intumwa

**I. Kuvuka kw'Itorero ry'Isezerano Rishya – Ibyak 2 :42-47**

Itorero rya mbere ry'I Yerusalemu ryari risa rite? Ni iki ushima cyane muri iryo torero?

**II. Akarengane Ibyak. 8:1; 11:19-26**

Ni buryo ki akarengane kagize uruhare mu kwamamaza ubutumwa? Ese akarenga kaba gatuma itorero rikura muri iki gihe?

**III. Ingendo za Paulo z'Ivugabutumwa.**

A. Urugendo rwa Mbere (Ibyak.13-14) – Kwaguka muri Kupuro na Galatiya – Ni hehe Pawulo na Barinaba bagiye mu rugendo rwabo rwa mbere (Ibyak 13:4, 13-14; 14:1,6-7)? Bakoze iki (Ibyak 13:32-33, 42-49, 14:21-22)?

B. Urugendo rwa kabiri (Ibyak 15:36-18:22) – Kwaguka muri Makedoniya na Akaya – Pawulo yagiye he mu rugendo rwe rwa kabiri kandi yakozeyo iki? (Ibyak 15:36, 15:41-16:2-5,9-12; 17:1-4; 18:1-11,20-22)

C. Urugendo rwa Gatatu (Ibyak 18:23-21:15) – Kwaguka mu ntara ya Aziya – Pawulo yagiye he mu rugendo rwa gatatu kandi yakozeyo iki? (Ibyak 18:23; 19:17-22; 20:1-2,17-22)

Sobanura ibyahindutse mu byo bibandagaho hagati y'urugendo rwa mbere n'urwa gatatu rwa Paulo.

**IV. Inama y'I Yerusalemu (Ibyak**

Kuki inama y'I Yerusalemu yari ingenzi cyane?

**V. Amahame Agenga Ibikorwa by'Ubutumwa**

A. **Kugandukira** Ubuyobozi bw'Umwuka Wera

Ese Umwuka Wera ajya avugana nawe cyane igihe ukora imirimo cyangwa igihe utegereza kuyoborwa?

B. Kwihuta Vuba – **Ni iki kitwereka urugero rwokwihuta tegenderaho mu gushinga amatorero?**

C. **Korohereza Abandi** mu Murimo – Ni irihe somo twavana mu gihe cy'inyongera Pawulo yamaze I Korinto no mu Efeso?

D. **Kubwiriza Abiteguye Kumva** – Pawulo yasanze abanyamahanga bubaha Imana mu masinagogi bumva vuba. Ni ba nde mu karere watoranije baboneka ko bakira vuba ubutumwa?

E. Gukorera **Ahantu h'ifatizo** ku Gutangiza Urunana mu Karere

Ni buryo ki **Ibyak 19:10** hatwereka uko twabwira ubutumwa akarere kose?

1. **Ni iki kiranga abantu, umujyi, n'akarere Pawulo yashinzemo amatorero?**
2. Ni ibihe bibazo by'ubushakashatsi Pawulo agomba kuba yarabajije ashaka aho akorera?
3. Ni ibikorwa ki by'ingenzi byatangije urunana rwo gushinga amatorero mu kinyejana cya mbere?

# Intumbero yo Kugwiza Amatorero – Gahunda ya 9

## Ibigize Urunana Rwo Gushinga Amatorero

**Urutare rushyigikiye Intumbero yo Gushinga Amatorero ni Ijambo ry'Imana**

I. **Ibice by'urufatiro bidakuka** by'Urunana rwo Gushinga Amatorero

Kuki buri gice cyo Gushinga Amatorero muri ibi ari ngombwa – intumbero, itorero n'ubuyobozi?

II. Ibisika Bitandatu bigize **Urunana rwo Gushinga Amatorero**

A. **Amasengesho**: Kwatura ko Tugengwa n'Imana

Ese urunana rwo gusenga ni igice kimwe mu bigize urunana rwawe rwo gushinga amatorero?

B. **Ubushakashatsi** (Ikarita y'Umwuka): Kubona Igishushanyo Cyose.

Ni izihe ntego zo gukora ikarita y'umwuka mu karere kanyu cyangwa umujyi wanyu?

Waba ufite umugambi w'akarere wo gushinga amatorero mu mijyi ikwegereye?

C. **Gushaka Ibikoresho**

**Kuki abantu bakenewe mu Ntumbero yo Gushinga Amatorero bagomba kuva mu gihugu?**

**Dukorana dute n'Umubiri wa Kristo uhasanzwe mbere yo gushinga itorero?**

D. **Kwigisha/Gutoza: Gutegura abandi mu murimo**

| |
|---|
| Mu matsinda mato, niba abahugurwa barenze 9, muganire kuri ibi bibazo : |

Tekereza uburyo bubiri busanzwe bwo kwigisha abayobozi b'itorero. Bugenzure ukoresheje aya mahame ane :

1. **Kwigisha Bigomba Kwibanda ku Buyobozi .**
   Kwigishwa abayobozi bahabwa kugamba kubashoboza kwigisha abandi kugira ngo habeho urunana rugwiza amatorero kandi rukamamaza ubutumwa mu karere kose. Reba uko mu Ibyak 20 :15-38 Pawulo yibutsa abayobozi bo mu Efeso uko yakoranye nabo akibatoza ubuyobozi. Aho mu Efeso ni ho Pawulo yateguriye abizera bubatse urunana rw'umwuka rwakwiriye mu karere kose.
   Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa cyerekana uko Pawulo yatoje abayobozi, kandi yabwiye Timoteyo uko agomba kubatoranya. 1 Timoteyo herekana ibya ngombwa umuntu agomba kugira ngo abe umuyobozi. Urugero, imyitwarire niyo iri imbere kuruta ubushobozi **(1 Tim 3 :2-10)** Isano ya Pawulo na Timoteyo mu kumwigisha yari iy'umwana na se **(2 Tim 2 :1)**

2. **Kwigishwa Bigomba Kwiganwa**
   Urunana rwo Gushinga Amatorero rugomba kigura kwigisha kugwira (abantu bashobora kwigisha abandi) Kwigisha kwa Pawulo kwakomeje mu binyejana bine. Byatangiriye kuri Pawulo atanga ibyari ku mutima we **(2 Tim 2 :2)**. Timoteyo na we yigisha abantu bo kwizerwa na bo 'bashobora kwigisha abandi'. Inyigisho n'amahugurwa dutanga dufasha abandi gukura mu mwuka no gutegura abayobozi bashya, bigomba gukorwa ku buryo bashobora kubyigana. Kwigisha bigomba kuba mu magambo no mu bikorwa.

3. **Kwigishwa Bigomba Kugera ku Bantu Benshi**
   Ni inshingano y'itorero ry'ahantu gutoza abakozi bo gusohoza Inshingano Nkuru. Iyo itorero ry'ahantu rifashe neza iyo nshingano yo gutoza abakozi, kwigishwa kugera ku bantu benshi.

4. **Kwigishwa Bigomba Guhera Ahantu h'Ifatizo**

Mu rugendo rwa Pawulo rwa gatatu yamaze igihe kinini muri Efeso **(Ibyak 19:9-10)**. Yahisemo gukorera ahantu hamwe kugira ngo ahatoreze abayobozi bazakora mu karere kose. Abakurikiye inyigisho za Pawulo baragiye bageza Ijambo ry'Umwami wacu mu ntara yose ya Aziya.

**E. Ivugabutumwa: Ibisarurwa bireze**

Ni hehe mu karere k'iwanyu hakenewe umurimo w'Imana?

**F. Gukwiza Intumbero**

Ese amatorero yo mu karere kanyu yamaze gufata intumbero yo Kugwiza Amatorero?
Wowe intumbero yawe ni iyihe?

**III. Ikizavamo: Urunana rwo Gushinga Amatorero**

Itorero rigomba kuba ringana rite kandi rimaze ikihe gihe ngo ritangire gushaka kubyara irindi?
Ni ibihe mu bice bigize urunana rwo gushinga amatorero biboneka mu karere kanyu?

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 9,10

## **Itorero n'Impano z'Umwuka:** Imbaraga z'Imana mu murimo

(Tegura iri somo ko rimara amasaha abiri)

I. Kuki **Dukeneye Impano z'Umwuka ( 2 Abakor 10:3-4, Ibyak 1:4-5, Abef 4:12)**

II. Impano z'Ubuyobozi: Zatanzwe na Yesu ngo **Zubake Umubiri. (Abef 4;11-16)**

Impano y'ubuyobozi itandukanye ite n'umwanya w'akazi?

III. Ubushobozi: **Butangwa n'Umwuka Wera kubwo** Guha Imbaraga Umubiri wa Kristo

**A. Ubusobanuro**

- Buri mwizera arabufite ukwe (1 Abakor 12:7; 1 Pet 4:10)
- Butangwa kubera icyifuzo cy'Umwuka, aho kuba icyifuzo cyacu ubwacu (1 Abakor 12:11)
- Butangwa kubera inyungu rusange aho kuba inyungu z'umuntu umwe (1 Abakor 12:7, 12-27 Abar 12:4-5)
- Impano dufite ni umurimo w'Umwuka Wera (1 Abakor 12:4)

**B. Imbuto z'Umwuka n'Umubiri wa Kristo**

- Impano zifitanye sano ki n'umumaro wa Buri Mwizera ?
- Ni uwuhe murimo w'abagabo "Bafite impano" mu itorero?
- 1 Pet 4:10-11 hatubwira iki ku mpano mu gikorwa cyo kwerekana ubuntu bw'Imana?

Impano zimwe zihabwa agaciro n'abizera kuruta izindi. Ese tugomba kwifuza impano zihabwa agaciro? Kuki? Kuki atari byo?

**C. Kumenya Impano y'Umuntu**

Ese Imana yerekana ubuntu bwayo unyuze mu muntu mu buryo butandukanye n'impano ye?
Ni gute tumenya ko dufite impano?

**D. Ubusobanuro bw'impano z'Umwuka (Abar 12 :6-8, 1 Abakor 12 :4-31 ;14 :1-5)**

**IV. Inzitizi zo Kuvumbura Impano**

A. **Impamvu z'Umuntu Bwite** – Ni izihe mpamvu zituma abizera batavumbura kandi ngo bakoreshe impano zabo?

B. **Ibibazo by'inzego**

Ni ubuhe buryo amatorero akoramo bushobora kubangamira kuvumbura impano no kuzikoresha?

**V. Gukangura itorero ukurikije uko Impano z'Umwuka zitangwa.**

A. Itorero ryafasha rite abantu kuvumbura no gukoresha impano zabo?

**1 Tim 3:6** hatuburira ku guha ubuyobozi abizera bashya. Ni izihe ngorane bitera?
Haba hari imyanya iteye ingorane kuruta iyindi?

## Iteganyabikorwa

- Hitamo ubukene wumva wizera ko Imana ishaka ko Itorero ryawe rikemura. Kora urutonde rw'amahirwe Imana yaba yarashyize imbere y'iryo tsinda.
- Fata umwanya wo kwereka Imana no kuyisaba guha imbaraga impano zikenewe mu gukemura ubwo bukene wabonye. Ureke guhanga amaso impano ahubwo uhange amaso utanga impano.
- Emerera buri muntu atere intambwe mu gukemura ubukene yumva ayobowemo gukemura. Hanga amaso ku gukemura ubukene mu rukundo kuruta kuyahanga ku mpano.
- Toza abantu ukurikije impano z'umurimo bumva boyoborwamo gukemura ubukene.
- Emerera abandi gusuzuma no kuguha inama mu kwemeza impano ukoresha.

# ITORERO: Gahunda y'Amahugurwa 11

## Uruhare rw'Imibanire mu Itorero: Uko Umuco Wacu Ukora Mu Itorero

| |
|---|
| Mutoza, itondere kubangamira imyizerere n'imikorere y'abandi bizera |

**I. Amahame ya Bibiliya.**

A. **Kuguma ku rugero.** Ni ibiki byo mu muco tugomba kugumana mu rugero mu **Ibyak 14:11-18** na **1 Abakor 9:19-23**? Ni ibihe bintu biranga umuco w'igihugu cyanyu cyangwa akarere kanyu? Byaba bituruka mu mateka, mu idini, muri politiki, mu iteganyagihe, mu mubereho cyangwa ahandi? Umwizera yatandukanya ate icyitwa icyaha n'ikintu kivuguruza umuco w'idini?

B. Imikorere n'Ibikorwa – **Twahuza dute imikorere y'itorero n'umuco tutaguye mu cyaha?**

**II. Itorero ry'Isezerano Rishya n'Umuco**

A. Itorero ry'I Yerusalemu – Ni hehe basengeraga rimwe na rimwe **(Ibyak 2:46, 3:1)**? Ni hehe bahuriraga kubwo kuramya no gusangira **(Ibyak 2:46)**? Ni abahe bagabo babiri Imana yakoresheje kugira ngo itorero rigere hanze ya Yerusalemu? Ibiro bikuru by'itorero byababaga hehe **(Ibyak 6:1-7)**?

B. Itorero Hagati y'Abanyamahanga – Ni buryo ki itorero ryahindutse mu kinyejana cya mbere – mu buryo bwo kubwira abantu ubutumwa **(Ibyak 8:1)**, ku myifatire imbere y'abanyamahanga (nkuko byerekanywe mu nama y'I Yerusalemu **(Ibyak 15:1-21)**, no mu nzego z'itorero **(1 Tim 3:1-11, Tito 1:5)**

**III. Kuva mu Isezerano Rishya Kugeza Ubu**

A. Kurema Itorero rya Leta – Constantino yahinduye Ubukristo itorero rya Leta. Amahundura nko guhanga amaso imikorere no kwamamara kw'idini byatumye kwizera nyako kudindira.

B. **Gutandukana kw'Iburasirazuba n'Iburengerazuba**
Kwizera kwari kumenyerewe kwarehejwe n'ubburanga n'ubutunzi. Ni iki gushuka itorero mu muco wanyu?

C. **Ivugurura ry'Abaporotestanti** – Ku Bavuguruzi nka Martin Luther imikorere yari ifite agaciro gake kuruta ibikorwa. Hari impaka zagiye ziba mu matorero mu gihugu cyanyu kubera imikorere?

**IV. Umuco wa None n'Itorero**

A. Twaba twanga guhindura imikorere yacu uko umuco uhinduka, tugatakaza amahirwe menshi y'ivugabutumwa?

B. Twaba twizeye ko Abatizera bazahuza n'Umuco w'Itorero Ryacu?
Ni gute twatandukanya imikorere n'ibikorwa turebeye ku ruhare rw'umuco?

Hari imigenzo imwe yo mu itorero ry'Isezerano Rishya (nko mu itorero ry'I Yerusalemu) byari iby'umuco wabo n'igihe cyabo gusa, bitari iby'umuco n'igihugu cyanyu? Niba ari byo, ni izihe ngero zimwe?
Hari imigenzo yo mu itorero ryawe ishobora kudindiza ishingwa ry'itorero rishya?

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA. – Gahunda y'Amahugurwa 8,9

## Amategeko n'Ubutumwa : Kubaho mu Mwuka

(Teganya ko iri ri somo rimara amasaha abiri)

| |
|---|
| Iri ni isomo rimara amasaha abiri. Ibyinshi mu bitekerezo biri muri iri somo bituruka mu Abaroma 7:1-23, Abagalatiya 3:1-5 na 3:19-26. Mu kwitegura kwigisha iri somo, urebe neza ko umenyereye iyo mirongo. |

**I. Umugambi w'Imana ku Mategeko**

A. Amategeko yerekana ate kwera kw'Imana (Kuva 21:15-17, 22:20)
B. Ni iki amategeko yerekana kuri twe? (Abaroma 7:7) Ibyaha byacu
C. Ni iki amategeko atwereka ko dukeneye? (Abag. 3:10) Amategeko atwereka ko dukeneye Kristo.

1. Ni buryo ki inyandiko z'iri somo ku mategeko zifitanye isano n'ifoto ya mbere y'Agasanduku k'ubutumwa.
2. Kuva umuntu yagwa mu cyaha, umuntu yarahumanye (nta kwera kumurimo). Kubera urukundo rw'Imana no kwera kwayo, icyiru cy'ibyaha ni ngombwa kugira ngo habeho imbabazi. Imana yatangiye umuntu icyo cyiru ite?
3. Iyo Imana itaza kuba nziza kandi yera ku buryo bwuzuye, ni iki cyagombaga kuba ingaruka z'imiterere y'ubugingo bwacu ku isi?
4. Ni iyihe migambi y'amategeko mu bugingo bw'Umukristo?

**II. Intege nke z'Amategeko –** Ni izihe ntege nke z'amategeko zerekanwa mu mirongo ikurikira:

A. Amategeko ntabwo yita ku kibazo cy'umutima, ariko kwera ni ikibazo mbere na mbere cy'umutima (Mat 22:37-38.
B. Amategeko azana kwicira urubanza kandi bishobora kuremerera abantu (Abag 3:10)
C. Amategeko Abyara Ubwibone (Abaroma 2:23)

III. KUbeshwaho n'Amategeko

| |
|---|
| Mwungurane ibitekerezo kuri ibi bibazo mu matsinda mato |

1. Ese Umukristo yaba ukura kubera gukora uko ashoboye mu mbaraga ze ngo yumvire amategeko, afashe abandi, aterane, asenge buri munsi? Sobanura igisubizo cyawe.
2. Bitugendekera bite iyo tugerageje gushaka kwemerwa n'Imana kubwo gukora ibyo?
3. Ese kwicira urubanza no kwibona bifitanye sano ki? Twabihunga dute?

IV. Umwuka atubatura ku Mategeko

1. Ni irihe tandukaniro hagati yo gusohoza amategeko kwa Yesu no kuyavanaho kwe?
2. Ni kuki amategeko atakiduciraho iteka?
3. NI buryo ki kwizera Ubutumwa bw'urupfu rwa Kristo bidushoboza kubaho turi bashya mu Mwuka?

V. Ubugingo mu Mwuka no Kwizera mu Butumwa

Gukura mu Mwuka kwa buri muntu. Yesu avuga ko tugomba gukora iki kugira ngo dukore imirimo Imana idusaba (Yohana 6:28-29)? Ese gukiranuka gushingiye ku mategeko cyangwa ku Mwuka? Abar 8:1-4

Umwuka atuyobora mu murimo. Ese Imana iracyahamagara abantu mu murimo nkuko yahamagaye Pawulo (Abaf. 3:14)

1. Muganire ku byo Abef 1:13, Abag 4:6 na Abar 8:14 hatubwira byerekeye imbaraga zibohora z'ubutumwa bwiza no gutura muri twe k'Umwuka Wera.
2. Inzira yo kumenya ko tugendera mu mwuka ni ukureba uko twifata imbere y'icyaha? Mutange ingero z'uko abantu bifata imbere y'icyaha maze mwungurane ibitekerezo ku cyo bitubwira ku bugingo bwabo.
3. Ubwo dushaka guhinduka (mu byiza) mu bugingo bw'abo dukorera, hari ibibazo bitatu tugomba kwibaza:

A. Ni uwuhe mugambi wo gukorera abandi?
B. Ni ubuhe bwoko bw'umurimo nakoresha kugira ngo ngere kuri uwo mugambi – amategeko cg Umwuka?
C. Ni gute shobora gutegura uko guhinduka dushaka? (1 Pet 5:3)

Kubwiriza kwawe n'inama zawe byaba biganisha buri gihe ku mategeko, kubera ko wibwira ko wri byo bizabaha
imbaraga zo gihinduka?
Kuki amategeko adashobora kubyara gukiranuka muri twe?
Ni gute kwizera Ubutumwa bidushoboza kubaho turi basyha mu Mwuka?
Gutwarwa n'amategego? Uratekereza ko ari uguhakana imbaraga z'Ubutumwa no kwiringira amategeko? Kuki?
Kuki atari byo?

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 10
## Kwihana nk'Inzira y'Ubugingo

**Insanganyamatsiko:** Imigani 6:23, Zaburi 51

I. Ibiranga kwihana nyakuri

Kwihana naykuri ni iki?

A. **Kwemera Icyaha Cyawe** – Imyifatire ya Dawidi yo muri **Zab 51:3** itandukanye ite n'iyo muri **Zab 32:3**?
B. Kumenya ko **"Umuntu ari Umunyabyaha"** – Uratekereza ko **Zab 51:4** igaragaza ko Dawidi yamenye ko ari umunyabyaha? Kuki?
C. **Kumeneka Umutima** Kubera Icyaha – **Zab 51:17** haratubwira iki cyerekeye kumeneka?
D. Akaga ko **Kwirarara No Kwirwanirira** (harimo kurira cyane, kwiha igihano, kwica icyiru n'ibindi tugerageza kugira ngo twemerwe n'Imana) – Uremera ko kwirwanirira ari uguhakana ko dukeneye ubuntu bw'Imana?
   1. Waba warigeze ugwa mu cyaha cyihishe ntumenye ko ari icyaha?
   2. Ni iki cyabaye cyatumye umenya ko ari icyaha?
   3. Tuzi ko umujinya buri gihe utitwa icyaha **(Abef 4:26)** Umupastori umwe yavuze ko hari ubwo ajya agira umujinya kandi ahora asengera imbuto yo kwirinda. Ese agomba gusengera kwirinda cyangwa umujinya we?
   4. Waba warigeze ugira igihe cyo kumeneka no kwihana imbere y'Imana? Byaba byarakurikiwe no kumva urukundo rwinshi n'umunezero?
   5. Ese tugomba gushaka uburyo bwo kwibabaza kugira ngo turihe ibyaha byacu?

**II. Kwihana Nyakuri nk'Inzira y'Ubugingo**

A. Data Ategereje Kutubabarira – **(Abar 8:1)** Uremera ko Imana ishaka kutubabarira?
B. Kwihana ni ukwemera by'ukuri Ikibazo Cyacu Nyacyo – Ni iki kikumenyesha icyaha?
C. Imana Yiteguye Gukorana Natwe – Ubwira Imana iki iyo umenye ko **Zab 139:23-24** ari ukuri? Ese Imana yaba ikitumenyesha icyaha nkuko Dawidi yabisabye? Sobanura.

**III. Imigisha yo Kwihana Nyako**

Ni iyihe migisha yo kwihana nyakuri iboneka muri **Zaburi 51:1,2,8-12?**

| |
|---|
| Muri mu matsinda mato, mwungurane ibitekerezo ku bibazo bikurikira. |

1. Bamwe bizera ko kwemera kubabarirwa n'Imana biterwa n'uko twagize ababyeyi badukunda kandi batubabarira. Urabyemera? Waba utekereza Imana nk'umucamanza w'inkazi cyangwa nk'umubyeyi w'imbabazi n'ubugwaneza?
2. Uratekereza ko abizera bafite akaga ko kureba icyaha nkuko ab'isi bakireba?
3. Ese kwigisha ubuntu n'umudendezo kwaba ari ugutuma Abakristo badamarara? Kuki?

# GUSENGA – Gahunda y'Amahugurwa 5
# Gusenga no Kwiyiriza Ubusa

**I. Imiterere ya Ngombwa yo Gusenga**

Izi byose. Imana izi ibintu byose: Ishobora gukora ibintu byose. None kuki tugomba gusenga? Niba ikintu kiri mu bushake bw'Imana, ese ntizagikora koko? Gusenga byaba bireba Imana ku buryo tudasenze hari ubwo byabuza Imana ishobora byose gukora?

A. **Ingero zo mu Isezerano rya Kera –** Iyi mirongo iratubwira iki cyerekeye gusenga? (Kuva 3:7, 32:7-14, 2 Ngoma 7)

B. Ingero zo mu Isezerano Rishya – Iyi mirongo iratubwira iki ku byerekeye gusenga? **(Yak 5:13-18, Luka 6:12 -16, Mat 6:5-8, 7:7-12)**
Uhereye kuri izi ngero, uratekereza ko hari ubwo Imana isubika gukora kwayo itegereje ko abantu bayo basenga?
Ese Imana yaba ihitamo guhuza ibikorwa byayo n'amasengesho yacu?
Uribwira ko ibiterwa n'iki?
Kuvuga ngo "Imana itegereza ko ubwoko bwayo busenga" bisobanura iki?
Umaze kwiga iki ku byerekeye Gusenga? Tanga ingero.

**II. Uruhare rwo Kwiyiriza Ubusa**

Waba uzi umurongo wo mu Byanditswe Byera udutegeka kwiyiriza ubusa?

A. **Inyigisho za Kristo – Ni iki Yesu yibandaho cyane muri iyi mirongo** (Mat 4:2, 6:16-17)?

B. Urugero rw'Itorero rya Mbere – Ni iki cyari akamenyero mu Itorero rya mbere (Ibyak 13:1-3, 14:23?

C. **Imiterere yo Kwiyiriza Ubusa**

| Mu matsinda mato, mwungurane ibitekerezo ku bibazo bikurikira: |
|---|

1. **Mariko 2:18-19 hasobanura iki ku kuba tugomba gusenga cyangwa tutagomba gusenga?**
2. **Uratekereza ko imiterere ikwiriye yo kwiyiriza ubusa ari iyihe?**
3. **Ni ibiki utekereza ko wakwirinda igihe wiyiriza ubusa?**

## Iteganyabikorwa

Soma **Matayo 6:16-18**
Sesengura uko "indyarya" zasaga igihe ziyirije ubusa. Kuki babikoraga batyo?
Sesengura uko umuntu agomba gusa igihe yiyirije ubusa
Ni buryo ki twarinda kwiyiriza ubusa kwacu kugira ngo kutaba umuhango?
Tegura kandi wimenyereze umuco wo kwiyiriza ubusa. Dore uburyo bumwe Abakristo bakoresha.
Ushobora gukurikiza bumwe muri bwo, ariko uko ubikora ni ibyawe.
Kureka ibyo kurya no kunywa bimwe mu gihe runaka.
Kureka ibyo kurya byose ariko ukanywa umutobe n'ibindi binyobwa mu gihe runaka.
Kureka ibyo kurya runaka ariko atari byose mu gihe runaka.
Toranya umunsi umwe mu cyumweru/mu kwezi uzajya wiyiriza ubusa.
Andika urutonde rw'ibyifuzo uzasengera igihe wiyirije ubusa.
Andika ibikubaho mu ikaye yawe y'ingengabihe y'umwuka igihe wiyirije ubusa. Wumvise umeze ute? Ni iki wize cyerekeye wowe ubwawe? Cyerekeye Imana?

# GUSENGA – Gahunda y'Amahugurwa 6,7

## Amasengesho y'Impuruza : Gusengera Kwmamaza Ubutumwa

(Teganya ko iri somo rimara amasaha abiri)

Yobora abahugurwa mu isengesho rya Pawulo riri mu Abakolosayi, ugerageze gutanga ibisobanuro bike cyane kugira ngo ibihe byinshi babimare basenga. Byaba byiza abahugurwa basabwe gusengera abandi bashinga amatorero bari muri gahunda y'amahugurwa nk'iyi.

**I. Mushime Data wa twese - Abakolosayi 1:3-5.**

A. Mushime Data wa twese kubw'abera.
B. Mushime Imana kubw'urukundo, kwizera, ibyiringiro n'ubutumwa bwiza.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku gika kiri harugura, saba abahugurwa kujya mu matsinda maze bashime Data mu masengesho. (iminota 10)

**II. Musenge kugira ngo ubutumwa bwumvikane mw'isi hose. Abakolosayi 1:6-7**

A. Sengera kwera imbuto mu mitima y'abo wabwiye ubutumwa bwiza, mu matorero, mu mirimo y'abamisiyoneri uzi, kandi ishobore guhamagara abakozi benshi bo kujyana ubutumwa ku mpera z'isi.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku gika cya II mu ishuri, saba abahugurwa kujya mu matsinda basengere ko ubutumwa bwumvikana mu isi yose. Ushobora gusaba buri wese mu bahugurwa gusengana n'undi mugenzi we umwe. (20)

III. Musengere kugira ngo Imana ibuzuze ubwenge bw'umwuka bwo kumenya ubushake bwayo. (Abakol 1:9-11)

A. Ku rupapuro rwawe, andika urutonde rw'impamvu Pawulo yasenze ngo buzuzwe ubwengo bw'umwuka bwo gusobanukirwa ubushake bw'Imana. Ni izihe ngaruka yashakaga? Urugero: "Kugira ngo abizera babeho uko bikwiriye ku Mwami".
B. Ukoresheje urwo rutonde, sengera mugenzi wawe muhugurirwa hamwe gushinga amatorero ibyo byose bimubeho.

Tanga umwanya ku bahugurwa bakore uwo mwitozo (iminota 20)

IV. Mushimire Data wa twese. Abakolosayi 1:12-14

A. Muhimbaze Data ko yabazanye mu Bwami bwe, yuko mutakiri mu bubata bwa Satani, ko mwacunguwe, ko ibyaha byanyu byababariwe, ko mushobora kumwita "Abba" "Papa"

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku gika cya IV mu ishuri, saba abahugurwa kujya mu matsinda bashime kandi bahimbaze Data. Ushobora gusaba buri wese gusengana n'undi bari hamwe mu mahugurwa (iminota 20)

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 3

## Imbibi z'Ubuyobozi

I. Urugero rwa Yesu

Mu matsinda mato, muganire ku nyigisho n'imyifatire ya Yesu kuri buri cyiciro cy'abantu yayoboye: batatu, cumi na babiri, mirongo irindwi, n'abantu benshi. Muganire uburyo yerekanye ubuyobozi bukwiriye. Byaba ari ukuri ko yabaye Umuyobozi uruta abandi mu bihe byose? Gereranya Yesu nk'Umuyobozi n'abandi bayobozi bakomeye. (iminota 20)

II. Imbibi z'Ubuyobozi mu Gushinga Amatorero

Mu rwego rwo gushinga amatorero, ni bande ushinga amatorero ayobora? Ni ba nde akwiye kumarana nabo igihe kinini? Kuki? Ese agomba kumarana igihe na bo bose cyangwa akimarana na bamwe gisa abonamo ubushobozi? Ese bazashobora gukura no kuba abayobozi bamenyerezwa niba uwari umuyobozi umenyerezwa bari bafite atumwe gukora indi mirimo? Niba umuyobozi yitaye gusa ku bo atoza ubuyobozi, ni nde uzita ku basigaye kugira ngo batumva ko batereranywe? (Abef 4:11-12)

III. Imbibi zawe z'Ubuyobozi

Yobora abahugurwa mu myitozo ikurikira:

Ni abahe Bantu uyobora mu mbibi z'Ubuyobozi bwawe? NI iyihe mirimo ubona idakorwa ubu? Andika amazina y'abantu n'icyo bakora.

- Niba udafite ikipe y'abashinga amatorero izwi, ahari ufite itazwi neza. Waba ufite itsinda ry'abantu babyiyemeje mukorana hafi mugamije gushinga itorero rishya? Abi ubafate nk'ikipe yawe, nubwo byaba bitazwi ku mugaragaro. Ariko nukomeza kubayobora ukoresheje izi nyigisho, uzagomba kwiga uburyo bwo kubagira ikipe ikora muri gahunda mu gihe kiri imbere.
- Rimwe na rimwe ushobora gutangira imirimo wenyine, aho ni nk'ahantu hashya hadasanzwe abizera. Niba ari ko bikumereye, ugomba gutangira gutekereza uko uzatoza abizera bashya ukabazamura mu ntera zitandukanye zishoboka mu gihe gito. Uburyo ukoreramo ntabwo bunoze, kandi ntawamenya niba uzashobora gushinga itorero niba udatangiye gutegura abantu muzakorana.
- Niba ufite amakenga ko abo bantu batazashobara imirimo nkiyo ikomeye, andika amazina yabo uyashyire mu dukubo. Ibyo bizakwibutsa ko ari abantu bakeneye igihe cyihariye no gutegura gahunda zo kubigisha mu gihe bagaragaje ko babishishikariye.
- Ntuzaterwe ubwoba no kugira abantu benshi mu nzego z'ubuyobozi zo hejuru. Yesu yari afite batatu – Petero, Yakobo na Yohana. Kugira umuntu umwe umenyerezwa ni byiza kuruta kutagira n'umwe. Kandi ni byiza kugira umwe utoza neza kuruta benshi utoza ku buryo budakwiriye.
- Nib anta n'umwe utekereza waba mu rwego rw'ubuyobozi, ukwiriye gutangira gusenga cyane, byihariye, kugira ngo Imana ihagurutse abayobozi mu itorero rishya rishinzwe.

Ubwo umaze kwandika amazina y'abayobozi bawe, tekereza uko uzakoresha igihe cyawe n'imbaraga zawe. Niba ufite abantu mu nzego zitandukanye, ugomba gutanga igihe kinini ku kigo cy'amahugurwa. Ni ko biri? Ni igihe kingana gite ukoresha hamwe na babandi bakwegereye kuruta abandi bo hanze? Ni ibihe bikorwa ukorana nabo? Ese ufite ubushake bwo kongera ubushobozi bw'umurimo muri bo?
Niba koko ukoresha igihe gihagije hamwe n'abayobozi batozwa, nta bandi bantu batitaweho? Ntabwo wabona umwanya n'imbaraga zo kubitaho bose kandi ngo ushobore gutegura abayobozi. Ni ngombwa ko wiga gutanga imirimo ku bandi mukorana. Wowe ukwiriye kuba umutoza ku bandi bakora imirimo. Ibyo ubikora ute?

Iteganyabikorwa

Koresha urutonde rw'abayobozi utegure gahunda yo kubatoza mu nzego zose. Hanyuma wisuzume urebe ko uzashobora kuyishyira mu bikorwa. Waba ufite igihe gihagije umarana n'abakwegereye? Kingana iki? Ni ryari? Ese bamwe bashobora gufasha abandi? Ba nde? Ryari? Bate? Reba ibishobora guhinduka kuri gahunda yawe maze ubiganireho n'umutoza wawe. Hanyuma uyikore.

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 4

## Gusobanukirwa Gukora nk'Ikipe: Gukorana n'Abandi

**I. Gukora nk'Ikipe ni iki?** Reka abahugurwa basubize iki kibazo

Hari ibiranga gukora nk'ikipe bihuriweho n'amakipe azanzwe n'adasanzwe

- Intumbero y'umurimo igenwa n'ikipe
- Ibibazo nabyo biba iby'abagize ikipe
- Ikipe niyo ifata ibyemezo

- Abagize ikipe bakorera mu mucyo hagati yabo
- Buri wese mu bagize ikipe akora uko ashoboye kugira ngo imirimo ikorwe neza
- Hari umwe muri bo witwa "umuyobozi"
- Ikipe ikora byinshi kuruta abantu ku giti cyabo

**II. Urufatiro rwa Bibiliya ku Gukora nk'Ikipe**

A. Uremeranya n'imvugo igira iti "Twaremewe Kuba Hamwe"? **(Umubw. 4:9-12)**

**B.** Abayobozi ntibakwiriye gukora bonyine – Byagendekeye bote Mose amaze igihe kinini akora wenyine? **Kuva 17:4, Kubara 11:10-14) Kuki?**

**C.** Ese gukorera hamwe byari bisanzwe mu mirimo y'Isezerano Rishya? Reba ingero? **(Luka 10:1, Ibyak 10:23, 13:2, 14:23, 15:36-41)**

| Mwungurane ibitekerezo ku kibazo gikurikira mu matsinda (iminota 20) |
|---|

1. **Ni iki wakwita igihamya gikomeye cya Bibiliya mu gukora nk'Ikipe**? Umubw. 4:9-12, Kuva 17:4, Kub. 11:10-17, Kuva 18:17-26, Luka 10:1, Ibyak. 10:23; 13:2; 15:41)

**III. Ibiranga Gukora nk'Ikipe Kwiza**

A. **Intumbero Rusange no Gusobanukirwa Inshingano –** Ingero: (1) Ikipe yacu ibereyeho gushinga itorero rizima, rigwira I ____________. (2) Turakorera hamwe kugira ngo dutangize urunana rwo kugwiza amatorero muri _________________.

1. Andiko hepfo aha umugambi ikipe yawe yo gushinga itorero ishobora kugenderaho.

B. Igihe Mumarana mu Gusenga no Gutegura.

C. Imibanire Irangwa n'Urukundo

D. Inshingano Zitandukanye kandi Zisobanutse

Urugero, ikipe ishonga itorero rishya igomba kugira abantu bashinzwe imirimo ikurikira:

- Ivugabutumwa
- Guhindura Abantu Abigishwa
- Kuramya Imana
- Amafaranga / Umutungo
- Kwakira abizera bashya
- Imirimo y'amatsinda
- Imirimo yo gutoza
- Kwita ku barwayi
- Gucumbikira abashyitsi

Toranya bibiri muri ibi bikorwa wumva ushobora gukora. Ibyo bisobanura iki ku byerekeye gukorana n'abandi? Ni izihe nshingano ubona zikenewe kuruta izindi mu gushinga iterero rishya? Hari iyo ubona idakenewe?

G. Kuvugana mu Kuri no mu Mucyo Hagati y'Abagize Ikipe.

Ibibazo byo Gutekereza, Gusubiramo no Gushyura mu bikorwa

- Ni izihe nyungu ziri mu gukorera hamwe n'abandi kw'abashinga amatorero, aho gukora bonyine? Ni izihe ngaruka mbi zibonekamo?
- Gukora nk'Ikipe bisaba intumbero rusange. Ni ibihe bintu bitatu wakora nk'umuyobozi kugira ngo ufashe abo mukorana gushyiraho no kwibuka intumbero rusange?
- Rimwe na rimwe amanama aboneka nk' "arambirana" no "guta igihe". Ni ayahe Manama ashobora kuba guta igihe, kandi ni ayahe manama ashobora kugirira akamaro ikipe ikorera hamwe mu gushinga iterero rishya?

**Iteganyabikorwa**

Andika ibintu bine bigomba gukorwa mu gikorwa cyo gushinga itorero. Tekereza abantu agomba guha inshingano kuri buri gikorwa, ukurikije impano n'imbaraga zigaragara mu bizera bandi bashaka gufasha. Hanyuma ifate icyemezo cy'uko ugiye gutoranya no gutoza abo bantu kubw'icyo gikorwa. Maze ubikore.

# Kubaka Ikipe

**I. Gushyiraho Ikipe Yawe –** Ni ibiki by'ingenzi utekereza ko byaranga abakorana nawe mu gushinga amatorero?

A. Kwiyemeza Gushyigikira Intumbero yo Gushinga Itorero
B. Imyifatire Myiza
C. Kwemera Gukoresha Imbaraga Zose Mu Nshingano Zisobanutse

Muganire ku bikurikira mu matsinda mato (iminota 15)

1. Suzuma abagize ikipe yawe ukurikije ibintu by'ingenzi bitatu byavuzwe haruguru byitabwaho mu "Kubaka Ikipe"
2. Ni ikihe muri ibyo bitatu ufata nk'ikiruta ibindi?
3. Kuki watinda kuri ibyo mu gihe hari umurimo ugomba gukorwa (gushinga itorero)

**II. Kuyobora Ikipe Yawe**

A. Agura **Ubusabane bw'Ikipe yawe n'Imana –** Wabikora ute ku buryo bwiza?
B. Agura **Ubusabane bw'Ikipe yawe Hagati y'Abarigize –** Ibi byo bisaba iki?

- Gufasha abagize ikipe gusobanukirwa imyifatire yabo
- Gufasha abagize ikipe gusobanukirwa imbaraga n'intege nke za buri wese
- Gufasha abagize ikipe kubaka imyitwarire yubaka imbere y'ibyo badahuje.
- Kuvumbura aho bashobora guhangana.

C. Agura **Intumbero y'Umurimo** mu bagize Ikipe Yawe – Yibabwire kenshi ubishishikariye.
**D.** Agura **Ubumenyi ku Murimo** mu bagize Ikipe Yawe – Tegura umutima wawe n'ubwenge bwawe mu gusenga. Shaka ibihe n'amahirwe yo kwigisha **(Imig. 25:11)**

| Muganire kuri ibi bikurikira mu matsinda mato |
|---|

1. Sesengura ibyo wizera ko ari inshingano z'umuyobozi n'inshingano z'abandi bagize ikipe mu gikorwa cyo gushinga itorero.
2. Mu gihe byagenze neza, ibintu bine byavuzwe haruguru byaba bikorerwa rimwe cyangwa se hari ibishobora kuza mbere y'ibindi?

**III. Gusobanukirwa Ikipe Yawe** *Niba bishoboka, ha abahugurwa Urupapuro 5.2 paje 85*

Suzuma urwego ikipe yawe iriho: **Ikipe ikivuka (ishingiye ku muyobozi), Ikipe Yisumbuye (ishingiye ku bantu), Ikipe Yiga (ishigniye ku mikorere) cyangwa Ikipe Ikura (ishingiye ku ntego)**

Noneho suzuma ikipe yawe ukurikije imbaraga zaryo mu bikorwa bikurikira: ubuyobozi, intego rusange, ubusabane, inshingano zihariye, urugendo rukosorwa, kuvugana, n'ubugingo buhamye mu mwuka.

1. Byagendekera bite ikipe yakura mu bice bimwe, ikadindira mu bindi bice?
2. Ese Umuyobozi ashobora gufasha ikipe ye gukura cyangwa ni ibintu byikora gusa igihe abantu bemeye kumarana igihe gihagije?

## ITEGANYABIKORWA

- Ukoresheje urupapuro 5.2 "Intambwe Enye zo Kubaka Itsinda" reba urwego ikipe yawe iriho muri bya bice bine biri ku rutonde. Ku rundi rupapuro, andika urutonde rwa buri rwego (ubuyobozi, intego, ubusabane, n'ibindi.) maze wandike urwego ikipe yawe iriho (1,2,3,4)
- Reba kuri rwa rupapuro 5.2 bimwe mu biranga ikipe irimo kwiyubaka muri buri cyiciro. Kuri buri cyiciro kiri ku rupapuro, andika nibura ibintu bitatu bifatika, bishoboka, bishobora gukorwa kugira ngo ufashe ikipe kwiyubaka muri icyo gice.
- Tangira gushyira mu bikorwa ibitekerezo biri muri iri somo, maze nyuma y'amezi abiri, uzasuzume intambwe ikipe yawe yateye. Ni mu kihe gice ikipe yawe yateyemo intambwe? Ni mu kihe gice yaba yaragumye uko iri? Ni ubuhe buryo bundi wafashamo ikipe yawe gukomeza gukura no gutera intambwe muri cya gice yadindiyemo? Subiramo ibyo bitekerezo hamwe n'umutoza wawe.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 7
# Ibishyigikira Ibiganiro byo mu Matsinda Mato

Nubwo intego y'iri somo ari uguha ubushobozi umuyobozi w'itsinda bwo kuyobora ibiganiro byiza mu matsinda, ibiganire ubwabyo si wo mugambi wa mbere w'itsinda. Igihe cy'ibiganiro bisobanutse mu bagize itsinda bituma habaho ubusabane, bikomeza isano, kandi bitanga uburyo bwo kwiga no gushyira mu bikorwa ukuri kwa bibiliya. Kwiga kuyobora ibiganiro neza no kwirinda ibibazo byo kuvugana, bituma umuyobozi w'itsinda ashobora kubaka icyizere n'ubwitange mu barigize no gufasha itsinda gusohoza intego zaryo.

**I. Kuyobora Ibiganiro mu Itsinda.**
Ukurikije ibyo wabonye, ni ibihe bintu bimwe umuyobozi w'itsinda ashobora gukora? Ibisubizo birimo:

A. Kumva
B. Kubaza
C. Gusobanuza
D. Kwemeza
E. Kwaguka
F. Kuyobora
G. Incamake
H. Guhamya (kuvumbura no gushima uruhare rwa buri wese)

**II. Gutegura Ibibazo Byiza (Reba 7A hepfo aha)**

A. Ibibazo byo Gusabana
B. Ibibazo byo Kuganira kuri Bibiliya

**III. Ingorane zo mu Biganiro**

A. Ubwoko bw'Ingorane z'Iniganiro

| |
|---|
| Mu matsinda mato, muganire ku miterere y'ingorane umunani ziri hepfo n'uburyo bwo kuzikemura (iminota 20) |

1. Hari umuntu uvuga cyane / hari umuntu utavuga na busa
2. Uvuga araca hejuru ntasobanure neza
3. Ibiganiro byataye umurongo w'insanganyamatsiko
4. Hari ikibazo itsinda n'umuyobozi waryo badashobora gusubiza
5. Abagize itsinda babiri cyangwa benshi bagira impaka
6. Hari umwe ukunda gutera urwenya
7. Hari ukunda kurangara cyangwa uhugiye mu bindi
8. Abantu babiri bakunda kugira ibiganiro byabo ku ruhande

**B. Umwitozo: Gukemura Ingorane z'Ibiganiro**

Gabanya abahugurwa mu matsinda abiri, A na B. Itsinda A rihitamo umuntu umwe muri bo wo kuyobora itsinda B. Mu gihe bahitamo umuntu, abo mu itsinda B bafate mu ibanga abantu 3-4 baza gukina zimwe mu ngorane zavuzwe haruguru. Mu gihe cy'iminota itanu, itsinda B rigomba kuganira ku ngingo ivuga ngo "Uruhare rw'Itorero mu Gutunganya Sosiyete" (cyangwa indi ngingo mushaka) Itsinda A rikurikire.

Ingorane abantu bo mu itsinda B bakina ingorane bahawe, umuyobozi wavuye mu itsinda A agerageza gukemura ibibazo uko bivuka. Mwibuke, umuntu "usanzwe" agomba gutanga inkunga ye mu biganiro, uretse abatera ingorane gusa! Nyuma y'iminota itanu, itsinda A rishobora kuvumbura abantu bakinnye ingorane. Amatsinda yombi asuzume uko umuyobozi yagerageje gukemura ingorane zavutse.

Itsinda B noneho ritoranye umwe wo kuyobora itsinda A, mu gihe itsinda A rishaka mw'ibanga abantu 3-4 batera ibibazo byavuzwe. Uyu mukino wakomeza igihe kiramutse gihagije.

**Ingorane zikinwa**

- Umuntu ufite isoni utavuga

- Umunyarwenya uhora asetsa abandi
- Umunyamagambo uhora avuga
- Umuntu urangaye uhugiye muri byinshi
- Abantu babiri bagira ibiganire byabo  ku ruhande
- Abantu babiri bajya impaka zishyushye
- Umuntu uhora ashaka kuvuga ibindi bintu.
- Umuntu ukunda kuvuga ibintu bidasobanutse
- Umuntu ushaka kubwiriza aho gusubiza ikibazo muri make.

Ibibazo byo kwibaza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa

- Ni ubuhe bumenyi mu kuyobora ibiganiro umuyobozi w'itsinda akeneye kugira? Kuki?
- Ni ibihe bibazo byo kuganiraho byaba bikwiriye mu itsinda rishya, cyangwa umuntu mushya uje mu itsinda risanzweho? Ni ibihe bibazo bidakwiriye kubazwa mu bihe nk'ibi?
- Mu gihe cy'umwitozo wo "Gukemura Ingorane"  ni mu buhe buryo "umuyobozi" yabyifashemo neza? Ni mu buhe buryo "umuyobozi" yifashe nabi mu bibazo bimwe?

ITEGANYABIKORWA

- Fata umwanya muto utegure ibibazo bya ngombwa byakoreshwa mu itsinda rishya. Ni ibihe wakoresha ufasha abantu bashya kugira ngo bamenyane?
- Maze utegure ibibazo byafasha itsinda gukura mu busabane bwabo. Ni izihe ngingo cyangwa ibice by'ubuzima mwaganiraho?
- Hanyuma, utegure ibibazo bimwe byakangurira itsinda kugeza ubutumwa ku bandi bantu muri oikos yabo. Ni ibiki ushobora kubabaza byabasunikira kubaka ubusabane bwabo no kubwira abandi Kristo.

## 7A – Amatsinda Mato: Ibibazo byo Kuganiraho

Ibi bibazo byateguriwe kuganirwaho mu gihe cyo gusabana mu materaniro y'itsinda. Niba udashobora kubona kopi yabyo ngo ubihe abahugurwa, utange kopi imwe izenguruke muri bose.

INGERI ENYE Z'UBUSABANE

I. UBUSABANE N'IMANA

1. Ni ryari wamenye ku ncuro ya mbere ko Imana igukunda?
2. Ni ibiki wemera kuruta ibindi ku Mana?
3. Ni iki utekereza ko ari cyo gikomeye cyane Imana ishaka kuvugana nawe?
4. Ni ikihe kintu kimwe utekereza ko Imana ishaka ko uyibwira?
5. Ni ikihe kibazo gikomeye cyane ushaka ko Imana yagusubiza?
6. Sesengura umuntu waba uzi wemwza ko azi Imana bihagije.

II. UBUSABANE NAWE UBWAWE

1. Shushanya ikirango gishobora kuba cyerekana neza uko uteye, hanyuma ugusobanurire abagize itsinda.
2. Ni iki wakora wizeye ko kitazakunanira?
3. Ni iki wakwifuza gukora mu myaka itanu iri imbere niba nta kindi kigutangiriye?
4. Ni uwuhe muntu wagutangaje cyane mwaba mwarahuye? Ni iki waba warakunze muri we?
5. Ni ibiki wagezeho byagushimishije kuruta ibindi? Mu buto bwawe? Mu myaka ya vuba?
6. Tubwire ibintu bitatu ishobora kuruta ibindi
7. Ni ibiki wibuka byakunejeje kuruta ibindi (mu myaka itandukanye)?
8. Sobanura ikintu gikomeye kuruta ibindi cyagukoreweho mu buzima.
9. Subanura umuntu w'intangarugero wemera mw'itsinda.
10. Ni nde, uretse ababyeyi bawe, wakugizeho uruhare rukomeye kuruta abandi
11. Ni iyihe mpano yaguhesha umugisha kuruta izindi?

12. Ni nde ukeneye ko yakwemera kuruta abandi?
13. Ni nde wishimira kubana nawe kuruta abandi? Kuki?
14. Uramutse ubonye ikintu cya mbere ukeneye mu buzima, cyaba ari iki?
15. Muri make tubwire imigambi yawe y'igihe kirekire.
16. Tubwire umuntu ushimishije, w'umuhanzi waba warabonye.
17. Ni iki abantu bashobora kuzakuvugaho umaze gupfa?
18. Tubwire bumwe mu buryo bw'ubuhanga bugufasha gutangira no kurangiza umunsi.
19. Ni iki wizera kuruta ibindi?
20. Ni nde wahinduye ubugingo bwawe kuruta abandi?
21. Ni ibihe bitabo bibiri biruta ibindi waba warasomye (uretse Bibiliya)?
22. Ibihe byawe by'ikiruhuko ubikoresha ute?
23. Ni ibiki bijya bigutangaza cyane?
24. Ni ibiki bijya bigutera ubwoba, kwiganyira, cyangwa igihunga?

**III. UBUSABANE N'ABANDI**

1. Tubwire umuntu ugufitiye akamaro kuruta abandi, kandi uvuge impamvu.
2. Ni uwuhe muntu wa mbere waba yaragusobanukiwe?
3. Ni uwuhe muntu waba ubwira amabanga yawe kenshi?
4. Ni iki gituma umuntu ashobora gutega amatwi neza?
5. Ese wumva uri umuntu abandi bashobora kwizera?
6. Ni ubuhe buryo iri tsinda ryaba rigutega amatwi (buri wese cyangwa hamwe)
7. Ni iki gituma kubaka urugo biba byiza?

**IV. UBUSABANE N'ISI**

1. Ni ibiki wifuza ko abantu bagukikije bakumenyaho kuruta ibindi?
2. Ni iki gikenewe kuruta ibindi muri sosiyete yacu?
3. Sobanura uko wumva akarengane muri sosiyete. Ni iki kiguteye impungenge kuruta ibindi?
4. Ni iki ushobora gukora cy'ingenzi cyane ku karengane?
5. Ni iki kigaragara ko gikenewe cyane muri sosiyete?
6. Ni iki wakora ngo uhindure itorero ryawe, abaturanyi bawe, akazi kawe, kuba byiza kurutaho?

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 8
# Kwita ku Bantu Mu Matsinda Mato

**I. Kubaka Ubucuti**

A. **Mukundane (1 Yohana 4:19,21)** – Ni gute Imana yerekana ko idukunda kandi ni gute twakwerekana urukundo rwacu ku bandi?
B. **Musengeranire (Yak 5:16)** – Ese ufite urutonde rw'abantu usengera buri gihe?
C. **Muterane kenshi (Abah. 10:25)** Kuki kumarana igihe ari iby'ingenzi?

**II. Tahura Ibyo Abantu Bakeneye**

Urugero: Natalie amaze amezi menshi aza mu itsinda rito. Yakundaga abantu bo mu itsinda, kandi nubwo nta n'umwe wo muri bo azi neza, yishimira kuza mu materaniro y'itsinda rimwe mu cyumweru. Umugabo wa Natalie, udasanzwe aza mu itsinda, aherutse kwirukanwa ku kazi. Amafaranga yagendaga abashiraho, kandi Natalie yari ahangayitse yibaza uko bizabagendekera nk'umuryango. Yashakaga kubibwira itsinda ariko akumva biragoye kuko agiye keremerera abantu kubera ibibazo bye. Nyuma yatangiye kureka kuza mu iteraniro ry'itsinda, kandi abantu batangira kubisakuza bibaza bati "None byamugendekeye bite?"

Mwifashishije ibibazo bikurikira, mwungurane ibitekerezo ku kibazo cya Natalie.

Ikitagenda neza muri iki kibazo ni iki? Igisubizo: Ni ubusabane buke bwari mu itsinda rye.
Ese Natalie yigeze yumva ko abo mu itsinda bamukunda? Ni izihe mpamvu zaba zibitera?
Ese uratekereza ko hari umuntu wo mu itsinda wagiye gusura Natalie? Kuki ubitekereza utyo?
Ese umuyobozi w'itsinda ashobora gusura Natalie ubu cyangwa yarakerewe?
Ibi byakwirindwa bite ku bandi bantu badakunda kuvuga?

**Nk'Umuyobozi w'itsinda, ni ibihe bimenyetso bishobora kukwereka ko hari ibibazo cyangwa ibikenewe?**

Ni buryo ki "wacungana" n'ibibazo cyangwa ubukene bw'abantu?

**III. Ita ku Bukene bw'Abagize Itsinda Ryawe**

A. Kemura ubukene – Impuhwe **(1 Abakor 12:26)**, gesenga nk'itsinda **(Yak 1:5),** Bibiliya **(2 Tim 3:16-17),** kwitaho **(Abar 12:13)** kugwa mu cyaha **(Abag. 6:1)** Twakora iki kugira ngo dukemure ibikenewe?

B. **Umwitozo:** **Somera abahugurwa buri nyigo maze muganire kuri iki kibazo**
Dore ibintu bitandukanye byagiye biba ishobora guhura nabyo mw'itsinda ryawe. Muganire kuri buri kintu maze mutange inzira y'uburyo itsinda ryabikemura. Nta gisubizo "gikwiriye" cyangwa "kidakwiriye" cyo gukemura izi ngorane. Ikigenderewe ni uburyo bwo kugaragaza urukundo mu bikorwa – abantu batandukanye bashobora kubyifatamo mu buryo butandukanye.

- Eunice: Wakiriye telephone ya Eunice mu gitondo gikurikira iteraniro muherukamo ry'itsinda. Arakubwira ko atazagaruka mw'itsinda ariko impamvu akubwira ntizisobanutse neza. Mu gihe ukibitekerezaho, wibuka ko Eunice avuga gake cyane mu gihe cy'ubusabane no mu biganiro, kandi iyo amateraniro arangiye nta muntu avugana nawe. Wakora iki?
- Katy: Mu iteraniro rimwe, abagize iteinda barimo babwirana ibyifuzo byo gusengera. Bigeze kuri Katy, areba hasi avuga buhoro ko ibintu byose bigenda neza, arabashimira. Mu gihe cyo gusenga usanga asa naho ari kurira. Wabigenza ute?
- Andrew na Maria: Umugabo n'Umugore we bamaze hafi umwaka baza mw'itsinda. Muri icyo gihe cyose, kuza kwabo kwari rimwe na rimwe. Nyuma, mu materaniro amwe, biza kugaragara ko bafitanye amakimbirane hagati yabo bombi. Wakeka ko hari ibibazo mu rushako rwabo, ariko ukumva ko utabizi neza ku buryo wabibabaza. Wabigenza ute?
- Michael: Vuba aha, umwe mu bagize itsinda yatumiye umuntu bakorana witwa Michael mw'itsinda. Mu gihe cyo kuganira kuri Bibiliya, abaza ibibazo byinshi kandi ashaka kumenya byinshi kuri Yesu. Ariko Michael afite imiterere igoranye cyane, kandi akunda gutukana n'abantu (akenshi atabyitayeho). Kuza kwe kwahugabanije ibihe byari bisanzwe ari ibyo kunezerwa. None amaze ibyumweru bike ataza mu iteraniro, kandi mu by'ukuri, abenshi mu bagize itsinda bishimiye ko atakiza mu materaniro. Wabigenza ute?

Ibibazo byo Gutekereza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa

1. **(1 Abates 2:8)** Kuki "gusangira ubuzima" byari igice cy'ingenzi cy'umurimo wa Pawulo?
2. Ese itsinda ryakwihutira gufasha mu bukene bw'amafaranga? Kuki? Kuki atari byo?

**Iteganyabikorwa**

a. Andika inzira ebyiri cyangwa eshatu itsinda ryawe ryacamo mu kongera urukundo hagati y'abarigize. Andika ibikorwa bitandukanye itsinda ryawe ryakora kugira ngo basengera kurutaho.
b. Andika ibitekerezo bibiri ku buryo itsinda ryawe ryamarana igihe kitari icy'amateraniro asanzwe. Tegura uburyo byakorwa mu mezi atatu ari imbere.
c. Tera umwete abagize itsinda kubwirana ibyifuzo byabo, ingorane n'ibibazo mu itsinda, no gushaka inzira zo gufashanya nk'itsinda.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 9
# Gutoza Abayobozi b'Amatsinda Mashya

**I. Toranya Umuyobozi Utozwa**

**A. Akamaro k'Abayobozi Batozwa –** Abiteguye kubyara abandi – Bazayobora amatsinda mashya.

**B. Intambwe zo Gutoranya Utozwa – ( 2 Tim 2:2)**

Ubushobozi bukenewe: imyifatire, inararibonye, n'ubuhanga. Imyifatire ni cyo cya mbere gikenewe mu gutangira. Ibiranga imyifatire **(1 Tim 3:2-12)**

Itsinda rigomba kumara igihe kinini risenga mbere yo gutoranya.

Batoranywa hakiri kare bihagije kugira ngo habe igihe cyo gutozwa n'inararibonye ariko ntibibe hutihuti.

Umwitozo:

**(1 Tim 3:1)** Ubuyobozi bugomba guhabwa umuntu "ubushyizeho umutima" kandi "ufite ubushake" ushishikajwe no "gukorera abandi". Kuba umuntu ukuze mu mwuka ni ibya ngombwa mbere yo guhabwa ubuyobozi, ariko umuyobozi utozwa agomba kuba afite umurava wo gukorera Imana.

Muri mw'ishuri, mwungurane ibitekerezo kuri ibi bikurikira:

1. Icyabaye: Michael aherutse gutangira itsinda mu baturanyi be. Intego ye ni ugutangira amatsinda menshi azabyara andi kugira ngo hazashingwe amatorero mashya. Yatumiye incuti nyinshi n'abavandimwe, kandi iryo tsinda ryateranye mu gihe cy'amezi menshi. Abari mw'itsinda bose ni abizera bashya kandi ntawe uboneka ko ashobora gutorezwa ubuyobozi. Michael yarabisengeye, ariko ntazi neza icyo yakora. Ese ashobora gutoranya umwizera mushya akaba umuyobozi utozwa? Wamugira inama yo gukora iki?
2. Icyabaye: Petero yatangiye itsinda rito afashijwe n'abandi bizera babiri. Abo bagabo bandi bamaze igihe ari abizera, ariko bombi nta nararibonye bafite mu murimo. Petero aribwira ko azategereza igihe kirekire mbere yo gutoranya umwe muri bon go abe umuyobozi utozwa, kugira ngo babanze bamurebereho uko ayobora itsinda. Uratekereza iki ku buryo akoresha? Wamugira nama ki?
3. Icyabaye: Eugene yatangiye itsinda rito mu baturanyi biganjemo abashomeri. Itsinda rigerageza gufasha abagabo b'aho hantu kubona akazo, ari nako babigisha Bibiliya. Eugene yasabye abagabo bake baje mbere gutumira abandi benshi badafite icyo bakora. Haje benshi cyane, ku buryo mu kwezi kumwe abagize itsinda barengaga 15. Eugene azi itsinda rirengeje abantu 15 bagomba kubyara irindi, ariko kuri iri ntibishoboka kuko abarigize ubwabo ntibarakizwa. Afite ubwoba ko itsinda rizakomeza gukura, kandi ntazi icyo yakora. Ni iyihe nama wamugira? Uratekereza ko ingamba ze ari izihe? Ese urumva hari ukundi wari kubikora?

**II. Tegura Umuyobozi Wawe Utozwa.**

**Jyana n'uwo Utoza mu Mirimo Yawe Yose**

**Suzuma iterambere rye**

**Sengera kandi usengane n'uwo utoza**

| Muganire ku bibazo bikurikira mu matsinda mato (iminota 15) |
|---|

Wakora iki kugira ngo utegurire uwo utoza imirimo?

Wabona he ibyangembwa bigufasha gusuzuma iterambere ry'uwo utoza?

Ni ibiki washyira mu byo usengera ku muyobozi utoza?

**III. Ohereza Uwo Utoza mu Mirimo**

**A. Ha uwo Utoza Intumbero**

**B. Rekurira Uwo Utoza Imirimo Yawe Imwe**

C. **Ohereza Uwo Utegura Gutangiza Itsinda Rishya**
D. Ongera Utangire Gutoza Abandi

| Muganire ku bibazo bikurikira mu matsinda mato (iminota 15)<br>Ni ibiki wakongera mu byo ubwira uwo utoza umusobanurira intumbero. |
|---|

Ubwirwa n'iki igihe cyiza cyo gutagira kurekurira uwo utoza imirimo imwe?
Ni kuki rimwe na rimwe bigora umuyobozi w'itsinda kurekurira abandi imirimo?
Ni izihe ngingo ugamba kuganiraho n'uwo utoza mbere yo kumwohereza gutangira itsinda rishya?

**Iteganyabikorwa**
Niba utaratoranya uwo utoza ubuyobozi mu itsinda ryawe, bisengere kandi utangire kubikora. Niba ntawe ubona ugeze ku rugero, toranya umwe ubanza guhindura umwigishwa hanyuma ukamutegurira ubuyobozi. Jyana n'uwo utoza kandi umuhe ibyo akora mu mirimo yawe. Rimwe na rimwe saba uwo utoza kugusuzuma mu mirimo yawe ubwawe yo mw'itsinda. Sengana n'uwo utoreza ubuyobozi.

# IVIGABUTUMWA – Gahunda y'Amahugurwa 8

## Ivugabutumwa ry'Ubucuti: "Nta Muntu Ufite Urukundo Ruruta . . ."

**I. Kugirana Ubucuti n'Abatizera**
A. Imigani itatu: Isomo Rimwe – (Luka 15)
B. Ni irihe somo dushobora kwigira kuri uyu mugani?

- Ni bande Yesu yabwiraga muri uyu mugani ukurikije umurongo wa 1 n'uwa 2
- Ni iki kizana umunezero kuruta ibindi mw'ijuru dukurikije umurongo wa 9 n'uwa 10?
- Ni iki gishishikaje Imana kuruta ibindi – abizera 99 bayihimbaza by'ukuri cyangwa kwihana k'umunyabyaha umwe?
- Ese kwitotomba kw'umwana mukuru kwari gufite ishingiro (um.29-30) Ese kwari kujyanye n'umutima wa se?
- Ni iki cyari gishishikaje Yesu: kwemerwa n'abanyamadini cyangwa gukizwa kw'abazimiye?
- Ese ushobora kwibona mu mugani w'umwana w'ikirara? Ni nde mu bavugwa wumva umeze nka we? Ni nde mu bavugwa wumva ushaka kumera nka we?
- Ni iyihe myifatire igwiriye mu matorero yacu ku byerekeye kugarura abazimiye? Ese amatorero yaba arushaho gusa n'umubyeyi cyangwa n'umwana mukuru? Ese witeguye gutera indi ntambwe, bibaye ngombwa, kugira ngo ugirane ubucuti n'abazimiye?
- Ni ibiki bizakenerwa kugira ngo ushobore kugeza ubutumwa ku bantu muturanye?

Ni buryo ki natangira gushyiraho uburyo bwo gushyikirana n'abatari Abakristo bo mu baturanyi banjye?
Ni buryo ki natangira ubucuti n'abatari abakristo bo mu baturanyi banjye?

| Musubize ibibazo bikurikira mu matsinda mato: (iminota 15) |
|---|

**Twahuza dute Luka 15 n'iyi mirongo ikurikira**: 2 Abakor 6:14; 1 Yoh 2:15; 1 Abakor 15:33?
Iyi mirongo iratubwira iki cyerekeye "Gukurikira Yesu mu Bucuti" **Abar 5:6-8; Yoh 15:13; Mar 10:45**

**II. Kubara Igiciro**
A. Ni ikihe giciro cyo Kugirana Ubucuti n'Abatizera?
B. Ni izihe nyungu zo Kugirana Ubucuti n'Abatizera?

**IV. Inararibonye mu Buzima ryerekeye Ivugabutumwa mu Bucuti**

| Mumare igihe gisigaye cy'isomo mubwirana ingero zo mu buzima bwanyu bwite zerekana uburyo ari ingenzi kugirana ubucuti n'abatizera mw'ivugabutumwa. |
|---|

**Iteganyabikorwa**
Senga Imana iguhe ibihe byo guhura n'Abadakijijwe. Ni izihe nzira wacamo kugira ngo utangize ubucuti n'Abatizera mu baturanyi bawe? Saba Imana iguhe gushira amanga no kwinjira mu miryango yose igukingurira. Senga kugira ngo iguhe ubwenge bwo kubabona.
Ese niteguye kuriha igiciro no kugendera mu kwizera ngirana ubucuti n'Abatizera mu baturanyi banjye muri uku kwezi no kubageza kuri Kristo?
<u>Ntucikwe n'umunsi! Ba incuti kandi ugeze incuti zawe kuri Kristo! Binjize mu matsinda yo kwiga Bibiliya, mu busabane, n'imirimo y'ubutumwa. Bashyire mu bagize ikipe!</u>

## GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 1
## Ibyerekeye Guhindura Abantu Abigishwa

| |
|---|
| Amasomo yo Guhindura abantu abigishwa yo mu gitabo cya gatatu n'icya kane atuzuzanya. Byaba byiza inyigisho zose zo Guhindura Abigishwa zitanzwe n'Umwigisha umwe. Niba hakenewe abigisha barenze umwe, bagomba kugira umuhuzabikorwa. Mbere yo gutangira mhugurwa yuzuye, umwigisha agomba gusoma urutonde rwose (amasomo atandatu arimo n'iteganyabikorwa) kugira ngo asobanukirwe neza ko yose afite uburyo bumwe bwo kumva ibirimo. |

**I. Ishingiro rya Bibiliya** ryo Guhindura Abantu Abigishwa **(Mat 28:18-20)** Ni iki dusabwa?
Igis. Kugenda, kubatiza, kwigisha. Ni irihe Sezerano ?

**II. Ubusobanuro** bw'Umwigishwa no Guhindura Abantu Abigishwa
Umwigishwa ni nde? Igis. Twakwita umwigishwa umuntu washyize kwizera kwe muri Kristo, kandi kubwo umubatizo, akiyemeza kuba umuyoboke wa Kristo nk'urugingo rw'Itorero Rye.
Guhindura Abantu Abigishwa ni iki? Igis. Ni inzira Itorero rinyuramo, riyobowe n'ubutware no kubaho kwa Kristo, rigatangira :

- Kuyobora abantu mu kwizera no kugandukira Kristo.
- Kubinjiza muri Kristo no mu muryango we, Itorero, kubwo kubatizwa.
- Kubayobora mu nzira yo kumvira ubushake bwose bwa Kristo.

**III. Imana iduhamagarira Guhindura abantu abigishwa**

1. **Gutegura Umugeni wa Kristo – (Abef 1 :23 ; 5 :25-27)** Ni gute itorero riboneka mu mugambi rusange w'Imana?
2. **Gutuma Umugeni Anogera Umukwe –** Ni ibiki dukwiriye gukora ubu?

- Turimo gutoza abantu gukura neza mu bumwe bwabo n'Imana, na bo ubwabo ? Turabayobora mu kubaho bagaragaza urukundo ruzanwa no kugirana ubumwe n'Imana ?
- Turimo gutoza abantu gukura mu kwizera no kwiringira Kristo ?
- Turimo kubatoza kuba intumwa za Kristo, bahamagarira abandi kuba mu muryango wera no kwagura Umugeni wa Kristo?

**IV. Guhindura Abantu Abigishwa bigira uruhe ruhare mu Gushinga Amatorero?**

**V. Gutangira Uzi Neza Iherezo.**

Ni iyihe ntego yawe yo guhindura abigishwa? Abantu bawe bamerewe bate? Wabafasha ute ngo bakure bave aho bari ubu bagane ku ntego zawe zo kubaka intego.

- Ni iki kibura mw'Ivugabutumwa ritarimo guhindura abantu abigishwa?
- Ni irihe tandukaniro ryaboneka umurimo wo guhindura abantu abigishwa ukoreshejwe mu gushinga itorero? .....
- Ese birashoboka gushinga itorero tutitaye ku guhindura abantu abigishwa? Kuki? Kuki atari byo?
- Ni izihe nzira zitandukanye Itorero rishobora kunyuramo rihindura abantu abigishwa?

**Iteganyabikorwa**
Subanura intego itorero ryawe ryaba rifite zo guhindura abantu abigishwa.

Andika urutonde rw'intego zo guhindura abantu abigishwa ushaka kugira.

# GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 2
# Inshingano yawe mu Guhindura Abantu Abigishwa: Amabanga Yo Guhindura Abigishwa Kwiza

I. Kura mu Mwuka

**A. Gira Ihishurirwa ry'Umwuka**

**B. Iga ikizana Gukura mu Mwuka**

**C. Gira Imbaraga Zihindura z'Umwuka**

| Muganire ibibazo bikurikira mu matsinda mato: iminota 15 |
|---|

a. Ihishurirwa ry'Umwuka bisobanura iki ?
b. Kuki umuntu ushinga amatorero agomba kugira ihishurirwa ry'Umwuka ?
c. Ihishurirwa ry'Umwuka turihabwa dute ?
d. Ihishurirwa ry'Umwuka rihindura rite imyitwarire yacu n'ibyifuzo byacu ?
e. Ni iki dusabwa kugira ngo tumenye uko twafasha abandi gukura mu mwuka ?
f. Ni iki twakora ngo dushobore gu hindura abandi ?

**II. Garagaza Urukundo nk'urwa Kristo ku Bigishwa Bawe**

Gukunda Abigishwa Bawe Bisobanura Iki ? **(Abaheb 1 :24-25, Abaf. 4 :1, 1 Abates. 2 :17-18)**

Urwo Rukundo Rwigaragaza Rute mu Buzima Bwawe ? (1 Abakor 13 :4-7)

Ni Ubuhe Buryo Bufatika Bwo Kwerekana Urukundo Ku Bigishwa Bawe ? **Abar 12 :10-21, Abaf 2 :1-8)**

| Muganire ibibazo bikurikira mu matsinda mato: iminota 15 |
|---|

1. Urukundo rwigaragaza rute ku mwizera nkawe ?
2. Isano yo kuba umwe cyangwa « guhuza umutima » ni iki ?
3. Ukoreesheje **1 Abakor 13**, sobanura uko gukunda abandi byigaragaza.

III. Ibande Ku Bukene Nyabwo Bw'umwuka Bw'abantu, si kuri Gahunda

**A. Guma mu Bintu Byoroshye**

**B. Bafashe Kuguma mu By'ingenzi Byabo Bwite**

**C. Gira Kwihangana**

**IV. Gambirira Kubyara no Kugwiza –** Ni ibiki ukeneye byababafasha gushobora kubyara no kugwiza?

**V. Suzuma Kenshi Imirimo Yawe Kandi Witegure Guhindura Igihe Ari Ngombwa.**

**VI. Iga, Iga, Iga!**

Suzuma imikorere yawe mu murimo, kandi uganire ku byo wibonyeho n'itsinda ryawe. Koresha ibibazo bikurikira:

1. Ese nkomeza kwibanda ku rukundo, kwizera n'ibyiringiro mu buzima bwanjye?
2. Ese mfasha abandi kwibanda kuri ibyo?
3. Ese nzi guhitamo iby'ingenzi no kubikurikiza?
4. Naba nihanganira abandi ndusha gukura mu kwizera?
5. Ese hari icyo mfasha abandi ?
6. Naba nishimira gusuzuma imirimo yanjye no kuba nahindura aho bikenewe ?
7. Ese mfite uburyo bwo guhindura abantu abigishwa nabwira abandi ? Vuga ubwo uzi warangira abandi mw'itsinda ryawe.

**Iteganyabikorwa**

Soma 1 **Abakorinto 13 :1-7** maze utekereze ku biranga urukundo rwa Gikristo. Hitamo ahantu hatatu cyangwa hatanu wumva ukeneye kugaragariza ibiranga urukundo. Mu ikaye yawe y'umwuka wandike uko uzashyira mu bikorwa ibyo biranga urukundo n'ikizavamo.
Egeranya urutonde rw'inyigisho zo guhindura abantu abigishwa ziri mu rurimi rw'abantu ushaka kubwira ubutumwa mu gushinga itorero.

# GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 3
# Menya Intego Yawe, Menya Abantu Bawe

**I. Sobanukirwa n'Intego Yawe mu Guhindura Abantu Abigishwa**
Ibyangombwa byo Gukura mu Mwuka – Kwizera, Ibyiringiro n'Urukundo
Ibyangombwa by'Umurimo Ukwiriye
Dukurikije umugambi nyakuri w'Imana, gukura mu mwuka bisobanura iki?
Gukora umurimo ukwiriye bisobanura iki?
Muhereye ku mirongo ikurikira, muganire ku rufunguzo rwo kumvira Kristo: **Mt 22:36-40; Yoh 14:21; Abar 13:8-10; Abag. 5:6**
Muhereye kuri **Abef. 4:15 na Mat 20:28,** ni irihe banga ryo gukora umurimo ukwiriye?

**II. Sobanukirwa Uko Abantu Bawe Bamerewe mu Mwuka Muri Iki Gihe.**
Ibande ku bibazo byo mu mutima, nturebe imyifatire y'inyuma.
Suzuma Gukura Kwabo mu Rukundo, Kwizera n'Ibyiringiro
Suzuma Uko Imirimo yabo Ikwiriye ku Bandi
Toranya umwe mu bigishwa bawe ukwiriye gusuzumwa ku bijyanye n'urukundo, kwizera n'ibyiringiro
Suzuma uwo mwigishwa ukoresheje ibibazo bikurikira. Numara gukora iryo suzuma, mukore amatsinda mato maze muganire ku byavuye mw'isuzuma. Niba utaratangira gukorana n'abandi, iryo suzuma uryikorere wowe ubwawe. Ntugereranye uwo muntu n'undi muri hamwe mw'itsinda. Mu biganiro by'amatsinda murebe kuri ibi bibazo: (iminota 20)

**1. Uko Wasuzuma Imikurire mu Rukundo**

**a) Urukundo Ku Mana**

Ese bifuza Imana kuruta ibindi byose n'abandi bose? Ni Yo ya mbere muby'ingenzi by'ubuzima bwabo? Niba atari byo, ni iki cyafashe umwanya wayo mu mitima yabo? Ni iki bifuza kuruta Yo? Banezezerwa Imana kuruta ibindi byose? Birata Imana kuruta ibindi byose? Niba atari byo, ni iki kibanezeza kuyiruta? Ni iki cyafashe umwanya wayo mu mitima yabo?
Ese bahuje umutima, umwuka n'ubwenge n'Imana? Niba atari byo, ni iki cyafashe umwanya wayo mu mitima yabo? Imitima yabo n'ubwenge bwabo babishushanya na nde, n'iki? Biyitirira nde cyangwa iki? Ibinyagaciro byabo bigaragaza nde? Ese bakeza abami babiri?
Ese bagendana n'Imana mu ruhe rugero? Iyo baguye, bihutira bate kwihana no kongera kugendana n'Imana?
Ese hari ubwo bagaragaza gukunda iby'isi? Iki kintu kirakomeye cyane. Kuko ni kimwe no gusenga ibigirwamana. Gukunda iby'isi no gukunda Imana ntibijyana.

**b) Urukundo Ku Bandi**

Ese bishimira kugira ubusabane n'abandi bizera no kumarana igihe nabo?
Ese banezezerwa abandi bizera? Ese barabirata?
Ese bahuza umutima n'ubwenge n'abandi bene data muri Kristo? Ese berekana ubumwe n'urukundo mu buryo bufatika?
Ese bakunda imiryango yabo? Bakorera imiryango yabo kenshi mu rukundo, bashimangira ubumwe bwabo nk'umuryango kandi bakomezanya muri Kristo?
Ese bafite umutwaro w'abazimiye? Baba bakunda kwerekana urukundo ku bazimiye?(Abag 6:10)

**2. Uko Wasuzuma Imikurire mu Kwizera**

a. Ese basobaanukiwe kwizera icyo ari cyo?

b. Basobanukiwe n'ubuntu bw'Imana?
c. Kwizera kwabo kwaba gushinze imizi mu Byanditswe Byera? Baba basobanukiwe neza iby'ibanze mu kuri kwa Bibiliya?
d. Ese bemera badashidikany uko kuri?
e. Bemera rwose ko Imana ibakunda kandi ko yabemeye burundu mu Kristo?
f. Ese babeshwaho no kwizera, bishingikirije ku buntu bw'Imana mu kubaho kwabo kose?

**3. Uko Wasuzuma Imikurire mu Byiringiro**

Ese imitima yabo yubatswe kuri Kristo no ku kuba yarabahamagaye? Ese koko ibyo nibyo babereyeho?

Ese basobanukiwe amasezerano y'Imana kuri bo? Bizera Imana ko ari iyo kwizerwa ku masezerano yayo?

Bazi neza ko Imana ituma byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ibategurira iherezo ryiza yabageneye?

**C. Suzuma Uko Imirimo Bakorera Abandi Ikwiriye**

Ese bakoresha impano zose n'ubushobozi bahawe kugira ngo bakomeze abandi mu rukundo, kwizera n'ibyiringiro?

Ese bakangurira abandi kandi bakabashoboza gukura mu bumwe bwabo n'Imana, no mu bumwe bwabo ubwabo? Baba bafasha abandi kubaho mu buzima bugaragaza urwo rukundo ruzanwa n'ubumwe?

Ese bafasha bagenzi babo uko bikwiriye igihe bakeneye kunesha ingorane bahura nazo mu mwuka?

Ese bavuga ubutumwa bwiza ku bazimiye mu buryo bukwiriye?

Ese bayobora neza abazimiye kuri Kristo no kubinjiza mu Mubiri wa Kristo?

Ese bakangurira kandi bagafasha abandi Bakristo kuvuga ubutumwa neza ku bazimiye mu magambo no mu bikorwa?

---

1. Ni ibihe bice byakugoye cyane gusuzuma?
2. Ni ayahe makuru n'ubushishozi wakoresheje mu gusuzuma ?
3. Urumva ufite urufatiro rwiza kubw'iri suzuma ?

**III. Amabwiriza Afatika yo Guhindura Abantu Abigishwa**

Marana nabo igihe kenshi. Abar 12 :10-21, Fil. 2:1-8, 1 Abakor 13:4-7
Mukorere gahunda hamwe
Mubwirane ibibazo/intambara
Musengane
Mwigire hamwe
Uhange ibishya
Utange igihe
Saba ibitekerezo n'ubufasha ku bandi bakristo

Mbere y'isomo ritaha, uzandike ibihe umara kuri buri rimwe muri aya "Mabwiriza afatika yo guhindura abantu abigishwa".

## GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 4
## Gufasha Abigishwa Gukura mu Mwuka

Uhereye ku byakubayeho ubwawe, uzuza Umugereka 4A ku mwigishwa waba waragize, maze utegure impapuro nini zo kumanika imbere y'abahugurwa (abe umuntu utazwi). Gerageza guha abahugurwa igitekerezo cyumvikana cy'ibyo bakorera kuri izo mpapuro. Nyuma yo gusobanura mu magambo magufi, koresha ibisubizo byabo mu kwerekana uko urupapuro rwo "Gusuzuma Ibikenewe mu Gukura mu Mwuka" rwuzuzwa.

**1. Shaka Impamvu Rusange z'Ibibazo byo mu Mwuka**

| |
|---|
| Buri wese mu bahugurirwa gushinga amatorero yuzuza urupapuro rwo gusuzuma umuntu umwe wo mw'itsinda rye. Niba nta muntu bafite wo gusuzuma, busuzume bo ubwabo. Nta na rimwe bagomba kwigereranya n'undi mu bahugurwa wasuzumwe. |

**Umugereka 4A**

| | Urwego: 1=nta kibazo | | | | 5 = hari ikibazo kinini |
|---|---|---|---|---|---|
| • Ananirwa kumva amahame y'ingenzi ya Bibiliya | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Ntazi uko yakora igikenewe | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Ntazi neza uko yafatanya n'abandi mu murimo | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Yumva amwe mu mahame ariko ntayizera neza | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Yibagirwa vuba cyangwa arangazwa na byinshi | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Yemerera iby'isi bukamuganza cyangwa akaba imbata y'icyaha | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Acika intege vuba ndetse asa n'uwabivuyemo | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Ubwoba buramusubiza inyuma | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Yabuze ibyo yashakaga ku Mana n'abandi bakristo ararakara | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |
| • Abuze ishyaka | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 |

**II. Erekana Ubufasha Abizera Bakeneye Ngo Baneshe Inzitizi zo mu Mwuka**

| |
|---|
| Abahugurwa basubire mu matsinda bahozemo maze baganire ku kibazo gikurikira: |

Aba bantu bahabwa bufasha ki kugira ngo baneshe ibibazitira? Ni ubuhe bufasha bahabwa ngo babeho ubuzima buhorana urukundo, kwizera n'ibyiringiro? Ni iki bahabwa ngo bashobore gukorera abandi neza? Mu biganiro byatambutse, ni ubuhe mu bufasha buvugwa hepfo bwagira akamaro cyane? (iminota 15)

- kuburira, gutera umwete, gufashanya (1Abates 5:14)
- gukosora no gucyaha (2 Tim 4:2)
- kwamagana (Tito 1:9)
- kuvanana mu cyaha (Yak 5:19-20)
- kubwirana ukuri mu rukundo (Abef 4:15)
- kugirana inama (Abakol 3:16)
- guterana umwete no gukomezanya (1 Abates 5:11)
- gukangurirana urukundo n'imirimo myiza (Abeh 10:24)
- gukomeza abanyantege nke (Abah 12:12)
- guhumuriza no kwinginga (1 Abates 2:11-12)
- guhemburana no kwikorerana imitwaro (Abag 6:1-2)
- kwihanganirana (Abef 4:2)
- kubabarirana (Abakol 3:13)
- gusengerana (Abef 6:18, Yak 5:16, 1 Yoh 5:16)
- kwaturirana ibyaha (Yak 5:16)
- gukorerana (Abag 5:13)
- kwemerana (Abar 15:7)
- kubahana (Abar 12:10)
- kugirirana neza (Abag 6:10)

Ni izihe mpamvu zimwe rusange zituma abizera bashya bananirwa?
Ni kuki bananirwa gukorera abandi uko bikwiriye?
Ni ayahe mahame y'ingenzi bajya bananirwa gusobanukirwa no kwizera ?
Ni ibiki by'ingenzi bajya bananirwa gukora cyangwa batazi uko babikora ?
Ni ubuhe bufasha abizera bashya bakeneye cyane bujyanye n'inzitizi rusange bafite mu mwuka ?

**Iteganyabikorwa**

- Musome kandi mutekereze ku Mugereka 4A (hejuru) « Gusuzuma Ibikenewe mu Gukura mu Mwuka ». Uzuza urwo rupapuro kandi usubize ibyo bibazo kuri wowe ubwawe no mwigishwa wawe nibura umwe.

# GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 5
# Imikorere yo Guhindura Abantu Abigishwa

Umenye neza ko abahugurwa basobanukiwe umukoro wabo w'Iteganyabikorwa. Bagomba kuzana gahunda zabo zo Guhindura Abantu Abigishwa mu mahugurwa y'Igitabo cya Kane. Uzuza hakiri kare kopi yawe y'Umugereka 5A « Gahunda Yo Guhindura Abantu Abigishwa » nk'aho bikozwe n'umwizera mushya usanzwe. Bitegure ku buryo byerekanwa ku rukuta cyangwa bimanikwa imbere y'abahugurwa. Reka abahugurwa bavuge ibyo babonye bikwiriye mu bikorwa byabo byo guhindura abantu abigishwa. Saba abahugurwa bakore nkuko wakoze. Saba ishuri ryose gusuzuma buri mikorere ikurikira bakurikije inyungu zayo n'ingorane zayo.

**I. Imikorere ya 1 : Gukura kwa Buri Muntu –** Umwigishwa yirwanaho akiga, agasenga, agahamya ...
**Inyungu**

- Ashobora kugira ubumenyi n'inararibonye byinshi kandi vuba
- Gusoma bishobora gukurikiza ubukene bwihariye bw'umuntu
- Abayobozi baba babonye igihe n'imbaraga zo gukemura ibindi bikenewe mu murimo
- Umwigishwa ashobora kwiga uko ashoboye akiha igihe cyo gushyira mu bikorwa

**Ingorane**

- Hatabayeho ubundi buryo bwo gusuzuma, nta wamenya ibyo umwigishwa yasobanukiwe cyangwa yamenye.
- Nta buryo bwo kureba uko umwigishwa akora umurimo no kumuha inama zikwiriye
- Haba hakiri ibindi akeneye gufashwamo
- Haba imibereho yo kwiyubaka ubwe atubaka umuryango

**II. Imikorere ya 2 : Kwigishwa Umuntu-ku-wundi –** umwigisha cyangwa umutoza ahura n'abantu batandukanye ku giti cyabo.
**Inyungu** : Abizera bashya benshi bakura ari uko babonye ubitaho by'umwihariko

- Hari amahirwe menshi yo guha umwigishwa ubufasha akeneye
- Kwigisha no gutoza bishobora kujyana n'ibyo buri wese akeneye ku giti cye.
- Hari amahirwe menshi yo kumva uko byakiriwe, kumenya ibyumviswe n'ibyakiriwe.
- Hari amahirwe menshi yo kumufasha gusyira mu bikorwa ibyo yiga no kugira uruhare mu mirimo yo gukorera abandi.
- Umuyobozi biramworohera gutoranya no gutoza abashobora gukora umurimo wo kuzana abandi umuntu-ku-wundi. Ibyo bituma habaho kugwiza umurimo w'umuntu-ku-wundi.
- Ubu ni uburyo bwiza cyane bwo kwigisha ubuhanga.

**Ingorane**

- Umuntu umwe ntashobora kumara ubukene bwose bwo mu mwuka undi afite. Ariko ibyo bishobora gukemurwa n'amateraniro atandukanye muri gahunda y'umuntu-ku-wundi.
- Umuyobozi ashobora gukurikirana abantu bake gusa. Kugwiza abatoza bashya biradindira.

**III. Imikorere ya 3 : Umurimo w'Amatsinda mato –** amatsinda mu ngo, amatsinda y'inyigisho ku Cyumweru mu gitondo, amatsinda yo kwiga Bibiliya . . . . Buri muyobozi w'itsinda akagira umwungirije utorezwa kuba umuyobozi w'itsinda. Uwungirije yigira ku « kureba » no « gukora » bamukurikirana
**Inyungu :**

- Abayobozi badafite ubuhanga buhanitse bashobora kuyobora amatsinda.
- Buri wese ashobora kugira uruhare. Buri wese agira umwanya wo gukoresha no gukuza impano ze.
- Abafite impano yo kwigisha cyangwa y'ubuyobozi baboneka vuba bagatozwa.
- Hari amahirwe menshi yo kumva uko byakiriwe, kumenya ibyumviswe n'ibyakiriwe.
- Biroroha kwerekeza inyigisho n'amahugurwa ku byo abagize itsinda bakeneye

- Hari amahirwe menshi yo kumva igikenewe cyane mw'itsinda no gutanga ubufasha bukenewe. Hari n'amahirwe menshi yo kubafasha gushyira mu bikorwa ibyo bize.

**Ingorane:**

- Hakenerwa abayobozi benshi iyo umubare munini w'abantu ugomba kugira uruhare mu matsinda mato.
- Hari benshi batazavuga ibibazo byabo bikomeye niyo yaba ari itsinda rito cyane.

**IV. Imikorere ya 4: Umurimo w'Itsinda Rinini –** Kubwiriza mu materaniro, Ishuri ry'icyumweru, kwiga Bibiliya mu matsinda manini, amahugurwa . . . .
**Inyungu:** Hakenewe abayobozi/abakozi bake b'inzobere mu kwigisha abantu benshi.
**Ingorane:**

- Abantu bake batari abigisha bazwi bagira amahirwe yo gukoresha no gukuza impano zabo z'imirimo.
- Ubu buryo ntabwo bukwiriye mu gutegura abayobozi b'igihe kizaza.
- Kugira ngo bikorwe neza hagomba kubaho uumuntu ufite impano yo kwigisha/kubwiriza.
- Umuyobozi umwe ntafite impano zose sakemura ubukene bw'itsinda ryose.
- Hari amahirwe make yo kumva ibisubizo, biragoye kumenya ibyasobanutse n'ibyakiriwe.
- Hari amahirwe make yo kumenya ibibazo byihariye by'umwuka biri mu bantu no kubishakira ibisubizo bikwiriye. Hari n'amahirwe make yo kubafasha gushyira mu bikorwa ibyo bumva.
- Hari n'ubwo usanga abumva benshi ari ba simbirimo.
- Nta wo gufasha abayobozi
- Niba ari bwo buryo bw'ibanze bukoreshwa, abantu benshi ntabwo bazakura mu mwuka.

**Ibibazo byo gutekereza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa**
Mu bikorwa iwanyu, ni iyihe mikorere amatorero akoresha kenshi mu guhindura abantu abigishwa?
Ni buryo ki iyi mikorere yagiye ikoreshwa mu gukemura ubukene bw'abizera bashya?
Ni ubuhe bukene budakemurwa?
Ni iyihe mikorere utekereza ko y  akemura neza ubwo bukene ?
Ni iyihe mikorere wowe ubwawe wumva wakoresha? Ni iyihe wumva utakoresha? Kuki?
Ni iyihe mikorere utekereza ko yakora neza mu mirimo yawe yo gushinga amatorero? Kuki?
Ni izihe ngorane zo mu mikorere wasanze zakubera inzitizi ziruta izindi?
Ni gute wanesha izo ngorane?

**Iteganyabikorwa**
Ukoresheje Umugereka 5A"Gahunda yo Guhindura Abigishwa", tegura gahunda yihariye ya buri muntu urimo guhindura umwigishwa mu mirimo yawe yo gushinga itorero. Uzazana gahunda yawe mu isomo ritaha ryo Guhindura Abantu Abigishwa, rizatangwa mutangiye amahugurwa y'Igitabo cya Kane.

**Umugereka 5A**

Mu kuzuza izo mpapuro, uzirikane mu bwenge ibi bikurikira:

- Toranya imikorere (itsinda rinini, itsinda rito, umuntu-ku-wundi, buri muntu) ikwiranye n'ukuri/ ihame/icyo wemera cyangwa ingeso/ubuhanga ushaka kwigisha.
- Emeza uko ukuri n'ubuhanga ushaka kwigisha bukurikirana. Ibikomeye cyane mu buzima bw'umwuka bwa buri muntu, bigomba kwitabwaho hakiri kare, aho gutegereza.
- Emeza inyigisho zishimishije zo guhindura abigishwa, niba ziriho, ushaka gukoresha. Muri ubwo buryo kandi uvuge n'izishobora gukoreshwa n'umuntu ku giti cye.

## Urupapuro rwuzuzwa 5A.1 – Ibyo Umwizera Mushya Akeneye Kumenya no Gukora

Amabwiriza:

Andika urutonde rw'ibyo umwizera mushya agomba kumenya byihutirwa cyane kugira ngo ashobore kubaho mu buzima bw'urukundo, kwizera n'ibyiringiro, no gukorera abandi mu buryo bukwiriye. Ni ukuhe kuri n'ibitekerezo bagomba gusobanukirwa? Bimwe muri ibyo bizaba birenze ubumenyi bwo mu mutwe gusa ahubwo bigeze ku byo bemera mu mitima yabo.

Andika urutonde rw'ibyo umwizera mushya agomba kumenya byihutirwa cyane kugira ngo ashobore kubaho mu buzima bw'urukundo, kwizera n'ibyiringiro, no gukorera abandi mu buryo bukwiriye. Ibyinshi muri byo ni ingeso agomba kwitoza. Ibindi bisaba ubuhanga agomba kwiga.

| | Ibyo bakeneye KUMENYA (ukuri cg ibyo twemere) | Ibyo bakeneye GUKORA (ingeso/ubuhanga) |
|---|---|---|
| Kubaho mu rukundo no mu bumwe n'Imana | | |
| Kubaho mu rukundo n'ubumwe mu miryango yabo no mu bandi bizera no kubako- meza muri Kristo | | |
| Kubaho mu kwizera | | |
| Kubaho mu Byiringiro | | |
| Gukorera abandi mu buryo bukwiriye | | |

**Urupapuro rwuzuzwa 5A.2 – Gahunda ya Buri Muntu yo Guhindura Abigishwa**

Buri murongo ku rupapuro 5A.2 uhagarariye ukwezi. Ongeraho indi mirongo kugira ngo urangize umwaka.Ushobora gushyira ingingo nyinshi mu kazu kamwe. Urugero; mu materaniro y'umuntu-ku-wundi yo mu kwezi kwa mbere, ushobora gushyiraho ingingo zitandukanye zizigwaho buri cyumweru; nka: kwihererana n'Imana, uburyo bwo gusenga, uburyo bwo guhangana n'icyaha. Ku rundi ruhande, mu kwezi kwa gatandatu, ushobora guhitamo kurangiza ukwezi kose ku ngingo imwe nko gutegura ubuhamya bwawe bwite.

Izina ry'Umuntu

| Ukwezi | Buri muntu | Umuntu-ku-wundi | Itsinda rito | Itsinda rinini |
|---|---|---|---|---|
| 1 | | | | |
| 2 | | | | |

# INTAMBARA Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 1

## Gusobanukirwa Imitekerereze

I. Imitekerereze Rusange

A. **Imitekerereze ya Rubanda –** Imiterere y'isi n'imibereho y'abantu bigengwa n'amategeko ya kamere. Niba hari iby'indengakamere bibaho, ntacyo bihuriyeho n'ikiremwamuntu.

B. **Imitekerereze mpakana-Mana –** Imyuka ndengakamere iba mu bintu no mu bantu ba kamere kandi ifite ububasha bwo kugenga ibintu. Kurindwa no gukira bishobora kuzanwa n'uko tubanye neza n'iyo myuka.

C. **Imitekerereze y'Impanuka –** Hari imbaraga z'indengakamere ziyobora ikiremwamuntu kidafite ububasha.

- Imitekerereze bisobanura iki?
- Imitekerereze igira ruhare ki ku muntu uyigenderamo?
- Umuntu wirukanwe ku kazi ari yo mikoro y'umuryango we yari afite, abibona ate akurikije imitekererereze ya Rubanda? Imitekerereze Mpakana-Mana? Imitekerereze y'Impanuka?
- Ni iyihe mitekerereze yiganje mu bantu bo mu karere kanyu?

**II. Imitekerereze ya Bibiliya**

**A. Indengakamere -**

1. **Imana Ishobora Byose**, ibaho itagengwa n'igihe, ihoraho, yihagije, yaremye ijuru n'isi, itagira uwo bangana cyangwa bahatana, mu Butavuguruzwa bwayo igenga ibibaho mu mateka byose. **Kristo** yaje mw'isi abana n'ikiremwamuntu. Kristo yazamutse mw'ijuru yohereza **Umwuka Wera** mw'Itorero rye. Bibiliya yemeza gukora k'Umwuka Wera mu buzima bw'abamwizera. Atsinda ab'isi kubw'icyaha, gukiranuka n'urubanza **(Yoh 16:8-11)** Aduhamiriza ko turi abana b'Imana **(Abar 8:16).** Umwuka Wera adufasha gusenga **(Abar 14:25)** kandi aratwigisha **(Yoh 14:26, 1 Yoh 2:27)**

**2. Ibiremwa by'Umwuka (Satani n'Abamalayika) – (Abakol. 1:16)** Imana (muri Kristo) yaremye ibintu byose mw'ijuru no mw'isi, ibiboneka n'ibitaboneka. Abamalayika barakora mw'isi na n'ubu **(Abah 13:2, Ibyah 12: 4)** Ubwo Satana yavaga mw'ijuru yajyanye kimwe cya gatatu cy'abamalayika (abadayimoni). Na bo barakora mw'isi na n'ubu **(Yak. 3:15, 1 Tim 4:1).** Ibyanditswe Byera bitwigisha ko Imana yatsinze abadayimoni. Ese abamalayika bose babereyeho kutugirira nabi?

**B. Ibidukikije**

Imana yaremye iby'isi bifatika. Bamwe bavuga ko yabayeho nk'impanuka, abandi bakayubahiriza cyane (mpakana-mana), abandi bati isi umuntu ashobora kuyihindura akayitegeka (rubanda) Dukurikije Bibiliya, ibyo Imana yaremye byahanzwe ku buryo bihamya icyubahiro cy'Imana (Zab 19) Ese ibyo Imana yaremye bivuga icyubahiro cyayo? Umugambi wa Satani ku byo Imana yaremye ni uwuhe?

**C. Ikiremwamuntu**

Umuntu yaremwe aturutse mu bidukikije ariko Imana yamuhumekeyemo umwuka w'ubugingo kandi imurema mw'ishusho yayo. Bityo umuntu ni ikiremwa gihambaye cyane; ni umubiri akaba n'umwuka. Kimwe mu bwiru bwerekeye umuntu ni uko afite ubushake bw'umudendezo, ntabwo ari akamashini. Ashobora guhitamo gukunda Imana, kandi ashobora guhitamo kwihakana Imana **(Yos 24:15)** Ese wifuza ko Imana iba itarahaye umuntu ubushake bw'umudendezo? Kuki?

**III. Imitekerereze no Gushinga Itorero**

Ese Imana iracyarwana na Satani cyangwa Satani yaratsinzwe (**1 Yoh 3:8, Abakol 2:15, Abah. 2:14-15)** Mu Butumwa bwiza nkuko butangazwa n'Itorero, Imana ishaka kwiyunga n'abantu. Satani we ashaka gukora iki ku muntu **(Ibyah 12:9, 1 Pet 5:8, 1 Abates 3:5, Ibyah 12:10)?**

Urugerero rw'intambara y'umwuka mu mibereho y'umuntu ni uruhe? **(2 Abakor 10:3-5)** Reba uburyo Intumwa Pawulo ahuza gusenya ibihome n'impaka no gufata mpiri ibitekerezo ngo bigandukire Kristo. Hanyuma dutekereze kuri **Yoh 8:32,** Uko turushaho kumenya ukuri tukakuge- nderamo ni ko turushaho kunesha. Gushinga itorero ni intambara y'umwuka. Gusobanukirwa neza imitekerereze ya Bibiliya bifasha ushinga itorero kumenya ibibaho mu buzima bwe no mu murimo we.

- Ni ku ruhe rugero wizera ko Imana igenzura amateka?
- Ni ku ruhe rugero Imana igenzura ubuzima bwacu bwa buri munsi?
- Ni ku ruhe rugero Satani n'abadayimoni bagira uruhare mu bitubaho mu buzima no mirimo yacu?
- Ushobora gutanga urugero rw'ibyabayeho muri iki gihe cyatuma utekereza ko Satani yatsinze abantu b'Imana?

**Ibibazo byo gutekereza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa.**

- Nkuko wahushuriwe uku kuri ko muri iri somo, haba hari imihango imwe wavumbuye mu buzima bwawe idahuje n'imitekerereze ya Bibiliya?
- Ni ibihe iyihe mihango ikorwa n'abantu batuye mu karere watoranije idahuje n'imitekererze ya Bibiliya?
- Ni buryo ki uko kudahuza kubangamira imibanire yawe n'Imana, n'uwo mwashakanye, n'abana bawe cyangwa n'abazimiye?
- Iyo ushinga itorero arwaye cyane, ibyo bivuga ko Satani amurwanya akoresheje uburwayi? Ni ryari ibyo bishobora kuba ukuri?

**ITEGANYABIKORWA**

Sanga undi mwizera umusobanurire ibitekerezo bikuru by'iri somo. Umusobanurire uko imyifatire yawe yahindutse kubera ukuri gushya wamenye.
Ibaze ku mitekerereze y'abantu batuye mu karere ukoreramo. Ni hehe imitekerereze yabo ihuriye n'imitekerereze ya Bibiliya? Ni hehe bitandukaniye? Ni ruhare ki ibyo bizagira mw'ivugabutumwa ryawe? Ni iki kandi ni gute uzigisha abizera bashya kugira ngo imitekerereze yabo ijye mu murongo w'imitekerereze ya Bibiliya?

# INTAMBARA Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 2
# Ibyitabwaho mu Ntambara y'Umwuka

**I. Ibyo mu Mana – Iyi mirongo iratubwira iki ku butatu bw'Imana?**
- **A. Imana Data: Abakol 1:13, Yoh 17:11**
- **B. Imana Umwana: Mat 1:23, 28:18-20, Abaf 2:6,7; Abar 8:3,34; 1 Yoh 4:4**
- **C. Imana Umwuka Wera: Yoh 16:8-13; Abar 8:2,9,11,26-27; 2 Abakor 3:3; 1 Yoh 4:4**

**II. Ibyo mu bantu – abizera n'abatizera – Zab 8:5-6; Abar 3:23; 6:23; Abef 2:1-12;6:11; Yoh 15:19; 16:18-21**

**III. Iby'Imyuka Mibi – amalayika badukorera na Satani/abadayimoni – Mat 6:10, Abah 1:14; 1 Pet 5:8; Ibyah 12:9; Yoh 8:44; 1Yoh 5:19; Mat 4:1**

**IV. Iby'Intambara**
1. Duhereye kuri iyi mirongo ni nde na nde barwa mu ntambara? **Yoh 17:14; Abef 6:10-17; 2Abakor 10:3-5**
2. Abamalayika beza bakorera iki umuntu? **Luka 10:17,18**
3. Satani ni nde? **Yoh 8:44; 16:11; 1Pet.5:8**
4. Satani akora iki ? **Ibyah 12 :7-9 ; 2Abates 2 :9 ; Abaheb 2 :14**
5. Muri ibyo bice byose ni hehe wumva umunezero kuruta ahandi mu bihe byawe byo gusenga no mu buzima bwawe.

**Ndi nde muri Kristo**
Nk'umwizera muri Kristo,
- nta teka nzacirwaho **(Yoh 3 :18, Abar 8 :1)**
- ndi icyaremwe gishya **(2 Abakor 5 :17)**
- nabatuwe ku itegeko ry'icyaha n'urupfu **(Abar 8 :1)**
- natoranijwe n'Imana **(Abef 1 :4)**
- nagizwe umwana n'Imana. Ni Data **(Abef 1 :5)**
- nemewe n'Imana **(Abef 1 :6)**
- nacunguwe, naguzwe, nahawe agaciro n'Imana **(Abef 1:7)**
- ndi umuragwa hamwe na Kristo **(Abef 1:11; Abar 8:17)**
- ndiho ikimenyetso cy'Umwuka Wera **(Abef 1 :13)**
- ndi muzima mu mwuka **(Abef 2 :1-7)**
- ndi uwagenewe ubuntu bw'Imana **(Abef 2 :8)**
- ndi igihangano cyayo **(Abef 2 :10)**
- nabatuwe na Kristo imbaraga z'umwijima nshyirwa mu Bwami bw'Umwana wayo **(Abakol 1 :13)**
- ndi urusengero rw'Imana Nzima **(Abakol 2 :10)**
- ndi umucyo n'umunyu w'isi **(Mat 5 :13,14)** nzaba nka Kristo igihe azagaruka **(1Yoh 3 :1,2)**

**Iteganyabikorwa**

Mwige Bibiliya mukoresheje uburyo yivugira kuri Abefeso 4 :17-5 :21

# INTAMBARA Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 3
# Ibitero Abashinga Amatorero Bahangana Nabyo

**I. Aho Satani akunda kugaba ibitero** – Ni hehe Satani agaba ibitero ?

A. Ibitero mu Birebana n'Umubiri – **Mat 9 :32-33, Luka 13 :16 ; Mar 5 :1-13, 1Yoh 2 :15-16**
B. Ibitero mu Birebana n'Ibintu – **Mat 4 :8**
C. Ibitero mu Marangamutima / Ubwenge – **Mar 5 :1-10**
D. Ibitero mu Birebana n'Umwuka – **1 Abates 3 :5**

| Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira : (iminota 15) |
|---|

1. Mwigeze muterwa mu birebana n'ibintu cyangwa umubiri nk'indwara, ibikenewe, ibyifuzo, ubushobozi cyangwa ubutunzi ? Niba byarabaye, mutange ingero zabyo.
2. Hari uburyo bwumvukana dushobora gutandukanya ibibazo by'amarangamutima bisanzwe n'ibizanwa n'ibitero by'umwanzi ?
3. Ni ibihe bikorwa by'ibigirwamana byiganje mu karere kanyu ?

**II. Uko Wamenya Ko Ikibazo Ari Igisanzwe Cyangwa Ari Igitero Cya Satani**

Urugero : 'Nari ndyamye njyenyine mu cyumba nsinziriye cyane. Ako kanya nkangukira hejuru ntazi impamvu. Umwijima wari mu cyumba wanteraga ubwoba nkumva umutima wanjye uradiha, mpumeka insigane kandi nabize ibyuza ku mubiri wose. Numvise ko ari igitero cya Satani, nicara ku buriri, ncana itara maze n'ijwi rirenga ntangira kwatura ku Yesu Kristo ari Umwami no kumusaba kundinda imyuka mibi ishobora kungirira nabi. Uko nasengaga, numva ndahambutse, ndongera ndaryama ndasinzira cyane.'

Uyu muntu uvuga iyi nkuru yaketse ko yatewe na Satani ubwo nawe ako kanya atangira kwivuna umwanzi. Ese mugomba gukeka ko mwatewe na Satani ? Dore amahame amwe ya Bibiliya ugomba kwitaho. Ni urutonde rudafite icyo rukurikije :

- Gerageza imyuka urebe ko ituruka ku Mana (**1 Yoh 4 :1-3**)
- Saba ubufasha ku muntu ufite impano yo Kurondora Imyuka mu Mubiri wa Kristo **(1Abakor 12:10)**
- Ibigeragezo bishobora kuva ku Mana ngo bidukuze tube abashyitse **(Yak 1:2-4)**
- Ibishuko biva ku mwanzi; ni twemerera kwifuza kwacu kubi kukatujyana mu nzira mbi, ibyaha bizakurikiraho **(Yak 1:13-14)**
- Satani adutera ashaka ko dukora icyaha, ariko Imana ituzanira ibyiza **(Itang 50:19-20)**
- Satani yuhereza ibintu mu buzima bwacu ari byo Imana ikoresha kugira ngo yerekane imbaraga zayo mu ntege nke zacu **(2 Abakor 12:7-9)**

**III. Uko Wakwirwanaho Mu Bitero bya Satani**

**A.** Fata mpiri ibitekerezo byose ubyerekeze kuri Kristo **(2Abakor 10:3-5)**
**B.** Gira Ubwenge Bushya **(Abaroma 12:1-2)**
**C.** Ambara Intwaro Zose z'Imana **(Abef 6:10-18)**
**D.** Atura Gutwikirwa n'Amaraso y'Umwana w'Intama **(Ibyah 12:11)**
**E.** Ntiwemere ko Icyaha Kigutegeka **(Abar 6:12)**

Ni ibiki bifatika ugomba gukora ngo ushyire mu bikorwa uku kwirwanaho?

**IV. Amabwiriza yo Guhangana n'Ibitero by'Abadayimoni**

A. Senga kandi Usabe Ubwenge buva ku Mwuka Wera
B. Korana n'abandi
C. Vumbura Impamvu
D. Banza Uhangane n'Icyaha (Mat 12:43-45)
E. Kubohoka – Twafasha abandi dute cyangwa natwe ubwacu kubohoka?
F. Gukurikirana – Nyuma yo kubohoka dukora iki kugira ngo dufashe uwo muntu?

**Muri mu matsinda mato, muganire kuri aya mabwiriza rimwe rimwe. Ni ayahe utekereza ku afitiye akamaro ubugingo bwawe? (iminota 20)**

Iteganyabikorwa
Mu buzima bwawe no mu mirimo wawe nk'ushinga amatorero, hari ibyo uhura na byo utekereza ko ari ibitero simusiga by'umwanzi? Niba biriho, andika urutonde rw'uburyo twize muri iri somo wahangana n'ibyo bitero. Biganire n'undi Mukristo ukuze mu mwuka, agufashe gusenga.

# Igitabo Cya Kane Cya Gahunda Z'amahugurwa Ya Omega

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 12

## Ibyitabwa kw'Itorero Rikura – Ni Ryari Rihinduka Itorero

**I. Ni Ryari Itorero Riba Itorero?**

A. Ninde wemeza ko Itorero Ribaye Itorero? Igis. Ibisabwa na Bibiliya (kuba itorero mu maso y'Imana), ibisabwa n'ishyirahamwe (kuba itorero mu yandi), ibisabwa n'amategeko (kwemerwa na Leta)
Ni mu buhe buryo amatsinda atandukanye/amashyirahamwe aba amatorero mashya?
B. Ubusobanuro bw'Itorero ry'Ahantu
Ni ubuhe busobanuro bwawe bw'itorero (reba Igitabo cya mbere –Itorero isomo rya 4)
C. Gutandukanya itsinda n'Itorero
Ni ibiki bisabwa kugira ngo iteraniro ryitwe Itorero?
1. Kuba Rigizwe n'Abizera Kristo – **Ibyanditswe ntibivuga umubare ntarengwa.**
2. Kuba bahura kenshi kubwo Gusabana, Kuramya no Kwigishwa (Abar 14:5-6) **Inyubako si ngombwa cyane kugira ngo bitwe itorero.**
3. Gukora imihango – **Ni hehe mu Ibyak. havuga ko Itorero rya mbere ryagiraga Umubatizo n'Ameza y'Umwami? Igis: Umubatizo: Ibyak. 2:41; 8:12 Ameza y'Umwami – Ibyak. 2:42; 20:7**
4. Kugira Abayobozi Babishoboye – **Niba Itorero ryemera ko abakuru b'itorero baba benshi, rigomba kugira nibura babiri. Niba babona ari ngombwa kugira abadiyakoni, hagomba kuba ababishoboye babihabwa**
5. **Kuba Ryifashije mu Mutungo.**
Ese itsinda ridashobora kwitunga rishobora kwitwa itorero?

(1 Tim 5:17-18) Itorero rya mbere ryafashaga abapfakazi n'abakene bo muri ryo, rikohereza amafaranga mu yandi matorero akennye, kandi rigafasha abatumwe gushinga amatorero. Itsinda ry'imiryango icumi rishobora gutunga umuyobozi umwe. Niba hari umuyobozi w'umulayiki udakeneye igihe igihembo cyuzuye, ubutunzi butari amafaranga nabwo bwakoreshwa.

**II. Kugira Inzego nk'Itorero**

A. Ibice Bigize Itorero ry'Ahantu Rizima – abizera, amatsinda, amateraniro rusange

B. Kongera "Kuramya Rusange"

- Mbere y'uko itorero ritangira kuramya kwa rusange, reba ibi bikurikira:
- Ese hari urufatiro rw'amatsinda agwira ageze ku giteranyo cy'abantu 30 – 40 baterana buri gihe?
- Ese hari abantu batojwe nk'abavugabutumwa bahindura abandi abigishwa?
- Ese abayobora imirimo baratojwe kandi biteguye gufaka izindi nshingano nshya?
- Ase abayobozi n'abashinga itorero bemeranya ku bitekerezo-fatizo by'umurimo w'itorero?

C. **Gukomeza Ivugabutumwa, Ubwigishwa n'Amatsinda yo mu ngo.**
Mukomeza kuvuga ubutumwa, guhura n'abigishwa, no kugira amatsinda mato na nyuma yo gutangira amateraniro ya Rusange.

1. Ni ibiki bya ngombwa bigomba kwitabwaho mbere y'uko itorero rishya ritangira guterana kwa rusange?
2. Ni ibihe bipimo byerekana ko itorero ryiteguye gutangire no gukomeza guterana kwa rusange?
3. Sesengura intambwe itsinda cyangwa amatsinda menshi atera kugira ngo abe itorero.
4. Niba itorero rishya ryaratangiye rikoresha amatsinda yo mu ngo, sobanura uruhare rw'ayo matsinda mu buzima bw'iryo torero rishya.

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 13
# Ibiranga Itorero Rikura

## Kubona Abantu Bashya, Kubagumana no Kubashyira mu Murimo

**I. Itorero Rikura ni Iki**? Igis: rishobora gukura mu mibare, mu mwuka, no mu mibanire (umunyu)

**II. Gukura kw'Itorero Kubaho Gute?**

Amatorero Akura **Akurura Abantu Bashya**
Amatorero Akura **Agumana Abantu Bashya**
Amatorero Akura **Atoza Abantu Bashya mu Buzima no mu Mirimo**

**III. Ibintu 12 Biranga Amatorero Akura**

Ubaze abahugurwa niba bemeranya n'uru rutonde rw'ibiranga amatorero akura:

A. Asanga Abazimiye
B. Akoresha amatsinda mato
C. Agira uruhare mu bikorwa rusange hamwe n'abatizera
D. Akomeza Urunana rw'Isano n'Ubucuti
**E.** Arahinduka kugira ngo agere kubazimiye **(1 Abakor 9:19-23)**
F. Yita ku bafite ibibazo/ubukene
G. Yakira vuba Abantu Bashya
H. Ahorana Ubuzima Bwubakana nk'Umubiri
I. Yigisha Abayoboke babo mu mikurire
J. Yigisha Abayoboke bayo gukorerana nk'umubiri
K. Yigisha Abayoboke bayo gushaka abazimiye
L. Yigisha Abayoboke bayo gukora mu matorero mashya (kugwiza)

**Ubuzima Bwubakana nk'Umubiri ni iki?** Igis: Inyigisho za Bibiliya no kubwiriza bisobanutse, ubusabane burimo urukundo, gusangira Ameza y'Umwami, gusenga guhindura ubuzima, no gusangira.

**IV. Gusuzuma no Gukurikirana Imikurire y'Itorero –** kugira igitabo cyandikwamo imibare y'abagize amatsinda, ababatijwe, abaterana, n'ibindi

**Ibibazo byo gutekereza gusubiramo no gushyira mu bikorwa**

- Ese itorero ryawe rirakura? Mu buhe buryo? Mu mibare? Mu mwuka? Mu mibanire? Bimwe muri ibyo ? Muri ibyo byose ?
- Ese nuzuza inshingano yanjye yo gutoza abizera banjye gukora umurimo, cyangwa ngerageza kuwukora njyenyine ? Mbatoza nte ? Bigenda neza se ?
- Ni iki cyatuma utizera ashaka kuza mw'itorero ryanjye ? Ni iki cyatuma umwizera mushya ashaka kuhaguma ? Ese natuma Itorero ryanjye rirushaho kubakira neza ?
- Ese naba naratangiye itorero rishya ? Itsinda Rishya? Niba bitaraba, ntegereje iki?

**Iteganyabikorwa**

A. Jya gusura irindi torero wigize nk'umwizera mushya. Ese uzasubira muri iryo torero? Kuki uzasubirayo cg utazasubirayo? Warigereranya ute n'Itorero ryawe? Ni iki wigiyeyo kizagufasha mw'itorero ryawe?
B. Tekereza amatorero ari mu karere kawe. Ni ayahe muri yo akura, n'adakura. Gereranya ibiyaranga n'ibyo twabonye muri iri somo. Ni ibihe biyaranga biboneka nk'impamvu yo gukura cyangwa kudakura ? Ese wavuga ibindi biyaranga byadufasha ?

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 14
# Ubuyobozi n'Inzego z'Itorero : Ni nde Ubishinzwe

**I. Itorero Ni Iki ?**

**II. Ubwoko bw'Ubuyobozi bw'Itorero**

**A. Ubuyobozi bw'Inzego Zisumbana**

1. Ubwepiskopi – Ubwepiskopi ni ubuyobozi bw'inzego zisumbana zigenga amatorero y'ahantu. Ubugenzuzi bukorwa n'Abasenyeri b'itorero. Ububasha bumanuka buva ku basenyeri bugana ku bakuru b'itorero, ku badiyakoni, hanyuma ku bayoboke b'itorero. **(Ibyak. 14 :23, Tito 1 :5)**
2. Ubupresibiteriyeni – Ni ubwoko bw'ubuyobozi nabwo bufite inzego zisumbana. Ububasha buri hagati y'abantu batowe bahagarariye abandi, bareberera inyungu zabo. Itorero ryitorera Abakuru b'Itorero. Abo bakuru, hamwe n'umwigisha mukuru (Pastori) ni bo bagize inama. Umwigisha mukuru hamwe n'uhagarariye abakuru b'itorero buri hantu nibo bagize inama y'akarere igenzura amatorero yose ari muri ko. Abahagarariye amanama y'uturere nibo bagize Sinode. Abahagarariye za Sinode nibo bagize Inteko Rusange ari rwo rwego rukuri rw'ubutegetsi. (Ibyak 15)

**B. Ubuyobozi bw'Abantu Benshi**

Mu buyobozi bw'Abantu benshi, ubugenzuzi n'ubutware bifitwe n'abayoboke b'itorero. Ububasha buva kuri Kristo ubwe aho kuva kuri rundi rwego rw'abantu cyangwa ku muntu. Abagize itorero nibo bifatira ibyemezo byabo kandi bakitoramo abayobozi babo. Muri iyi mikorere bashobora kwemerera abayobozi babo gufata ibyemezo runaka, ariko bakabikora mw'izina ry'abagize itorero, kuko bagomba kwemeza ibyemezo bikomeye byose. (Ibyak 6 :5)

**III. Inzego z'Itorero**

**1 Tim 3 ; Tito 1 ; Ibyak 20 :17,20 na 1Pet. 5:1,2)**

**A. Ibyo Umukuru Agomba Kuzuza muri 1 Tim 3:1-7**

- Kuba ntacyo aregwa
- Afite umugore umwe
- Yitonda
- Yirinda
- Yiyubaha
- Ashobora kwigisha
- Atari umusinzi
- Atarwana, atuje
- Atagira amahane
- Adakunda amafaranga

- Ayobora urugo rwe neza
- Areba ko abana be bamwubaha
- Adakijijwe vuba
- Avugwa neza n'abo hanze

**B. Ibyo Umukuru w'Itorero Agomba Kuzuza muri Tito 1:5-7**

- Kuba inyangamugayo
- Umugabo w'umugore umwe
- Abana bubaha kandi batari ibirara
- Utemera ibije byose
- Utihutira kurakara
- Udakunda gusinda
- Utari umunyarukoni
- Udashaka indamu mbi

Mu matsinda mato, mukore umwitozo ukurikira: (iminota 15)

Mu rutonde rw'ibyo umukuru asabwa kuzuza, andika buri murongo ushyigikira buri kintu nkuko biri muri 1 Tim 3:1-7 na Tito 1:5-9. Muganire ku kamaro kabyo.

**C. Ibyo Abadiakoni bagomba kuzuza muri 1 Tim 3:8-13**

- Bubahwa
- Bavuga ukuri
- Batari abasinzi
- Badakunda amafaranga
- Bafite umutimana wagutse
- Bageragejwe
- Bafite umugore umwe
- Bayobora abana babo n'ingo zabo neza

Mukore umwitozo ukurkira mu matsinda mato: (iminota 15)

Mu rutonde rw'ibyo umudiyakoni asabwa kuzuza kuri paji 48 mu Gitabo cya Kane, andika buri murongo ushyigikira buri kintu nkuko biri muri 1 Tim 3:8-13. Muganire ku kamaro kabyo.

**IV. Inshingano z'Abayobozi b'Itorero n'Ibyo Bagenerwa**

Mu matsinda mato, musome imirongo ikurikira maze muvanemo inshingano z'abanukuru/abashumba/abepiskopi.

2 Tim 4:5, 1 Tim 4:1-2, Tito 2:1

Ni izihe nyungu zo kuba umuyobozi w'itorero?
Ukurikije ubwoko bw'ubuyobozi buvugwa muri iri somo, ni ibihe bintu byiza bishobora kuzana kugwira kw'itorero? Ni ibihe bintu bibi bishobora kudindiza kugwira kw'itorero?
Uremeranya n'inama za Pawulo zo guhemba umukuru w'itorero wigisha? Itorero urimo gushinga ribivugaho iki?

**Iteganyabikorwa**

Toranya abagabo babiri mw'itorero ushinga ubonamo ubushobozi bwo kuba abakuru b'itorero. Tegura gahunda yo kubakuza no kubagerageza mu myifatire isabwa kuranga umukuru w'itorero.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 11
# Urukundo nk'Urufatiro rw'Umurimo

**I. Ubutumwa Bwiza nk'Icyitegererezo cy'Ubucuti**

Ubutumwa butandukanye bute n'idini?

**A. Ubutumwa burakiza**

Ni iyihe mirongo yo mu Byanditswe yerekana ko Ubutumwa bukiza? Urug. Abar 1:16

**B. Ubutumwa Burahindura**

Ni iyihe mirongo yo mu Byanditswe yerekana ko Ubutumwa buhindura ubugingo?

Urug. Abafilipi 3:21,   Abaheb 9:14

**C. Ubutumwa Butanga Icyitegererezo cy'Ubucuti**

Ni mu buhe buryo Ubutumwa butanga icyitegererezo cy'imibanire n'abandi? (Abef 4:23)

II. Urukundo rw'Imana, Rwitanga, Rutagira Impamvu

A. Itegeko Rikuru – Mat 22:34-40
B. Itegeko Rishya – Yoh 13:33-34, 15:12-13

Ese ubona urukundo nk'uru rutemba mu bizera b'itorero ryawe? Niba atari byo, biterwa n'iki?

Yesu yashakaga kuvuga iki ubwo yavugaga ko aduhaye itegeko rishya – Yoh 13:34?

Yohana 15:12-13 hatubwira iki kuri urwo rukundo rudasanzwe?

**III. Urukundo rw'Imana Rukoreshwa mu Bucuti**

**IV. Urukundo nk'ishingiro ry'umurimo**

Musome imirongo ikurikira maze muvuge ubucuti buri murongo uganishaho: **1 Tim 3:5, 1 Abates 5:12-13. Ibyak 20:28, Abag 6:10, Mat 22:36-40**

Ibibazo byo gutekereza, gusubiramo no gushyira mu bikorwa

- Wasobanura ute ijambo "mugenzi" nkuko rikoreshwa mw'itegeko rikuru (ukunde mugenzi wawe nkuko wikunda). Byazana izihe nyungu itorero ryose riramutse ryumviye iri tegeko?
- Yesu yasobanuraga iki avuga ngo mukundane "nkuko nabakunze"?
- Ese bikwiriye abayobozi cyane kumvira iri tegeko kuruta abandi bizera mw'itorero? Kuki ari byo cyangwa atari byo?
- Wowe ukunda abantu ute?
- Tekereza itandukaniro urukundo ruzana mu bantu bakurikira: umuryango/abavandimwe, abizera n'abatizera, abanyetorero/abayobozi.
- Ni buryo ki gukura mu kwizera kwacu bishobora guhindura uburyo dukunda abandi?

**Iteganyabikorwa**

- Saba Imana ikwereke abizera bamwe ukwiriye kwereka urukundo rumeze nk'urwo Yesu adutegeka. Andika amazina yabo n'icyo uzabakorera. Usige umwanya wo kwandikamo icyo bizabyara nikibaho.
- Saba Imana ikwereke "bagenzi bawe" bamwe ukwiriye kwereka urukundo. Andika amazina yabo n'icyo uzakora ngo ubereke urukundo. Usige umwanya wo kwandikamo icyo bizabyara nikibaho.
- Tekereza umuntu mubana wa hafi (uwo mwashakanye, umubyeyi, umwana). Uwo muntu umukunda ute? Ni gute kutizera Ubutumwa kwawe kwadindije uburyo ubakunda? Ni ibihe byaha ukeneye kwatura imbere yabo? Tekereza uburyo bufatika ugiye kubakunda bitewe no kwizera Ubutumwa kwawe kwahembutse.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 12
# Gusobanukira Umutima wa Data

**I. Imigani Itatu y'Ibyazimiye – Luka 15**

**A. Uku Byari Bimeze Muri Luka 15**

Hano turabona Yesu azengurutswe n'abakoresha b'ikoro 'n'abanyabyaha' bafite amatsiko yo kumva uko yigisha (Luka 15 :1) Ibaze uko byari bimeze kuri Yesu yicaye avuga inkuru hagati y'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha. Ese ibyo byari kubera he – hanze ? mu mbuga y'urugo ? Hejuru y'inzu ? Ni bantu ki bari aho mu bateranye na Yesu ? Ni ki bari bafite ku meza ? Ese haba hari ibyo kurya ? Ese barasekaga ? Ese abantu bageragezaga kubwira Yesu inkuru zabo nabo ?

Numara kubona igishushanyo mu bwenge bwawe cya Yesu ari hamwe n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha, noneho utekereze Abafarisayo n'Abigisha b'amategeko (Luka 15 :2) Bo bari bicaye cyangwa bahagaze he ? Icyo tuzi ni uko batari mu cyumba kimwe n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha. Abafarisayo ntabwo bivangaga n'abanyabyaha. Ahari bari bahagaze hanze mu mwijima cyangwa hirya gato y'iteraniro – bitaruye gato kugira hatagira n'umwe muri abo banyabyaha bakoraho. Ese Abafarisayo bajujuraga ibiki ?
Tekereza gato uko byari bimeze maze urebe umwuka wari hagati ya Yesu, iteraniro rimukikije n'Abafarisayo. Ibyo bikiri mu mutwe, usome imigani Yesu yaciye mu bice bisigaye by'iki gice.

B. Imigani
Uratekereza ko umubyeyi, umugore n'umwungeri bari bameze bate bamaze kubona ibyo bari batakaje ? Muratekereza ko habaye kunezerwa kumeze gute ? Wowe wakora ibirori bimeze bite uramutse ubonye ikintu cy'agaciro kanini wari warabuze ?
Hari itandukaniro hagati y'imigani ibiri ibanza (intama yazimiye n'igiceri cyatakaye) n'uwa nyuma (umwana w'ikirara). Mu mugani w'umwana w'ikirara, bitandukanye n'indi migani ibanza, nta muntu wagiye kumushaka. Kuki bimeze bityo ? Bamwe bavuga ko ibyo byereka ko buri wese agomba gufata icyemezo cye cyo kugaruka mu rugo. Ibyo bishobora kubamo ukuri, ariko si byo Yesu yashatse kwerekana hano. Hari indi mpamvu ikomeye tuza kubona nitwitegereza neza aya magambo.

**II. Umugani w'Umwana w'Ikirara**

A. **Umubyeyi**
B. **Umwana Muto**
C. **Umwana Mukuru**
D. **Isesengura**

Emerera abahugurwa umwanya wo kwandika ibisubizo byabo bwite kuri ibi bibazo biri hepfo

**III. Gushyira mu bikorwa – Ese Dukunda Nkuko Data Akunda ?**

Akaga gakomeye cyane ku bizera nuko, n'ubwo twese twahoze turi ibirara nyuma tukagaruka mu rugo, hari ubwo dushaka kwifata nka wa mwana mukuru. Yesu ashaka ko twihana nk'uko umwana muto yabikoze, kandi tugakunda nk'uko Se yakunze.Ibibazo bikurikira biragufasha gusuzuma uko uhagaze (niba warahindutse nk'umwana mukuru cyangwa atari byo). Ese nifata nte imbere y'abazimiye ? Ese ndabasuzugura ? Mbacira urubanza ? Mbagirira impuhwe nkababarira ? Tekereza igihe waba warabanye n'abantu « batifuzwa ». Wabyifashemo ute ? Ese ngira umutwaro wo gushaka abazimiye, cyangwa ntegereza ko bansanga mu rugo ? Gereranya n'amagambo ya Yesu muri Luka 19 :10. Ese biranyorohera « gusangira » n'abanyabyaha ? Ese nita cyane ku byo abantu bashobora kumvugaho kuruta uko nita ku banyabyaha bazimiye ?
Ese 'nirukankka nsanga abanyabyaha' no kubereka impuhwe, cyangwa ndabatererana n'ibyaha byabo ? (Urugero : Nifata nte iyo umusinzi cyangwa umusambanyi aje mw'iteraniro ryacu ?)
Ese urukundo nkunda Data rugaragazwa n'uko nkunda abo akunda ? Iyo abanyabyaha bihannye, ndanezerwa nkababakira nka bene data na bashiki banjye ?
Aho sinaba niririwa nijujuta ko nkora cyane ntihagire ubinshimira aho kunezererwa ko abanyabyaha bihana ngo nishimane n'Umwami ?

**Iteganyabikorwa**

Soma Luka 15. Maze wongere usome kandi wandike ibisubizo ku bibazo byo gushyira mu bikorwa. Mara umwanya usaba Imana kugira ngo iguhe umutima w'impuhwe ku bantu nk'uwo ifite. Niba hari ibyo ukeneye kwatura imbere yayo, ubikore. Niba hari ibyo ukeneye kwaturira abandi cyangwa hari izindi ntambwe ukeneye gutera kugira ngo ubane n'abantu nkuko Imana ibana nawe, byandike kandi

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 13
# Ubuntu Ni Ubw'Abicisha Bugufi

**I. Guca Bugufi – Guca Bugufi ni iki? (Abar 12:3, Abaf 2:3-8)**

Mu gihe dusoma ibi, buri wese ashobora kwisuzuma akurikije ibibazo by' "Isuzuma ryo Kwicisha Bugufi" ukoresheje ibisubizo: Burundu, rimwe na rimwe, nta na busa

1. Wakira ute abakunenga?
2. Ese abantu bumva bakwisanzuyeho? Urasabana?
3. Ukunda kuba mu bajya impaka zo kurwanira ubutegetsi?
4. Hari ubwo ujya wisanga wafashe abantu bose nk'abanyamakosa uretse wowe?
5. Waba ugira umujinya utagaragara mu buzima bwawe?
6. Ese ushobora kwishimira ibyo abandi bagezeho?
7. Ese abandi bagutekereza ko uri umuntu utabemera?
8. Ese ujya wisanga kenshi wirwanaho uhanganye n'abandi?
9. Ukunda gutega amatwi, ushobora kwita ku bisubizo by'abandi kuruta ibyawe nk'aho ari byo bikwiriye gukorwa?
10. Ese ukunda gufata umwanya wo hasi ku bushake? (Luka 14:7-11)
11. Ugira imbabazi no kugwa neza, cyangwa imiterere yawe irahanda?
12. Ese gusenga ni byo bya mbere umutima wawe wibandaho?

**II. Ingero zo Guca Bugufi**

A. Yesu

Guca bugufi kwa Yesu kwari gushingiye ku kumvira Se byuzuye. **Yoh 5:19-20** na **Yoh 14:10** havuga ko ibyo akora ari ibya Se. None ubuzima bwacu tububaho dute? Ni gute dushobora kubaho nka we?

B. Pawulo

Mu bitekerezo byawe n'ubuzima bwawe ni iki "kimeze nka Sawuli"? **(Abaf 3:4-11, 2Abakor 11:22-29)** Ni ibiki "bimeze nka Pawulo? **(1Abakor 15:9, 2Abakor 12:9-10)**

**III. Gusenga Kugaragaza Guca Bugufi ku Mana**

Ese kuvugana n'Imana bishoboka bite mu rusobe rw'imihati yacu ya buri munsi?

**IV. Ubugingo bwa Gikristo Burangwa no Guca Bugufi**

Niba tumara umunsi wose dukora tudahagarara ngo twumvire ubushake bw'Imana igenga byose mu rukundo ku kibazo runaka, ese tuba twerekanye guca bugufi kuri icyo kibazo? Ibyo bigaragaza iki ku buryo bwacu bwo gusenga no kubaho?

Ni gute umuntu uca bugufi ayobora neza kuruta umuntu wirata?

Soma **1 Petero 5:1-6** Muganire ku cyo twakwigira ku buyobozi bwicisha bugufi muri iyi mirongo

- Ni kuki utekereza ko Abakristo benshi, harimo n'abayobozi, bagira ikibazo cyo guca bugufi?
- Ni mu buhe buryo usanga guca bugufi bigoye?
- Kuki Imana igirira ubuntu abicisha bugufi?
- Ni irihe tandukaniro guca bugufi bishobora kuzana mu buzima bw'ushinga itorero?

**ITEGANYABIKORWA**

- Shaka umuntu w'umwizerwa mufatanya, umuntu mushobora kuganira mu kuri no mu mucyo.
- Saba uwo mugenzi wawe kugufasha gusuzuma ibiri mu isuzuma ryo guca bugufi.
- Mu ikaye yawe y'Umwuka, andika ibyo ushaka ko byahinduka mu buzima bwawe.

# GUSENGA – Gahunda y'Amahugurwa 8,9
# Impuruza yo Gusenga: Gusengera muri Bibiliya

(Teganya ko iri somo rimara amasaha abiri)

I. Ubutumwa ku Bantu Bose – **Ni izihe ncuro enye gusenga kwazanye imbaraga n'umwete mu guhamya mu Ibyakozwe n'Intumwa?**

**A. Ku bigishwa 120 mu Ibyak 1:12-14**
**B. Ku Itorero ry'I Yerusalemu mu Ibyak 4:23-31**
**C. Petero ari ku rubaraza mu Ibyak 10:9-15**
**D. Pawulo na Barinaba muri Antiyokiya mu Ibyak 13:1-3**

**Impuruza yo Gusenga: Gusengera Isi**

(Koresha ubu buryo bubayobore mu gusengera hamwe uyu munsi)

**A. Sengera Ibibazo n'Ingorane Zawe Bwite**

Tugomba kubanza gutura imitwaro yacu kugira ngo tubone uko twita ku byo Imana ishyira ku mitima yacu byerekeye ibihugu byacu, imijyi yacu, imirenge yacu, imidugudu yacu, n'abaturanyi bacu.

Mwigabanyemo amatsinda ya babiri cyangwa batatu, mubwirane muri make ibyo mukeneye, hanyuma mumare akanya musengerana.

**B. Musengere Itorero ry'Imana**

Mufate iminota mike yo gusengera hamwe nk'itsinda kuri buri kintu muri ibi:

1. Musengere ubumwe
2. Musengere Urukundo rwa Kristo
3. Musengere Kumvira

**C. Musengere Abakozi Benshi mu Bisarurwa by'Imana hano no mw'isi yose.**

**D. Musengere Abashinga Amatorero**

Musenge muvuga amazina y'abo muri hamwe n'abandi muzi bashinga amatorero mashya ahandi.

**E. Musengere Abayobozi ba Politiki, b'Abaturage, n'ab'Itorero**

Mwigabanyemo amatsinda mato musengere Leta yanyu n'abandi bayobozi mu mazina, kugira ngo Imana ibakoreshe mu kuzana umwuka mwiza wo kubwiriza Ubutumwa.

F. Musengere Igihugu Cyanyu n'Ibindi Bihugu byo kw'Isi

Musoze iyi mpuruza yo gusenga mufatanya nk'itsinda gusengera ko abantu bo mu bwoko bwanyu bakizwa, ndetse n'abo mu yandi moko yo mu gihugu cyanyu no kw'isi yose. Muvuge buri bwoko mu izina uko Imana irizana mu bitekerezo byanyu.

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 6
# Ubuyobozi bw'Ubugaragu

**I. Ubuyobozi bw'Isi**

Mu matsinda mato, muganire kuri ibi bikurikira (iminota 15)

Tekereza umuyobozi usanzwe uzi neza. Ni mu ruhe rugero uwo muyobozi akurikiza ibi bitekerezo:

- Ntushobora kwizera ko abantu bakora ibyo ushaka ko bakora.
- Niwizera abantu cyane, bazakwigirizaho nkana.
- Abayobozi bakoresha ububasha bwabo bakurikije umwanya bafite cyangwa imiterere yabo.
- Abantu bazakora ibyo ushaka ko bakora batewe umwete n'ibihembo cyangwa ibihano.
- Abayobozi bagomba kwirinda kubana n'abo bayobora cyane kugira ngo batababona nk'abanyantege nke.

**II. Ubuyobozi bw'Ubugaragu**

A. Utekereza ute ko ubugaragu n'ubuyobozi bigendana?

B. Ni ayahe mahame ya Gikristo yo gutera umwete n'ubuyobozi aboneka muri iyi mirongo ikurikira?

- Abantu baremwe mw'ishusho y'Imana bityo afite agaciro k'ibanze **(Itang 1:27-28)**
- Abantu baterwa umwete wo gukora neza ibyo babona ko bikorwa kubw'icyubahiro cy'Imana **(Abakol 3:23)**
- Umuyobozi atorwa n'Imana kandi ububasha bwe abuvana kuri Yo **(Abar 13:1)**
- Abayobozi bageze ku rugero babona abandi nk'abavandimwe, atari nk'abacakara, kandi bagakorana nabo mu mwuka wo guca bugufi n'umucyo **(Yohana 15:15)**
- Abantu ntabwo bazakora cyangwa ngo batere imbere badahawe umudendezo wo gukora ngo bashobore cyangwa bananirwe.

Mu matsinda mato, muganire ibi bikurikira: (iminota 15)

Tekereza umuyobozi usanzwe uzi neza. Mutavuze umuntu mw'izina, muganire ku buryo imyifatire ye nk'umuyobozi ihura n'aya mahame.

Ni uruhe ruhare ubuyobozi bw'itorero bukoresha aya mahame bufite ugereranije n'ubudakurikije aya mahame?

**III. Inyigisho z'Isezerano Rishya ku Buyobozi bw'Ubugaragu**

**A. Urugero n'Inyigisho za Yesu (Mat 20:25-28, Abaf 2:1-11, Yoh 15:15)**

**B. Uregero n'Intigisho za Paulo (1Abates 2:6-9, 5:14, Abar 15:1, Abag 6:1-2)**

**C. Urugero n'Inyigisho za Petero (1Pet 5:1-4)**

IV. Ibyuzuzwa n'Ibiranga Umuyobozi w'Umugaragu: **Buri muntu mu bahugurwa yihe amanota 1 kugeza 5 akurikije ko 1 bivuga ko aya magambo adahuje na we naho 5 bivuga ko aya magambo ahuje na we.**

- Umuyobozi w'umugaragu yubaka kandi agakomeza amahoro (Abef 4:3). Yirinda impaka zerekeye kwigira, kwemerwa n'imbibi.
- Abayobozi b'abagaragu ntibakangwa n'imbaraga cyangwa ibyo abandi bagezeho. Ahubwo baha agaciro izo mbaraga bakazikoresha kugira ngo bagere ku ntego itsinda ryihaye.
- Umuyobozo w'umugaragu "yubaka" abandi. Umuyobozi w'umugaragu atera abandi umwete kandi akabashyira hejuru mu buryo bwose. Yizihiza ibyo abandi bagezeho niyo byaba ari bitoye cyane.
- Abayobozi b'abagaragu baharanira kujya mbere, nubwo bagira kwiyoroshya no kwemera abandi.
- Abayobozi b'abagaragu bavuga neza abandi igihe cyose.
- Umuyobozi w'umugaragu yubaka urubuga rugari rw'abandi bayobozi bakorana.
- Abayobozi b'abagaragu bakoresha ububasha mu buryo bukwiriye (mu rwego, mu bufatanye, mu nararibonye, ku gite cye, mu mwuka).
- Umuyobozi w'umugaragu ntabwo akura umumaro we, agaciro ke cyangwa kumenyekana kwe mu mwanya afite.
- Umuyobozi w'umugaragu ntabwo afata ibyemezo akurikije intambwe ze, gutera imbere kwe, kumererwa neza, kongera ububasha, cyangwa umwanya we mu cyimbo cy'abo akorera.
- Umuyobozi w'umugaragu yitangira kujya mbere kw'abayoboke be, imirimo yabo, no kwiyungura kwabo, kandi ubwo nibwo buryo bwo kubereka urukundo.

- Umuyobozi w'umugaragu ategura abandi bayobozi b'abagaragu, kugira ngo abonere ubuyobozi amatorero mashya, kandi abyara andi.

Uhereye kuri uyu mwitozo, waba wabonye ibice bimwe by'ubuyobozi bw'ubugaragu waba ukeneye kuvugurura?
Ni ibihe bice biri ku rutonde utekereza ko bikunda kunanira abayobozi b'amadk
Muri rusange, ni iki umuyobozi w'itorero yakora ngo arusheho "gusa na Kristo" ,u buyobozi?

Ibibazo byo gutekereza, gusubiramo no gushyira mu bukorwa.

- Kuki bigoye umuyobozi w'itorera kuba umugaragu?
- Ni iyihe mitwaro imwe ushinga itorero agomba kwitegura kwikorera.
- Sobanura uburyo ushinga amatorero akaba n'umugaragu aba amaze?
- Ni ibiki ushaka ko bihinduka mu buzima bwawe no mu murimo wawe kugira ngo urusheho kuba umuyobozi w'umugaragu?

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 7
# Ibyitabwaho mu Buyobozi

Kuki abayobozi bamwe bananirwa abandi gashobora? Ese birashoboka kubona umuyobozi karemano washobora ibintu byose mu mico yose? Twashobora gukoresha imvugo nk'iyi ikaze ngo "Umuyobozi agomba buri gihe. . . .?" Kuki abayobozi bamwe bakora neza muri bimwe bakananirwa mu bindi?

**I. Ibiranga Umuyobozi**

A. Umuyobozi ubwe – **Ese imyifatire ni ngombwa cyane mu buyobozi? Kuki?**
B. Umuyobozi akorana ate n'itsinda? Akoresheje "kubabwira", "kubemeza", "kubagisha inama", gufatanya n'abandi", cyangwa "gutanga imirimo" Ni iki muri ibi byose tuvuze kikorohera mu gukorana n'abo uyobora? Kuki? Ni izihe mpinduka zizanwa n'ubu buryo mu buzima bw'abo uyobora?
C. Kuba Umuyobozi yumva inshingano ye – **Ubwirwa n'iki ibyo ugomba kumenya ku nshingano abagize itsinda ryawe bakora?** Igis: Tuzi byinshi mu ibanga ariko ntabwo dukora byose.

**II. Ibiranga itsinda**

A. Ubuhanga n'ubushobozi bw'abagize itsinda – ubuzima n'imyifatire y'umwuka, ivugabutumwa, guhindura abantu abigiswa, no kubaka ubucuti byose ni ngombwa cyane ku muntu ushinga amatorero. Ese hari kimwe cya ngombwa kuruta ibindi? Ese itsinda mukorana rifite inararibonye, rikeneye amahugurwa, ryiteguye kohereza abandi mu murimo, bazi impano zabo?
B. Ubwitange bw'abagize itsinda ku nshingano – Ese akazi n'umuryango biragongana? Ese abagize itsinda ryawe bafite ubwitange?
C. Ubucuti hagati y'abagize itsinda – Amakimbirane n'abandi muyakemura mute? Amakimbirane yo mw'itsinda muyakemura mute?

**III. Imterere y'Inshingano**

Ese abagize itsinda ryanyu basobanukiwe neza inshingano yo gushinga itorero uko iteye?
Ese waba wibanda cyane ku kuzuza inshingano kuruta kubaka ubucuti mu bagize itsinda?

Ibibazo byo gutekereza, kwiyibutsa no gushyira mu bikorwa.

- Ni ibihe bintu bitatu bigira uruhare mu mukorere y'ubuyobozi?
- Ni ubuhe bwoko bw'ubuyobozi bukunze gukoreshwa mu gihugu cyawe?
- Ni ubuhe bwoko bw'ubuyobozi bukunze gukoreshwa mu matorero yanyu?
- Ni ubuhe bwoko bw'ubuyobozi bwakoreshejwe n'abantu bagize icyo bahindura mu buzima bwawe?

**ITEGENYABIKORWA**

Andika raporo y'ibintu bitandukanye biranga ubuyobozi bwawe usubiza ibi bibazo bikurikira:
1) Isobanure wowe nk'umuyobozi

- Ni ubuhe bwoko bw'ubuyobozi ukunda gukoresha?
- Ni izihe ntege nke ujya wibonaho ubwawe? Ni iki wakora ngo uzibe icyuho cy'izo ntege nke?

2) Sobanura itsinda ryawe
- Sesengura ubuhanga bwabo n'ubushobozi bwabo.
- Ni ikihe kigero cyabo cy'ubwitange ku nshingano?
- Ese haba hari amakimbirane hagati y'abantu akeneye gukemurwa?

3) Subanura inshingano yawe
- Ese urimo gushinga itorero mu bantu bapinga cyangwa batakira ubutumwa bwiza?
- Ese wowe cyangwa abgize ikipe yawe muri "abo hanze" cyangwa "abanyamahanga" kuri abo bantu?
- Haba hari ibibazo by'ubukungu bituma gushinga itorero bigorana?
- Mufite amkuru ahagije yerekeye aho mukorera? Wowe n'ikipe yawe muzi neza inshingano yanyu?
- Ese mufite gahunda n'ingamba bisobanutse bishingiye ku bushakashatsi mwakoze?
- Haba hari ibifite imbaraga byo mu mwuka dukwiriye guhangana nabyo?
- Haba hari ibibazo bya politiki bituma ibintu bigenda nabi?
- Ese ufite ibikenewe byose byo kurangiza inshingano?
- Imana yaguteguye ite wowe n'itsinda ryawe kubw'uwo murimo?

4) Umwanzuro
- Ni iki ushaka kwibandaho cyane, nk'ibyavuye mu masomo wize?
- Ni ubuhe bwoko bw'ubuyobozi bwakora neza mu bikorwa byawe, kandi kuki?

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 8
# Ubwoko bw'Imikoranire

**I. Ubwoko Bune bw'Imikoranire**

**A. Ukora –** "Aritanga agahangana n'ibibazo kugira ngo habe impinduka mu migendekere myiza y'umurimo". Abakora baba ari abantu bashoboye, bemera ingorane kandi bagakemura ibibazo mu buryo bwihuta kandi bukwiriye. Ni abantu b'ibikorwa kandi bashobora kwizerwa ko bazakora ibintu neza. Abakora ntibagira ubwoba bwo kwishora; rimwe na rimwe bakora imirimo myinshi ndetse ugasanga binuba iyo ibintu bitagenda vuba. Urugero: Pawulo (Abafilipi 4:13)

**B. Abakangurambaga –** Ni abakangurira abandi bakanabemeza gukorera hamwe ngo bagere ku bikomeye". Abakangurambaga ni abantu bahora bashyira imbere gushobora kandi bazi kubana n'abandi. Ni abantu bashobora gusobanura ibintu n'ibishoboka ku buryo buri wese abyumva kandi akabyitangira. Kubera ko usanga bashobora gutwarwa n'ibintu byinshi icya rimwe, birabagora kuguma mu nshingano imwe. Urugero: Petero (Mat 14:28, 16:16)

**C. Inkingi y'Ikipe**

"Afatanya n'abandi kugira ngo basohoze intumbero na gahunda" Inkingi z'ikipe ni abantu bashyigikira, abantu bizerwa kandi bakunda kwita ku bubazo by'abandi. Bashobora kugirirwa icyizere ko bazakora ibyo bahawe n'umuyobozi gukora kandi ntabwo bagira uwo bahutaza mu bitangiye gukorana. Inkingi z'ikipe bashobora kudakora neza bonyine kuko akenshi badakunda kwibwiriza. Urugero: Barunaba **(Ibyak 15:37-39)**

**D. Abatekereza**

"Bashishikarira gusohoza intumbero na gahunda mu budakemwa kuri buri kantu kose." Abatekereza ni abantu bagisha umutima inama, bagira umurongo, kandi bakunda utuntu duto. Bashobora kugirirwa icyizere ko bazakurikirana imishinga abandi bumva ko ikomeye cyane. Abatekereza bakunda kugorwa no kwemera impinduka zitunguranye, ndetse bakaba batsimbarara iyo bahuye n'ibidasobanutse. Urugero: Luka **(Luka 1:1-4)**

**Muri ubu bwoko bune bwose, ni ubuhe usa nabwo bwa mbere ___, bwa kabiri ___, bwa gatatu ___, buhoro ___**

II. Ukora:

| | |
|---|---|
| Yifuza Ibihe Bimwemerera:<br>Umudendezo, Ububasha, ibitandukanye, inshingano zikomeye, amahirwe yo gutera imbere, gutera umwete buri muntu.<br>Abo muhwanye bashobora kukubona nka:<br>Udakurwa ku cyemezo, uwigenga, ukwiriye, ukunda ibifatika, uwiyemeza. | Yakira neza cyane Abantu:<br>Batanga ibisubizo birashe, bita ko cyo bakora, batsindagira ibifite ishingiro, basunika abandi<br>Abo mutandukanye bashobora kukubona nka:<br>Uhutaza, Usunika, utwaza igitugu, utagondeka, ukase |

**INTAMBWE ZIMWE Z'IBIKORWA**

- Iga gutega amatwi, wihangane
- Irinde kugenzura byose
- Itoze kurushaho kwita ku bantu
- Emera guhinduka no gushyigikira abandi
- Sobanura impamvu ibintu bimeze uko biri

III. Umukangurambaga

| | |
|---|---|
| Yifuza Ibihe Bimwemerera:<br>Kugaragara, isano y'ubucuti, umudendezo wo kutita ku tuntu duto, amahirwe yo gukangura no gufasha abandi, ubwisanzure mu gutanga ibitekerezo | Yakira neza cyane Abandi bantu:<br>Basabana kandi bumva abandi, bemerana kandi bakirana, bashaka ko rubanda bagira uruhare. |
| Abameze nka we bashobora kukubona nka<br>Ubashyigikira, Ukorana ibakwe, uvuga mu bukorwa, usanga abandi, uwo kwiyegerezwa. | Abatandukanye nawe bashobora kukubona nka:<br>Ushimishwa vuba, uwishyira imbere, usubiza vuba, ukoresha abandi buhumyi, uvuga menshi |

**INTAMBWE ZIMWE Z'IBIKORWA**

- Gabanya guhuturaho – suzuma ibitekerezo byawe
- Rushaho kugengwa n'umusaruro
- Cunga ibikorwa n'amarangamutima
- Ibande ku tuntu duto/ibiriho
- Itonde, tega amatwi, wivuga cyane

IV. Inkingi y'Ikipe

| | |
|---|---|
| Yifuza Ibihe Bimwemerera:<br>Ubuzobere bwa buri muntu, isura y'itsinda, gutanga icyitegererezo. Umutekano, intego zisobanutse, n'ibyo buri wese ashinzwe | Yakira neza cyane Abandi Bantu:<br>Bakorerana nk'abavandimwe, batanga igihe cyo kwakira impinduka, batanga umudendezo wo gukora ibyo nshoboye, bafasha abandi. |
| Abameze nka we bashobora kukubona nka<br>Ubashyigikira, umunyabushake, uwo bakwishingikiriza. Uwizerwa, uryohera abandi. | Abatandukanye nawe bashobora kukubona nka:<br>Uwigana abandi, utiyizeye, ugendera ku bandi, utinda, udahambutse |

**INTAMBWE ZIMWE Z'IBIKORWA**

- Gabanya kugendera ku byo abandi batekereza
- Rushaho kurasa ku ntego
- Rushaho gushishikazwa n'inshingano ubwayo
- Witinya impaka ariko ufate icyemezo
- Iga kuvuga "oya"
- Ihatire gufata iya mbere mu gikorwa.

V. Utekereza

| | |
|---|---|
| Yifuza Ibihe Bimwemerera:<br>Kuba inzobere, kudoma neza, kugira gahunda, umutekano, kudahindagurika, kugabanya ibyatuma bananirwa | Yakira neza cyane Abandi Bantu:<br>Batanga iki ndi cyizere, bakomeza umwuka wo gushyigikirana, basobanura imikorere n'ikigero |
| Abameze nka we bashobora kukubona nka<br>Ukurikirana, utarambirwa, ukunda umurongo, idakina, ukora nk'uruganda | Abatandukanye nawe bashobora kukubona nka:<br>Unenga, utamenyerwa, urobanura, udafata icyemezo, uzana kwizihirwa. |

**INTAMBWE ZIMWE Z'IBIKORWA**

- Ibande ku gukora ibintu bya ngombwa – aho gukora ibintu uko bigomba
- Rushaho gusubiza vuba

- Tangira kwizera ibyo wihishuriye ureke kugendera ku biboneka
- Rushaho kugira ubushake bwo kwishora
- Rushaho kwakira ibindi no kwemera guhinduka
- Ntutinye kubaka ubundi bucuti

  Ese ibi bivuzwe birakugaragaza? Ushobora kuganira ibi n'uwo mwashakanye cyangwa undi muntu ukuzi neza niba bashobora kugusuzumira muri byo. Wibuke ko iyi mikoranire idashushanya abantu burundu. Ushobora kwisanga udafite aho wisanga mu ubu bwoko bw'imiterere. Ku bantu benshi amatsinda abiri ya mbere babayemo cyane ni yo agaragaza imiterere yabo. Fata umwanya muto wo kuganira n'undi muri hamwe mu mahugurwa ibyo waba wimenyeho. Musubize ibi bibazo mu matsinda mato:
- Ni uwuhe mwuka ukunda gukoreramo kurutaho?
- Ni abahe bantu ukunda kwakira vuba kuruta abandi?
- Sobanura umwuka ukoreramo ubu. Uhuje ute cyangwa utandukanye ute n'uwo ukonda gukoreramo?
- Ese waba ugira ingorane zo kugira icyo uhindura mu bo ukeka ko batandukanye nawe mu miterere?
- Ni iki wimenyeho ubwawe utajyaga wimenyaho mbere?
- Ni izihe ntambwe ushobora gutera kugira ngo urusheho gukorana neza n'abo muri hamwe? Urifuza kurushaho kurasa ku ntego? Urifuza kurushaho gutega amatwi? Urifuza kurushaho gusanga abandi?

Kuri buri bwoko bw'imiterere y'abantu bune, vuga imbaraga n'intege nke zabwo mu gikorwa cyo gushinga itorero:
- Abakora bagenza bate mu gikorwa cyo gushinga itorero? Ni izihe mbaraga zabo n'intege nke zabo?
- Abakangurambaga bagenza bate mu gikorwa cyo gushinga itorero? Ni izihe mbaraga zabo n'intege nke zabo?
- Inkingi z'ikipe bagenza bate mu gikorwa cyo gushinga itorero? Ni izihe mbaraga zabo n'intege nke zabo?
- Abatekereza bagenza bate mu gikorwa cyo gushinga itorero? Ni izihe mbaraga zabo n'intege nke zabo?

**Iteganyabikorwa**
- Kugira ngo usobanukirwe neza ibi byiciro bine, tekereza abantu batanu mu bo musanzwe mugendana maze usuzume ibikorwa byabo n'ibyo bagiye biyemeza mu bihe bitandukanye bigaragaza iimikoranire yawe nabo.
- Reba "intambwe z'ibikorwa" zikurikira buri cyiciro cy'imiterere. Toranyamo ebyiri ugiye kwihatira kwitoza mbere y'amahugurwa ataha. Ubiganireho n'umutoza wawe, kandi umusabe azakubwira uko ugenda ubigeraho.

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 9
# Abakenewe mu Buyobozi

**I. Ni Ubuhe Bwoko bw'Abayobozi Itorero Rikeneye?**

**A. Abayobozi b'Amatsinda mato cyangwa Abayobozi b'Amatsinda yo mu ngo–Abanyabikorwa (Ibyak 2:46-47)**

**B. Abayobozi b'Amatorero y'Ahantu – Abatoza abandi (2 Tim 2:2)**

**C. Abayobozi b'Amatorero mu Karere – Abakangurambaga (1 Abates 3:2, Ibyak 14:23)**

**D. Abayobozi b'Amatorero mu Gihugu – Abatanga Intumbero (Ibyak 15:6-11)**

Izi nzego enye z'ubuyobozi zihuje zite n'izo wowe umenyereye?

**II. Itorero Rikeneye Abayobozi Bangahe?**

A. **Umutemeri –** Ubuyobozi bw'Itorero bumeze nk'umutemeri rikeneye abayobozi bake ku rwego rw'igihugu, n'abayobozi benshi ku rwego rw'amatsinda n'amatorero y'ahantu.

B. **Ihame rya Yetiro –** Kuva 18, Gukora imibare. Yetiro yatanze inama ko abantu 131 cyangwa 13.1% bagomba kuba abayobozi. Ese ufite abantu bayobora bageze kuri 15% cyangwa barenga?

Ukurikije 'Ihame rya Yetiro' ni abayobozi bangahe bakenewe mw'itorero ryawe? Ufite bangahe ubu?

**III. Abo Bayobozi Tubavana He?**

Waba ufite ikibazo cyo kubona abayobozi ukeneye? Niba ari byo, kuki? Wabikoraho iki?

Ibibazo byo gutekereza, kwiyibutsa no gushyira mu bikorwa.

- Ni abantu bangahe mw'itorero ryawe bakora ku nzego runaka z'ubuyobozi?
- Ni ubuhe bukene bikomeye ufite mu buyobozi bw'umurimo wawe muri iki gihe?
- Ni iki wakora mw'itorero ushinga kugira ngo utoze abayobozi b'amatsinda yo mu ngo n'andi matsinda?
- Abayobozi bameze bate mu karere kawe? Batorejwe haha kandi bate?

**ITEGENYABIKORWA**
Kurikirana gahunda z'amahugurwa n'ubuyobozi mu karere kawe. Ni ayahe mahugurwa ariho kuri buri rwego rw'ubuyobozi? Wakwifashisha ute ibyo bikoresho mu gushinga itorero ryawe? Ganira ibyo wavumbuye n'umutoza wawe.

# UBUYOBOZI – Gahunda y'Amahugurwa 10
# Gutoza Abayobozi Bashya

Kuki gutegura abayobozi ari iby'ingenzi?

**I. Ingero zo muri Bibiliya zo Kugwiza Abayobozi**

**A. Isano yari hagati ya Mose** na Yosuwa iratwigisha iki ku buyobozi? Kuva 17:9-14, 24:12-13, 33:7-11, Kub 14:7, 34:9)

**B. Iyi mirongo iratwigisha** iki ku **buyobozi bwa** Yesu? (Yoh 1:35-51, Mat 10, 17:14-21:

C. **Sesengura ubuyobozi** bwa Pawulo. (2 Tim 1:3, 2:2, Ibyak 14:21-24, Abag 4:15, Abaf 2:22-24)

Wowe watojwe ute nk'umuyobozi? Subanura ibikorwa byo gutoza byatumye wongera ubushobozi bwo kuyobora.

Ni ibisekuruza bingahe by'ubuyobozi bivugwa muri 2 Tim 2:2?

**Mat 4:19** ihuriye he na **2 Tim 2:2**

**II. Intego zo Gutoza**

**Mu bikirikira bigendana no gutoza, ni ibihe abayobozi bawe baba bafitemo ubukene bwinshi? Impano z'umwuka, ubushobozi, gukemura ibibazo byo mu buyobozi, inararibonye, n'imuterere y'abantu.**

**III. Urugendo rw'Intambwe Eshanu zo Gutoza Abayobozi Bashya.**

A. Intambwe ya 1: "Ndabikora"
B. Intambwe ya 2: "Ndabikora Undebe"
C. Intambwe ya 3: "Turabikora twembi"
D. Intambwe ya 4: "Urabikora nkurebe"
E. Intambwe ya 5: "Urabikora"

Ibibazo byo gutekereza, kwiyibutsa no gushyira mu bikorwa
Kuki ubuyobozi ari ngombwa cyane?
Watorejwe he nk'umuyobozi? Subanura ibikorwa byo gutoza byatumye wongera ubushobozi bwo kuyobora

**Iteganyabikorwa**
Fata ikintu gisanzwe uzi gukora neza nko gutwara imodoka, guteka ibirayi, cyangwa kubaza intebe. Igisha undi muntu kubikora ukoresheje za ntambwe eshanu twize muri iri somo. Sobanurira umutoza wawe ibyavuyemo.

**Ubuyobozi Umugereka 10A**

## Ibyiza bikwiriye kwitabwaho mu Muyobozi Mushya

**I. Intego rusange zo gutoza**

Izi ntego zikurikira ni ngembwa cyane kuri buri cyiciro cy'ubuyobozi:

- Yubaka ubusabane bwimbitse n'Imana
- Agaragaza imbuto z'Umwuka
- Akoresha impano ze mu murimo
- Agira urukundo rukura ku Mana no ku bantu

- Yerekana ubudakemwa mu mico
- Agandukira ububasha bw'itorero ry'ahantu
- Yerakana urukundo no kwita ku bantu bari hamwe mw'itsinda
- Abana neza n'andi mashami y'umubiri wa Kristo
- Akurikiza amahame ya Bibiliya mu bucuti
- Akemura neza amakimbirane hagati y'abantu
- Atega amatwi abandi kandi kabasubiza uko bikwiriye
- Ahamya neza ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana
- Afite ubuhanga yakoresha bw'Isezerano Rishya n'Isezerano rya Kera
- Yiga kandi agashyira mu bikorwa Bibiliya

## II. INTEGO ZO GUTOZA ABAYOBOZI B'AMATSINDA MATO

- Kugira umutwaro w'imitima y'abantu
- Gukora ivugabutumwa ku giti cye.
- Kubana neza n'abazimiye.
- Ashobora kuvuga Ubutumwa mu buryo bwumvikana
- Ashobora gutanga ubuhamya bwe bwumvikana
- Yahinduwe umwigishwa
- Agaragaza ishyaka ku bihannye vuba
- Yerakana urukundo ku bo ahindura abigishwa
- Ashobora kuyobora inyigisho za Bibiliya
- Asobanukiwe n'akamaro k'amatsinda nk'urufatiro rwo gukura gukwiriye.
- Ashobora kuyobora neza iteraniro ry'itsinda

## III. INTEGO ZO GUTOZA ABAYOBOZI B'AHANTU

Abayobozi b'ahantu na bo bakwiriye kurangwa n'ibi bikurikira:

- Ni umwigishwa w'intangarugero ukwiriye kwiganwa.
- Asobanukiwe ko Itorero ari igikoresho cy'Imana cyo kuvuga ubutumwa mw'isi.
- Azi ishingiro rya Bibiliya ryo gushinga amatorero no gutumwa.
- Ashobora gukoresha uburyo butandukanye bwo kuvuga ubutumwa.
- Ashobora gukora ubushakashatsi bw'ibanze ategura gushingwa no gukura kw'itorero.
- Ashobora kuyobora iteraniro rya rusange.
- Yigisha Bibiliya neza mw'itsinda cyangwa ku muntu umwe.
- Atoranya kandi agatoza abashobora kuba abayobozi b'amatsinda.
- Ashobora guteraniriza abizera mw'itsinda ryiyobora, ryigaburira kandi rigengwa n'ubutumwa.
- Asobanukiwe uko yashyira ibikorwa bya Bibiliya mu buryo buhuje n'umuco.
- Yubaka kandi agakorana neza n'ikipe.
- Azi uburyo bwo guha abandi imirimo.
- Yiha imigambi, agategura gahunda kandi agashyiraho intego zo kubigeraho.
- Ateza imbere impano n'ubushobozi by'abandi.
- Agengwa n'ibikorwa.

## IV. INTEGO YO GUTEGURA ABAYOBOZI MU KARERE NO MU GIHUGU

Abayobozi ku rwego rw'akarere n'igihugu bagomba kugira ikigera cy'imyifatire gusumbyeho cyane:

- Ashobora kubwiriza no kwigisha
- Ashobora gutanga inama n'inzira by'umwuka mu bibazo bitandukanye.
- Afite ubumenyi buhagije muri Bibiliya na Teolojiya

- Ashobora gutoza abakozi b'itorero mw'ivugabutumwa, ubwigishwa, kuyobora amatsinda, gucunga umutungo, kuramya Imana cyangwa mu bindi bikenewe by'umurimo.
- Yubaka kandi agakoresha amatsinda kugira ngo avuge ubutumwa mu baturanyi no gukangura umubiri wa Kristo....
- Agaragaza akamenyero ko gushaka gukura.
- Yerakana ko yitaye ku gushaka, no kugumana abantu bashya.
- Ashobora kuyobora umubatizo n'Ameza y'Umwami
- Asobanura intumbero ishobora kuyobora abandi
- Ashobora kuyobora abandi mu kuvumbura impano zabo no kuzikoresha mu murimo.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 10

## Ibiganiro ku Bibazo n'Ingorane z'Amatsinda Mato

Iri somo ryateguriwe gutanga igihe cy'ibiganiro bisangiwe hagati y'abahugurwa. Uruhare rwawe ni ukuba umuyobozi cyangwa umuhuza hagati yabo. Uzagomba kubaza abahugurwa ibibazo byabo n'ingorane zabo. Ntutange ibisubizo cyangwa ibitekerezo ubwawe – ureke ibisubizo bive muri bo, niba bishoboka. Niba habayeho igihe kidasanzwe aho nta numwe mu bahugurwa ufite ikibazo cyangwa ingorane, hari ibibazo bimwe bya rusange n'ingorane biteganijwe mu isomo.
Ushimangire ko abahugurwa bagomba gutekereza ibisubizo n'ibitekerezo bigibwaho impaka kandi bakerekana uko byashyirwa mu bikorwa mu matsinda yabo. Ubatere umwete wo kwandika inzira zihariye, zifatika bazacamo bagerageza gukemura ibibazo bimwe bivuka mu matsinda yabo bwite.

**I. Ibikunda Kubaho Mu Mirimo y'Amatsinda**
Urugero: Max amaze amezi arenga ane ayobora itsinda. Nubwo harimo abantu batandatu baterana buri gihe, usanga badakura neza mu kwizera kwabo, kandi nta n'ubushake berekana bwo kubwira abandi babakikije ubutumwa. Ubona bishimiye guterana bakavuga ku bibazo byabo, bakiga Bibiliya gake. Max atangiye kuvangirwa, kandi ntazi icyo yahindura ngo afashe abantu bo mw'itsinda rye kurushaho gukura mu mwuka. Hari igihe yumva yabireka byose burundu.

**II. Ibibazo n'Ingorane**
Ni ibihe bibazo n'ingorane urimo guhura nazo mw'itsinda ryawe?

Uru rutonde rushobora gukoreshwa mu gihe abahugurwa batavuze ibibazo cyangwa ingorane zabo:

Hari uwo muri mwe wahuye n'ingorane nk'izi?
Itsinda ntabwo rikura mu mwuka.
Umuyobozi ntashobora kubona uwo atoreza ubuyobozi.
Itsinda nta bushake rifite bwo kugwira.
Itsinda ntirishobora kubona ahantu keza ho guteranira.
Itsinda ntabwo rikura mu bwinshi.
Hari amakimbirane yavutse hagati y'abantu babiri cyangwa benshi, kandi umuyobozi ntashobora kuyakemura.

**III. Ibisubizo/Umuti**
Akenshi habaho impamvu zitagaragara z'ibibazo. Buri muyobozi w'itsinda agomba gutega amatwi yitonze ibitekerezo byose n'ibisubizo bitengwa mu gihe cy'ibiganiro by'iri somo. Niba bishoboka, akwiriye gutekereza uko yashyira mu bikorwa amahame y'ibisubizo baytanzwe mw'itsinda rye niba ahura n'ibibazo bias na byo.

**Ibibazo byo gutekereza, kwiyibutsa no gushyira mu bikorwa**
Ni ikihe kibazo cyangwa ingorane ikomeye cyane mw'itsinda ryawe? Ese hari igisubizo cyangwa igitekerezo waba ukuyo muri iki gihe cy'iso ushobora kwitabaza mu gukemura icyo kibazo?

Waba uzi undi muyobozi w'itsinda utari muri ayamahugurwa ariko ushobora kungukira muri ibi biganiro?
Wakora iki kugira ngo usangire nabo ibyo wigiye hano?
Ni nde wavugana nawe ku bibazo bikomeza cyangwa izindi ngorane zavuka mw'itsinda ryawe?

Iteganyabikorwa
Andika ibibazo bitatu biruta ibindi uhura nabyo ubu mw'itsinda ryawe.
Uhereye ku biganiro by'uyu munsi, andika nibura ibisubizo bibiri kuri buri ngorane muri izo.
Senga kugira ngo uhabwe ubwenge bwo gushyira mu bikorwa ibyo bisubizo wanditse. Tegura uko wabishyira mu bikorwa mu gihe cya vuba gishoboka.

# AMATSINDA MATO – Gahunda y'Amahugurwa 11
# Kugwira kw'Amatsinda Mato

**I. Umugambi wo Kugwiza** – Ese kugwiza bisonaura iki kw'itsinda ?
**II. Inzira yo Kugwiza "Bisanzwe"**
**A. Kugwira mu buryo bw'Umubiri**

| |
|---|
| Toranya abantu babiri mu bahugurwa baze imbere y'abandi mw'ishuri. Saba uwa mbere atoranye umuntu umwe mu bicaye mw'ishuri aze ahagarare iruhande rwe (buri muntu mu bahugurwa ahagarariye itsinda). Saba uwa kabiri na we atoranye undi umwe aze ahagarare iruhande rwe. Ku ncuro ya kabiri usabe uwa mbere kujya kuzana undi muntu ahagarare iruhande rwe, naho uwa kabiri ajyane n'uwo bahagararanye buri wese azane undi umwe (iryo tsinda riraba rirusha irindi abantu babiri). Komeza uwo mwitozo kugeza igihe abahugurwa bose bagiye mw'itsinda rya mbere cyangwa irya kabiri. Itsinda rya kabiri riraza kuba rinini cyane kubera ko ryakoresheje kugwiza – buri ncuro abagize iryo tsinda bose baragenda bakazana umwe umwe. Irya mbere ryo rishobora kuzana umuntu umwe gusa imbere kuri buri ncuro. Muganire ku buryo gukoresha buri tsinda ngo ritangire itsinda rishya (KUGWIZA) ari byiza cyane kuruta gutegereza ko itsinda ryatangiye ari ryo rizajya gutangira n'andi matsinda (KONGERANYA) |

**B. Ihuriro ry'Umwimerere** – Iyo itsinda ryigabanijemo kabiri, rikomeza kugirana ubucuti n'iryo bari basanzwemo. Reba uburyo abantu bigabanya mu matsinda mato kugira ngo babone urubuga rwo kungurana inama.

Urabona uburyo byari gushoboka gukora ihuriro ry'itsinda ryawe? Ese ibi ntibyari kugufasha mu gushaka amatsinda mashya? Ese ntibyari kugufasha mu gutoranya abashobora kuba abayobozi?

**III. Intambwe zo Kugwiza**
Kwitegura hakiri kare Kugwira kw'Itsinda
a. Buri gihe ujye utanga intumbero yo kwigabanyamo kabiri (shyiraho italiki)
Batere umwete wo gushaka abadakijijwe
Shyiraho uburyo bwo guhindura abantu abigishwa mu bizera ubwabo.
Toza umuyobozi ugufasha
2. Gushyira mu bikorwa Kugwira kw'Itsinda.
Muganire ku mpinduka zigiye kuza.
Mwumvikane uzayobora buri tsinda.
Mwemeranye abazajya muri buri tsinda
Mutoranye aho muzataranira
Mukomeze gutoza umuyobozi mushya na nyuma yo gutandukana
Umunsi wa nyuma wo guterana kw'itsinda ryari risanzweho muwugire ibirori.

**IV. Inzitizi zo Kugwira**

| Kuri buri kibazo mu bikurikira, saba abahugurwa gutanga umuti wabo. Hanyuma ubasomere ibitekerezo | |
|---|---|
| **Ingorane** | **Ibitekerezo** |
| Itsinda ntabwo risobanukire n'impamvu yo "Kugwira" | Umuyobozi w'itsinda ntabwo atanga intumbero yo kugwira gusa, ahubwo asobanura uburyo kugwira ari iby'ingenzi. Abagize itsinda bagomba |

| | |
|---|---|
| | gusobanukirwa inyungu bifitiye iryo tsinda n'inyungu zo kwagura Ubwami bw'Imana. |
| Itsinda risobanukiwe n'akamaro ko kugwira ariko ryshimiye kuguma hamwe, ntibashaka gutandukana. | Senga kugira ngo Umwuka Wera aguhe ubwenge bwo gusobanukirwa itsinda ryawe n'ibihe byihariye ririmo.<br>Shimangira akamaro ko kugwira kandi usobanure ko ari yo ntambwe ikurikiraho mu buzima busanzwe bw'itsinda<br>Sobanura ukuntu kugwira ari ukumvira itegeko ry'Imana ryo "kugenda no guhindura abantu abigishwa" muri Mat 28:19. Kubwo kugwiza, itsinda ryawe riba rigize uruhare rukomeye mu kuzuza Inshingano Nkuru.<br>Sengera kugabanya itsinda ukurikije imipaka isanzwe, ukoresheje ihame ry' impuzamatsinda. |
| Nta muntu utorezwa kuyobora | Icya mbere, umuyobozi w'itsinda agomba kumara igihe asenga, asaba Umwuka Wera kumuha ubwenge bwo kumenya uwo atoranya. Nyuma akamenya guhitamo afite umugambi kandi agatangira gutoza no kwigisha uwo muyobozi mushya.<br>Koresha ihuriro mw'itsinda ryawe kugira ngo ushobore gutoranya abayobozi bafite amatwara meza. Sengera abo bantu nk'abazavamo abyobozi b'amatsinda mashya.<br>Amabwiriza yo gutoranya utorezwa ubuyobozi, subira kw'isomo ry'Amatsinda Mato, Igitabo cya 3, "Gutoza Abayobozi Bashya b'Amatsinda" |
| Habayeho kutumvikana ku bagenda n'abasigara mw'itsinda | Niba itsinda ryawe rifite amahuriro atandukanye, koresha rimwe muri yo mu gutangiza irindi tsinda kandi urebe abasanzwe bafite ibindi bahuriyeho mw'itsinda.<br>Saba buri wese asenge kandi asabe Umwuka Wera amwereke aho agomba kujya.<br>Yobora ibiganiro biri mu mucyo mw'iteraniro ry'itsinda maze umenye impamvu abantu badashyize hamwe mu gufata icyemezo. |

Ibibazo byo gutekereza, kwiyibutsa no gushyira mu bikorwa

Ni buryo kugwiza amatsinda mato bifasha kwihutisha urunana rwo gushinga amatorero?

Amahuriro karemano ni iki mw'itsinda? Yafasha ate itsinda kwinjira mu cyiciro cyo kugwiza? Byagenda bite itsinda rigeze igihe cyo kugwira hanyuma abarigize bakagabanywamo ibice nta kwita ku masano abantu bari basanganywe mw'itsinda?

Ni gute amahuriro ashobora gukoreshwa mu gutoranya abashobora kuba abyobozi b'amatsinda?

Ni iyihe nzitizi ya mbere mw'itsinda iribuza kugwira? Iyo nzitizi yavanwaho ite?

Iteganyabikorwa

- Amahuriro mw'itsinda ashobora kwaduka bisanzwe. Niba amatsinda yanyu ataragira ayo masano, uzagerageze kuyakoresha mu bihe by'amateraniro y'itsinda. Hari inyungu ubona mu gukoresha amasano mw'itsinda?
- Tangira gutekereza ibikeneye gukorwa muri buri tsinda kugira ngo rigere ku ntego yo kugwira. Andika ibintu bitanu uzakora mu mezi atatu ataha kugira ngo ugeze amatsinda yawe ku rwego rwo kugwira.
- Tekereza inzitizi zishobora kubuza kugwira kwa buri tsinda. Ni iki wakora mbere y'igihe kugira ngo urenge izo nzitizi kandi wirinde ingorane zavuka igihe cyo kugwira?
- Tegura gahunda yo kugwiza mu matsinda yawe. Kandi wibuke gukorana n'abo utoza ubuyobozi kugira ngo nabo bige uko bazategura gahunda yo kugwiza mu matsinda yabo. Sengera kandi ushyire muri gahunda italiki yo kugwira kuri buri tsinda. Shaka umuntu uzagukurikirana mu gushyira mu bikorwa iyo gahunda yo kugwiza.

BURI WESE UHUGURWA AGOMBA KUZANA GAHUNDA YUZUYE YO GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA (YAKOZWE KU MUGEREKA 5A, IGITABO CYA GATATU) MU ISOMO RIKURIKIRA RYO GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA.

# GUHINDURA ABANTU ABIGISHWA – Gahunda y'Amahugurwa 6

## Ibiganiro ku Guhindura Abantu Abigiswa – Ibibazo Rusange Bijyanye no Guhindura

## Abantu Abigishwa

| |
|---|
| Kora ibipapuro binini cyangwa impapuro zuzuzwa za Gahunda yo Guhindura Abantu Abigishwa (iri mu Mugereka 5A, Igitabo cya Gatatu) kugira ngo zuzuzwe mu gihe cy'ibiganiro. Zishobora gukenerwa igihe abahugurwa baba batashoboye kuzuza neza iza mbere. Ni ngombwa ko abahugurwa banyura muri uwo mwitozo kandi bamenye ibibazo n'ibyiciro byo guhindura abantu abigishwa. Kugira ngo igihe kidatakara, abahugurwa bahita bajya mu matsinda y'abantu 5 – 8. Bahe ibibazo cyangwa ubyandike ku gipapuro/ikibaho imbere yabo. |

**I. Ibiganiro mu matsinda mato**

Mwasanze uyu mwitozo wa "Gahunda yo Guhindura Abantu Abigishwa" ifite akamaro gafatika mu mirimo yanyu? Mu buryo ki?

Ni gute watoranije ibibazo uko bikurikira mu kubikemura.?

Ibikoresho mufite byo gukurikirana (ubumenyi, amahame, ibinyagaciro) wizera ko byashyirwa mu kwezi kwa mbere kw'umwizera mushya? Kuki ari zo za ngombwa? Ni gute ___________ (fata kimwe muri byo) cyatezwa imbere mu buzima bw'umwizera cyangwa bw'itorero?

Ni gute wowe ubwawe wamenye neza akamaro ka ___________(ikibazo/ukuri/ihame/ubumenyi)?

Ni iyihe mikorere wumva ikunogeye?

Wigeze ugerageza guhuza imikorere itandukanye kugira ngo hatagira ibikora cyane n'ibyibagirana?

Ni iki urimo gukora ubu ngo ukwize umurimo wo guhindura abantu abigishwa aho uri? Urimo gutegura ute "abahindura abandi abigishwa"?

Ni iki uzakora mu cyumweru gitaha cyo guteza abigishwa intambwe mu kwizera, ibyiringiro n'urukundo?

**II. Ibiganiro byo Guhindura Abantu Abigishwa (iminota 20 ku ishuri ryose)**

Vuga ikintu cyabaye, uguhe cyangwa ugukorwa wagizemo uruhare mu minsi ya mbere y'Ubukristo bwawe cyatumye utera intambwe mu kugendana na Kristo.

Ni irihe banga ry'ukuri ushobora guha abatangira guhindura abantu abigishwa?

**ITEGANYABIKORWA**

Ukurikije ibiganiro twagize, musubiremo kandi musuzume gahunda zanyu zo guhindura abantu abigishwa mwateguye nyuma y'amasomo y'Igitabo cya gatatu, kuri buri muntu muhindura umwigishwa mu mirimo yanyu yo gushinga amatorero. Muhindure ibikwiriye guhinduka mukurikije ibishya mwize muri ibi biganiro. Mwibuke ko gahunda mwateguye atari ntakuka – zizagenda zihinduka uko ibihe bihinduka, bitewe n'uko abigishwa bawe bakura. Buri gihe wagennye ujye usuzuma kandi ushyire ku gihe gahunda zanyu mufitiye buri mwigishwa. Komeza kuzirikana ko guhindura abigishwa ari bwo buryo bwo kwibyara mu buzima bw'abandi no kugwiza abakozi bashobora kugeza ubutumwa mu midugudu, uturere, imijyi n'igihugu kubwa Kristo.

# KUBA IGISONGA – Gahunda y'Amahugurwa 1

## Gusobanukirwa Kuba Igisonga

Ni bintu ki Imana yabahaye? (Byandike ki kibaho/igipapuro)

**I. Kuba Igisonga ni Iki?**

Ijambo Ubusonga rivuga iki kuri wowe? Ni iki kiza mu mutwe wawe iyo wumvise iryo jambo?

**II. Kuki Tugomba Kuvuga Ibyo Kuba Igisonga? Ibibazo Bibiri**

**A. Ikibazo cyo Kuba Umwizerwa**

Kuba igisonga cyiza, ugomba kwizera iki?

B. Ikibazo cy'ibinyagaciro

**Ubwo Yesu yavugaga ngo "Aho ubutunzi bwawe buri niho n'umutima wawe uzaba" yavugaga iki?**

Ni ibiki uha agaciro kuruta ibindi?
Ibyo byose ushobora kubiha Imana ute?
Ni gute twakorera Imana buri munsi?
Tekereza umuntu waba ari umuturanyi wawe. Uwo muntu wamukorera ute biruseho?
Ni nde Imana yaba yarashyize mu ba witaho? Ni buryo ki ushobora gukoresha amafaranga ibyo utunze (amafaranga, igihe, kwitaho, n'ibindi) kugira ngo ukorere uwo muntu?

**III. Amahame ya Bibiliya yo Kuba Igisonga**

**A. Ni nde witwaga igisonga mw'Isezerano Rishya? (Luka 12:42, 16:1-3, 1 Abakor 4:1)**

**B. Kuba Igisonga mu Migani**

1. Igisonga Cyiza Kirizerwa (**Luka 12,42-48)**
2. Igisonga cy'Inkerebutsi Gikoresha Umwanya Gifite mu Gutegura Ejo Hazaza (**Luka 16:1-12)**
3. Ibisonga Bisuzumwa Hakurikijwe Ubushobozi Bwabyo **(Mat 25:14-30)**

**C. Kumurika**

Ni nde tumurikira ibyo twabereye ibisonga? **(Abar 14:12)** Ibyo tumurika ni ibiki? **(2 Abakor 5:10)**

**IV. Ubusonga Bwacu –** Ni iki twabikijwe?

A. Amafaranga yacu
B. Igihe Cyacu (Abef 5:15-17, 2:10)
C. Ubutunzi Bwacu
D. Imibiri Yacu (1 Abakor 6:19)
E. Imiryango Yacu
F. Imirimo Yacu (1Pet 4:10)

- Ni ibihe muri ibi tuvuze bigoye cyane kubicunga? Kuki?
- Ese uzwi nk'umuntu ukunda Imana n'abandi? (Mat 22:37-39) Ese uburyo ukoresha igihe cyawe, ubutunzi bwawe, umubiri wawe, umuryango wawe, umurimo wawe, n'ibindi.. bijyanye n'uko uzwi?
- Ni ibihe bya ngombwa Imana yaguhaye? Kora urutonde rwabyo.
- Ese umuntu w'umukene ashobora gutura Imana? Ese arabisabwa? Ibingana iki?
- Umukristo mushya akwiriye kwigishwa iki mu byerekaye kuba igisonga?
- Kuki ibinyagaciro ari ngombwa mu biganiro byerekeye kuba igisonga?
- Ni nde muntu w'intangarugero cyane ku bandi mw'itsinda ryawe?

# KUBA IGISONGA – Gahunda y'Amahugurwa 2
# Kuba Igisonga ku Mafaranga

Gerageza kwirinda impaka ndende ku kibazo cy'icya cumi. Ikigenderewe muri iri somo ni inshingano dufite yo gukoresha amafaranga yacu kubw'icyubahir cy'Imana. Icyo ari cyo wibandaho, kuko ari cya ngombwa cyane nubwo haba hari abizera ibitandukanye byerekeye icya cumi.

**I. Gushaka muri Bibiliya**

A. Gutanga icya cumi mu Mategeko **y'Isezerano Rya Kera – Abal 27:30-32, Mal 3:8-12**
B. **Amaturo y'Umutima Ukunze** kubw'Ihema ry'Imana **– Kuva 25:1-8**
C. **Dawidi Atanga Urugero** rwo Gutanga Kubwo Kubaka Urusengero **– 1 Ng.29:1-20**
D. Gutanga No Mu Bukene **– Luka 21:1-4**
E. Guhembwa **kw'Abayobozi b'Itorero mw'Isezerano Rishya – 1 Abakor 9:4-14, 1 Tim 5:18**
F. Imfashanyo Zohererejwe Abera I Yerusalemu **– 1 Abakor 16:1-2, 2 Abakor 8:1-6**

**II. Gutanga kwa buri Muntu**

Amahame akurikira ni yo ayobora umwizera mu gutanga:

- Buri mwizera agomba gutanga
- Gutanga kwacu kugomba kujyana n'ibyo twinjiza, amafaranga n'ibitari amafaranga. Ibaze Imana iguhaye ikurikije uko utanga!
- Tugomba gutanga no mu bukene.

- Tugomba gutanga kubwo kugira ubuntu kandi tubishaka – atari uko hari undi uduhata. Gutanga bigomba kuva mu mutima w'ubushake kugira ngo binezeze Imana.
- Tugomba gutanga kuruta uko dushoboye (twiringira Imana)
- Gutanga amafaranga bigomba gukurikira kwiha Imana ubwacu. Gutanga ni ukugaragaza uko twiyeguriye Imana.

Muganire kuri aya mahame mukoresheje ibibazo bikurikira (iminota 15-20)

- Haba hari abizera batagomba gutanga kubera ko ari abakene?
- Iyo ibyo abantu bari hano bunguka biba bijyana n'ibyo batanga, ubwo ibyo abantu bunguka muri aka karere byaba byifashe bite?
- Kuki umwizera agomba gutanga ku Mana?
- Uratekereza iki ku gitekerezo cy'uko tugomba gutanga ibirenze ibyo dushobora, twiringiye Imana?
- Hari inyungu twabona dutanze amafaranga tutabanje kwiha Imana ubwacu?
- Waba warigeze kubona Imana ikwereka urukundo rwayo iguhaye ibyo ukeneye mu buryo butunguranye?
- Ni iki 1 Abami 17:7-16 havuga cyerekeye gutanga nk'abizerwa?
- Ni ayahe mahame yo gutanga y'ingenzi ari muri 2 Abakor 9:6-11?

**III. Umutungo w'Itorero ry'Ahantu**

**A. Amatorero yihagije**

Ni izihe nyungu zo kuba itorero rishya ryihagije?

**B. Gucunga Umutungo w'Itorero**

1. Kwigisha Gutanga Bihoraho
2. Gutegura Uburyo Bwemewe bwo kumenya ibikenewe no gukora ingengo y'imali.
3. Gutoza no Gukoresha Umucungamutungo w'Itorero – Uburyo bwo kwegeranya no gukoresha amafaranga bugomba kubamo: abantu batandukanye, gutegura gusengewe, gukorera mu mucyo, kwakira kenshi, kwandika mu bitabo kwitondewe, no gutanga raporo buri gihe.

**IV. Gutanga n'Urunana rwo Gushinga Amatorero**

- Ese witeguye gutanga birenze ubushobozi bwawe, nk'ab'I Makedoniya? (Igisubizo cyawe bwite)
- Ni iki abakristo bashya bagomba kwigishwa cyerekeye gutanga?
- Ese ugena icya cumi ukurikije amafaranga winjiza gusa cyangwa n'undi mutungo imana iguheramo umugisha?
- Wasobanurira ute umuntu utari Umukristo utekereza ko amatorero abereyeho kwaka amafaranga gusa?
- Guhabwa imfashanyo zivuye hanze bitwara iki itorero ry'ahantu?

**Iteganyabikorwa**

Andika ibyo winjiza aho biva hose (harimo n'ibitari amafaranga) n'ibyo utanga mu cyumweru cyangwa mu kwezi. Ibi biri hagati yawe n'Imana. Bara umugabane uha Imana. Ese urabyishimiye? Yo irabyishimiye? Gabanya umubare utangwa buri kwezi n'abantu bakuru bari mw'itorero, urebe ikigereranyo cyo gutanga cya buri muntu mukuru buri kwezi. Kuba uwo mubare n'icumi urebe niba koko buri muntu mukuru ashobora kubeshwaho nayo koko akaba ari yo atangira icya cumi. Urabona itorero ryawe rihagaze rite? Baba bakeneye andi mabwiriza kuri iyo ngingo? Noneho tegura gahunda yo kubigisha. Ibuka ko intego y'ibi ari ukubigisha kuba ibisonga byiza, ntabwo ari uguhimba amategeko ntarengwa yo gutanga ku mbaraga. Imana ikunda abatanga babikunze.

# KUBA IGISONGA – Gahunda y'Amahugurwa 3
# Gukoresha Igihe

Birakenewe cyane ko umutoza atangira gutegura iri somo hakiri kare cyane (ibyumweru bibiri cg birenga) kugira ngo we ubwe yige igice cyitwa "Gushyira mu Bikorwa Gufatika". Muri make iri soma rizagira umumaro igihe umutoza ubwe azaba yarakoze uyu mwitozo ku buryo bufatika. Fata umwanya wo kuganirira undi muntu ibyo washoboye n'ibyakunaniye mu gukora inkubirahamwe ya gahunda no kuyisesengura, hamwe no kwiha intego, wongeyeho gahunda za buri munsi zizave mu buryo wakoze uyu mwitozo. Uko iri somo urigira iryawe, niko rizarushaho kugirira akamaro benshi.

Gucunga neza igihe, bizatuma umenya gukoresha igihe aho gukoreshwa n'igihe.

**I. Kwishyiriraho Iby'ibanze – Kwiga Gukoresha Igihe**

A. **Ni ayahe mahame ya Bibiliya yo Gukoresha** Igihe tubona muri iyi mirongo? **Zab 24:1, Yosh 24:15, Abef 5:15-17, 1 Pet 4:10, Umubw 3:1-8)**

B. Ni ibihe bintu byagombye kuba **iby'ibanze ku Muntu Ushinga Amatorero**? **(1 Tim 3:4-5, Ti 1:6, Abef 4:11-13, Mat 14:23, 28:19-20)**

C. Ni ibiki muri ibi by'ibanze biri ku mwanya wa mbere? Wa kabiri? Wa Gatatu? Wa kane? Sobanura.

**II. Gushyira mu Bikorwa Guatika** (umwitozo)

A. Andika Uko Ukoresha Igihe Cyawe – Ku giti cyawe, tegura ingengabihe y'icyumweru ifite ibice birimo iminsi y'icyumweru n'imirongo irimo amasaha ya buri munsi. Kubw'icyumweru gishize, ibuka kandi wandike uko wakoresheje buri saha

**B. Sesengura Igihe Cyawe**

* Ni ikihe gikorwa wasubiyemo kenshi?
* Ese ukoresha igihe kinini cy'ubuzima bwawe kuby'ibanze?
* Haba hari ibihe byinshi byapfuye ubusa?
* Ni ibiki ushaka guhindura mu ngengabihe yawe?
* Ese iri sesengura ry'uko ukoresha igihe rirajyana n'iby'ibanze? Ni ibiki ushaka guhindura?

C. Tegura gahunda y'icyumweru gitaha, werekane iminsi n'ibihe uzakoramo ibikorwa bitandukanye by'ubuzima bwawe. Witondere guha igihe kinini ibikorwa bifite akamaro kanini.

- Soma **Luka 10:38-42.** Reba iby'ibanze kuri Maria na Marita. Iyi mirongo ifitanye sano ki n'iri somo? Ni nde muri abaa bombi umeze nkawe?
- Soma **Luka 4:42-44, 6:12-19, 9:14-21, 11:1-13.** Reba uko Yesu yateganyaga igihe cyo gusenga. Na we se urabikora? Usengana n'uwo mwashakanye buri guhe kubw'ubuzima bwanyu n'imirimo yanyu?
- Nusoma witonze Luka 9:51-62 urabona ko Yesu yari afite inshingano yagombaga kurangiza mu gihe runaka. Iyo nshingano ni iyihe? Ese uburemere bw'iyo nshingano bwagiraga uruhare ku buryo abana n'abantu? Ese uribwira ko yagiraga ibihe by'inyongera agenera iyo nshingano kugira ngo abone uko asabana n'abantu?
- Soma **Kuva 18** urebe uko Mose yakemuye ikibazo cye cyo gucunga igihe.
- Soma umugani w'italanto uri muri **Matayo 25:14-30.** Simbuza ijambo "italanto" ijambo "imyaka" maze izina ryawe urihe umugaragu wa mbere wabonye italanto eshanu. Uwiteka yaguhaye imyaka itanu. Vuga ibyo waba warayikozemo yagushimira kandi byamuhesheje icyubahiro.

**Iteganyabikorwa**

Soma igitabo cya Nehemiya urebe ahantu Nehemiya yaba yaragize icyo agaragaza cyerekeye gukoresha igihe cyaba cyaravuzwe muri iri somo.

# KUBA IGISONGA – Gahunda y'Amahugurwa 4
# Igenamigambi Rirambuye

I. Igenamigambi ni iki? **Igisubizo: Ni inzira yo kwizezwa ko abantu, imirimo, ibikorwa n'ubutunzi birimo gukoreshwa ku buryo bukwiriye kandi bunoze tugana mu cyerekezo kandi tugera ku musaruro wa "Z"**

II. Intambwe z'Igenamigambi Rirambuye

| |
|---|
| Saba abahugurwa bose bategure igenamigambi ryo gushinga itorero rishya. Ushobora kongeramo ibibazo uko ugenda utera intambwe mu mwitozo |

A. **Intambwe ya 1: Senga**
   Ni ibiki ugomba gushyira mu byo usengera kubw'itorero rishya?
   Ni ayahe mashimwe no guhimbaza waba ufite?
   Ni ibihe byifuzo waba ufite?
B. **Intambwe ya 2: Andika cyangwa Wiyibutse Icyemezo cy'Umugambi Wawe**
   Kuki iri torero rishya ryabaho?
   Andika Icyemezo cy'Umugambi mu nteruro imwe.
   Ese iki cyemezo kirerekana impamvu nyayo ituma iri torero ribaho aha hantu?
C. **Intambwe ya 3: Tekereza ku binyagaciro n'Iby'Umwihariko**
   Ni ibihe binyagaciro mushingiyeho mu gushinga iri torero rishya?
   Ni ibihe by'umwihariko mushingiyeho mu gushinga iri torero rishya?
   Ese ibyo binyagaciro bihuje n'ibinyagaciro bya Bibiliya?
   Ni ikihe cyerekezi ikipe yawe igiye kwerekezamo imbaraga zayo?
   Muri izi ntego ziri hasi, ni iyihe twakongera mw'igenamigambi ryawe?

- Ubushakashatsi ku karere n'abantu
- Gukangurira abantu gusengera Ivugabutumwa
- Gutoza no kurera abayobozi b'itorero rishya
- Kubaka amatsinda abyara andi
- Gukangurira andi matorero ahasanzwe gushinga amatorero mashya

E. **Intambwe ya 5: Shyiraho intego**
   Nk'umwitozo, toranya intego eshanu ikipe yawe ishobora kwiha.
   Suzuma izo ntego ihereye ku bya ngombwa bikurikira:

- **Zifite igihe zimara**. Igihe kizwi cyo kurangiza. Urugero: MU MPERA ZA KAMENA
- **Zishobora Kugerwaho.** Bishobora gutuma umuntu "yihata" ariko ashobora kubigeraho. Urugero: GUTEGURA INYIGISHO ZA BIBILIYA ENYE...
- **Zishobora Gupimwa**. Shyiraho ibimenyetso by'uko byagezweho cyangwa bitagezweho. Urugero: KUYOBORA INYIGISHO ZATEGUWE MW'ITSINDA RYANJYE
- **Imvugo Yumvikana.** Koresha imvugo isobanutse, irashe mu kumenyesha ibigomba gukorwa.

**Urugero**: Mu mpera z'ukwezi kwa Kanama, nzategura inyigisho eshatu za Bibiliya mw'itsinda ryanjye ku ngingo ivuga ngo "Inshingano Nkuru no Gushinga Amatorero Mu Mujyi Wacu"

- Ni irihe tandukaniro riri hagati y'igenamigambi rirambuye no kugira imikorere myiza?
- Hari ibindi bice by'ubuzima ubona ko bikwiriye igenamigambi rirambuye?
- Ni izihe ngero zindi zo mu Byanditswe, cyangwa mu buzima bwawe bwite, aho ubona ko kugira igenamigambi ryiza bituma haboneka umusaruro mwiza?
- Wasubiza ute ku mvugo igira iti " imigambi idasobanutse izana umusaruro udasobanutse"?
- Ni mu buhe buryo abantu bo mu muco wanyu bungurana ibitekerezo ku buryo bwo gukemura ibibazo?

**Iteganyabikorwa**

Kora igenamigambi hamwe n'ikipe yawe yo gushinga itorero cyangwa n'ubuyobozi bw'itorero. Ube witeguye kuganira igenamigambi ryawe mu isomo ritaha.

# KUBA IGISONGA – Gahunda y'Amahugurwa 5
# Ibiganiro byo Gutegura Igenamigambi

Mwigabanyemo amatsinda y'abantu bane cyangwa batanu maze mukore nk'aho muri ikipe yo gushinga itorero. Mumere nk'abamaze gushyiraho icyemezo cy'umugambi, ibinyagaciro n'iby'umwihariko.

Nk'ikipe mwihaye intego yo gutegura umwiherero w'urubyiruko mu mpera z'icyumweru. Inshingano yanyu ubu ni ugutegura ubwoko bukurikira bw'intego mukoresheje ibiranga intego twizwe mw'isomo ry'ubushize.

Tegura intego rusange kubw'umwiherero wo mu mpera z'icyumweru.

Tegura intego kuri nuri gikorwa cyhariye cy'umwiherero.
Ube witeguye gusuzuma intego zawe ukoresheje ibiranga intego nkuko twabibonye mw'isomo ry'ubushize kugira ngo umenye ko zujuje ibisabwa ku ntego nziza. Mufite iminota mirongo itatu yo kurangiza uyu mwitozo. Igihe nikirangira turasaba buri tsinda kutubwira intego zaryo tubafashe kwiyibutsa no kwisuzuma.

# UMURYANGO – Gahunda y'Amahugurwa 1
# Ibyo Bibiliya Isaba Mu Muryango

I. Abashakanye Bombi (1 Tim 3:5)
- A. Amahame Atatu Atuyobora
  1. Abagabo n'abagore bafite agaciro kamwe
     Mu Abagalatiya 3:28 tubona ko Imana yaremye umugabo n'umugore bafite agaciro kangana.
  2. Abagabo n'abagore babo bagomba kuzuzanya.
     Mu 1 Abakor. 11:11 tubona ko Imana yaremye umugabo n'umugore ku buryo buzuzanya. (Kubana no gukundana mu bwumvikane no guhana agaciro)
  3. Hari inzego z'inshingano mu muryango.
     (1 Abakor 11:3) Imana yashyizeho inzego z'inshingano mu muryango. Imana ni umutwe wa Kristo, na we akaba umutwe w'umugabo, nawe akaba umutwe w'umugore.

Kuvuga ko umugabo n'umugore buzuzanya bisobanura iki? Bitandukaniye he no kwigenga cyangwa kugengwa?

Sobanura umugabo n'umugore we babaye intangarugero mu kuzuzanya.

II. Inshingano z'Umugabo
- A. Kuba Umutwe w'Umugore (Abef. 5:23)
  Niba umugabo ayobora umugore we nkuko Kristo ayobora itorero, umugabo yaba yifashe ate? Ese kwitanga biri mu buyobozi bw'umugabo?
  Ni izihe ngero z'abagabo bitangira abagore babo?
- B. Kwita ku Byo Umugore Akeneye (Abef 5:25-29, 1 Tim 5:8, 1 Pet 3:7)
  Ni uruhe rugero rwiza waba uzi rw'umugabo wita ku mugore we?
- C. Kuzuza Inshingano z'Umubyeyi (Abef 6:4, Guteg . 6:7, Imig 19:18, 22:6, 23:13-14, 29:17)

III. Inshingano z'Umugore
- A. Umufasha Itang 2:18
- B. Gushyigikira 1 Pet 3:2
- C. Kuganduka 1 Pet 3:1
- D. Acunga iby'urugo Imig 31:11
- E. Umubyeyi Tito 2:4

Uratekereza ko inshingano zivuzwe muri iki gice cy'isomo zubahisha kandi zihesha umugore agaciro?
Izi nshingano zaba zishyira hasi umugore mu mwuka mu maso y'Imana? Mu maso y'abantu?

IV. Inshingano y'Abana
- A. Kumvira Ababyeyi babo mu Mwami – Abef 6:1
- B. Kubaha Se na Nyina – Abef 6:2-3, Guteg 5:16

- Niba utarashaka, iri somo ryaba rikumariye iki mu mirimo yawe?
- Niba warashatse, ushobora kuvuga ko kubana kwanyu kugaragaza ishusho y'Imana kubera kuba umwe?

- Ese wumva mufite ubufatanye mu kubana kwanyu? Mwumva bimeze bite?
- Ni ibiki biba muri sosiyete no mu bashakanye bituma kuba umwe mu bashakanye ukwiriye bigorana? Ni iyihe ntambara ikomeye ibaho mu kuba umwe mu bashakanye mwiza?
- Ni ibiki biba muri sosiyete no mw'Itorero bituma kubaho nk'ingaragu muri iki gihe bigorana?

**ITEGANYABIKORWA**

- Soma **1 Pet 3:8-12.** Imyitwarire yo kwikunda isenya ubumwe. Ukurikije ibyo tuvuze, ongera usome iyi mirongo hanyuma wandike urutonde rw'ibyo wakora niba mugenzi wawe yikunda.
- Kuyobora nk'umugaragu k'umugabo niko korohereza kuganduka k'umugore. Umugabo utita ku bintu atuma kuganduka k'umugore kudashoboka, naho gutwaza igitugu k'umugabo gutuma kuganduka k'umugore kutihanganirwa. Kuyobora nk'umugaragu k'umugabo bituma kuganduka biba umunezero. Ukurikije ibi bitekerezo, subiza ibibazo bikurikira:
  - Kuba umuyobozi w'umugarag kwawe kwongera gute ubushobozi bwo kuganduka k'umugore wawe?
  - Umugore yakwifata ate mu bindi bice by'ubuzima urushijeho kuba umuyobozi w'umugaragu?
  - Hari icyo Bibiliya yigisha ku byerekeye uwo umugore udafite umugabo agomba kugandukira? Ni ayahe mabwiriza ushobora kubona?
- Mu rwandiko yandikiye Abafilipi, Pawulo arasubiza ikibazo cy'ubumwe mu Bakristo. Soma Abafilipi 2:1-4 maze utekereze uburyo umurongo wa 2 usobanura uko mwakubaka ubumwe mu bakundana. Aya mahame myayashyira mu bikorwa mute mu buzima bw'umuryango wanyu, haba mu bashakanye cyangwa mu yandi masano y'umuryango.
- Nk'umuntu ushinga amatorero uzahura n'ibihe byinshi byo gutanga inama ku bizera n'abatizera batandukanye n'abo bashakanye, cyangwa badafite ubumwe mu ngo zabo. Kandi uzatanga inama ku bagore n'abagabo bashaka kubaka ingo. Tangira ibiganiro mw'itsinda rito ry'abagore n'abagabo b'ingaragu bari mu kigero cyawe bateganya kubaka ingo mu gihe kiri imbere. Ubafashe kuvumbura icyitegererezo cyo muri Bibiliya twavuze muri iri somo n'uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibyo byitegererezo.

# UMURYANGO – Gahunda y'Amahugurwa 2

## Kuba Umubyeyi

Ese uko ababyeyi babana n'abana babo byigaragariza mu buryo babana n'Itorero (1 Tim 3:4-5)? Mu buryo ki?

**I. Bimwe Biboneka by'Ibanze**

**A. Nta kidahinduka?**

Hari bamwe bavuga ko Imigani 22:6 hatanga ihame aho kuba isezerano ridahinduka. Ubibona ute?

**B. Nta mwana w'intungane**

Waba uzi "umwana w'intungane"

Kuki nta mwana w'intungane ubaho?

**C. Nta mubyeyi w'intungane**

1 Yohana 1:8-10 haba hafitanye sano ki no kutaba intungane kwacu?

Ese ibyaha byacu no kutaba hafi y'Imana byaba ari umuzi wo kutaba ababyeyi uko bikwiriye?

**II. Amahame Amwe ya Bibiliya**

| |
|---|
| Mu matsinda mato, muganire ku mirongo iri hepfo mushaka icyo twakwigiramo ku kuba ababyeyi: |

**A. Icyitegererezo cyo Gukunda no Kumvira Uwiteka (Guteg. 4:9,17)**

**B. Yobora Abana Bawe mu Nzira z'Uwiteka (Itang 18:19)**

**C. Ntukihebeshe Abana Bawe (Abef 6:4)**

- Ni mu buhe buryo bufatika ushobora kugira urukundo no kubaha Imana bikaba umuco mu rugo rwawe?
- Ni mu buhe buryo bufatika wasuzuma ko guhana kwawe gukorwa mu rukundo? Ni iki ubona nk'inzitizi iruta izindi ku guhana nk'uko?

- Ni ibiki wakora bifatika kugira ngo ibihe by'umuryango wanyu byo gusenga binezeze abana bawe?

**Iteganyabikorwa**
Andika urutonde rw'ibyo wifuza ko biranga abana bawe mu mwuka, mu mibanire, mu bitekerezo no mu mubiri igihe bazagira imyaka 18 y'ubukuru. Hanyuma wandike izina rya buri mwana ku rundi rupapuro. Andika ibyo ukora cyangwa wifuza gukora kugira ngo uwo mwana agere ku byo wifuza ko bimuranga.

# Igitabo cya Gatanu cya Gahunda y'Amahugurwa ya Omega
## Intumbero yo Kugwiza Amatorero – Gahunda y'Amahugurwa 13
### Intumbero no Kureba Kure: Kujyana Ubutumwa mw'Isi

**Ibyak. 1:8** (Muganire ku nkubirahamwe iri hepfo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Yerusalemu | Yudeya | Samariya | Ku mpera z'isi | ⟵ *INTUMBERO* |
| Igice cya 1 | Igice cya 2 | Igice cya 3 | Igice cya 4 | |
| Umurimo lwanyu | Umurimo mu karere | Umurimo mu wundi muco | Umurimo mpuzamahanga | |

| IBYAK. 1:8 | "Yerusalemu" | "Yudeya" | "na Samariya" | Ku Mpera z'Isi |
|---|---|---|---|---|
| Icyo bivuga | Umudugudu wanyu | Akarere kanyu | Akarere mwegeranye | Isi yose |
| Incamake y'Ibyak. | Ibyak 1-8 (Ibyak.5:28) | Ibyak. 8-12 (Ibyak.8:5) | | Ibyak 13-28 (Ibyak. 15:19) |
| Ingero za Bibiliya | Tesalonika 1 Abates 1:6 | Makedoniya 1 Abates 1:7 | "Na Akaya" 1 Abates 1:7 | "ahantu hose" 1 Abates 1:8 |

**I. Ubusobanuro bw'Intumbero no Kureba Kure:** (kureba kure bifitanye isano n'inzego zitandukanye zo kugeza urutumwa mw'isi)
Ni gute Inshingano Nkuru Ishobora kegereranywa n'icyuma kireba kure?

Nawe wemera ko uko kureba kure bigira inzego enye?

**II. Kureba ufite Intumbero y'Ibisarurwa by'Imana (Mat 9:38)**

Kuki umuntu yavuga ko umunsi wa Pentekote wabaye itangiriro ryo gushinga iterero ry'Isezerano Rishya? Na we urabyemera?

Iyo urebye mu murima wawe w'ibisarurwa, ubona iki? Umurima uri he? Ni ban de bakoramo? Umurimo ni uwuhe?

**III. Kureba Kure mu Bisarurwa by'Imana** (uko icyuma kireba kure kirambuka, niko turushaho kureba ibiri kure)

**A. Igice cya 1: Umurimo w'Ahantu**

Wemera intumbero y'itorero umuntu wese ashobora kugeraho mu mudugudu cyangwa mu mujyi ?

**B. Igice cya 2: Umurimo wo mu karere**

Dukurikije urugero rwa Brazil, ni gute wasuzuma imirimo ikorwa n'amatorero yanyu mu karere k'iwanyu?

> **Urugero**: Muri Brazil, mu gihe cy'imyaka makumyabiri itorero rimwe ryashinze amatorero arenga 200 mu karere. Umumisiyoneri ayo matorero yatumye muri Albania yigishaga ibyerekeye kugwiza amatorero aravuga ati: "Gukura kw'itorero ryacu kwagenze buhoro ugereranije n'andi, ariko nubwo bimeze biyto, iyo dushinze itorero ako kanya naryo rihita ritangira umugambi wo gutangira irindi torero rishya vuba cyane. Amatorero yacu azi ko umugambi wacu ari ugushinga amatorero mashya kuva agitangira". Iyi mitekerereze ni yo ishobora gukangurira amatorero kuva agitangira, kugira umutima w'ubutumwa mu materaniro yabo no hanze yayo.

Ni iki cyakorwa kugira ngo muzamure urwego rw'ubutumwa mu karere kanyu?

**C. Igice cya 3: Umurimo mu yindi mico**

Ese birakenewe ko tugeza ubutumwa ku yandi moko cyangwa udutsiko tw'abantu ?

D. Igice cya 4: Imiryango mpuzamahanga

Dufatiye urugero kuri Louis Bush, avuga ati ni gute wasuzuma imirimo y'abamisiyonari kw'isi mu matorero mu gihugu cyawe ?

> Urugero: Louis Bush (wayoboye imikorere y'amatorero mu kohereza abamisiyoneri muri Amerika y'Abalatini), abandi na bo bakanyura muri Amerika y'Abalatini babwiriza ko uko kohereza ari imwe mu mikorere ya COMIBAM mu ntumbero yayo ( Iri zina ni incamake ya Ibero American Cooperation in Missions). Habaye impuruza ngo "Amerika y'Abalatini ive mu kuba umurima ijye mu kuba abakozi" Muri iki gihe, ibihugu by' Amarika y'Abalatini , byari mu bibazo by'ubukungu bwifashe nabi, kandi benshi ntibabonaga uburyo byashoboka kohereza abamisiyoneri mu bindi bihugu niba barimo nta buryo buhagije ku byerekeranye n'umutungo. Louis we yaravuze ati"ntidufite amafaranga ,ariko dufite ukwizera" Uhereye kuri COMIBAM muri 1987, amatorero yemeye abamisiyoneri bagenda barushaho kubahamagara. Amerika y'Abalatini yohereje rero abamisiyoneri ibihumbi byinshi. Bigaragara ko bari bafite ukwizera kandi Imana yabahaye n'amafaranga .

Hagombaga gukorwa iki kugira ngo umubare w'abamisiyoneri wiyongere ku isi?

IV. Ubutware n'imbaraga z'Umwuka Wera

Ni he twakura ukuri n'imbaraga kugira ngo tugere ku isi hose? Mat. 28:18-19, Ibyakozw. 1:8

Ni izihe nzitizi kuri iryo yerekwa ry'isi yose kandi mwashobora kuzinesha mute?

Ni gute mwateza imbere iryo yerekwa no kuryumvikanisha mu matorero yanyu mashya?

Kuki rimwe na rimwe ari Itorero rimwe riba rihagije mu kugera mu mijyi yose kubwa Kristo?

Icyuma cyawe kireba kure hareshya gute? Icy'Itorero ryawe ? Kubera iki?

**ITEGANYABIKORWA**

Ukoresheje icyuma kiri haruguru, tangira kubwira Itorero cyangwa amatorero yawe ku byerekeranye no kugera ahandi henshi mujyanye ubutumwa bwiza.

Kubwa buri cyiciro cy'iyo ntumbero , andika icyo ubona nka "Yerusalemu ,Yudaya, Samariya n'impera y'isi".

Uzakora mu ruhe rwego imirimo y'Itorero ryawe? Niba hari urwego Itorero ryawe ritarageraho mu ntumbero ufite ushobora gukora iki kugira ngo urugereho?

# Intumbero yo Kugwiza Amatorero – Gahunda y'Amahugurwa 14
## Gukangura

1. **Gukangura ni iki ? Gukangura harimo :**

**A. Intumbero rusange (Z)**

| |
|---|
| Mutoza: Sahkira abahugurwa amagambo ashimangira cyangwa ategura intumbero ku buryo akangura abantu. Bibwire abahugurwa. |

Adika hepfo interuro ishobora kwerekana intumbero y'Itorero ryawe kugira ngo usohoze Inshingano Nkuru.

**B. Amahugurwa**

Ni ibihe bintu abantu bakeye guhugurwa kugira ngo bahamye kwizera kwabo?

**C. Ibikoresho**

Ukeneye izihe nkunga mu gukangura Itorero ? Ni gute wazibona?

**D. Umwanya ukwiriye –** Ni he Imana ishaka ko ukorera? Werinde kwigana abandi.

| |
|---|
| Ibibazo bikurikira ni ibigomba gukoreshwa biragaragaza uko ubumenyi bw'abantu mu ishuri bushobora gufasha mu kugaragaza aho ibyifuzo biganisha. |

Ni he mu karere k'iwanyu utekereza ko hakeneye cyane Itorero rishya? Hari umuntu wo mu Itorero runaka waba azi icyo cyifuzo akaba yaragezeyo agahura n'abaho? Ni ayahe makuru arenze ayo azwi n'umwe muri mwe yerekana ko hari ubukene?

**II. Kuki abizera bagomba guikangurwa?**

Kuki bikwiriye ko abizera n'amatorero bakwiriye gukangurwa?

**III. Ingero zo muri Biblia z'abakangura abandi**

**A. Nehemia (Neh. 1 :2-4, 2 :7-9 ;4 : 22-23)**

**B. Barnaba (Ibyakozwe 4 :36-37 ;9 :26-31 ; 13 :1-3)**

Ese mujya mukoresha impano y'umwuka n'umurava nkuko Barnaba yabikoraga ?

**C. Paulo(Abaroma 15 :25-27, 1Abakorinto 1 :4-9, Abaroma 15 :14)**

Mbese ni irihe yerekwa rya bariya bagabo batatu bo hejuru kandi ni nde babikanguriye?

**IV. Ni ibiki biranga abakangura abandi ?**

**A. Intumbero**

**B. Ukwizera no gutera umwete**

**C. Kwegera abantu**

Dushingiye ku mico yavuzwe hejuru, mwaba muzi umuntu ukangura abandi cyane ? Niba ahari erekana imiterere y'uwo muntu.

**V. Ingero zo Gukangura.**

**A. Kwegeranya abanyamasengesho**

Urugero: Buri cyuimweru mu cyumba cy'amasengasho, buri muntu agomba ka raporo kagufi ku byerekeranye n'igihugu cyangwa itsinda ry'abantu, kandi bagomba gufata umwanya basengera ubutumwa bwiza ngo bucengere mu mitima no mu bwonko bw'abo bantu. Baba bagomba gusengera n'abamisiyoneri boherejwe muri ba Bantu bari bataragerwaho ndetse n'Itorero ryatangijwe muri bo. Kandi iri tsinda rinasengera kugira ngo Imana ihagurutse muri aba bizera bo mu Itorero ryabo irindi tsinda ryoherezwa ahandi kugira ngo batangireyo Itorero rishya mu bataragerwaho n'ubutumwa bwiza. Nkuko bahora basengera amatsinda atandukanye ataragerwaho n'ubutumwa bwiza, Bituma Uwiteka Imana ibongerera undi mutwaro udasanzwe wo gusengera abantu bo muri Kazakstan bo muri Azia yo hagati. Mu gihe cy'imyaka ibiri gusa, abizera batatu bo muri iri tsinda risenga baba abamisiyoneri muri Kazaks. Abagize iryo tsinda bagerageje kwigana imico ya Kazak nk'intego bihaye ikomeye ku Bantu bazajya basanga ahantu, kandi bakohereza abantu bazamara igihe

gito nk'abaganga, abubatsi, abakora mu bana, abaririmbyi n'abacuranzi muri Kazastani. Ubundi Itorero ryohereza itsinda ry'abantu bazamara igihe kirekire bakora imirimo yo gutangira amatorero mu burengerazuba bwa Kazakstani. Itsinda risanzwe ryo rigakomeza imirimo yo guhura buri kwezi rigasengera abantu ba Kazak.
Ese ni iyihe nyigisho y'ingenzi uvanye muri uru rugero ushobora kwigana wifuza ko yakoreshwa mu Itorero ryawe ?

**B. Gahunda y'abana/Urubyiruko/Ishuri ryo ku cyumweru**

Urugero rw'ibi byabaye mu 1992. Itsinda ry'urubyiruko ruririmba rukora n'ibimenyetso no kubyina ruvuye mu Buholandi rwaje muri Hungry gufasha abavugabutumwa barimo gufasha Itorero ry'ababatisita mu ivugabutumwa. Muri iryo tsinda harimo abanyeshuri babiri baturutse mu ishuri ryitwa the Reformed teachers College bigisha ibyo iyerekwa ryo gushinga itsinda ririmba rikora ibimenyetso rikanabyina (drama). Bashyizeho abandi Bantu barindwi bagiye gutangirira mu gace k'aho amatarero akorera. Kubera iryo tsinda riririmba rikora ibimenyetso rikanabyina(drama), abantu bakahakirizwa cyane bifuza gufatanya nabo. Nyuma y'imyaka itatu gusa bahise bakira abantu bandi makumyabiri bamaze kubatoza babana nabo muri iryo tsinda. Abo bose makumyabiri bakora imirimo neza mw'itorero, kandi batanu muri bo babaye abakozi b'Imana bahoraho.
Mbese haba hari inyigisho y'ingenzi ukuye muri uru rugero wakoresha mu Itorero ryawe?

**C.Gukangura abantu bakuze**

Itorero ry'ahantu hamwe ryafashije impunzi z'Abakambodia babona aho kuba ,ibikoresho byo mu rugo, ndetse n'imirimo yo gukora. Abo Bantu babasabye ngo babiture iyo neza babagiriye, Itorero ribabwira kujya baza mu materaniro yaryo. Ariko abo bakambodia bari bafite ikibazo kibakomereye cyo kutumva ururimi, bakicara gusa bacecetse ntacyo bumva. Ariko icyo kibazo cyaje kubona igisubizo kuko Itorero ryashyizeho uburyo bwo kwigisha banasobanura mu rurimi bumva mu materaniro. Ubwo abavietnamu, abashinwa, abespanyoro nabo basaba gusobanurirwa nabo barabibona. Igihe abo Bantu b'ingeri zose bateranaga Itorero ryateguraga gahunda yo gushyira mu ndimi zabo bumva. Kubera ubwo bufatanye bw'abantu b'imico itandukanye, byatumye rya tsinda ryiyegereza imitima y'abatuye isi. Kugeza ubu iryo Torero ryohererejwe imiryango irenga makumyabiri aho bakorera kandi bakusanya inkunga zo kubafasha imirimo bakora.

Ni iki cyatumye ibi biba urugero rukwiriye rwo gukangura abantu?
Ni ubuhe buryo bwo gukangura abantu buri rugero rwagaragaje?
Wafasha ute Itorero ryawe mu gukangurira abantu kujyana ubutumwa bwiza? Kurushaho gutanga umusaruro mu gutangiza amatorero mashya?
Kuki gukangura abantu ari ingenzi ?
Hari uwo waba uzi ushaka gukorera Imana ngo ushobora gukangurwa?
Hari uwo waba uzi washobora gukangura abandi?
Ni ubuhe buryo bwaba bwiza mu gukangura abantu mw'ivugabutumwa no gutangiza Itorero?
Ni ibiki mu biranga ukangura abandi waba ufite? Ese ni ikihe muri byo kigukomerera cyane ?
Ni iki wafasha Itorero ryawe mu gukangurira abantu gukwiza ubutumwa bwiza – no kugwiza amatirero mashya.

**ITEGANYABIKORWA**

Tangira gukorera Imana ufite mu mpano ufite wamamaza ubutumwa bwiza.
Saba Imana iguhishurire umuntu ushaka gukorera Imana, kandi utangira kubiyegereza ubagira inshuti unabakangura.
Shyira ku rutonde nibura uburyo butatu wakoresha mu Itorero ryawe urarika abantu kubwo Ivugabutumwa no gutangiza Itorero.

# Intumbero yo Kugwiza Amatorero – Gahunda y'Amahugurwa 14

## Intabwe zikurikira : Gushinga Amatorero Menshi

Iri somo ni byiza cyane ko ryigishwa mu biganiro. Bwira abantu ibyakubayeho n'uburyo warekuye imirimo mw'itorero watangije. Reka abahugurwa babaze ibibazo bavuge n'ingorane bahanganye nzo

mu mirimo yabo bwite.

**I. Uko Itorero ritangizwa (reba upapupuro rwa 1)**

**II. Inshingano W'itorero Rishya : Kugwiza Amatorero – Kubyara Amatorero Mashya.**

A. Rinda Iyerekwa rigumeho (Ibyakozwe 19: 10, Gal. 2:7-8; Abaroma 11:13)

-Mbese ni akahe gace Imana iguhamagarira kugeramo?

B. Ni gute Itorero ryitegura **gutuma itsinda ry'abantu bajya gutangira Itorero** ? Igisubizo :

1. Sengera abo Imana ihamagaye
2. Hitamo aho batumwa
3. Shakisha inkunga
4. Hugura abagiye gutumwa.

Mu matsinda mato maganire kuri ibi bibazo (iminota 20)

1. Ni mu kahe gace Imana ibahamagarira kugera ?
2. Ni ayahe matsinda y'abatuye muri ako gace bakwiriye kugerwaho n'ubutumwa bwiza ?
3. Ni iyihe ntambwe ikurikiraho mw'itorero ryawe rishya mu kuzuza Inshingano Nkuru?
4. Niba amatsinda yo muri ako gace yiyongereye, ushobora gutangira Itorero rivuye muri ayo matsinda yawe akomeye?

**III. Umurimo w'Ikipe ya mbere Ishinga Amatorero:** Gutamgira – Gushinga amatorero mashya.

A. Ni ngombwa ko Ikipe yatangije itorero ikomeza ahandi ?

B. Ni ngombwa ko Ikipe yatangije itorero ikomeza kuyobora iryo torero rishya yatangiye ?

C. Ni ngomba ko ikipe yatangije amatorero ayabera nk'umuhuza ?

Mu matsinda mato, muganire kuri ibi bibazo bikurikira :

Ese ni iki mubona Itorero ririmo gutangira ryakora ?

Ese Itorero murimo gutangira ryaba rizabyara itoreo rishya? Niba atari byo ni iyihe ntambwe uzatera kugira ngo ubahe iyo ntumbero?

Garagagaza itandukaniro riri hagati y'intumwa ishinga amatorero n'Umushumba uhereye ku muhamagaro n'impano zabo.

Uzitanga gute kugira ngo ubone ko amatorero agwira?

Ni gute wafasha abandi mu kubohereza haba mw'itorero ryagutumye cyangwa mw'itorero washinze kugira ngo nabo bashinge amatorero.

**ITEGANYABIKORWA**

Hamwe n'ikipe yawe yo gushinga amatorero, senga kandi umenye intambwe ikurikira mu murimo wawe.

Toranya umuntu umwe cyangwa babiri bashinga amatorero muri rya torero rishya utangije. Fata umwanya uhagije uganira nabo ku kuntu batangiza amatorero bakaba mw'ikipe ishinga amatorero mashya.

## Itorero - Gahunda Y'amahugurwa 15
## Ibihano mu Itorero : Kwihana no guhembuka

Ni ayahe mategeko agenga ibihano mw'itorero umenyereye – ibi byaba ibyo mw'itorero iryo ari ryo ryose. Ntuvuge iryo torero.

Ese muri Biblia habonekamo ibihano?

Ibihano by'Itorero n'iki?

Nizihe ngero zo muri Biblia itorero rigomba kugenderaho riha ibihano abayoboke baryo?

Ni iyihe ntego y' ibihano mu itorero?

**I. Amahame ya Biblia ku bihano by'Itorero**

A. Ibihano mw'itorero ni Inshingano iva muri Bibiliya **(1Abakorinto 5)**

Ni ayahe mabwiriza atangwa kuri mwene data w'umusambanyi ari muri buri murongo muri iyi? **(1Abakorinto5: 2,5,11,13)**

**B.** Igihano cy'itorero kigira intambwe gikurikiza**( Matayo:18:15-22)**

Ni izihe nzira wakoresha mu gukebura mwenedata uri mu cyaha dukurikije **Matayo 18:15;16;17**?

C. Kugarura mwenedata wihanye ni yo ntego y'igihano cy'itorero **(2Abakorinto 2:5-8)**

**D.** Niki twakora igihe mwenedata yihannye nkuko bigaragara mu **2Abakorinto 2:5-8**?

| Mu itsinda ry'abantu bake baganire ku bibazo biri mu byiciro biri hepfo |
|---|

**II. Inyigo**

A. Inyigo ya mbere

George ni umusore ukunda gukorera Imana nk'umuyobozi w'urubyiruko mu Itorero rye kandi akanahagararira ivugabutumwa no kwigisha Biblia mu baturanyi be. Itorero ryahoze ari intangarugero mu kuvuga ubutumwa mu baturanyi, vuba aha ryavuye ku bayoboke 200 bagera kuri 30. Hamwe n'ibi atangira kwibaza ibibazo. Abakuru b'itorero bamusaba ko babonana. Nta n'umwanya bamuhaye wo kuvuga ibibazo bye, bamusaba ko nta muntu n'umwe azigera abivugana nawe. Ikindi kandi bamubwira ko atazongera kuyobora urubyiruko ukundi haba n'itsinda rito iryo ari ryose. We yumvaga ko abayobozi batashyize mu gaciro ku byo basabye, George akomeza kuyobora itsinda ry'abantu bake. Abakuru bakomeza kumutegeka kubonana n'itorero ryose hanyuma ashyirwa hanze y'itorero. Amabarwa yagiye akomeza kohererezwa abakuru b'itorero zivuye ahantu akorera bamurega kutubabaha no gusuzugura abayobozi.

Mbese kubaza kwa George byari icyaha?

Ese igisubizo abakuru bahaye iki kibazo kirakwiye?

Ese ni gute bari gukemura iki kibazo ku buryo bujyanye na Biblia?

B. Inyigo ya kabiri

Samuel yari umukuru w'itorero rye. Yari afite ingeso yo gushotora abagore cyane ku buryo bamwe bibaremerera. Nubwo ataregwaga ubusambanyi, abayobozi bandi bumvaga ko icyo gikorwa cyari kidakwiriye umukuru w'itorero. Ubwo bari bamaze kubimwemeza, yihaniye imbere y'Itorero ryose Kandi ahita avanwa ku buyobozi. Icyo gihe nta kumugarura kwabayeho.

Ese abo bayobozi bakoze neza gucyaha ibikorwa bya Samuel? Bashingiye kuki?

Bakoze neza kumuvana k'ubuyobozi?

Kugirango habeho kumugarura bagombaga kubikora mu buhe buryo?

C. Inyigo ya gatatu

Jemusi yari umushumba wemerwa cyane n'itorero rye. Igihe byamenyekanye ko umukobwa we utari yarashyingiwe afite inda, abakuru bcitsemo ibice ku cyagombaga gukorwa. Bamwe bavuga bati ntabwo ari icyaha cye; yamaze kubabazwa ni cyo cyamubayeho, naho ku byerekeye umukobwa we nuwo gufashwa n'ubuntu bw'Imana. Naho abandi bakavuga ko atujuje ibyo Biblia isaba ko umushumba abanza kuyobora neza umuryango we yigisha kugira ikinyabupfura no kwirinda. Kubera ntawari gufata umwanya we , kandi kubera n'abandi bamukundaga bafashe icyemezo cyo kutagira icyo bakora.

Aba bakuru bakoze neza kwirengagiza icyo kibazo?

Ni gute bagombaga gukemura icyo kibazo mu buntu no mu kuri?

**III. Umwanzuro**

Igihano mu itorero ntabwo ari ibyo muri Biblia gusa ahubwo ni ngombwa mu buzima bw'itorero. Impamvu si uguhana gusa , ahubwo no guhembura ubuzima bwo mu mwuka ku muntu ku giti cye n'itorero ry'ahantu. Buri torero ry'ahantu rigomba gusenga kandi rikagira amategeko agenga ibihano. **ITEGANYABIKORWA**

Soma 1Abakorinto 11:29-32 usubize ibi bibazo:

Kuki hariho intege nke n'indwara mu bizera?

Igihano cya nyuma n'ikihe?

Kuki Uwiteka ahana abana be?

Soma Abagalatia 6:1-5 kandi usubize ibi bibazo:

1. Ni iyihe myitwarire Paulo atanga yo kugarura mwenedata?
2. Ni irihe tegeko rya Yesu Paulo yatinzeho?
3. Mbese ni gute iri tegeko ryafasha mu kugarura mwenedata ?

Hamwe n'itsinda ryawe, mutegure amategeko agenga ibihano mu itorero ryawe rishya.

**Itorero – Gahunda y'Amahugurwa 16**
**Amateraniro Rusange mw'Itorero ry'Ahantu : Ibikorwa n'Imikorere mw'Iteraniro**

Ni ubuhe buryo uzi bwo guterana kandi uratakereza iki mu bukoresha ?
Ni bangahe bitabiriye ubu buryo ?
Tekereza ku buryo bwinshi bwo guterana uzi. Ni ibiki byakorewe muri ayo materaniro – imiziki yacuranzwe, gusenga, kubwiriza, gusoma ibyanditwe, gukora ibintu bidasanzwe, n'ibindi. Ni mu yihe nzira ubu buryo bwagufasha cyangwa bwagusubiza inyuma mu kuramya Imana ?

1. **Ni bihe bimwe mu bikorwa mu Guterana?**

A. **Guhimbaza** Imana no **kuyishimira** ? **(Zaburi71: 8;107:32; 97:12; Ibyakozwe2:47; Ibyahish.7:12)**
B. Dushobora kuramya ariko tudakorera Imana ? **(2Ngoma33:16; Matayo4;10, Ibyah.7:15, 12:1)**
**C.** Niki Yesu Yari agambiriye mu kuramya**? (Yohana4:19-26)**

| Mu itsinda ry'abantu bake, baganire ku bibazo biri hepfo (iminota 30 |
|---|

**II. Ni gute twahitamo uburyo bukwiye bwo kuramya**
Ni izihe ngingo twibandaho tugiye gushyiraho igikorwa cyo kuramya?
Ushobora ute kugaragaza kwizera kwawe ku Mana
Dushobora gute kugaragaza amarangamutima yacu n'ibyiyumviro byacu ku MANA?
**III. Kuramya no Gushinga Itorero**
**Ni bande baterana mu Kuramya kwa Rusange?**
Ese kuramya byagenewe kuzana umunyabyaha ku Mana?
Kuki ari ingenzi ko ubwoko bw'Imana bateranira hamwe bakaramya? Ni uwuhe mugambi rusange mu kuramya?
Ni izihe mpamvu amateraniro yo kuramya kuyobowe numwuka agira uruhare mu gukura kw'Itorero ? Ni ibihe bintu bigize iteraniro ry'umwuka ryo kuramya ?
Bisobanura iki kuramya Uwiteka mu kwera kwe**(1Ngoma16 :29).**
Ukurikije itorero ryawe n'ishyirahamwe urimo, kunama no gupfukama ni igikorwa cyangwa n'uburyo bwo kuramya ? **(Zaburi 95 :6).** Niba ari uburyo, igikorwa ni ikihe?
Ukurikije Itorero ryawe cyangwa ishyirahamwe ryawe, ese kuzamura amaboko ni igikorwa cyangwa n'uburyo cyo kuramya ? **(1Timotheo 2 :8).** Niba ari uburyo, igikorwa ni ikihe?

**ITEGANYABIKORWA**
Yobora inyigisho ya Bibiliya ku kuramya muri **Ibyahishuwe 4 :8-11** na **5 :9-14**. Izere ko usubije ibi bibazo : « Inde ? » ; « iki ? » ; « ryari ? » ; « hehe ?» ;na « gute ? »
Andika urutonde rw'uburyo uzi abantu bo mu karere kanyu bakoresha mu kwerekana urukundo, ibyishimo n'ubusabane.
Tekereza ku Itorero ryawe rishya. N'ubuhe muri ubu buryo bwo kuramya Imana mu materaniro?
Ni ubuhe buryo busanzwe mw'itorero ryanyu bukwiriye kandi bwakomeza? Ni ubuhe buryo budakwiriye?
Muganire ibi n'umwigisha cyangwa umutoza wawe.

# ITORERO – Gahunda y'Amahugurwa 17

## Uburyo bwo Kuyobora Iteraniro: Gutegura no Kugena Iteraniro ryo Kuramya.

| Baza uwaba amenyereye kuba umuyobozi wo kuramya uri mu mahugurwa abwire abandi uko ayobora iteraniro ryo kuramya. Niba bishoboka tumira abamenyereye ibyo kuramya bavuye hanze y'aho muhugurira baze baganirire abahugurwa uko bakorana n'abashumba mu matorero yabo uko bagena bakanategura iteraniro ryo kuramya. Mu itsinda rito maganire ku bibazo biri hepfo aha: |
|---|

Tekereza ku bayobozi bashoboye cyane bo kuramya waba uzi. Ni gute wasuzuma uwo muntu muri ibi bigize imyifatire ye: Umuntu uzi kuramya, uzi kuririmba no gucuranga, umunyamwuka, wicisha bugufi, ushobora kuyobora abandi mu kuramya?

Hari ubundi buryo bwo kwigaragaza buriho (urugero: ibisigo, ikinamico, imikino, kubyina, kwibanda ku gusoma Biblia, ubuhamya n'ibindi bisa bityo. Ni ibihe wakoresha mu gikorwa cyawe cyo kuramya? Ni gute wakoresha uburyo mu gikorwa cyo kuramya?

Kuki ari ikintu cy'ingenzi gufata umwanya wo gutegura igikorwa cyo kuramya?

Ni uruhe ruhare rw'umushumba agomba kugira mu gutegura igikorwa cyo kuramya? Ni uruhe ruhare umuyobozi wo kuramya agomba kugira?

Sesengura iteraniro ryo kuramya ryaba ryarakunejeje by'umwihariko? Ni ibihe bice by'iteraniro byari bibereye kuruta ibindi? Ni iki wigiye muri iryo teraniro ryo kuramya cyagufasha gutegura uburyo bwo kuramya mu Itorero ryawe utangira?

**Imyitozo yo gutegura iteraniro ryo kuramya**

Izi ngingo zishobora gukoreshwa mu kugufasha kugira ubumenyi bwo gutegura iteraniro ryo kuramya mw'Itorero ryawe hamwe n'ikipe yawe ishinga itorero. Mu banyeshuri uhugura mwigabanyemo amatsinda mato. Muganire kuri buri ntambwe mu zikurikira kandi mutegure iteraniro. Mubwire abo mu yandi matsinda ibyo mwabonye

**A. Intambwe ya 1; Guhitamo insanganyamatsiko.**

Ni iyihe nsanganyamatsiko y'iteraniro ryawe ryo kuramya? Akenshi no kubwiriza bigomba kuganisha kuri iyo ntego. Urugero: Mu isomo ryo kubwiriza wigishije ku kuramya mu gice wavanye muri Abef 5:15-21. Umugambi mukuru ni uyu "Imana ishaka ko twuzura Umwuka Wera kuko ari wo tuboneramo igisubizo gituma duhorana ibyishimo. Kandi nanone intego yo'igikorwa cyo kuramya ishobora kuba iyo "Kuzura Umwuka Wera" Niba rero uyu munsi udasanzwe, bamwe ba gipanticoste ku cyumweru, kuri Noheri, cyangwa Paska, intego izaba mu byukuri muri ziriya.

**B. Intambwe ya 2 : Gutoranya indirimbo/umuziki n'ibindi bikorwa.**

Ni izihe ndirimbo n'injyana muzakoresha mu gikorwa cyo kuramya? Muhitemo izifitanye isano n'intego mufite hamwe nizo mu muco n'izigezweho. Kandi mukore gahunda imwe munjyana y'umuziki—Hamwe no gushyushya ibirori ngo mwigereze abantu. Muzagira umuziki udasanzwe, nk'amajwi cyangwa ibicurangisho bya solo? Hazaba hari n'imikino ifitanye isano no kubwiriza? Muzaba mufite n'ubuhamya? Ese urahamya ko ubuhamya watoranije bwerekeza ku nsanganyamatsiko?

**C. Intambwe ya 3 : Kugaragaza igihe igikorwa cyo kuramya kizamara**

Gira gahunda yuzuye yo gutangiriraho no gusorezaho. Muri buri kintu gikorwa: indirimbo, byenda gusetsa, ibintu bidasanzwe, gusenga, gusoma Biblia n,ibindi. Iyi gahunda igomba gukoreshwa n'umuyobozi wo kuramya ndetse n'abashumba nkuko basanzwe bayobora amataraniro.

**D. Intambwe ya 4 : Garagaza urutonde rw'ibikoresho bikenewe**

Kora urutonde rw'ibikoresho uzakenera mu gikorwa cyo kuramya, wenda kwikubitiro projecteri, aho indirimbo ziri, igitabo cy'injyana n'impapuro z'indirimbo, indangururamajwi, ibikoresho byo mu mikino bifite icyo bishushanya n,ibindi. Shyiraho uzayobora ikusanya ry'ibikoresho no kubicomeka mbere no mu gihe cy'iteraniro.

**E. Intamwe ya 5 : Shyiraho iminsi n'ibihe byo kwitoza.**

Shyiraho igihe cyo kwitoza igikorwa cyo kuramya. Izere ko wamenyesheje abizera bose bashobora kuza mu myitozo.

**F. Intambwe ya 6 : Fata umwanya wo gusengera iteraniro ryo kuramya**

Saba Imana kwerekeza no kuyobora iteraniro ryo kuramya. Sengera imitima y'abantu itegurirwe kuramya Imana. Sengera abatarizera bashobora kuzaza kugira ngo imitima yabo bayikingurire Uwiteka Imana. Mu matorero amwe n'amwe bagira ibyumba by'abasenga basengera umwanya wo kuramya igihe bikorwa. Andi matorero agira abanyamasengesho baza kare mu nsengero bagafata umwanya wo gusengera igikorwa, bakanasenga bucece igihe abantu binjira aho iteraniro ribera.

Intambwe ya 7: Gusuzuma Iteraniro ryo Kuramya.

Nyuma y'igikorwa fata umwanya wo kureba icyagezweho ku bwacyo. Ni gute byakurikiranywe kandi ni uwuhe mwuka wari uhari wo kuramya. Ni ki gikwiriye gihindurwa? Niki kigomba kongera gukoreshwa?

**ITEGANYABIKORWA**
Gena kandi utegure iteraniro ryo kuramya. Nyuma y'iteraniro usuzume icyo ryagezeho. Ni bande bakoze? Ni iki wahindura? Ganira ibyo n'umwigisha cyangwa umutoza wawe.
Niba bishoboka, sura andi matorero akwegereye mu karere. Itegereze uko amateraniro yabo akorwa. I iki ushobora kwigira ku byo wabonye wakoresha mu itorero urimo gushinga?

# ITORERO – Guhunda y'Amahugurwa 18
# Itorero ry'Ahantu n'Umubiri Mugari wa Kristo

Gukorera Hamwe mu Bufatanye

**I. Inyigo y'Ubufatanye**

Iyi mirongo iratubwira iki ku byerekeye uko Bibiliya ibona ubufatanye mu mubiri wa Kristo?
**(Yoh17:20-21, Abef 4:3-6, Abag 3:26-28)**

Uremera ko amatorero y'Ivugabutumwa akeneye gufatanya kugira ngo asohoze Inshingano Nkuru mu gihugu cyanyu?

Kuki hakunze kubura ubufatanye hagato y'amatorero?

**II. Inzego zo Kwiyemeza Gufatanya.**

A. **Urwego rwa 1 : Ubutamenya (Nta bufatanye) –** Kutamenya abandi bafite kwizera n'intumbero nk'iyawe.
B. **Urwego rwa 2 : Kubimenya –** Kumenya ko hari abandi no kumva ko muri hamwe.
C. **Urwego rwa 3 : Ibiganiro –** Amatsinda arahora akabwirana amakuru kandi agasenga
D. **Urwego rwa 4 : Ubutwererane cg Urugaga –** gushyiraho uburyo bwo guhana amakuru n'imishinga muhuriyeho.
E. **Urwego rwa 5 : Gukorana n'Ubufatanye –** gutangiza hamwe ikigo cyo guhugura kuri Bibiliya cyangwa ishuri mpuzamatorero.

Ni uruhe rwego rw'ubufatanye bugaragara mu karere kanyu?

**III. Ibyiza icumi biranga ubufatanye**

1. **Ubufatanye nyabwo bushingiye ku kwizerana, kwakirana no guhuza impungenge.**
   Ubufatanye burenze guhuza ibikorwa, igenamigambi, ingamba n'imikorere.
2. **Ubufatanye buramba bukenera umuhuzabikorwa cyangwa umuyobozi.**
   Uwo ni umuntu wumvukanyweho, wahawe inshingano yo gukomeza kwenyegeza ubwo bufatanye.
3. **Ubufatanye nyabwo buberaho kugera ku ntego cyangwa intumbero runaka.**
   Ubufatanye bw'ingirakamaro bureba iki (intego) aho kureba kuri gute (inzego) Buri gihe imikorere ikurikira igikorwa.
4. **Ubufatanye bukwiriye batangirira ku kumenya ubukene bw'abantu mushaka gukorera.**
   Ntabwo batangira bajya impaka ku mahame ya Tewolojiya. Bahereye ku bikenewe, Iby'Ibanze by'Ubwami, inzitizi zo kumena urutare mu mwuka, ibikoresho biriho n'ibikenewe, hagomba gutoranywa iby'ibanze n'ibikorwa kandi bikumvikanwaho.
5. **Ubufatanye nyabwo ni urugendo, ntabwo ari igikorwa cy'umunsi umwe.**
   Gutangiza, gukurikirana no kubaka ubufatanye akenshi bifata igihe kirekire. Ndetse n'inama yo kubyigaho ihubukiyeho ishobora kwangiza ubufatanye. Ikiruta byose, kwizerana mu bantu kurakenewe cyane kandi bitwara igihe kubyubaka.
6. **Ubufatanye bukwiriye buragoye kubugumana kuruta kubutangiza.**
   Kumenya neza ko intumbero igumyeho, icyo kwibandaho kigaragara, gutumanaho bimeze neza, kandi ibyagezweho biganirwaho cyane bikabyara kongera kwiyemeza kw'igihe kirekire.

7. **Ubufatanye bukwiriye buba hagati y'imiryango ihuje intumbero n'imiterere.** Buri muryango uri mu bufatanye agomba kugara amahame ye akayagenderamo. Bitabaye ibyo ntabwo bamenya aho bahurira cg bakeneranye, ntibashobora kubaka igishushanyo kimwe, cyangwa guhuza imbaraga mu bikorwa.
8. **Ubufatanye bukwiriye bwemera kandi bukishimira ubudasa, amateka, intumbero n'ibikorwa bya buri** wese. Ikiruta byose, ubufatanye bugomba kwibanda ku byo bahuriyeho, nk'intumbero n'ibinyagaciro, n'intego z'umurimo, kuruta ibyo batandukaniyeho.
9. **Ubufatanye bukwiriye buhanga amaso ku mugambi n'intumbero by'iherezo. Ntabwo barangazwa** n'ibikorwa umunsi ku wundi. Akenshi biroroha kwibanda ku "buryo" aho kwibanda "kw'iherezo".
10. **Ubufatanye bukwiriye buteganya ibibazo hakiri kare mbere y'uko bivuka.** Murebe neza ko hari urwego rushinzwe amahindura, ibirenze amategeko, guhemukirana, imihigo idahiguwe, cyangwa se ibitarateganijwe.

Byavuye mu butumwa bwa Phil Butler wo muri Interdev

Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira: (iminota 30)

Suzuma akarere kawe ukurikije "Ibyiza Icumi Biranga Ubufatanye".
Ni mu zihe nzira ushobora gutangira kubaka ubucuti no kwizerana hamwe n'abizera bo mu yandi matsinda mu karere kawe?
Ni mu buhe buryo bufatika abashinga amatorero mu mashyirahamwe atandukanye bashobora kwitabaza ubufatanye buriho mu kugwiza amatorero?
Imana ibona ite gupiganwa hagati y'amatsinda y'Abakristo b'ivugabutumwa?
Ni buryo ki amatsinda y'ivugabutumwa akorana n'amatsinda atari ay'ivugabutumwa mu karere kabo, cyane cyane nk'amatorero y'aba Orthodox n'Abakatolika?

**ITEGANYABIKORWA**
Tekereza amatorero n'imiryango yo mu karere ukoreramo ari mu ruziga rwa mbere (itorero ryawe), mu ruziga rwa kabiri (andi matsinda y'ivugabutumwa), urwa gatatu (amatsinda atari ay'ivugabutumwa)
Ongera wibuke ubushakashatsi (ikarita y'umwuka) ukore urutonde rw'amatorero n'imiryango akorera mu karere.
Uhure ubwawe n'abayobozi b'amatsinda ari mu ruziga rwa mbere n'urwa kabiri mutangire kubaka ubufatanye nabo. Tangira ubabaza intumbero bafite mu karere.
Uteganye gutangiza inama nyunguranabitekerezo, cyangwa ubufatanye bushingiye kugwiza amatorero mu karere.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA - Gahunda y'Amahugurwa 14 Umurimo w'Ubwiyunge – Gukemura Amakimbirane

**I. Igitekerezo cy'Ibanze ku Byerekeye Gukemura Amakimbirane (Abag 5:15)**
**A. Amakimbirane ntabwo abura kubera ko tutari intungane –** Yakobo 3:2 havuga iki gisabwa kugira ngo hatabaho amakimbirane?
**B. Ingorane zo Guhangana – (Abef 4:25-29) –** Ni izihe mfunguzo zo gukemura amakimbirane?
**C. Ingaruka zo Gutinya Gukemura Amakimbirane –** Bigenda bite iyo twirengagije guhangana n'amakimbirane?

Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira bishingiye ku ngingo twavuze haruguru (iminota 15)

1. Kutaba intungane kw'abantu kubyara iki mu makimbirane?
2. Ni izihe mpamvu zituma utinya kwegera umuntu mufitanye amakimbirane?
3. Ni izihe ngaruka zo kwirengagiza gukemura amakimbirane tubona mu ngero zikurikira?

**Urugero #1**

Umuntu umwe mw'itorero ryawe uherutse gishinga afite ingeso zitoroshye kubana na zo. Arakomeza gucengera mu bantu kugira ngo abiyegereze abagire incuti ariko ntabishobora. Ikindi gihe, akaza kumenya ko adakunzwe agahitamo kutagaruka mw'itorero cyangwa kujya mu rindi.

Urugero #2
Umugore umwe mw'itorero yari afite ikibazo cy'isuku. Yari akeneye umuntu wavugana na we kuri byo. Bamwe mu bo babana mw'itorero batangiye kubimubwira, birakomera ahubwo bitera akaga. Uwo mugore byaramurakaje kandi biramuremerera bikomeye. Ariko kuko byakozwe mu rukundo aza kubyemera. Urukundo rwatumye uwo mugore afashwa aho guhabwa akato.

Ni gute wari kwegera abo bantu muri izi ngero zombi? Urugero rwa mbere ruhuriye hehe na **Mat 5:40-41,44**?

**II. Gukemura Amakimbirane ni Ikibazo cy'Ubutumwa Bwiza**

Ubutumwa Butubaturira **Guhangana n'Amakimbirane**

Niba twemeranya n'imvugo ko "Yesu ari we utanga gukiranuka no kumenyekana" kuki tukigira ubwoba bwo gukora amakosa, keneshwa, gutereranwa, ibyo abandi batekereza, icyo abandi bazavuga?

Ni ngombwa kumenya abo turi bo muri Kristo iyo ubwoba buje? Kuki?

**Ubutumwa butanga Icyitegererezo** cyo Gukemura Amakimbirane (Abef 2:11-16, 1 Pet 3:18)

Byamera bite dufite umutima nk'uwa Kristo wo guhara uburenganzira bwe kubw'abandi?

Waba utekereza urugero rw'aho kugira umutima wiyoroheje byakemuye amakimbirane?

**III. Inyigisho z'Isezerano Rishya ku Gukemura Amakimbirane**

**A. Mat 18:15-17 –** Ni ayahe mahame yo gukemura amakimbirane ari muri iyi mirongo? Umenye ko umugani w'intama yazimiye ubanziriza iki gice, n'umugani w'umugaragu utagira imbabazi ukurikira aya mabwiriza ku makimbirane. Uratekereza ko ibyo bivuga iki ku mirongo ya 15-17?

**B. 2 Abakor 5:17-21 – Bisobanura iki kuba intumwa mu cyimbo cya Kristo mu murimo w'Ubwiyunge?**

**IV. Gukunda Abandi – (Abar 12:14-21)** Tugomba gukorera iki abaturwanya?

**V. Ibidufasha mu Gukemura Amakimbirane**

A. Amakimbirane **wayinjiramo ute? Igis.** (1) yarebe nkufite intego, (2) ntiwifate nk'uzi uko ikibazo kingana, (3) wemeze uburyo uri bukomeretse undi (4) kandi utangire umukomeza.

B. Ni buryo ki **wakwakira abakunegura**? Igis: (1) birebe nk'ufite intego (2) ubanze wemere ko ikinegu ari ukuri (3) reba aho integer nke ziri g icyaha muze wihane.

Tanga ingero z'amakimbirane. Ni gute ibitekerezo byo "ubufasha bufataka" bwavuzwe haruguru buhuje n'izo ngero.

Kuki abantu batinya guhangana n'abandi? Ni ryari guhangana n'undi muntu byakubereye umugisha?

Ni ryari bishobora gukomeretsa iyo utinye kwegera mwene so/mushiki wawe muri Kristo no kumubwira icyaha cye?

Ni bintu ki bimwe ushobora gukora kugira ngo guhangana byorohe kubikemura.

**ITEGANYABIKORWA**

Uyu mwitozo uzagufasha gukemura amakimbirane mu mibanire yawe bwite: Ibuka mu mibanire yawe urebe niba hari abantu waba waragiriye nabi – cyangwa baba barakomerekejwe nawe.

Shaka impamvu zo mu mizi z'ayo makimbirane – ubanze ukemure izo mpamvu zo mu mizi.

Vugana n'abo bantu kandi ushake ubwiyunge no gukemura ayo makimbirane.

# IMYIFATIRE Y'UMWUKA – Gahunda y'Amahugurwa 15

## **Kuba Umwizerwa Ushinga Amatorero:** Gukoresha Amafaranga, Ibitsina & Ubutware

Ni ibihe bigereranyo uzi mu Byanditswe byera cyangwa mu inararibonye ryawe zigaragaza kuba umwizerwa?

**I. Inyabutatu Yamamaye; Amafaranga, Ibitsina, Ubutware.**

**A. Ubutunzi –** Ni iyihe miburo tubona muri iyi mirongo? **Itang 1:28-30, 1 Tim 6:10**

Ni izihe ngeso nziza tubwirizwa na Bibiliya? – **Mat 4:1-11, 1 Tim5:8, Luka 18:18-30**

**B. Kwirinda Ubusambanyi** – Ni iyihe miburo duhabwa muri iyi mirongo? – **1 Abakor 5:10, Abef 5:3**
Ni izihe ngeso nziza tubwirizwa n'Ibyanditswe? – **Itang 39**

**C. Ububasha n'Ubutware.** Ni iyihe miburo duhabwa muri iyi mirongo? – **Mariko 10:42**
Ni izihe ngeso nziza tubwirizwa n'Ibyanditswe? – **Mariko 10:43-45**

| Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira: (iminota 15) |
|---|

1. Ibaze umuntu aguhaye impano wigengaho ingana n'igihembo cyawe cy'umwaka wose. Wahitamo ute uko ukoresha ayo mafaranga?
   Ni gute igitekerezo cy'uko "aho ubutunzi bwacu buri ari ho n'imitima yacu iba" cyagira uruhare mu gufata icyemezo cyawe?
   Ni gute kumenya ko "ibyo dufite byose biva ku Uwiteka" byagira uruhare mu cyemezo cyawe?
2. Ni iki wize gifite umumaro mu kukurinda kurarikira?
3. Ni gute umuyobozi ashobora kumenya ko arimo gukoresha ubutware n'ububasha bwe mu kwishakira inyungu ze bwite n'ibyo ararikiye?
4. Hari Abayobozi b'Abakristo babona abayoboke babo nk'abana nabo bakibona nk'abari hejuru cyane. Ni akahe kaga ubibonamo? Ni ubuhe buryo bukwiriye bwo gukoresha ubutware?

**II. Amahame Rusange yo Kuba Inyangamugayo**

**Nesha Ibishuko – Abaheb 4:15, Korera mu mucyo – Umubw 4:9-10, Menya icyo utumbiriye – Abaheb 12:2, Kurera abandi – Abaheb 12:14-15, Shyira imbere ibyiringiro – Abaheb 12:28**

**III.** Ni izihe **Nyungu Zo Kuba Inyangamugayo**? Igis: Ubuzima bufite amahoro, ubuzima bugira gahunda, abayoboke bakubaha, n'umurage mwiza.

IV. Kuba Inyangamugayo Bishobora Gusaba Igiciro – Itang 39:12-20

| Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira: (iminota 15) |
|---|

1. Wabwira iki umuntu uvuga ko azasambana incuro imwe gusa kugira ngo bive mu bitekerezo bye no kwifuza kwe?
2. Wabwira iki umuntu uvuga akeneye gukora imibonano mpuzabitsina kuko bifitiye akamaro ubuzima bwe n'imibereho ye myiza?
3. Byaba ari ukuri ko umuntu wiyandarika mu busambanyi atizera ko imbuto y'Umwuka (urukundo, umunezero, amahoro, n'ibindi) bikungahaza ubuzima cyane kuruta guhaza irari? Sobanura.

Ni mu buhe buryo kutaba inyangamugayo k'umuntu byanduza umurimo wose? Naho se kumenya ko hari undi waguye mu cyaha?

Ese iyo abantu bananiwe mu kintu kimwe, bivuga ko bagomba kunanirwa no mu bindi byose? None se ni gute imyifatire myiza mu kintu kimwe ishobora kuzana ubunyangamugayo no mu bindi?

Ese kuba inyangamugayo bigenda byoroha bitewe n'uburambe mu murimo?

Mu gihe sosiyete ivuga ko amategeko agenga imyifatire y'abantu agomba guhinduka, twakora iki kugira ngo tudatakaza ibinyagaciro bya Gikristo tugasa n'abandi?

Twibanze cyane ku kibazo cy'amafaranga, ibitsina n'ubutware. Mutekereze kandi muganire ku bindi bifitanye isano n'ibyo harimo kuvugisha ukuri, kuba umwizerwa, kutabogama, impuhwe, kwirinda, ubwenge, umunezero, kwiringira, no kudatezuka.

**ITEGANYABIKORWA**

Baza uwo mwashakanye cyangwa umwe mu ncuti zawe uti "Ni ibiki bijyanye n'ubunyangamugayo byaba bitambonekaho kenshi?

Ukurikije ibyo wiga, (cyangwa ukurikije ibyo Imana igukangurira ubiyisabye winginga) senga kandi ugambirire kugira ingamba zirimo kwiha gahunda, guha imbaraga cya kindi kitagaragara cyane mu myifatire yawe. Ahari ni ho ukunda kunanirwa, ariko si ko bikwiye kumera; ahubwo bikwiye kuba ari ibyo utarakoresha mu guhindura abandi. Shyira mu bikorwa izo ngamba nibura mu byumweru bibiri. Ibi ntabwo bigomba kuba ibintu bigoranye, ariko bigomba kuba bifatika.

Bwira uwo mwashakanye (niba umufite) n'incuti yawe imwe cyangwa ebyiri ibyo wakoze n'ibyo wigiye muri urwo rugendo.
Kora ibyo byose mu mezi atatu akurikira igihe wigiye iri somo.]

# GUSENGA – Gahunda y'Amahugurwa 10

## Kuyobora Amasengesho y'Urunana rwo Gushinga Amatorero.

### Gufasha abandi gusengera kugwiza amatorero

Ni izihe ntambwe ushobora gutera mu gukangurira amasengesho ishyirahamwe ryawe, umujyi, akarere cg igihugu? Waba uzi ibikoresho cyangwa aho wavana amakuru yerekeranye n'urunana rwo gusenga rwaba rukorera mu mujyi wanyu, mu karerekanyu cyangwa mu gihugu cyanyu?
**I. Ubushakashatsi** bushobora kukurangira ibirimo gukorerwa mu karere kanyu byo gusenga.
**II. Gutanga Intumbero** – Ni iki Imana Ishaka Ku Karere kacu n'Igihugu Cyacu? Ni buryo ki icyifuzo cyayo cyashyirwa mu bikorwa ngo kiyobore ibikorwa byacu? Amasengesho afite ruhare ki muri uyu murimo?

Mu matsinda mato, muganire ku bibazo bikurikira: (iminota 25)

1. Ni irihe nararibonye waba waragize mu gukangurira abantu gusengera ishingwa ry'amatorero?
2. Ese waba uzi urugaga rwo ku rwego rw'igihugu, rw'akarere, rw'umujyi rw'amasengesho?
3. Waba uzi umuntu waba umuyobozi mwiza w'ikipe y'amasengesho kubw'urwo runana? Niba umuzi, afite ibiki bimuranga bifitiye akamaro uyu murimo?
4. Niba hagomba kuba itorero rimwe ku bantu 1000 mu karere kanyu, urumva hakenewe amatorero angahe mashya?
5. Ese uwo mubare waba uhagije ku buryo buri muntu yagera ku rusengero agenda n'amaguru?
6. Uratekereza ko abayobozi b'amatorero y'ivugabutumwa mu karere kanyu bafite intumbero yo kugwiza amatorero?
7. Uratekereza ko gusenga bifite umumaro cyane mu kugwiza amatorero mashya? Kuki? Haba hari gihamya ya Bibiliya ku gisubizo cyawe?

**III. Toza kandi Ushoboze Abantu Gusengera Ishingwa ry'Amatorero Mashya**

Uburyo bwo gutera abantu umwete wo gusenga

Gusenga muri batatu
Gusenga mugenda mu karere mugambiriye
Gutegura ikipe kubwo gushinga itorero
Intambara y'Umwuka
Gukwirakwiza amakuru mu matsinda asenga n'avuga ubutumwa n'ashinga amatorero
Impuruza yo Gusenga
Iminsi y'Igihugu yo Gusenga
Gusenga no Kwiyiriza Ubusa

**IV. Shaka Abayobozi b'Amasengesho Ubashyira mu Rugaga**

**Ibiranga umuyobozi w'amasengesho**

Imyitwarire yo guca bugufi no kuganduka
Abayobozi beza b'amateraniro yo gusenga
Bitangira Kristo cyane
Abizerwa muri gahunda z'umwuka
Babana neza n'abantu
Bazwi neza n'abantu bose
Batazimura
Bakoresha neza amarangamutima
Basobanukiwe gushinga amatorero mashya
Bahuza ibikorwa hagati y'amatsinda

Ni mu buhe buryo washoboye gukomeza itumanaho hagati y'itsinda ryawe ry'abasenga n'abakora umurimo wo gushinga itorero?
Muri mw'ishuri mugate umwanya wo kuganira ku buryo nk'abantu bashinga amatorero mushobora gutanga intumbero yo kugwiza amatorero mashya kandi mugasengana n'andi matorero n'ayo mw'ishyirahamwe ryanyu.
Waba warigeze ujya mu rugendo rwo gusenga cyangwa impuruza y'amasengesho? Byari bimeze bite? Wategura ute impuruza y'amasengesho mu mujyi cyangwa mu mudugudu wawe?

Ni ubuhe bushake bw'Imana mu bugingo bwawe ku byerekeye gusenga? Ese Gusenga, nk'ikintu cy'ibanze, byaba ari ikitagibwaho impaka ku bayobozi?
Kuki gusenga bitaba ikintu cy'ingenzi mu buzima bwacu no mu mirimo yacu?

**ITEGANYABIKORWA**
Ongera wiyibutse ibice bitandukanye byo gukangurira abantu gusengera ishingwa ry'amatorero mashya ahagije.
Hitamo intambwe watera kugira ngo ukangurire umujyi wanyu, akarere cyangwa igihugu gusenga.

# GUSENGA – Gahunda ay'Amahugurwa 11,12

## Impuruza y'Amasengesho: Gushima Imana Kubwo Kwizerwa Kwayo

(Teganya ko iri somo rimara amasaha abiri)

Tegura witonze ku buryo iyi mpuruza y'Amasengesho iba igihe cyo gutera umwete, cy'umugisha no kwishima. Toranya abantu babiri baze bavuge uko Imana yahaye umugisha ibikorwa byabo byo gushinga amatorero. Noneho ubaganye mu matsinda mato kugira ngo buri wese abone umwanya wo kuvuga. Hanyuma mugaruke hamwe mu mwanya wo guhimbaza no kuramya.
Shaka itarita y'igihugu n'urutonde rw'abantu bataragerwaho n'ubutumwa mubikoreshe mu gihe cy'impuruza y'amasengesho. Mukoreshe amateka y'ubukristo mu bihugu byanyu kugira ngo muvanemo ingingo zo kwizerwa kw'Imana ku bantu n'uburyo Yifuza kuzuza isi yose icyubahiro Cyayo.
Itonde: Zaburi 67 ni nziza cyane yo gukoreshwa mu mpuruza y'Amasengesho.

**I. Himbaza Imana Kuko Ari Iyo Kwizerwa –** Muririmbire hamwe indirimbo n'amakorasi yerekeza ku gushima Imana kubwo Kwizerwa Kwayo. Saba abahugurwa batekereze ibindi bice byo mu Byanditswe byerekeye ku Kwizerwa kw'Imana maze mubisome nk'itsinda uko mugenda mubyibuka.

**II. Mwibutse Imana imigisha yayo yatambutse**

**A. Kuri buri muntu ku giti cye**
Muhane ubuhamya bugufi bw'ukuntu Imana yabazaniye agakiza no gukura

**B. Ku Miryango yacu**
Muhane ubuhamya by'ibyo Imana ikora mu miryango yanyu

**C. Mu bikorwa byanyu byo Gushinga Amatorero**
Saba batatu cyangwa bane babwire abandi uburyo babonye Imana ibaha umugisha mu bikorwa byabo byo gushinga amatorero, hamwe n'amasomo bigiye muri iki gihe cy'amahugurwa.
Mu matsinda mato, emerera buri wese ubishaka kubwira abandi imigisha yavuye ku Mana.

**D. Ku Itorero Mu Gihugu Cyanyu**
Shima Imana kubw'abamisiyoneri ba mbere bazanye Ubutumwa mu gihugu cyanyu.
Shima Imana kubwo gutegura imitima y'abizera ba mbere bumvise Ubutumwa.
Himbaza Imana kubw'abahowe Imana ba mbere – babandi bapfuye bazize kwizera kwabo mu gihugu cyanyu.
Shima Imana kubw'abamisiyoneri bavuye mu gihugu cyawe bakajyana Ubutumwa mu yindi migabane y'isi.
Himbaza Imana kubwo kurinda Itorero ryayo mu mateka yaryo yose.
Himbaza Imana kubwayo, Kubw'imigisha yatambutse, Kubw'imigisha iri imbere.

**III. Sengera ugukomeza kw'imirimo yo Gushinga Amatorero.**
Mu itsinda rito, saba abahugurwa gusengeranira mu ku mirimo yabo. Sengera iterembere ry'ubwami bw'Imana mu mijyi mikuru no mu turere tw'aho abashinga amatorero bakorera imirimo. Sengera ubwisanzure no gushira amanga mu kwamamaza ubutumwa bwiza.
Mu itsinda rinini, musengere igihugu cyose. Saba Imana gukomeza kurikuza no kwagura ubwami bw'Imana ngo bucengere bugere mu bice byose by'igihugu. Sengera ubutumwa ubutumwa bwiza buzabashe kwinjira mu duce tw'abaturage bataragerwaho n'ubutumwa.

**IV.Muhimbarize Imana Ubugwaneza Bwayo Mu Ndirimbo No Kuramya**

# Ubuyobozi- Gahunda y'Amahugurwa 11

Guhagurutsa Abayobozi

**I. Abashinga Amatorero Bagomba Guhagurutsa Abandi Bakozi mu Murimo**

**A. Urugero rwa Yohana Umubatiza (Mariko 1:5, Yahana3:35-36)**

Mwigabanye mu matsinda mato, umwe muri buri tsinda asoma Yohana 3:22-30.
Ni ikihe kibazo cyari kibangamiye abigishwa ba Yohana mu murongo wa 26?
Kuki byari bibababaje?
Utekereza ko bari biteze ko Yohana abasubiza ate?
Ni irihe jambo Yohana yakoresheje mu murongo wa 29 rigragaza aho ahagaze kuri icyo kibazo?
Utekereza ute ku ncamake ya Yohana mu murongo wa 30? Yari akomeje? Uratekereza ko yari amaze ate muri we agitangira interuro?
Ni gute igisubizo cya Yohana kimeze cyangwa gitandukanye n'imyifatire y'Abayobozi b'Abakrisito usanzwe uzi igihe undi muntu agize imirimo isumba iyabo?

**B. Urugero rwa Pawulo**

Nyuma y'ibi biganiro, itsinda rizasoma **Abafilipi1:15-18** Hanyuma baganire kuri ibi bibazo birindwi.
Garagaza ubwoko bubiri bw'ibibwirizwa byatanzwe n'abandi ubwo Paulo yari munzu y'imbohe, ukurikije umurongo wa15-17. Wumva umeze ute imbere y'imirimo nk'iyo? Kubera iki?
Ni ikihe kintu cy'ingenzi cyane kuri Paulo mu murongo wa18?
Pawulo yofataga ate imbere yo kubwiriza gutewe n'impamvu y'ukuri?
Pawulo yofataga ate imbere yo kubwiriza gutewe n'impamvu ipfuye?
Ese Impamvu yari ikintu cy'ingenzi kuri Paulo?
Ni gute Pawulo yashoboraga gusubiza muri ubwo buryo?
Wifata ute wowe iyo umuntu abwiriza mu buryo bunyuranye n'ubwo wemera, cyangwa iyo ikemanga impamvu zituma abikora?
Ni gute Paulo yamaze umwanya muto wo guhugura abayobozi, maze akigendera akabasiga birwanaho?
Ese nta makenga yagiraga ko bashobora gukora nabi?

**II.Ingorane zo Guhagurutsa.**

**A.** Gutinya ko abayobozi bashobora **Gukora Umurimo Neza Cyane**

Ese koko icyo cyaba ikibazo ku muntu ushinga amatorero mu karere? Kuki?
Gutinya ko umuyobozi ashobora kuzakora nabi umurimo.
Ni irihe banga ryo gukemura iyo ngorane?

**III.Amahame yo Guhagurutsa.**

A. Guteza imbere no kubumbatira **Ubusabane Bwuzuye 1 Abates 2:8, 2 Ti 3:10**
**B.** Menya neza ko abo bayobozi **Bazaguma Mu Ntumbero.**
**C. Nturindire Cyane Kugira ngo Uhagurutwe Abakozi.**
**D. Wihanganire amakosa Mat.17:19-21**
**E. Wizere ko Imana ikorera no mu bandi**
**F. Wirinde kugira abo wishingikirizaho**

| |
|---|
| Mu matsinda mato, muganire ku bibazo biri hasi mwiga ku bya Dawidi na Samuel (iminota20) |

Dawidi yatangiye itorero rishya muri Nakuru. Yakoraga mu baturanyi ashinga itsinda kandi yita ku mikurire yatwo. Yaje kubona umuntu amugira umufasha we mu kuyobora, Samuel. Dawidi na Samuel bafata ubuyobozi mu gutangira irindi itsinda. None ubu Dawidi aribaza niba agimba kurekurira burundu Samweli ubuyobozi bwa rya tsinda rya kabiri.
Ni ibihe kibazo Dawidi yakwibaza kugira ngo ashyira mu bikorwa ya mahame arindwi ?

Kuki guhagurutsa abakozi ari ngombwa ?
Ni abantu bangahe mw'itorero ryawe bafite inshingano mu mirimo ?
Pawulo yamaranaga igihe kingana iki n'abigishwa be mbere yo kubasiga yizeye ko yabasigira umurimo w'iryo torero rishya ?
Bigenda bite iyo itorero rikuru ryanze kwegurira abayobozi bashya amatorero yandi atangiye ?

**Iteganyabikorwa**
Ni ryari kandi ni gute utegura kwegurira ubuyobozi uwo utoza ? Ese ujya umureba afata zimwe mu nshingano zawe za kera, cyangwa ategura imirimo ye bwite/ Kora gahunda, kandi utangire gukora ibyo kubahagurutsa kugira ngo bagere ku rugero rwuzuye.

# Amatsinda Mato – Gahunda y'Amahugurwa 12

## Amatsinda Agwira Anyuze mw'Itorero ry'Ahantu.

I. Isuzuma - **Ese amatsinda arakwiriye mw'Itorero ryawe?**
   A. **Intumbero** –Ni iyihe ntumbero abayobozi bafite kubw' Itorero? Ese birashoboka ko amatsinda yagira uruhare rwo gushyigikira no guteza imbere iyi ntumbero. Tuvuze ko ivugabutumwa no gukura birimo kuba mw'itsinda, ese ayo matsinda abyara andi yagira ruhare ki mu ngamba rusange z'umurimo?
   B. **Ubwitange** – Ese abo bayobozi bafite ubushake bwo kwitangira gukomeza imirimo yo mu matsinda?
   C. **Imirimo isanzweho** – Ese hari ibyo mushobora kugiramo amakimbirane n'imirimo isanzwe n'amatsinda ahari? Hari imirimo imwe igomba guhagarara kubera ko haje ingamba z'amatsinda?
   D. **Ibyamenyerewe cyangwa Ibitekerezo Bishya** – Ese amahame yihishe inyuma y'ivugabutuma ry'ubucuti mu matsinda ishobora kugora bamwe mu bagize itsinda kuyakira?
   E. **Aho gukorera** – Tuvuge ko amatsinda akura kandi abyara andi , ayo mtsinda mashya azateranira hehe?
   F. **Ubuyobozi** - Ese kuzabona abayobozi b'amatsinda bizagorana mu itorero ryawe? Bazakenera amahugurwa?Hari ushaka kandi ushoboye buba umutoza w'abayobozi b'amatsinda, akemera kujya ahura nabo nibura rimwe mu kwezi, bityo agakomeza amahugurwa no kubatera umwete?

**II. Kwitegura Gushyira mu Bikorwa - Abayobozi b'itorero bagomba kwita kuri izi ntambwe mu gukoresha amatsinda.**

1. **Intambwe ya 1 – Tegura Intumbero y'Umurimo irimo n'Amatsinda.**
2. **Intambwe ya 2 – Tangira Kubwira Itorero Ryose Iyo Ntumbero**
3. **Intambwe ya 3 – Toranya abayobozi unabahugure**
4. **Intambwe ya 4 – Tangira andi matsinda ahandi hantu**
5. **Intambwe ya 5 – Kora Igenzura Rihoraho no Guhindura Ibikenewe Mu Matsinda.**

Ukurikije inyungu zose z'amatsinda mu guterana, mu kwigisha, mw'ivugabutumwa n'ubuyobozi, mw'iterambere, ni kuki buri torero ritakoresha amatsinda y'ahantu ?
Reka twemere ko Itorero ryawe ryatangiye gukoresha amatsinda . Ni gute wirinda ibintu byo kurushanwa mw'ivugabutumwa no kwigisha n'andi matorero yari asanzwe mwigisha bimwe mu matsinda?
Kuki ari byiza kugira umutoza w'abayobozi b'amatinda? Ni uwuhe murimo n'inshingano bye?

Kuki ari ngombwa gutangiza itsinda ry'ubuyobozi ku bayobozi b'amatsinda mbere y'uko amatsinda atangira ? NI izihe nyungu zo kuba ubuyobozi bw'itorero bugira uruhare muri iyo tsinda ry'ubuyobozi ? Ni iyihe ntego nkuru yo gukoresha amatsinda mu mikorere y'itorero risanzwe ?

ITEGANYABIKORWA
Tekereza ku itorero wita ko ari itorero ry'iwanyu. Ni iyihe ntumbero y'itorero? Intego zaryo ni izihe? Rishobora gukoresha uburyo bw'amatsinda ngo bibafashe kugera kuri izi ntego ?
Muri iryo torero ni izihe ngorane cyangwa ibibzo byavuka niba hakoreshejwe amatsinda?

Tegura gahunda ngufi, yanditse yo gukoresha amatsinda muri iryo torero (cyangwa itorero iryo ari ryo ryose wisanzuramo). Iyo gahunda uzayishyira mu bikorwa ute?
Tekereza ku matorero uzi yakungukira muri gahunda y'amatsinda. Wayafasha ute ukoresheje amatsinda mu guteza imbere itorero, kurikomeza no kurifasha kugera ku ntego zaryo. Ushaka gufasha mu gutangiza gahunda y'amatsinda mu itorero ? Bitekerezeho neza maze usenge.

# Amatsinda – Gahunda y'Amahugurwa 13

**Kugenzura amatsinda** : Kwitaho no guhuza abayobozi b'amatsinda

Mukore amatsinda mato masubize ibibazo biri hepfo bifashishije ibya Petero, Sandara na Michel nk'ibiriho.

Mu myaka itatu ishize, itsinda ry'abamisineri batatu ( Peter,Sandra, na Michel) barimo gukorera mu mujyi utuwe n'abantu nka 35 000. Buri wese wo muri bo yari yaratangije amatsinda menshi , kandi amwe muri ayo matsinda nay o yabyaye andi. Iyo umuntu yarebaga umubare w'abantu bakizwa n'umubare w'amatsinda yagombaga kunezezwa n'uko umurimo ugeze kure rwose ugenda.
Uko byari bimeze kose , nkuko amatsinda yakuraga akanabyara, Peter,Sandra, na Michael bagendaga bavangirwa. Buri umwe muri bo yari afite ibibazo n'ingorane zitamworoheye zo kugerageza gutegura abayobozi bashya, kandi nta muntu n'umwe bari bafite bashobora kugisha inama. Kandi bari bahuze cyane mu mirimo kugeza ubwo nta n'uwabashaga kureba undi, bikaboneka ko buri wese yari arangariye mu murimo we. Igihe Peter, Sandra na Michael batangiraga umurimo mu mugi Peter yari afite iyerekwa ryo gutangiza amatorero menshi akoresheje amatsinda. Nyuma, kubera ko buri wese yari ahugiye mu matsinda ye nta n'umwe wongeye no gutekereza kuri icyo kintu ukundi.
Icyo Peter, Sandra na Michel batamenye nuko amatsinda menshi mashya yari yatangiye kugira ingorane zikeneye inama z'abayobozi babizi bashobora gufasha, ariko nta numwe wabasabye kumufasha. Amatsinda abiri muri ayo yateguraga kujya gukora ivugabutumwa ahantu hamwe kandi hari hakiri igice kinini cy'umugi cyasigaye gikeneye guhamirizwa ibya Kristo. Ibyo byashimishije Peter ko amatsinda akomeje gukura ariko kandi yumvaga bari gukora ibirenzeho iyo bashobora kubona uko bakorera hamwe.
Icyo Peter atamenye n'uko muri uyu muteguro n'uko hari ikibazo cy'imiyoborere yari ibuze muri iyi mirimo yo mu matsinda. Hari hakenewe umuntu ugenzura amatsinda kugira ngo ayahe gahunda kandi ahuze ibikorwa byayo kugira ngo bageze ubutumwa hose mu mujyi.
Ni ibiki bigize ubugenzuzi bishobora gukenerwa: Guhuza ibikorwa, kuyobora, gukorera mu mucyo, cyangwa ubunyangamugayo?

Ni ibiki muri ibi bikurikira mu nzego z'ubugenzuzi biboneka ko bikenewe cyane: Ibibazo mu itsinda, gukura ku muntu mu buryo bw'Umwuka, gutegura abayobozi batozwa, gutegura no kumurika, ubumenyi bwo mu murimo, gutera umwete no gusenga?
Ese muri ibi haba hakenewe umugenzuzi?

**I. Gukurikirana imirimo mu matsinda.**

A. Ni iyihe **Mpamvu Dukenera Ubugenzuzi?** Igisubizo: (1) **ihuzwa** ry'ibikorwa, (2), **kuyoborwa** mu ngorane no mu bibazo, (3), **Kumurika** ibyakozwe n'abayobozi b'amatsinda, na(4), **Ubunyangamugayo** mw'ijambo ry'Imana.

**II. Inzego z'Ubugenzuzi mu Mikorere Itandukanye mu mirimo y'amatsinda**

**A. Uburyo bwa 1: Amatsinda atangira itorero risanzwe.**

Muri ubu buryo, itsinda rimwe cyangwa menshi arakura akanabyara kugeza igihe akora itorero risanzwe. Kubw'ibyo urwego rw'ubugenzuzi bwimirimo buzakenerwa mbere cyane y'uko havuka itorero. Umuhuzabikorwa nawe arakwiye kugira ngo ahuze ibikorwa no gufasha abayobozi guhuza imbaraga zo gutangira itorero rishya.

**B. Uburyo bwa 2. Itorero ryari risanzwe ritangira gukoresha amatsinda mato**

Itorero ryari risanzwe rishobora gutangira gukoresha uburyo bwo gutangiza amtsida mato kwigisha, kuvuga ubutumwa bwiza, guhindura bantu abigishwa. Ubusanzwe, inzego z'ubugenzuzi zisunga amatorero asanzwe kugira ngo akore inshingano yo guhuza ibikorwa no Gukurikirana.

**C. Uburyo bwa 3. Amatsinda atangiza itorero rigizwe n'amatsinda**

Itorero riba rigizwe n'amatsinda ubwayo, kandi ibikorwa by'itorero byose bikorerwa mu matsinda, harimo no kubatiza n'ifunguro ryera. Amatsinda agira igihe cyo guhurira hamwe mw'iteraniro ryitwa iryo "kwizihiza". Icyo aba ari igihe cyo gutera umwete, ubusabane, kuramya, no kwigishwa. Akenshi, inzego z' ubugenzuzi bw'itorero rigizwe n'amatsinda ziba zoroshye kandi zisumbana. Buri matsinda atanu agira umuhuzabikorwa, kandi hakaba Umugenzuzi kuri buri bahuzabikorwa batanu.

**D. Uburyo bwa 4. Amatsinda menshi arakura, akabyara kandi "Akagaburira" Amatorero Asanzwe y'Ahantu**

Amatsinda ashobora kubaka no gukomeza amatorero yari ahazanzwe, nayo akazagira ubwo atangira andi matorero mashya. Amatsinda atangizwa adashingiye ku matorero asanzwe. Muri icyo gihe, umwe mu bayobozi b'amatsinda ashobora kuba Umuhuzabikorwa, kugira ngo ahe gahunda ibikorwa by'amatsinda byo gukuza amatorero yo muri ako karere.

**Ni izihe mbaraga n'intege nke za buri buryo muri ubu bw'imirimo y'Amatsinda?**
Ushatse guhitamo bumwe muri ubu buryo ngo ubukoreshe mw'itorero ryawe, wahitamo ubuhe kandi kuki?

Sobanura impamvu hakenerwa izindi nzego z'ubugenzuzi mu gihe hakoreshwa amatsinda mato. Kuki tutareka amatsinda agakora ibyo ashatse? Ni izihe nyungu zo kugira inzego z'ubugenzuzi ziriho?

Mu magambo yawe, vuga muri make ibikorwa by'ubutegetsi bigomba kubaho mu mirimo igitangira y'amatsinda.

Niba ubu uri mu murimo wo gukoresha amatsinda hakaba nta muntu uraboneka wo kuba Umuhuzabikorwa, ni nde wasaba kuba Umuhuzabikorwa? Ese wazashobora gukora uwo murimo rimwe mu gihe kizaza?

Ese birashoboka ko Abahuzabikorwa cyangwa Abagenzuzi bakomeza kuba abayobozi b'amatsinda?

**ITEGANYABIKORWA**

Tegura gahunda yoroheje y'inzego z'ubugenzuzi ziberanye n'imirimo yawe yihariye y'amatsinda. Tekereza amazina ushobora guha abo twita Abahuzabikorwa n'Abagenzuzi. Nubwo ubu waba ufite amatsinda make gusa, ni nde wakora inshingano w'Umuhuzabikorwa muri ayo matsinda? Uko Umwuka Wera akomeza gukora mu matsinda agakura kandi akabyara andi, uzatoranya ute abashobora kuba Abahuzabikorwa n'Abagenzuzi? Bazava he, kandi bazaba bakeneye ayahe mahugurwa cyangwa inararibonye kugira ngo bategurirwe iyo mirimo. Ni izihe nzego z'ubugenzuzi ukeneye kugira ngo zibungabunge kandi ziteze imbere imikurire Imana ikeneye ko ibaho mu matsinda yanyu? Ni izihe nzego z'ubugenzuzi zishobora kuganira neza ubwoko bw'umurimo mwahisemo gukoresha? Shushanya muri gahunda yawe igishushanyo cy'uburyo mukoresha n'uburyo inzego z'ubugenzuzi mwahisemo zihuje n'ubwo buryo.

Iyibutse gahunda y'ubugenzuzi hamwe n'umutoza cyangwa n'umwigisha wawe w'iri somo.

# KUBWIRIZA – Gahunda y'Amahugurwa 1
# Kubwiriza muri Bibiliya 1. Gusobanukirwa Ubutumwa

Ni uwuhe mugambi rusange w'ubutumwa bwa Bibiliya. Iyo wigisha cyangwa ubwiriza, uba wifuza ko abakumva bahindura iki mu bugingo bwabo?
Ni ibihe bintu bitatu bituma intego zigerwaho cyangwa ntizigerweho? Igis: (1)Ubutumwa (2) Ababwumva (3) Ubuvuga

**I. Kwiga Bibiliya Yivugira – Urufatiro Rukomeye**
Ni ubuhe buryo bwiza bwo kumenya ko twatanze ubutumwa buvuye ku Mana atari ubutumwa bwacu bwite?
**II. Igitekerezo Gikuru cy'Ubutumwa**
Umubwiriza mwiza ashingira ubutumwa bwe kuki?
Mu butumwa ni iki cya hafi cyangwa cya kure kugomba gushyigikira insanganyamatsiko?
**A. Garagaza Igitekerezo Gikuru (Insanganyamatsiko)**
Ni byiza kuvuga ingingo y'ifatizo y'ubutumwa ikubiyemo ibintu bibiri: Umutwe n'ibisobanuro
Umutwe w'ubutumwa bisobanura iki?
Ibisobanuro by'ubutumwa bisobanura iki?

| Manika iyi nkubirahamwe ku kibaho maze usabe abahugurwa kuzuza utuzu twose |
|---|

| Igice | Umutwe | Ibisobanuro | Insanganyamatsiko |
|---|---|---|---|
| Yohana 3:17 | | | |
| Zaburi 23:1 | | | |
| Zaburi 67:1 | | | |
| Abaroma 5:8 | | | |

**B. Emeza Umugambi w'Ubutumwa**
Niba wamaze guhitamo igikorwa wizera ko Imana ishaka ko kiva mu butumwa, ubwo wamaze gutoranya ________________ Igis. Umugambi w'ubutumwa
**III. Ibice bigize Ubutumwa**
**A. Intangiriro**
Ni izihe ntego eshatu z'intangiriro y'ubutumwa? Igis. Gukebura abakumva, kumenyesha umutwe, guhuza umutwe n'ibyo abantu bakeneye

**B. Igihimba**

Igihimba cy'ubutumwa ni iki? Ibikubiye mu butumwa

Umutima w'ubutumwa ugomba guturuka mu __________ Kuki? Igis. Ijambo

**C. Umwanzuro**

Umwanzuro w'ubutumwa umara iki? Igis. Gutanga incamake no guhamagarira abantu kugira ibyo biyemeza

Ni ibihe bice bigize umwanzuro? Igis. Incamake, ibigereranyo cyangwa ibyavuzwe n'abantu bituma twegeranya ingingo nkuru, ikibazo, isengesho, n'icyerekezo cyangwa guhamagarira abantu igikorwa.

**D. Ibigereranyo**

Gukoresha ibigereranyo biba bifite mugambi ki? Igis. Gutuma igitekerezo cyumvikana cyangwa kukigumamo

Ese ikigereranyo cyose cyiza kigomba gukoreshwa iteka hari igihe? Kuki?

1. **Ibigereranyo byo muri Bibiliya**
   Ni izihe ngero z'ibigereranyo Yesu yakoresheje?
   Habaho ubuhe bwoko bw'ibigereranyo byo muri Bibiliya?
2. **Ubwoko bw'ibigereranyo bitari ibya Bibiliya**
   Ni ubuhe bwoko bw'ibigereranyo bitari ibya Bibiliya bubaho? Igis. Ibyabaye bya vuba, ibyabaye mu mateka, ibyo tubona mu bidukikije, ibyatubayeho, cyangwa ubuzima bwa buri munsi.
3. **Amasomo yo kwigwa**
   Ni irihe somo rikwiriye kwigwa waba warumvise, warasomye, wakoresheje?

**IV. Ubwoko bw'Ubutumwa**

A. **Ubutumwa Bwigisha –** butanga ibihamya n'imyemerere
   Sesengura ubutumwa bwigisha.

B. **Ubutumwa Butekerezwaho –** bushaka igisubizo cy'umwuka
   Umugambi w'ubutumwa butekerezwaho ni uwuhe?

C. **Ubutumwa Bubara inkuru –** bwubakiye ku nkuru
   Ni hehe hari ubutumwa bubara inkuru muri Bibiliya

D. **Ubutumwa Bubaza –** busubiza ibibazo by'ingenzi
   Sesengura uko ubutumwa bubaza buba buteye? Niba hari ubwo wigeze kumva ubutubwire.

Buzenguruka cyangwa bw'umurongo – **ubw'umurongo bugenda ingingo ku yindi, ubuzenguruka bugenda bugaruka ku ngingo nkuru.**

**Ubutumwa bwinshi wagiye wumva bwari ubw'umurongo cyangwa buzenguruka? Sobanura impamvu ubwita utyo.**

Tekereza umwe mu bavugabutumwa beza cyane wumvise. Ni ibiki byaranze kubwiriza kwe n'ibikubiyemo byatumye ubutumwa bwe buba bwiza? Ese abantu babwakiriye bate?

Kuki ubutumwa bugomba gushingira ku Kwiga Bibiliya Yivugira

Ni ibihe bikorwa biba mu kubwiriza ko muri Bibiliya? Haba hari imikorere ituma ibyo bikorwa bigerwaho?

**ITEGANYABIKORWA**

Toranya bumwe mu Butumwa Bune, maze uko ugenda usoma, wandike urutonde rw'ibigereranyo cyangwa amasomo yo kwiga byakoreshejwe.

Toranya icyumba kimwe cyo mu nzu yawe, ukizenguruke, ushakemo ibintu bishobora kuba amasomo yo kwigwa cyangwa ukuri ko mu mwuka. Witegereze n'ibintu byoroheje bishobora kugereranywa n'ukuri gukomeye ko muri Bibiliya.

# KUBWIRIZA – Gahunda y'Amahugurwa 2

# Kubwiriza muri Bibiliya II. Gusobanukirwa Abakumva

**I. Kubwiriza mw'Isezerano Rishya**

**A. Kubwiriza kwa Yesu**

Kubwiriza kwa Yesu kwatandukanaga gute mu gihe yabaga ari hamwe n'Abafarisayo n'igihe yabaga ari kumwe n'abigishwa?

**Mat 13:10-15** hatubwira iki ku buryo Yesu yahuzaga ubutumwa bwe n'abamwumva?

**B. Kubwiriza kwa Petero**

**Gereranya** Ibyak 2:17-21 na Ibyak 10:34-35. **Ni gute ubutumwa bwa Petero ku Bayuda butandukanye n'ubutumwa bwe ku banyamahanga?**

**C. Kubwiriza kwa Pawulo**

Ni gute ubutumwa bwa Pawulo ku Bayuda batizera butandukanye n'ubutumwa bwe ku batizera b'Abanyamahanga nkuko byerekanwa mu nkubirahamwe 2.1? Kuki se?

Inkubirahamwe 2.1 Ibibwirizwa bya Pawulo

| Igice cy'ibyanditswe | Abamwumva | Intangiriro | Ubutumwa |
|---|---|---|---|
| Ibyak 13:16-41 | Abayuda batizera bo muri Pisidiya ya Antiyokiya | Amateka ya kera y' Abisirayeri n'ibivugwa mw'Isezerano Rikuru | Bakeneye kwihana<br><br>Kristo |
| Ibyak 17:22-31 | Abanyamahanga batizera ba Atenayi | Ibicaniro by'ahantu by'ahantu | Kuba hose kw'Imana<br><br>Kuzuka kwa Kristo |
| Ibyak 20:18-35 | Abakuru b'Itorero bo mu Efeso I Mileto | Ubuzima bwa Pawulo nk'Umufarisayo Urenganya Itorero | Ubushake Pawulo yifuzaga<br><br>Inshingano yabo ku mukumbi |
| Ibyak 22:1-21 | Abayuda batizera b'I Yerusalemu. | Pawulu n'imyiftire ye nk'umukoresa w'ikoro | Kwihana kwa Pawulo<br><br>Ubutumwa bwa Pawulo mu Banyamahanga |
| Ibyak 26:2-23 | Abanyamahanga batizera na Herode Agrippa I Kayisaria | Gushima Agrippa<br><br>Ubuzima bwa kera bwa Pawulo | Ubuzima bwa Pawulo bwa kera<br><br>Kwihana kwa Pawulo<br><br>Kubabarira muri Kristo |

**II. Kumasha Ku Bakumva Ugamije**

A. Ni ibiki bimwe by'ingenzi mu biranga Abakumva ? Igis. Imyaka, urwego rw'umwuka, amashuri bize, inyungu, amoko, idini, uko umuryango uteye, akazi, n'uburinganire.

> Mu matsinda mato, musobanure abumva mu matsinda yanyu cyangwa mu matorero mukurikije ibiranga abumva biri hepfo. Hanyuma ubasabe baganire ku bikenewe mu bumva.

**B. Ibyo Abumva bakeneye. – 1 Abakor 3:2**

Ni iyihe mirongo yo muri Bibiliya utugaragariza neza ubukene bw'abumva.

Ni iyihe mirongo imwe itanga igisubizo cy'abantu bavanze?

Ni iyihe mirongo isubiza ubukene bw'abatizera

**III. Gufasha Abakumva Kuvumbura**

Kuki tugomba kubwiriza?

Kuki tutabaha Bibiliya ngo bisomere ubwabo?

Uratekereza ko Pawulo yakemuye ate ikibazo cy'ibigirwamana mu Ibyak 17:16-34? Wowe wari gutanga ubwo butumwa ute mu gihe nk'icyo?

Ni ubuhe buryo bwiza bwo "kugabura indyo yuzuye" ku bantu bavangavanze?

Ni ibiki utekereza ko ari "amagufka" kandi ni ibiki utekereza ko ari "amata"

**ITEGANYABIKORWA**

Ongera usome urutonde rw'ibiranga abakumva, maze urebe n'itsinda urimo gukorera. Andika interuro ntoya y'incamake kuri buri ngingo uko ubona ifitanye isano n'itsinda ryawe. Hari ibindi biranga abakumva wumva ushaka kongera ku rutonde? Ni ibiki bindi waba ushaka kumenya kuri bo kugira ngo kubwiriza kwawe gusubize koko ubukene bwabo?

Nyuma usuzume ubutumwa waba waratanze kera cyangwa witegura gutanga vuba. Ese bukwiranye n'iri tsinda? Kuki cg kuki atari byo? Wabuvugurura ute kugira ngo burusheho kugira ireme, bishimisha kandi bwashyirwa mu bikorwa?

# KUBWIRIZA – Gahunda y'Amahugurwa 3
# Kubwiriza muri Bibiliya III. Kwisobanukirwa Ubwawe

Ni mu buryo ki Uvuga agira uruhare mu kwakirwa k'Ubutumwa.

**I. Ibyerekeye Umwuka**

**A. Ba wowe ubwawe**

Wabwirwa n'iki ko utakiri wowe ubwawe?

Ubona igisubizo Imana yahaye Mose mu Kuva 4:10-12 cyagufasha?

**B. Itondere Uburyo Ugendana n'Imana.**

Ni gute wakwifashisha 1 Tim 4:16 mu kubwiriza kwawe?

Ni iki twakwigira kuri Ibyak 4:13 cyerekeye iby'

**II. Ibyerekeye Amarangamutima**

**A. Ubwoba bwo kuvugira mu ruhame**

| |
|---|
| Mu matsinda mato, muganire kuri iyi nyigo n'ibibazo bikurikira (iminota 15) |

John agira ubwoba cyane bwo kuvugira imbere y'itsinda. Mbere y'uko atangira kuvuga agira igihunga. Yamara umwanya muto avuga iminwa ye ikuma n'ibiganza bya bikazamo ibyuya. Bamubwiye ko nyuma y'igihe azabishobora. Ariko na n'ubu ntacyo ariyungura nyuma yo kubwiriza incuro nyinshi.

Ubwoba bwa John bwaba buterwa n'iki?

Ni ibiki wahamo John inama byagabanya ubwoba bwe?

Yakora iki kugira ngo agabanye umwuka mubi ubwoba bwe buteza?

**B. Ubwibone (1 Tim 3:6)**

Ni akahe kaga gashobora guterwa n'Umubwiriza ufite ubwibone? Ubwibone bwigaragaza bute mu Mubwiriza?

**III. Ibyerekeye Umubiri**

A. **Ijwi –** (1)Uko ringana (2)Uko rimeze (3)Uko amagambo asohoka (4)Umuvuduko (5)Rihuje n'imiterere y'icyumba-

Ni ibihe muri ibi biranga ijwi bikunda kukunanira ? Iby'ingenzi cyane ?

B. **Igihagararo –** (1)Imyambaro (2) Uko witwaye (3) uko ubwira abantu.

Ni ibihe muri ibi biranga igihagararo bikunda kukunanira ? Iby'ingenzi cyane ?

C. **Gusoma Wisobanurira.**

Banza usobanukirwe igice. Reba umugambi wacyo. Fata ibyiyumviro by'inkuru cyangwa by'umwanditsi. Nk'uko hari umwitozo wawe ubwawe uvuga ngo "Tekereza Umubwiriza wo mu ruhame waba warumvise" Tanga amanita kuri uwo muntu ukurikije ko ahambaye, mwiza, ugerageza, nta kigenda mukurikije Ijwi, Igihagararo

Haba hari ibihe birebana n'Ijwi cyangwa Igihagararo kuri wa mubwiriza ukwiriye ari byo bimutera umwete? Kuki byari bikwiriye cyangwa bidakwiriye

**ITEGANYABIKORWA**

Bwira mugenzi wawe afate akuma gafata amajwi (cyangwa video niba uyifite) afateho ijwi ryawe mu gihe utanga ubutumwa. Isuzume uko wakoreshejwe ijwi ukurikije ibipimo byatanzwe muri iri somo. Niba ufite akuma gafata amajwi, usabe mugenzi wawe akurikire n'ibyo bindi maze mubisuzume.

# UMURYANGO – Gahunda y'Amahugurwa 3
# Gukorera Mu Muryango: Ikiganiro

Ingero zatanzwe hano zigamije gusa gutangiza ibiganiro byerekeye kurinda urugero hagati y'umurimo wo gushinga amatorero n'urugo n'umuryango. Ushatse wakoresha ingero zawe bwite n'ibibazo byo kuganiraho, ariko urebe neza ko biganisha ku bintu nk'ubuyobozi bw'ubugaragu, gukemura amakimbirane, gufata ibyemezo bikwiriye, uburyo bwiza bwo kwereka uwo mwashakanye urukundo, kwakira imbaraga n'intege nke z'uwo mwashakanye, n'ibindi. Tegura iri somo neza usoma iyi mikino yose n'ibibazo hanyuma ukoreshe igihe cyawe ukurikije uko abo uhugura babikeneye. Imikino n'ibibazo byatanzwe bishobora kuba bitaberanye n'ibihe urimo. Niba ari ko bimeze, tegura ingero zawe bwite n'ibibazo.

Mwigabanyemo amatsinda mato mw'itangira rw'isomo. Buri tsinda rifate umukino umwe gusa.
Muvanemo amahame ya Bubiliya ashobora kuba yarakoreshejwe mu ibyo bihe?
Nyuma yo kuva mu matsinda mato, saba buri wese kugaruka mu itsinda rigari maze buri tsinda rito rivuge ibyo ryabonye.

Umukino wa Mbere – James na Luba
Kubera umunaniro w'urugendo rwa Gariyamoshi, James yaryamye ubuticura mw'ijoro rya mbere. Kuko yari amaze iminsi itanu mu mahugurwa, yarishimiye cyane ibyo yize n'ubusabne yagiranye n'abandi. Buri wese yasobanukiwe ibyo arwana nabyo kuko bari ku ntambwe ya mbere yo gushinga amatorero. Ibihe byabo byo gusenga byari byuzuyemo kuramya no gusubizwamo imbaraga. Mu gihe James yari agiye kuryama, yitegereza uko imirimo ye yo gushinga amatorero, yiyumvamo amahoro menshi mu mutima no kubaho kw'Imana mu bugingo bwe. Ntabwo yatinze kuganira ibyo yize n'abagize ikipe ye no gutangira kubishyira mu bikorwa.
Luba we, muri icyo gihe James yari mu bitotsi byiza, yari ahanganye n'indi ngorane yiyongera mu zo amaze iminsi arwana nazo kuva James yagenda. Ubwo yari agiye kuryama hamwe n'umukobwa wabo w'imyaka 8, yumvise akutse umutima. Abana be uko ari batatu bari bamaze iminsi ibiri barwaye ibicurane, none umuto muri bo Katy yari yagize umuriro yatangiye no kuruka. Luba yari ananiwe. Ibyo abana be bari bakeneye, n'ibindi byose yari agomba gukemura bitewe n'ibicurane na we byari bimugejeje ku ndunduro y'imbaraga ze. Ariko ibicurane cyari ikibazo cya nyuma mu bindi byinshi byasimburanye James amaze kugenda. Uretse akazi kenshi yasigaranye wenyine, frigo yabo yari yarapfuye, kandi mu gisenge hari umwenge watumaga amazi y'imvura nyinshi yinjira mu rukuta rw'inzu. Kuko bari bamaze amezi make gusa bimukiye muri uwo mujyi, nta n'umuntu yari afite yabwira cyangwa yakwitabaza. Yari ategereje gusa ko James agaruka. Ubwo ni we wari kumufasha, ariko ikigeretseho yari akeneye n'uwo yabwira ibindi bibazo bimuremereye birimo kuba atuye mu cyaro kure y'ababyeyi be n'incuti ze kandi mu buzima bugoye.

Bakiramukanya ku muryango bari bishimye cyane kongera kubonana. Ntabwo James yatinze kubwira umugore we ibyabaye muri icyo cyumweru, ariko kandi hari n'ibibazo byihutirwa byari bimutegereje.

IBIBAZO BYO KWITABWAHO

1. Ni ibiki James yagombaga gukora ako kanya ngo atume ibintu bigerushaho kuba byiza?
2. James yagombaga gukora iki ku bibazo yasanze mu rugo?
3. Tubwire ibyo utekereza James yashakaga ko baganira bamaze kwicara n'umugore we.
4. Ni iyihe mitwaro Luba yari afite ku mutima yari akeneye ko hagira uwo yayiganira na we?
5. Imirimo ya James imusaba kutaba iwe ibihe byinshi – rimwe na rimwe akamara nk'icyumweru cyose. Ni gute yakwirinda uruhurirane rw'ibibazo nk'uru?
6. Ni gute yafasha umugore we kwiyumva ko ari umufasha we mu murimo we?
7. Ni gute umuntu ushika amatorero yateganya igihe cyihariye cyo kwita ku bibazo by'umuryango we?

**II. Umukino wa Kabiri – Andrea na Robert**

Andrea yari yishimiye umubyeyi ukiri muto umugabo we yari amaze kuzana kuri Yesu. Yari yishimiye Robert uburyo Imana imukoresha cyane. Mu mezi atandatu ashize, itorero ryari rimaze rimaze gukura rivuye ku bantu bake gusa rigeze ku miryango 15. Bari batewe umwete n'iyo mirimo ariko Andrea yari afite ibindi bibazo n'ibyiyumvuro bimubangamiye. Yari yarabwiye Robert ko ashaka kuvugana nawe ariko bakabura umwanya kuko buri gihe yabaga ari mu mirimo myinshi bakabura igihe cyo kuvugana. Buri munsi yabyukaga kare kandi agataka ananiwe cyane. Yibwiraga ko byaba byiza ko bavugana igihe atuje, ariko buri gitondo yagendaga kare cyane akajya mu nama cyangwa kuganiriza umwizera mushya cyangwa kwigisha isomo muri rimwe mu matsinda menshi yateraniraga mu baturanyi babo. Uretse ibibazo yabuze aho avugira, yari atangiye no kugira ishyari. Imirimo yo gushinga itorero yari yamaze gutwara urukundo rwose rwa Robert ku buryo imirimo yari yarafashe umwanya we. Ibyo yumvaga atabishaka ko bimubamo. Yashakaga gushyigikira Robert mu mirimo ye. Ibyo nibyo yari yaritangiye ku Mana no ku mugabo we. Ariko yumvaga akomeza kuba wenyine. Muri uwo mujyi nta torero ryabagamo mbere kandi nta n'abizera bari barimo, ariko hari hamaze kuboneka abagore bahinduka abigishwa, ariko ntibashoboraga kumva inshingano ze nk'umugore w'umushumba. Yifuzaga kuba yagira uruhare mu mirimo ya Robert ariko ntawigeze amusaba ko yagira uruhare mu mirimo. Yashoboraga gukora iki kugira ngo Robert agenze buhoro imirimo ye abone uko bavugana ibyo bibazo byari byabaye imitwaro mu mutima we?

IBIBAZO BYO GUTEKEREZWAHO

1. Urebye ibiboneka muri iyi nkuru byaba bisa n'aho Robert yavuganaga na Andrea ku bibazo bye nk'umugore n'umubyeyi?
2. Uratekereza ko Robert yafatanyaga na Andrea mu mirimo yo gushinga itorero? Ese hariho ubufatanye n'ubumwe mu buzima bwabo?
3. Mum u ruhe ruhande Roberet yari yarananiwe kuba umugabo mu rugo?
4. Ni iyihe nama watanga ishobora gufasha Robert kurushaho kuvugana n'umugore we?
5. Ni iki wavuga cyerekeye kuba "mu rugero" kuri aba bantu bashakanye?
6. Robert yaba ashyira mu bikorwa ate ibyanditswe mu Abefeso 5:25-26?
7. Ni buryo ki Robert yatuma Andrea agira uruhare rukwiriye mu mirimo ye?